


Ellen G. White Estate

# Imigani ya Kristo

(Igitabo Cya 1-2)

ELLEN G. WHITE

# Imigani ya Kristo (Igitabo Cya 1-2)

**Ellen G. White**

**2014**

**Copyright © 2023**
**Ellen G. White Estate, Inc.**

## Information about this Book

### Overview

This eBook is provided by the Ellen G. White Estate. It is included in the larger free Online Books collection on the Ellen G. White Estate Web site.

### About the Author

Ellen G. White (1827-1915) is considered the most widely translated American author, her works having been published in more than 160 languages. She wrote more than 100,000 pages on a wide variety of spiritual and practical topics. Guided by the Holy Spirit, she exalted Jesus and pointed to the Scriptures as the basis of one's faith.

### Further Links

A Brief Biography of Ellen G. White
About the Ellen G. White Estate

### End User License Agreement

The viewing, printing or downloading of this book grants you only a limited, nonexclusive and nontransferable license for use solely by you for your own personal use. This license does not permit republication, distribution, assignment, sublicense, sale, preparation of derivative works, or other use. Any unauthorized use of this book terminates the license granted hereby. (See EGW Writings End User License Agreement.)

### Further Information

For more information about the author, publishers, or how you can support this service, please contact the Ellen G. White Estate at mail@whiteestate.org. We are thankful for your interest and feedback and wish you God's blessing as you read.

# Contents

Information about this Book . . . . . i
Igice Cya 1 - Imiganinyigisho Ya Kristo . . . . . 5
Uburezi buhanitse bw'Ukuri . . . . . 6
Isabato Umunsi Unezeza Kuruta Indi Yose y'Icyumweru . . . . . 7
Igice Cya 2 - Umugani W'umubibyi . . . . . 8
Ijambo Ry'Imana Ni Imbuto . . . . . 9
Agaciro k'Ijambo ry'Imana . . . . . 10
Ku Kara No Mu Nzira . . . . . 11
Imbuto Ntishobora Kumera Neza Ku Kara . . . . . 11
Imbuto Zanizwe N'Amahwa . . . . . 12
Uburyo Mwuka Muziranenge Adufasha . . . . . 14
Amakuru Meza Y'Ubutaka Bwiza . . . . . 15
Igice Cya 3 - Imibereho Itangaje Y'akabuto Gato . . . . . 17
Ibanga Ry'Ubutungane . . . . . 18
Igice Cya 4 - Kuri Imana Yamerera Abantu Batahindutse Kuguma Mu Itorero? . . . . 19
Kuki Imana Itarimbuye Satani Kera Kose? . . . . . 19
Igice Cya 5 - Uburyo Imana Icisha Bugufi Abibone . . . . . 21
Igice Cya 6 - Ibyo Twigira Ku Mubibyi . . . . . 23
Abana Bashobora Gusobanukirwa N'Uko Kuri . . . . . 23
Kubiba Imbuto Bitwigisha Kugira Ubuntu . . . . . 25
Igice Cya 7 - Imbaraga Itangaje Y'ubutumwa Bwa Kristo . . . . . 26
Ikibazo Gikunda Kuvuka . . . . . 27
Igice Cya 8 - Umunezero Wo Kubona Ubutunzi Buhishwe . . . . . 28
Mbese Imana Ihisha Ubutunzi Bw'Ukuri? . . . . . 28
Ubukire bw'isi Ntibugira Amahuriro NUbwo Butunzi . . . . . 29
Nimutyo Twishimire Ubwo Butunzi . . . . . 29
Ingororano Y'Akataraboneka Ku Babuhirimbanira . . . . . 30
Igice Cya 9 - Umugani W'ibuye Ry'igiciro Cyinshi . . . . . 32
Uburyo Kristo Ari Umutunzi Akaba N'Ibuye Ry'igiciro . . . . . 33
Igice Cya 10 - Umugani W'urushundura . . . . . 34
Igice Cya 11 - Uburyo Twageza Abandi Ku Gakiza . . . . . 35
Insiriri Y'Ubutunzi Bw'Iyobokamana . . . . . 35
Ibanga Ry'Umurimo Ukomeye . . . . . 37
Ukuri Kwimbitse Ntikuramenyekana . . . . . 37
Igice Cya 12 - Amasengesiio Atabura Gusubizwa: Usaba Arahabwa . . . . . 39
Ibanga Ry'Amasengesho yasubijwe . . . . . 40
Impamvu Amasengesho Amwe Adasubizwa . . . . . 40
Tumbira Ijuru Wizeye . . . . . 41
Igice Cya 13 - Abantu Babiri Basenze Mu Buryo Butandukanye . . . . . 43
Abana Ba Mbere Babiri Bavukira Mu Isi . . . . . 43
Ni Ngombwa Kwiyambura Inarijye Yose . . . . . 45
Igice Cya 14 - Mbese Imana Ntizarengera Intore Zayo . . . . . 47
Uburyo Kristo Adahangarwa N'Umwanzi w'Abantu Be . . . . . 47
Icyo Wakora Mu Gihe Cyo Kugeragezwa . . . . . 49

Igihe Byasaga Nk'Aho Yesu Adafite Impuhwe . . . 50
Igice Cya 15 - "Uyu Yiyegereza Abanyabyaha" . . . 52
Kubona Intama Yazimiye . . . 52
Umugani Wa Kristo Ufite Ubusobanuro Bwimbitse . . . 53
Kubona Igiceri Cy'Ifeza . . . 54
Gushaka Abo Mu Muryango Bazimiye . . . 54
Igice Cya 16 - Umwana Wararutse Akagaruka Kwa Se . . . 56
Uwiteka Ntiyibuka Ibyaha Byacu Ukundi . . . 57
Amacakubiri Arogoya Ibirori . . . 58
Igice Cya 17 - Imana Yihanganira Igiti Kitera Imbuto . . . 60
Igiee Eya 18 - Jya Mu Nzira Nyabagendwa No Mu Mihora . . . 62
Mbega ukuntu kubona ubatumirwa biruhije! . . . 63
Gutangaza Umunsi w'Urubanza . . . 63
Uko kwamamaza ni ugutangaza ko kugaruka kwa Kristo . . . 64
Ntidukwiriye Kwirengagiza Abakene . . . 65
Abandi Bakeneye ko Tubafasha . . . 65
Igiee Eya 19 - URUGERO RWO KUBABARIRA . . . 67
Uyu Mugani Ugaragaza Umutima Tugira Wo Kutababarira . . . 67
Uburyo Yesu Yakemuraga Impaka . . . 68
Umuntu Utababarira Abandi Ntashobora Gutsindishirizwa . . . 69
Igice Cya 20 - Ubupfapfa Bw'umuhinzi Wumukungu . . . 70
Umuti Umwe Rukumbi Uvura Indwara Z'Abantu . . . 70
Igice Cya 21 - Umukire Na Lazaro : Nyuma Yo Gupfa Bigenda Bite ? . . . 72
Igihe Cvarageze Birahinduka . . . 72
Igihe Umuntu Akiri Muzima Gusa, Nihwo Ategura Ibv'Ibihe Bidashira . . . 73
Ibyo Twigira Ku Mugani . . . 73
Kristo Aburira Ishvanga Ry'Abavuda . . . 74
Ibizaba Mu Irangira RvTgitekerezo Cv'Isi . . . 74
Igice Cya 22 - Kora Ndebe Iruta Vuga Numve . . . 76
Umugani Usobanurwa ute ? . . . 77
Kuvuga udakora byangiza Imico . . . 77
Urukundo Rw'Imana Rwa Kibyeyi Rudushoboza Gutsinda Satani . . . 78
Igice Cya 23 - Umugani W'uruzabibu Rw'uwiteka . . . 80
Imana Iha Ubwenge N'Ubuhanga Ishvanga Yatoranije . . . 81
Uko Abategetsi B'Abavuda Banze Uguhamagara Kw'Imana . . . 82
Umugani Ufite Icyo Wigisha . . . 83
Hari Icyo Imana Ikora Kugira Ngo Ibishakwa Bisohozwe . . . 84
Igice Cya 24 - Umugani W'umwambaro W'ubukwe . . . 86
Igice Cya 25 - Umuntu Wese Yahawe Italanto . . . 90
Impano Za Mwuka Muziranenge . . . 90
Impano Zitangwa Zikurikije Ubushobozi Bw'Umuntu . . . 91
Impano Z'Ubwenge . . . 92
Impano Yo Kuvuga Neza . . . 92
Impano Yo Gushvikirana N'Abandi . . . 93
Igihe Ni Impano Ifitwe N'Umuntu Wese . . . 94
Impano Yo Kwishimira Ubuzima . . . 96
Impano Y'Umwuga N'Ubuhanga Ku Murimo . . . 96
Amafaranga Ni Impano . . . 97

Impano Yo Kunganira Abandi . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 97
Impano Zigwizwa No Kuzikoresha . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 97
Ingorane Y'Umugaragu Wahawe Italanto Imwe . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 98
Italanto Zagaruriwe Nyirazo . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 99
Kwamhurwa Italanto . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 100
Igice Cya 26 - Guhitamo Incuti Nyakuri . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 102
Nta Gisa No Kuronka Ubutunzi Bw'Ibihe bvose . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 103
Nta Wukwirive Kubuzwa Gukora Ibviza N'Uko Yakererewe . . . . . . . . . . . . . . . . 103
Igice Cya 27 - Mugenzi Wanjye Ni Nde ? . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 105
Igitekerezo Cv'Umusamariva Mwiza. . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 105
Imana Yagaragaie Ko Urukundo Rwavo Ari Twe Rushingiveho . . . . . . . . . . . . . . 106
Uko Imana Izacira Urubanza Ba Sogokuruza B'Abapagani . . . . . . . . . . . . . . . . . . 107
Dufite Amahirwe Yo Gufasha Abakeneye Ubufasha Bwacu Bose . . . . . . . . . . . . 107
Igice Cya 28 - Uko Imana Ihemba Abagaragu Bayo . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 109
Yesu vakunze Uwo Musore W'Umutunzi . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 109
Umugani Watumye Ingorane Y'Abigishwa Ba Yesu Ibonerwa Insinzi . . . . . . . . . 110
Mu mirimo yo ku isi umukozi aba yiteze guhembwa icyo yakoreye. . . . . . . . . . . 111
Akaga Kadasanzwe K'Abakozi "Bakiranuka" . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 111
Kuki Bamwe mu Ba Mbere Bazaba Aba Nvuma? . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 112
Igice Cya 29 - Kwitegura Gusanganira Umukwe . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 114
Uko Igitekerezo Gisobanurwa . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 114
Kuki Hariho Abazakorwa N'Isoni Ku Munsi W'Urubanza? . . . . . . . . . . . . . . . . . 115
Gusukwa Guheruka Kwa Mwuka W'Imana . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 117

## Igice Cya 1 - Imiganinyigisho Ya Kristo

Kristo yigishirizaga abantu mu migani kugira ngo abacengezemo umugambi wamuzanye mu isi. Ibyo yabikoreye kutumenyesha imico ye y'ubumana no kutumenyesha uko imibereho yo mu ijuru iteye. Kristo yafashe kamere yacu aturana natwe. Icyubahiro cye cy'ubumana kitagaragara cyagaragarijwe mu ishusho y'umuntu. Bityo abantu bigira ibitagaragara ku bigaragara.

Mu nyigisho ze, Kristo yakundaga gukoresha ibintu byo ku isi abantu bamenyereye kugira ngo abasobanurire ukuri. Yesu ''yigishirizaga abantu mu migani." Matayo 13 :24. Ibintu bisanzwe ni byo yakoreshaga yigisha iby'iyobokamana. Ibyaremwe n'ibyo abamwumvaga bahuraga na byo mu buzima bwabo, byari bifitanye isano n'ukuri kw'Ibyanditswe.

Ibintu Imana yaremye byerekana igitekerezo cyayo. Igihe Adamu na Eva bari bakiri mu murima wa Edeni, ibyaremwe byaberekaga ubwenge n'ubuhanga bw'Imana. Ariko bombi bamaze kwiea itegeko ry'Imana, ubwiza bwayo bwahise bukurwa ku byaremwe byose. Isi yangijwe n'icyaha ; nyamara ibyigisho byerekana Imana ntibyatsembweho ; ubisobanukiwe neza wasanga bivuga Umuremyi wabyo.

Mu gihe Yesu yazaga mu isi yasanze ibyo byigisho bitakiyirangwamo. Abantu bari basigaye basenga ibyaremwe mu cyimbo cyo gusenga Umuremyi. Pawulo yavuze iby'abapagani b'icyo gihe ati ''bahindutse abibwira ibitagira umumaro, maze imitima yabo y'ibirimarimarima icura umwijima." Abaroma 1 :25, 21. Mu Bisirayeli ho ibintu byari byifashe ukundi : bafashe gahunda y'ibitambo n'Ibyanditswe Byera maze babikoresha guhisha Imana mu cyimbo cyo kuyerekana. Kristo yaje gukuraho igitwikirizo icyaha [2]
cyashyize ku byaremye. Inyigisho ze zahesheje ibyaremwe umwanya mwiza ndetse na Bibiliya, maze zituma bigaragara mu buryo bushya.

Yesu yajyaga asoroma uburabyo bwiza akabushyira mu ntoke z'abana, nabo bakanezezwa no kureba mu maso he hagifite itoto rya gisore, n'ishusho irabagirana yakomoraga mu maso ha Se, maze akigisha ati 'Mutekereze uburabyo bwo mu gasozi, uko bumera ; ntibugira umurimo, ntibuboha imyenda ; kandi ndababwira yuko Salomo mu bwiza bwe bwose atarimbaga nk'akarabyo kamwe ko muri bwo. Ariko Imana, ubwo yambika ubwatsi bwo mu gasozi ityo, buriho none, ejo bakabujugunya mu muriro, ntizarushaho kubambika mwa bafite kwizera guke mwe ?" Matayo 6 :28-30.

Mu kibwirizwa cya Yesu ku musozi, aya magambo akurikira yabwiwe abagabo n'abagore bari bamanjiriwe kandi babababaye : 'Nuko ntimukaganyire mugira ngo tuzarya iki ? cyangwa ngo tuzambara iki ? kuko ibyo byose abapagani babishaka. Kandi So wo mu ijuru azi ko mubikwiriye byose." Ahubwo mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo ni bwo ibyo byose muzabyongerwa." Matayo 6:3133. Kristo ashaka yuko twigira ku byaremwe nk'uburabyo n'ibindi. Kristo yarebaga kure mu bitekerezo, ku buryo yari afite ubuhanga bwo gusobanuza ibyaremwe ukuri yigishaga.

Kristo yigishaga abantu akoresheje amagambo yumvikana, ariko mu mitima imwe n'imwe ukuri yabagezagaho ntikwashoraga imizi. Igituma mbigishiriza mu migani, ni uko iyo barebye batitegereza, n'iyo bumvise batumva kandi ntibasobanukirwe." Matayo 13 :13. Yesu yateraga abantu amatsiko agatuma bashishikara. Abababaga bafite inyota y'iby'Imana bahitaga basobanukirwa n'amagambo ye.

Nanone habagaho ibihe Kristo yavugaga ubutumwa abatabukeneye ntibasobanukirwe;
[3] ariko inyigisho ze yazishyigikizaga ibintu bisanzwe byo mu buzima, ibyabaye n'ibyaremwe maze abantu bose bakamurangarira. Ieyakora imitima yose yugururirwaga Mwuka Muziranenge yakiraga inyigisho ze inezerewe. Ibyari ubwiru kuri bo bakabiso-banukirwa. Ku bwo gukoresha ubusobanuro butari bumwe, byatumye Yesu ategerwa amatwi na benshi. Abamuteze amatwi bose barafashijwe. Abicishaga bugufi, n'abanyabyaha ruharwa, bashimishwaga no kumva ijwi rye ry'impuhwe n'ubugwaneza.

Hari indi mpamvu yamuteraga kwigishiriza mu migani. Yesu yabuzwaga amahoro n'abatambyi, abakuru, abategetsi n'abandi bapfobyaga inyigisho ze, bakamuhora iruhande bagenzwa no kumurega. Abatasi bamuhoraga iruhande bamwoga runono kugira ngo bumve ko hari ijambo bamwumvana ryabaha uburyo bwo kumuciraho iteka no gucecekesha uwasaga n'ushagawe n'isi yose. Umukiza yavugaga ukuri mu buhanga ku buryo abarezi be baburaga icyaha bamushinja mu nama nkuru y'Abayuda. Yakoreshaga imigani acyaha imirimo mibi y'abari mu myanya yo hejuru.

Iyo Kristo atavuga ukuri mu migani, abanzi be baba barakomye mu nkokora umurimo we mbere y'igihe. Ariko yacengeje ukuri mu buhanga ku buryo abari babukeneye bafashijwe n'inyigisho ze. Yacengeje ukuri mu mitima y'abantu akoresheje ibyaremwe n'ibibaho muri ubu bugingo, abantu bamenya Imana ihoraho n'imbaraga zayo. Abaroma 1 :20.

### Uburezi buhanitse bw'Ukuri

Mu migani Yesu yakoreshaga dusangamo inyigisho z'uburezi bw'ukuri kandi buhanitse. Kristo yazigamye ubwiru bwari kuzatwara imyaka amagana kugira ngo abantu babusobanukirwe. Yajyaga kuba yaraciriye amarenga abahanga mu by'ubumenyi bw'isi yuko bakwiriye gushakashaka no kugwiza ubwenge kugeza imperuka. Ariko ibyo ntiyabikoze. Nta cyo y igeze avuga cyo kumara abantu amatsiko no gutuma birata gukomera kw'isi.
[4] Kristo ntiyigeze abwiriza abantu gusesengura iby'Imana. Yababwiye kumwitegereza gusa no kumwigiraho, kwigira ku mirimo ye, ku Ijambo rye, no ku by'Imana yamukoresheje. Kristo ntiyigeze apapira ngo akoreshe ibintu bitagaragara, ahubwo yakoresheje ukuri agusobanuza ibyo muri ubu bugingo kudusobanurira iby'ubugingo buhoraho.

Mu nyigisho ze yaduhaye ibyitegererezo byiza twakoresha dusobanurira abantu iby'agaciro n'ubwiza bw'amategeko n'amahame y'ubwami bw'Imana. Yigishirizaga iruhande rw'ibiyaga, mu mabanga y'imisozi, mu mirima no mu dushyamba. Ibyaremwe byasongeraga ubusobanuro bw'inyigisho ze. Bityo ku byaremwe tuhamenyera urukundo rw'Umuremyi wacu. Ibyaremwe bimeze nk'igitabo gikomeye ; bifatanya n'Ibyanditswe Byera kugarura intama zazimiye mu mukumbi w'Imana. Uko umuntu arushaho kwiyigisha imirimo y'Imana, ni ko Mwuka Muziranenge arushaho kwemeza ubwenge bwe. Si ibintu by'ubuhanga bigomba gucukumburwa cyangwa se bigomba ubushakashatsi ngo umuntu agire icyo yemezwa ; keretse igihe ibitekerezo by'umuntu birimo irindagiza bitifuza kumenya Imana, cyangwa se igihe ugutwi kudashaka kumva ijwi ryayo ; naho ubundi amagambo y'ukuri kw'Ibyanditswe amara inyota umutima uyakeneye.

Muri ibi byigisho bikomoka ku byaremwe, harimo ubusobanuroo bworoshye, buboneye, butuma bigira agaciro kenshi. Abantu bose bakeneye ibyo byigisho. Ubwiza by 'ibyaremwe bukura umutima ku cyaha no ku birangaza by'isi, maze bukerekeza ibitekerezo ku bitunganye, ku byera, ku mahoro no ku Mana. Ibitekerezo by'abigishwa byujujwemo inyigisho z'abantu, zimwe bibeshya bibwira ko ari ubumenyi n'ubwenge.

Ibyo bitekerezo bigomba kwerekezwa ku byaremwe. Mureke bige ko kuremwa kw' isi n'ubukristo byose bikomoka ku Mana imwe. Mureke ikintu cyose Imana yaremye kibe icyigisho cyubaka ingeso z'umuntu. Bityo ibitekerezo byacu bizashikama ku Mana, ingeso zizaba nziza, n'imibereho yacu izaba myiza by'agahano.

### Isabato Umunsi Unezeza Kuruta Indi Yose y'Icyumweru [5]

Umugambi Kristo yari afite yigishiriza mu migani wari uhwanye n'uw'Isabato. Imana yahaye abantu Isabato kugira ngo ibibutse imbaraga zayo zo kurema. Yashatse ko bayimenyera ku mirimo y'ibyiza yashyize mu gihugu yabatujemo. Mu nyigisho za Yesu yibandaga ku bwiza by'ibyaremwe. Ku munsi wera wo kuruhuka kuruta indi minsi yose, niho tugomba kwiga imigani Umukiza wacu yaciye igihe yari mu misozi, mu byatsi bitoshye no mu burabyo. Uko tuzarushaho kwigira ku byaremwe ni ko tuzarushaho gusabana na Kristo.

Kristo ntiyafatanije inyigisho ze n'umunsi wo kuruhuka gusa, ahubwo yazifatanije n'icyumweru cy'imihati n'imiruho. Inyigisho ze zerekeye ku kubagara no gusarura n'izindi z'imirimo y'ingirakamaro, yifuzaga ko twazigiraho iby'ukuri kw'Imana. Ibyo yabigiriraga kugira ngo hato imirimo n'imihati yacu ya buri munsi itatwibagiza Imana ; ahubwo ngo itwibutse Umuremyi n'Umucunguzi, bityo icyo gitekerezo kibe uruhererekane nk'umurunga w'izahabu mu byo twitaho byose n'ibyo duhugiramo. Icyubahiro cy'ubwiza bw'Imana tuzakomeza kukibonera ku byaremwe.

Tuzahora twiga ibyigisho bakuri ko mu ijuru, kandi tuzarushaho gukurira mu ishusho yo kwera kw'Imana, "twigishwa n'Uwiteka." Yesaya 54 :13.

[6] ## Igice Cya 2 - Umugani W'umubibyi

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Matayo 13 :1 -9, 18-23 ; Mariko 4 :1-20 ; Luka 8 :4-15).

Kristo yasobanuye iby'ubwami bwo mu ijuru mu mugani w'umubibyi. Nk'uko umubibyi agenza, Kristo yaje kubiba imbuto y'ukuri ko mu ijuru. Kubera koroha k'umugani w'umubibyi bituma kenshi uwo mugani udahabwa agaciro kawukwiriye. Ahereye ku mbuto zisanzwe, Kristo yashatse kuyobora ibitekerezo byacu ku mbuto y'ubutumwa, ari byo kubiba imbuto zigarura imitima y'abantu ku kubaha Imana. Amategeko agenga ibiba by'imbuto zisanzwe duhinga ku isi afitanye isano n'imbuto z'ukuri.

Abantu benshi bari bateraniye ku nyanja y'i Galilaya, bafite amatsiko yo kureba Yesu. Bakomeje kuba benshi bituma babura aho bakwirwa.

Nuko ajya mu bwato bwari bwateganirijwe kumwambutsa, ategeka abigishwa be kubwigizayo ngo abone uko avuga yitegeye abantu, maze atangira kwigisha abari bicaye ku nkombe.

Icyo gihe hakurya mu bibaya by'i Genezareti no ku misozi yaho hari ababibyi n'abasaruzi kandi bose bari bahugiye ku mirimo yabo. Kristo arabitegereza maze aravuga ati: "Nimwumve: umubibyi yasohoye imbuto. Akibiba, zimwe zigwa mu nzira ; inyoni ziraza, zirazitoragura. Izindi zigwa ku kara kadafite ubutaka bwinshi ; uwo mwanya ziramera, kuko ubutaka atari burebure ; izuba rivuye, ziraraba ; kandi kuko zitari zifite imizi, ziruma. Izindi zigwa mu mahwa, amahwa azirengaho araziniga, ntizera imbuto. Izindi zigwa mu butaka bwiza, ziramera, zirakura, zera imbuto, kandi imwe yera mirongo itatu, indi mirongo itandatu, indi ijana bityo bityo." Mariko 4 :3-8.

[7] Abantu bo mu gihe cya Yesu ntibari basobanukiwe n'umurimo wamuzanye. Uburyo yaje mu isi si bwo bo bibwiraga. Inyigisho z'Abayuda ari bwo butunzi bwabo, zavugaga ko imihango bakora ishushanya Uzaza; ariko imigenzo yabo yahishe ubutumwa Imana yari yagennye kubagezaho. Igihe uwo bari bategereje yazaga yitwa Kristo, Abayuda ntibamwitayeho. Ntibamenye ko uwo bari bategereje yaje. Umwana w'Imana yari yabagendereye, ariko bakomeza gusaba ikimenyetso. Ubutumwa bababwiraga ngo: "Mwihane, kuko ubwami bwo mu ijuru buri hafi," babwakiranaga ibitekerezo byo gusaba gukorerwa igitangaza. Matayo 3 :2. Bari bategereje Mesiya uzaza arangwa no gutsinda amahanga.

Ibyo bibwiraga Yesu yabisubirishije umugani w'umubibyi. Ubwami bwo mu ijuru si ubwo gutwaza abantu igitugu; ahubwo ni ubwo gukiza imitima. "Uwabibye imbuto nziza ni Umwana 'Umuntu." Kristo ntiyaje nk'umwami ahubwo yaje nk'umubibyi, ntiyaje kuyobora abamukurikira ku butware no gukomera kw'iyi si, ahubwo yaje kubamenyesha yuko umusaruro uboneka ari uko umuntu amaze kwiyuha akuya.

Abafarisayo bo ntibitaye kuri uwo mugani Yesu yabaciriye. Babaye nk'abatawusobanukiwe. Rubanda bo bashimishijwe n'amagambo y'uwo mwigisha mushya kuko yabacengeraga mu mutima. Abigishwa ubwabo ntibasobanukiwe n'icyo uwo mugani werekejeho, ni ko kuza aho Yesu ari bihereye bamubaza ubusobanuro bwawo.

Yabasobanuriye iby'uwo mugani, kuko yifuzaga ko Ijambo rye ryasobanukira abarifitiye inyota bose." Umuntu nashaka gukora ibyo ikunda, azamenya ibyo nigisha, ko

byavuye ku Mana, cyangwa yuko mbivuga ku bwanjye." Yohana 7 :17. Kristo ahora yiteguye guhaza imitima isonzeye kumenya ukuri.

Umubibyi yagiye kubiba. Mu bihugu by'iburasirazuba, abantu baho babaga mu mijyi izengurutswe n'ibihome ariko buri munsi bakayisohokamo bakajya guhinga ahayikikije. Bityo, Kristo umubibyi wo mu ijuru, yasize iwe h'amahoro, asiga intebe ye y'ubwami, [8] maze arasohoka aza kubiba abogoza, avomeresha amaraso ye, ari yo mbuto y'ubugingo bwahawe isi yacumuye ikarindagirira mu byaha.

Abagaragu be bagomba kugenza batyo bagasohoka bakabiba imbuto. Aburahamu yarahamagawe arabwirwa ngo:"Va mu gihugu cyanyu n'inzu ya so, ujye mu gihugu nzakwereka." Itangiriro 12:1. Imana yahamagaye intumwa Pawulo iramubwira iti ''Genda, kuko nzagutuma kure mu banyamahanga". Ibyakozwe 20:21. Abahamagariwe kwifatanya na Kristo bagomba gusiga byose bakamukurikira. Umubano wabo n'abo basangiraga ibigusha ukwiye gusenyuka, imigambi yabo mibi bakayizibukira, ibyiringiro by'iby'isi bakabita kure. Mu marira, mu bwigunge no mu bwitange bukomeye, bahaguruke babibe imbuto.

"Umubibyi abiba ijambo." Kristo yaje kubiba ukuri mu isi. Kuva umuntu agicumura, Satani yakomeje kubiba imbuto mbi yo gucumuza abantu. Yabanje kwigisha umuntu kubeshya, akomeza atyo. Kristo Umubibyi w'ukuri, yaje gucengeza mu bantu imbuto y'ukuri itagira amakemwa: ''mwabyawe n'imbuto itabora, mubiheshejwe n'ijambo ry'Imana rizima rihoraho." 1 Petero 1:23. Muri sezerano rya mbere ryavugiwe muri Edeni mu Itangiriro 3:15, Kristo yabibye imbuto ya mbere y'ubutumwa. Ariko umugani w'umubibyi wo wibanda cyane ku murimo we wo kubwiriza abantu ubutumwa.

## Ijambo Ry'Imana Ni Imbuto

Kugira ngo imbuto ikure igomba amategeko runaka. Mu ijambo ry'Imana harimo ubugingo. Yohana 6:63. Muri buri tegeko n'isezerano ryose harimo imbaraga, iyo mbaraga ni yo bugingo buva ku Mana, kandi muri yo nimwo byose bitunganirizwa. Igitewe cyose cyera imbuto zihwanye n'ubwoko bwacyo. Imbuto z'umwuka zicengezwa mu mutima no kwizera. Bityo umuntu akagira imico n'ingeso nk'iby'Imana.

Umurimo wa Kristo wari uhabanye rwose n'uw'abigisha b'Abisirayeli. Bibandaga [9] ku migenzo n'inyigisho z'abantu. Bakundaga inyigisho kuruta uwo zerekezaho. Ingenza zazaga kuri Kristo kumutata yazisubirishaga amagambo"Byanditswe ngo." Uko yabonaga uburyo kose yabibaga imbuto z'Ijambo. Uwari Jambo rizima yaduhwituriye kwita ku Byanditswe Byera. "Atangirira kuri Mose no ku bahanuzi bose, abasobanurira mu byanditswe byose ibyanditswe kuri we." Luka 24:27.

Muri iki gihe cyacu, nk'uko byari biri no mu gihe cya kera, abantu birengagiza ukuri maze bakishyiriraho ibihimbano by'abantu. Abashumba (Pasteurs) benshi babwiriza ubutumwa ntibemera ko Bibiliya yose ari ijambo ryahumetswe n'Imana. Umwe ahakana umugabane runaka, undi agahakana undi mugabane. Ibyo bayitekerezaho babirutisha ijambo ryayo ubwaryo. Bityo bakabiba imbuto zo kwizera guke, maze abantu bagahera mu rungabangabo batazi icyo bakwizera n'icyo bareka.

Kristo yahaye agaciro Ibyanditswe Byera avuga yuko bifite ubushobozi budasubirwaho. Nk'uko yabyubahirije nimutyo natwe tubigenze dutyo. Bibiliya igomba kwigishwa kuko ari Ijambo ry'Isumbabyose. Bibiliya ikemura impaka zose kandi ni yo rufatiro rwo kwizera.

Muri iki gihe ibibwirizwa byinshi ntibikangura kwizera kw'abantu, kandi ntibisubiza intege mu bugingo. Ababyumva ntibagenda bavuga amagambo nk'aya ngo:"Yewe,

ntiwibuka ukuntu imitima yacu yari ikeye, ubwo yavuganaga natwe turi mu nzira, adusabanurira Ibyanditswe!" Luka 24:32.

Ubwenge bw'abantu, uko bwaba bumeze kose, ntibushobora gutera umutima kunyurwa. Mureke ijambo ry'Imana rivugane n'abantu, rivugurure imitima yabo kugira ngo itegurirwe ubugingo buhoraho.

[10] Amagambo ya Kristo yari yuzuye impuhwe za kibyeyi n'ubuntu bwinshi bukomoka ku Mana Data wa twese. Kristo yitaga ku gukiranuka no ku mategeko ye. Yerekanye ko ari we Nzira n'Ukuri n'Ubugingo. Reka ayo abe ari yo matwara aranga abashumba b'ubutumwa bwiza. Bamamaze kandi bakore ibyo amategeko n'ubutumwa bishaka. Mubwire abantu uburyo Kristo yiyanze, akitanga, akicisha bugufi ndetse agapfa. Mubabwire iby'umuzuko no kuzamurwa kwe, n'iby'umurimo we w'ubuhuza mu rukiko rw'Imana. Mubibutse n'isezerano rye agira ati"Nzagaruka mbajyane iwanjye." Yohana 14:3.

## Agaciro k'Ijambo ry'Imana

Umubibyi yabiye ijambo."Imbuto ni ijambo ry'Imana" Aha ni ho haboneka itegeko rikomeye rigenga umurimo w'uburezi. Mu mashuri menshi yo muri iki gihe cyacu ijambo ry'Imana ryashyizwe iruhande. Inyigisho z'abanditsi batemera Imana zahawe umwanya w'imbere mu burezi. Guhakana Imana bikabije kwiyongera mu bitabo bikoreshwa mu mashuri. Ijambo ry'Imana ntibakiryiringira ko ari iry'ukuri. Imbuto zo gushidikanya zabibwe mu bitekerezo by'urubyiruko, maze mu gihe cy'ibigeragezo zikamera. Iyo kwizera Imana bibuze, umutima ubura gifasha, n'ikiwurinda. Iyo ijambo ry'Imana ryirengagijwe rigashyirwa iruhande, imbaraga zaryo zikingira umutima irari ribi ziba zitagishoboye gufasha umuntu. Abantu babiba ibinezeza imibiri yabo, muri iyo mibiri 'basaruramo kubora." Abagalatiya 6:8.

Aha ni ho hava intandaro y'ubwenge buke n'ubushobozi buke. Iyo ijambo ry'Imana ryirengagijwe, ibitekerezo birasigingira, ubwenge bukaba buke, n'ubugome bukiyongera.

Umwigisha wese agomba gukundisha urubyiruko ukuri kw'ijambo ry'Imana, maze abigishwa bagasobanukirwa n'uko ryahumetswe n'Imana. Ubwo ni bwo burezi bukwiriye abantu bo muri iki gihe n'abo mu gihe kizaza.

[11] Kwiga ijambo ry'Imana mu mashuri ntibyabuza abigishwa kwiga ubumenyi bw'isi ndetse ntibyacisha bugufi urugero rw'uburezi. Nta cyiza kiruta kwiga ibyahesha umuntu ubugingo buhoraho. Reka abasore bacengerwemo n'ukuri Imana yatanze maze ibitekerezo byabo byaguke kandi bikomere.

Uburezi bubonerwa mu gucukumbura mu Byanditswe busubiza ishusho ry'Imana mu muntu. Burinda ibitekerezo guteshuka kandi bugateganiriza umwigishwa kuzahabwa ku murage w'abaziranenge.

Umwigisha yigisha neza icyo nawe asanzwe azi neza. "Umubibyi yarasohotse ajya kubiba imbuto ze." Kristo yigishije ukuri kuko yari ukuri. Imico ye, imibereho ye, byose byari bikubiye mu nyigisho ze. Abigisha ijambo bagomba kubaho nk'uko rivuga bakabigaragariza mu bikorwa. Bagomba kuvugank'intumwa Petero bati "Burya ntitwakurikije imigani yahimbwe n'ubwenge, ahubwo twabamenyeshaga imbaraga z'Umwami wacu Yesu Kristo no kuza kwe." 2Petero 1:16. Bagomba kuvuga nka Yohana bati ''Kandi ubwo Bugingo bwarerekanywe, turabubona, turabuhamya, kandi none turababwira iby'ubwo Bugingo buhoraho, bwahoranye na Data wa twese, tukabwerekwa." 1 Yohana 1:2.

## Ku Kara No Mu Nzira

Umugani w'umubibyi uvuga imukurire y'imbuto ukurikije ubutaka zabibwemo. Kristo yabwiye abari bamuteze amatwi yuko imibereho yabo yo mu gihe kizaza izaterwa n'uburyo bemera cyangwa bahakana ubutumwa bwe. Yabasobanuriye ibyerekeye imbuto zaguye mu nzira ati: " Abo nibo bamara kumva, uwo mwanya Satani akaza, agakuramo iryo jambo ryabibwe muri bo." (Mariko 4:15).

Nk'uko ubutaka bwo mu nzira nyabagendwa buribatwa n'abantu n'inyamaswa bugakomera, ni ko n'umutima wuzuye ibirangaza by'isi n'ibinezeza by'ibyaha umera. Kubera imigambi mibi yuzuye kwikunda no kwikubira, umutima unangirwa n'ibihendo [12] bibi by'ibyaha." Abaheburayo 3:13. Abantu ntibamenya ubukene bwabo cyangwa se akaga barimo. Birengagiza ubutumwa bw'ubuntu nk'aho ari ikintu kitabareba.

Nk'uko inyoni zitoragura imbuto zigwa mu nzira, ni ko Satani adaha imbuto nziza zabibwe mu mitima akazimaramo. Burya we n'abamarayika be baba bicaye mu biterane bibwirizwamo ijambo ry'Imana. Mu gihe abamarayika bo mu ijuru banoza imitima y'abantu ngo bumve ubutumwa, umwanzi we aba ari maso ngo atume ubwo butumwa bubabera imfabusa. Satani yuzuza ibitekerezo inyungu z'isi, agatera mu bumva ubutumwa ibitekerezo by'ihinyu, gucyocyora, kunnyega no gushidikanya. Ndetse n'igihe imvugo y'umubwiriza ishobora kuba atari nziza ngo inezeze abamwumva, usanga iryo hinyu rituma ukuri Imana yifuzaga kumenyesha abantu kutagira icyo kubamarira.

Abantu benshi biyita abakristo hari ubwo usanga bafasha Satani. Iyo bageze imuhira bavuye gusenga, bataramira ku magambo y'umubwiriza nk'aho ari ay'umunyapolitiki bumvise. Ugasanga baraca amateka akabije, bagakomeza gupfobya umubwiriza mu maso y'abatarihana no mu y'abana babo.

Bityo urubyiruko rukigishwa kugomera Imana. Hanyuma ugasanga ababyeyi bibaza impamvu abana babo badashimishwa n'ubutumwa, bagahora bashidikanya ukuri kwa Bibiliya, bakinangira ku buryo kubumvisha iby'idini usanga biruhije. Icyitegererezo kibi cy'abo babyeyi kinangira imitima y'abana babo. Imbuto nziza ntibona aho ishora imizi, maze Satani agahita ayisahura.

## Imbuto Ntishobora Kumera Neza Ku Kara

"N'izibibwe ku kara na zo ni uko, iyo bumvise iryo jambo, uwo mwanya babyemera banezerewe, ariko kuko batagira imizi muri bo, bakomera umwanya muto; iyo habayeho amakuba cyangwa kurenganywa bazira iryo jambo, uwo mwanya baragwa."

Imbuto zibibwe ku kara ntizishobora imizi neza. Imbuto imera vuba, ariko imizi yayo [13] ntimene urutare kugira ngo ibone ibyo kurya, bidatinze ikuma. Abantu b'ibyegamizi mu isi ni abameze nk'imbuto zatewe ku kara. Kwikunda kurandura icyifuzo kizima mu mitima yabo. Ntibamenya ingaruka mbi yo gushayisha mu cyaha, kuko imitima yabo iba itaracishwa bugufi. Bene abo ni abemeragato, kandi idini yabo iba iyo ku rurimi gusa. Abantu ntibagushwa n'uko ari ho baba bacyumva ijambo ry'Imana, cyangwa se ari uko barinezerewe. Matayo yumvise Umukiza amuhamagaye ahita yemera, asiga byose aramukurikira. Iyo ijambo ry'ubugingo ricengejwe mu mitimayacu, uwo mwanya Imana ishimishwa n'uko turyakira; nuko rero birakwiye ko turyakira tunezerewe. Ariko abavugwa mu migani ko bakira ijambo vuba vuba ntibarihe agaciro, bilerwa n'uko batarireka ngo rihindure imibereho yabo. Ntibatuma ryica ingeso zabo mbi, kandi ntibitanga rwose ngo baryemerere kubategeka.

Imizi ihishwe hasi mu butaka ni yo igaburira imbuto. Bityo n'Umukristo ni ko amaze. Ubuzima mu by'iyobokamana bugaburirwa n'ubumwe butagaragara umuntu agirana na Kristo kubwo kwizera. Ariko abameze nk'izitewe ku kara bagengwa n'inarijye aho gutega amakiriro kuri Kristo. Biringira imirimo yabo myiza, kandi bakikomereza mu gikiranuka kwabo bwite. Umeze atyo nta mizi aba afite muri we, kuko aba atomatanye na Kristo.

Izuba ry'impeshyi ritera imbuto gukomera kandi rigatuma ihisha vuba, ariko ryica imbuto itashoye imizi. Bityo, ''udafite imizi,'' ''yihangana igihe gito''; ''ariko iyo habayeho amakuba cyangwa kurenganywa bazira iryo jambo, uwo mwanya birabagusha.'' Benshi bishimira ubutumwa igihe gito, kuko bibwira ko idini ishobora kubarinda ingorane n'ibigeragezo. Ariko iyo ijambo ry'Imana ritunze urutoke icyaha cyabaye ikigugu cyangwa se bagasabwa kwitanga; bituma bazinukwa umugisha w'iteka ryose bagahitamo
[14] ibyishimo by'akanya gato. Bamera nk'abigishwa baretse Yesu, bagahora biteguye kuvuga bati, ''Iryo jambo rirakomeye, ni nde ushobora kuryihanganira?'' Yohana 6:60.

Benshi birata ko bakorera Imana, ariko bakayikorera mu buryo bihitiyemo ubwabo, batayobowe n'imbaraga ya Mwuka Muziranenge. Ingeso zabo ntizihuza n'amategeko y'Imana. Ntibizera ko Umukiza azabaha imbaraga zo kunesha ibyaha byabo. Bagerageza guhinduka ariko ntibabamba inarijye. Ntibishyira mu maboko ya Kristo. Muri rusange bemera ko badatunganye, ariko ntibazibukire ibyaha runaka. Icyaha cyose umuntu akoze, gitera kamere ya kera y'inarijye gukomera.

Ibyiringiro bimwe gusa bashobora kugira ni uko bamenya amagambo y'ukuri Kristo yabwiye Nikodemu agira ati: "Umuntu utabyawe ubwa kabiri , ntabasha kubona ubwami bw'Imana." Yohana 3:3. Kristo ashaka ko umuntu yitariga wese. Ashaka umutima, ubwenge, ubugingo n'imbaraga.

Leta y'Imana yubatse ku ihame ry'urukundo kandi ni rworugombakubaurufatirorw'imicoyagikristo.Urukundorwonyinenirwo rubashisha umuntu kwihanganira igishuko n'ikigeragezo cyose. Inama yo gukiza umuntu ishingiyeku bwitange bukomeye cyane. Kristo yatanze byose ku bwacu, kandi abayoboke be bagomba guhora biteguye gutanga byose ku bwo kumuhesha ikuzo n'icyubahiro.

Nidukunda Yesu, tuzashimishwa no kubaho nk'uko ashaka. Kumukorera bizatworohera. Tuzitanga kubwe kandi twemere umuruho. Tuzifatanya na we mu mpuhwe ze zo gukiza abantu.

Iryo ni ryo dini rya Kristo. Iritameze rityo riba ari iry'ibinyoma. Ukeza inarijye akayibangikanya na Kristo agereranywa n' izatewe ku kara, kandi bene uwo ntabasha kwihangana igihe agezweho n'ikigeragezo.

## [15] Imbuto Zanizwe N'Amahwa

"Abandi bagereranywa n'izibibwa mu mahwa; abo nibo bumva iryo jambo, maze amaganya y'iyi si, n'ibihendo by'ubutunzi, n'irari ryo kwifuza byabinjira mu mitima, bikaniga iryo jambo ntiryere."

Kenshi imbuto y'ubutumwa bwiza igwa mu mahwa, kandi iyo umuntu adacitse ku mibereho ya kera y'icyaha ngo ameneshe ubutiriganya bwa Satani bumuve mu mutima, amaherezo ayo mahwa arakura agahinduka ikimera cyica ingano.

Nk'uko amahwa amera mu butaka ubwo ari bwo bwose, ni ko n'ibyaha bibasha kwaduka mu mutima w'umuntu uwo ari we wese. Amahwa ntakenera kubagarwa, ariko ubuntu bwo bugomba kwitabwaho nk'uko umuntu yufira imyaka.

Amahwa n'ibitovu bihora byiteguye kumera, kandi iyo Mwuka Muziranenge adakoreye mu mico y'umuntu ubudahwema, ingeso ze za kera zirigaragaza. Iyo amahwa atemwe

gusa ntarandurwe arongera agakura amaherezo akazarenga ku myaka. Nk'uko Mariko yabitugejejeho, Yesu yavuze yeruye yuko ibintu bizanira ubugingo akaga, ari amaganya y'iyi si, ibihendo by'ubutunzi, n'irari ryo kwifuza. Ibyo ni byo biniga iryo jambo, bikica iyo mbuto y'umwuka yakuraga. Ubugingo ntibwongera kubona ibyo kurya biturutse kuri Kristo, bityo iyobokamana rigapfa.

"Amaganya y'iyi si." Abakene batinya guhora bifuza maze bikabongerera imibabaro n'imitwaro basanganywe. Abakire bo batinya icyabahombya bagakena. Benshi mu bayoboke ba Kristo bashidikanya impuhwe ze. Kubw'ibyo Kristo ntashobora kwikorera imitwaro yabo batayizanye ku birenge bye. Imiruho y'ubu bugingo ituma bahunga Umukiza yabo mu cyimbo cyo kumwisunga.

Benshi babogamira ku butunzi bw'igihe gito. Imbaraga zabo zose bazirundurira [16]
mu kwikungahaza, maze bakitandukanya n'Imana. Icyakora ikutunezeza ni uko ''tutari ibyangwe mu by'umwuka", n'ubwo twe tuhirimbana dutyo." Abaroma 12:11.

Dushobora kuba abacuruzi mu buryo butarimo icyaha, ariko usanga benshi bahugira mu bucuruzi bwabo cyane ku buryo babura igihe cyo gusenga cyangwa se kwiga Bibiliya. Usanga bidashoboka ko imbuto y'iryo jambo yera, kuko ubugingo buba buhugiye ku by'isi.

Abantu benshi bashinzwe gukorera abandi, haba ubwo bahugira muri ibyo bakibagirwa kwiyegurira Imana. Bibagirwa ko Kristo yavuze ati,"Ntacyo mubasha gukora mutamfite." Yohana 15:5. Bagenda badafite Kristo kandi ingeso mbi y'inarijye ikarushaho kubagaragaraho. Imirimo yabo myiza ihumanywa no guharanira icyubahiro"Bashimishwa n'ubutunzi." Kenshi abafite ubutunzi bw'isi bakunda gukoresha aya magambo ngo: 'Imbaraga zanjye n'amaboko yanjye ni byo byampesheje ubu butunzi." Gutegeka 8:17. Ubutunzi bwabo butuma bimika inarijye. Babura umutima wo gukunda Imana no gufasha bagenzi babo. Babona ko ubutunzi ari bwo bubasha kubahesha agakiza. Ubutunzi bukoreshejwe butyo buhesha Satani umwanya mu mibereho ya nyirabwo.

"Irari ry'umubiri." Hari akaga mu guharanira ibyo kwinezeza. Ingeso zose mbi zica intege imbaraga z'umubiri, kandi zituma ibitekerezo bihunikira cyangwa se bigatera ikinya ibitekerezo by'iyobokamana. 1 Petero 2:11.

'Irari ryo kwifuza ibindi." Ibyo bintu ubwabyo nta kibi kibirimo,ahubwo ikintu cyose giteshura umuntu ku Mana kiba ari umwanzi w'ubugingo bwe. Iyo umuntu agifite ibitekerezo bya gisore, aba afite ikigeragezo cyo kwimika inarijye. Iyo abonye atunganiwe n'iby'isi ararikiye, bituma arushaho kubyirunduriramo wese, maze akirengagiza ibikwiriye ingeso nziza. Bityo ukabona umuntu arajya imbere ariko mu buryo butemewe n'ijambo ry'Imana.

Ababyeyi bagomba gufasha urubyiruko kugira ngo rugire uburere bwiza. Nyamara ni [17]
kangahe ababyeyi bamwe bashishikazwa cyane no kurundaniriza abana babo ubukungu bw'isi! Bishakira amazu y'ibihome mu mijyi bakayakoreramo iby'isi bishakiye. Bene ibyo bituma ibitekerezo n'imibereho y'umuntu bibyira. Amahirwe yo kuba abaragwa b'ubugingo bahoraho bayagurana inyungu z'iby'isi.

Ababyeyi benshi bashimishwa no gushyigikira abana babo mu ngeso zo gukundana n'abo badahuje ibitsina. Babemerera kujya mu birori no mu mbyino mbi z'isi; ndetse bakabaha n'amafaranga y'ingendo kugira ngo babone uko binezeza. Ibyo bituma urubyiruko rurundukira mu byo kwinezeza, kugeza ubwo bihinduka akamenyero mu buzima bwabo. Bimenyereza ingeso mbi zo kwiyonona zituma batagera ku bukristo bushyitse.

Haba ubwo n'itorero risa n'irishyigikiye kwikunda no kwinezeza. Iyo hari amafaranga agomba gusonzoranywa, usanga amatorero menshi agwa mu gicumuro cyo guciririkanya, no kugeranjura ingero cyangwa amasezerano batanze, maze bagasa n'abashyira ku

rusimbi. Kenshi usanga itorero rihindura amazu yerejwe gusengerwamo Imana ahantu h'ibirori, aho banywera, aho guhahira, n'aho gucururiza ndetse n'ah'ibitaramo. Ibyo byose bikurura ingeso zo kwikunda, umururumba, no kwirata.

Ababyeyibenshi bahitamo gutura mumujyi bibwirako banezeza abana babo; ariko amaherezo bicuza by'impitagihe ifuti rikabije bakoze imijyi irarushaho guhinduka nka Sodomu na Gomora. Imikino irangaza abantu irarushaho kwiyongera. Bamwe bahora muri za sinema mbi, ikinamico mbi, gusiganwa kw'amamodoka, urusimbi, isindwe, n'ibyo kunezeza umubiri.

Abasore babyirohamo amaherezo baba imburamukoro mu buzima. Bagahinduka abapagani n'ibinaniramana. Bamwe bashobora kwimenyaho ubugoryi bakihana. Nyamara baba bamaze gukomeretsa ubugingo n'ubwenge bwabo bwo guhitamo hagati y'icyiza
[18] n'ikibi. Ntibihutira kugira amakenga ngo bategere amatwi ijwi rya Mwuka Muziranenge cyangwa se kwirinda imitego ya Satani. Amaherezo umunezero wabo uhinduka kurimbuka k'ubugingo bwabo bwo muri iyi isi n'ubwo mu isi izaza.

Twaraburiwe ngo: "Ntimugakunde iby'isi, cyangwa ibiri mu isi. Umuntu nakunda iby'isi, gukunda Data wa twese ntikuba kuri muri we." 1 Yohana 2:15. "Ariko mwirinde, imitima yanyu ye kuremererwa n'ivutu no gusinda n'amaganya y'iyi si." Luka 21:34. N'intumwa Pawulo yanditse amagambo ameze nk'ayo ayobowe na Mwuka Muziranenge ati, "Kuko gukunda impiya ari umuzi w'ibibi byose. Hariho abantu bamwe bazirarikiye, barayoba, bava mu byo kwizera, bihandisha imibabaro myinshi." 1 Timoteyo 6:10.

### Uburyo Mwuka Muziranenge Adufasha

Mu mugani wose w'umubibyi, Kristo atwigisha ko igihe ijambo ry'Imana rinaniwe gukora umurimo waryo wo gufasha umutima n'ubugingo, ifuti riba ari iryacu. Ni iby'ukuri, ntidushobora kwihindura intungane; ariko dufite ubwenge bwo guhitamo. Abashushanywa n'izaguye mu nzira, n'izo ku kara, n'izo mu mahwa, ntibagomba kuguma batyo. Umwuka w'Imana ahora ashaka gutsembaho irari ryose ribohera abantu mu bubata bw'iby'isi, no kubakangurira kurangamira ubutunzi budashira. Kwirengagiza ijambo ry'Imana babiterwa no kutumvira Mwuka Muziranenge. Ubwabo baba insiriri yo kunangirwa kw'imitima yabo maze bigatuma imbuto idashora imizi.

Umurima w'umutima umeze nk'uwamezemo amahwa n'ibitovu, ushobora kubagarwa ariko mu buryo buruhije. Ingeso mbi z'umutima wa kamere umuntu yazitsindirwa n'ubushobozi bwa Yesu. Uwiteka aratwinginga ati: "Mwibibire mukurikiza gukiranuka; musarure mukurikiza imbabazi; murime imishike yanyu; kandi ntimubibe mu mahwa." Hoseya 10:12. Uwiteka ashaka ko dukora uwo murimo kandi ashaka ko dufatanya na We.

[19] Umuntu wese ku giti cye afite inshingano yo gukiza imitima yazimiriye mu byaha. Mu mpuhwe nk'iza Kristo tugomba gusanga abantu umwe umwe tukabafasha, tukabateramo ubushake. Imitima yabo ishobora kuba imeze nk'inzira ikakaye yaribaswe cyane, maze kubereka Umukiza ntibigire icyo bibamarira; ariko tumenye ko igihe urukundo rwa Kristo, ruduhata tugomba gufasha umutima w'ibuye kugira ngo imbuto y'ukuri ibashe kuwushoramo imizi.

Buri mukristo yigishwe hakiri kare ko atakizwa n'igitambo cya Kristo gusa, ahubwo ko igishakwa ari uko ubugingo bwa Kristo bwahinduka ubw'umukristo kandi n'ingeso za Kristo zigahinduka iz'umukristo. Bose bagomba kwemera kwikorera umutwaro, kandi bakanga urunuka kubogamira ku kibi icyo ari cyo cyose. Bose bimenyereze kwiringira urukundo rwa Kristo kandi bamuture ibibababaje byose. Uko bazarushaho gukunda no

kugirira impuhwe abazimiye, niko bazarushaho kwica inarijye ibarimo. Nibigenda bityo, ukuri kubarimo ntikuzatema amahwa gusa, ahubwo kuzayarandurana n'imizi.

### Amakuru Meza Y'Ubutaka Bwiza

"Kandi abagereranywa na za zindi zabibwe mu butaka bwiza, abo nibo bumva iryo jambo bakaryemera; ni bo bera imbuto umwe mirongo itatu, undi ijana bityo bityo." Abumva iryo jambo bakaribika mu mitima yabo, nibo bera imbuto nziza kandi bakihangana.

Kuba umuntu afite umutima mwiza ntibisobanura ko ari nta cyaha afite. "Sinazanywe no guhamagara abakiranuka, ahubwo ni abanyabyaha." Mariko 2:17. Hahirwa ufite umutima wumvira ijwi rya Mwuka Muziranenge; bene uwo muntu yemera icyaha cye akacyicuza, kandi agashimishwa no kumenya ukuri kugira ngo agukurikize. Umutima utunganye ni uwizera Imana."Uza ku Mana wese agomba kwizera ko iriho, kandi ko igororera abayishaka." Abaheburayo 11:6.

"Uwo ni we wumva iryo jambo akarisobanukirwa." Abafarisayo bapfukaga amaso [20]
bakaziba n'amatwi yabo, bigatuma ubutumwa butabagera mu mitima. Ariko Kristo yavuze ko abigishwa be bahirwa kuko bemeye kurebesha amaso yabo no kumvisha amatwi bakizera.

Abagereranywa n'ubutaka bwiza ntibakiriye iryo jambo nk'aho ari ''ijambo ry'abantu ahubwo baryemeye by'ukuri nk'ijambo ry'Imana." 1 Abates. 2:13. Umwigishwa w'ukuri ni uwakira Ibyanditswe nk'aho ari Imana ivugana na we. Ahindishwa umushyitsi na ryo kuko ari iry'ukuri. Abumvaga neza nka Koluneriyo n'inshuti ze babwiye intumwa Petero bati,"Nuko none turi hano twese imbere y'Imana, dushaka kumva ibyo Umwami Imana yagutegetse kutubwira." Ibyakozwe 10:33.

Kumenya ukuri ntibiterwa n'ubuhanga ahubwo bituruka ku mutima uboneye, ku kwicisha bugufi no kwizera. Iteka abafite imitima yicisha bugufi bakenera kuyoborwa n'imbaraga y'Imana, maze bagahabwa Mwuka Muziranenge kugira ngo abagezeho ubutunzi bw'ukuri. Uwumva neza iyo amaze kumva azirikana icyo abwiwe. Umwanzi Satani ntabasha kukimusahura.

Kumva iryo jambo cyangwa kurisoma gusa ntibihagije. Imana ishaka ko twinira tukibaza iby'urukundo rwayo kandi tukiga n'iby'inama y'agakiza. Umutima utuje kandi uyobowe n'Umwuka w'Imana ntiwabura gusabana n'Imana mu buryo bwo kwiyigisha Ibyanditswe Byera.

"Akera imbuto." Niba ijambo ry'Imana ryaracengeye mu mutima, ntiryabura kugaragariza imirimo myiza n'ingeso nk'iza Kristo. Yesu yivuzeho aya magambo ati:"Mana yanjye nishimira gukora iby'ukunda; ni koko, amategeko yawe ari mu mutima wanjye." Zaburi 40:8. Kandi Ibyanditswe biravuga ngo: "Kuko uvuga ko ahora muri we, akwiriye na we kugenda nk'uko yagendaga." 1 Yohana 2:6.

Ugereranywa n'ubutaka bwiza, yumva iryo jambo rikamunyura kandi akemera ibyo [21]
ritegeka byose. Ingeso ze n'ibyo akora atuma bimera nk'uko ijambo ry'Imana rivuga. Amategeko y'umuntu ucumura ntacyo amaze uyagereranije n'ijambo ry'Imana. Uyoboka Imana n'ubwo yahomba, akarenganywa, cyangwa se akicwa, akomeza kumvira ukuri. Kandi yera imbuto zo ''kwihangana." Nubwo habaho kubabazwa, umukristo w'ukuri ntashidikanya cyangwa se ngo yihebe. Azirikana impuhwe z'Uwiteka, maze akamutura imitwaro ye yose, kandi agategereza agakiza ke yihanganye. Ibigeragezo byihanganiwe bikomeza umuntu kandi bikubaka ingeso ze. Imbuto nziza zo kwizera, ubugwaneza,

n'urukundo zirakura n'ubwo umuntu yaba ari mu maguru y'ibyago n'amakuba, cyangwa se mu mwijima w'icuraburindi.

Iyo dukomeje gusaba Imana ubuntu bw'Umwuka, idusubirisha kudushyira ahantu dushobora kwera imbuto; ariko tutamenya umugambi wayo, bikadushobera. Uruhare rwacu ni ukwakira ijambo ry'Imana no kurikomeza, kandi tukaryemerera ngo rituyobore, bityo umugambi waryo ukuzurizwa muri twe.

Yesu yaravuze ati "Unkunda, azitondera ijambo ryanjye; na Data azamukunda; tuzaza aho ari, tugumane na we." Yohana 14:23. Tuzarushaho kugira ibitekerezo bizima nitugirana isano n'Ufite imbaraga zose. Ntituzongera kubaho imibereho yo kwihugiraho kuko Kristo azaba ari muri twe. Ingeso ze zizagaragarira mu mibereho yacu. Bityo tuzera imbuto za Mwuka Muziranenge, bamwe"mirongo itatu, abandi mirongo itandatu, abandi ijana."

## Igice Cya 3 - Imibereho Itangaje Y'akabuto Gato [22]

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Mariko 4 :26-29).

Bamwe mu bantu bumvise umugani w'umubibyi bahise bamenya ko Kristo atagendereye kwima ingoma y'iyi si, kandi benshi bari bafitiye amatsiko abandi bibabereye urujijo. Yesu abonye gushidikanya kwabo, yakoresheje ubundi busobanuro kugira ngo akure ibitekerezo byabo ku bwami bw'iyi si, maze barangamire ubwami bw'ubuntu bw'Imana. "Ubwami bw'Imana bugereranywa n'umuntu ubiba imbuto mu butaka, akagenda agasinzira nijoro, akabyuka kumanywa, imbuto zikamera zigakura atazi uko zikuze. Ubutaka ni bwo buzimeza, ubwa mbere habanza umumero, hanyuma zikaba imigengararo, hagaheruka amahundo afite imbuto. Ariko imyaka iyo yeze, uwo mwanya nyirayo ayitemesha umuhoro, kuko igihe cyo gusarura kiba gisohoye."

Kristo ni we uzasarura umusaruro w'isi. Ariko umubibyi ashushanya abakora mu cyimbo cya Kristo. Bivugwa ko imbuto ''zimera zigakura, atazi uko zikuze." Ibyo si ukuri ku Mwana w'Imana ; We ntayobowe uko imbuto zikura.

Umugani w'imbuto uduhishurira ko Imana ari yo igenga ibyaremwe. Mu mbuto harimo itegeko rigenga kumera kwayo ryashyizweho n'Imana ubwayo, nyamara imbuto idafashijwe ntiyabasha kwimeza. Umuntu abifitemo uruhare ; agomba gutunganya ubutaka neza maze akabubibamo imbuto. Nyamara hari igihe kigera ntabe yagira icyo akorera imbuto kugira ngo zikure ku bushake bwe. Agomba kubiharira ufite ubushobozi bwose. Imvura igomba kuvomera imirima, izuba na ryo rigatera ubushyuhe, bumeze nk'ubw'amashanyarazi, na bwo bugashyushya imbuto zikamera. Ubugingo Umuremyi yashyizeho, ni we ubwe ufite ubushobozi bwo kubuhamagara.

Nk'uko bimerera abahinzi, ni ko bimerera n'ubiba iby'umwuka; umwigisha [23] w'ubutumwa bwiza agomba kubanza agatunganya ubutaka bw'umutima ; maze akabubibamo imbuto; ariko imbaraga y'Umwuka w'Imana ni yo imukoresha kugira ngo amagambo ye afashe ababyumva azabageze ku bugingo buhoraho. Imbaraga y'Imana ni yo ikora ibitangaza bishyigikira ijambo ryayo.

Umurimo w'umibibyi ni umurimo wo kwizera. Ntashobora kumenya uburyo butangaje butuma imbuto iturika ikazana umugondoro. Igihe abibye imbuto mu butaka, ajugunyamo inziza kugira ngo zizakure neza zivemo ibyo kurya byo gutunga umuryango we. Ariko ahora ategereje umusaruro utubutse. Bityo abayoboke ba Kristo bagomba gukora biringiye kuzabona umusaruro w'imbuto babibye. Imbuto nziza zishobora kuba zipfuritse mu mutima w'umunyabyaha, ariko iyo Umwuka w'Imana ahumekewe mu bugingo bw'uwo muntu, izo zari zimuhishwemo zera imbuto nziza. Tugomba gukora umurimo twahawe gukora, ibisigaye bikaba iby'Imana."Isi ikiriho, ibiba n'isarura...ntibizashira. Itangiriro 8 :22. Twiringira isezerano rye ngo: "Ijambo ryanjye...ntirizagaruka ubusa, ahubwo rizasohoza ibyo nshaka, rizashobora gukora icyo naritumye. " Yesaya 55 :11. "Nubwo umuntu agenda arira, asohoye imbuto, azagaruka yishima, azanye imiba ye."Zaburi 123 :6.

### Ibanga Ry'Ubutungane

Nk'uko bigenda ku byaremwe, ni ko no mu buryo bw'ubuntu bigenda ; imbuto igomba gukura cyangwa se igapfa. Nk'uko gukura kwayo kutagaragarira amaso, ni ko n'imibereho y'umukristo imeze. Kuri buri ntambwe haba hari ikigero cy'ubutungane ; nyamara ntibibuza umuntu gukomeza gukura. Gutunganira Imana bikorwa mu mibereho y'umuntu yose. Imbuto ikuzwa n'ibintu Imana yashyizeho kugira ngo habeho ubugingo. Tugomba gushora imizi muri Kristo, kandi tukugururira Mwuka Muziranenge imitima yacu. Nidushikamisha ibitekerezo byacu kuri Kristo, azaza abane natwe ameze nk'imvura
[24] y'umugisha. Hoseya 6 :3. Kuko ari izuba ryo gukiranuka, Kristo azaturasira 'afite gukiza mu mababa ye' Malaki 4 :2. Niduhora twishingikirije kuri Kristo nk'Umukiza wacu bwite, nta kabuza tuzakurira muri we muri byose.

Ingano zibanza kuba"nk'utwatsi, maze hanyuma zikaba imigengararo, hagaheruka amahundo afite imbuto."Umugambi wo gutera imbuto ni ugushaka umusaruro wo kugaburira abashonji, no kuzigama imbuto z'igihe cy'ihinga rikurikiyeho. Bityo Kristo ashimishwa n'umusaruro, kuko abona ko ari ingororano ahawe kubw'igitambo cye... cyatumye ahabwa icyicaro mu mitima y'abantu. Umugambi w'umukristo ni ukwera imbuto ... maze ingeso za Kristo zikagaragara mu muntu umwizera , kugira ngo izo ngeso nziza azanduze abandi.

Imbuto ntiyerera kwikungahaza, ahubwo yerera guha umubibyi imbuto, n'ushaka kurya ikamuha umutsima. Yesaya 55 :10. Nuko rero umukristo amenye ko ari intumwa ya Kristo, kugira ngo aheshe abandi agakiza. Ubugingo bwikunda ntibubasha kwera imbuto. Niba wemera Kristo ko ari Umukiza wawe, ugcmba kureka inarijye ugafasha abandi. Uk'urushaho kumva ufite umutima w'ubwuzu wo gukunda, ni ko uzarushaho kwera imbuto. Uzagwirizwa kwizera, kandi uzarushaho gushikama. Uko ibihe bihita ni ko uzarushaho kugira imibereho isa n'iya Kristo.

"Imbuto z'umwuka ni urukundo, n'ibyishimo, n'amahoro, no kwihangana, no kugira neza, no kwirinda." Abagalatiya 5 :22,23. Imbuto imeze ityo yera izindi mbuto nyinshi kubw'ubugingo buhoraho.

"Imyaka iyo yeze , uwo mwanya nyirayo ayitemesha umuhoro, kuko igihe cyo gusarura kiba gisohoye." Mariko 4 :29. Kristo ahora akeneye ko tumugaragaza mu itorero abantu bakamumenya. Ingeso za Kristo nizimara kugaragarira mu mibereho y'abantu be, ni bwo azaza kujyana intore ze.

[25] Umukristo wese yifitiye amahirwe yo gutegereza no kwihutisha kugaruka kwa Kristo. 2Petero 3 :12. Iyaba abitiririrwa izina rye bose bamwereraga imbuto zimuhesha icyubahiro, isi yose yabibwamo imbuto z'ubutumwa bwiza. Bidatinze habaho umusaruro uheruka kandi ukomeye, maze Kristo akaza gukoranya imbuto ze z'igiciro cyinshi.

## Igice Cya 4 - Kuri Imana Yamerera Abantu Batahindutse Kuguma Mu Itorero? [26]

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Matayo 13:24-30, 37-43).

"Ubwami bwo mu ijuru bugeranywa n'umuntu wabibye imbuto nziza mu murima we :nuko abantu basinziriye, umwanzi araza, abiba urukungu mu masaka, arigendera. Nuko amasaka amaze kumera no kwera, urukungu narwo ruraboneka."

Kristo yavuze ko "Umurima," ari "iyi si." Ariko tugomba kumenya yuko uwo murima uvugwa ari itorero rya Kristo mu isi. Umugani werekeje ku bwami bw'Imana, kandi umurimo wayo w'agakiza usohorezwa mu itorero. Ni iby'ukuri, Mwuka Muziranenge abera hose icyarimwe afasha imitima y'abantu ; ariko mu itorero ni ho tugomba gukurira, tukera imbuto maze tugategereza gushyirwa mu kigega cy'Imana.

"Ubiba imbuto nziza ni Umwana w'Umuntu... imbuto nziza ni zo bana b'ubwmi, ariko urukungu ni abana b'umubi ; umwanzi warubibye ni Satani." Imbuto nziza zishushanya ababyawe n'ijambo ry'ukuri. Urukungu rushushanya icyiciro cy'abantu bari mu bibi. Ntabwo ari Imana cyangwa abamarayika babibye imbuto zera urukungu.

Mu burasirazuba, iyo abantu babibaga, abanzi bacaga ruhinganyuma bakabibamo imbuto mbi zijyagusa n'ingano ariko atari zo. Iyo zakuranaga n'ingano, zateraga nyir'umurima igihombo gikomeye. Urwangano Satani yanga Kristo ni rwo rutuma abiba imbuto mbi mu mbuto nziza z'ubwami. Imbuto ze iyo zimaze kumera zigaragara mu itorero ko ari iza Kristo nyamara zihakana imico ye. Umubi aba ashaka ko Imana isuzugurwa, kandi amaherezo n'abo bantu bakagera mu kaga.

Ibyo birakaza abagaragu ba Kristo. Bifuza gutunganya itorero maze bakarandura urukungu. Ariko Kristo arababuza ati "Oya, ahari nimurandura urukungu, murandurana n'amasaka. Mureke bikurane byombi bigeze igihe cyo gusarurwa." [27]

Abizirika ku cyaha cyo kwihandagaza bagomba guhezwa bakava mu itorero, nyamara Kristo azi kamare yacu neza n'uburyo twacira abandi imanza. Kenshi abo Kristo agaruza umurungaw'urukundo, twe tubaciraho iteka ryo kurimbuka. Twebwe duhawe uburenganzira twabacira urubanza rubi, maze bigatuma bazimiza ibyiringiro byabo. Hari abantu benshi bazaboneka mu ijuru nyamara abaturanyi babo baribwiraga ko bene abo batazinjirayo. Urukungu n'amasaka bigomba gukurana kugeza mu gihe cy'isarura, ubwo igihe cy'imbabazi kizaba kirangiye.

### Kuki Imana Itarimbuye Satani Kera Kose?

Mu magambo y'Umukiza dusangamo ikindi cyigisho. Urwiri rusobekeranya imizi yarwo n'iy'imyaka. Bityo bene Data b'abahakanyi haba ubwo usanga basobekeranye n'abigishwa b'ukuri; kuko abo babeshyi usanga ingeso zabo zitarakura. Baramutse bakuwe mu itorero, bashobora kugusha abandi bari kuzakomera hanyuma.

Igihe Satani yacumuraga ari mu ijuru, n'abamarayika bera ntibahise basobanukirwa n'ingeso ze. Iyo Imana iza guhita imurimbura, ntibazaga gusobanukirwa n'ubutabera n'urukundo by'Imana. Nuko rero se w'ikibi yarihanganiwe, kugira ngo ingeso ye ibanze ikure igaragarire bose.

Hashize imyaka myinshi Imana yihanganira kibi. Yatanze igitambo gihebuje cy'i [28]

Kaluvari, kugira ngo hato hatagira uriganywa n'ibinyoma by'uwo mubi. Urukungu ntirwarandurwa maze ngo habure imbuto nziza ziranduranwa na rwo.

Abakristo ntibagomba gucibwa intege na bene Data batari abanyakuri bari mu itorero. Ananiya na Safira bifatanije n'intumwa; Simoni umukonikoni yarabatijwe; Dema wasigiriye Pawulo yari umwe mu bizera; Yuda Iskariyota yabarwaga mu ntumwa za Yesu. Ibyo Umucunguzi yagerageje gukorera Yuda byerekana uburyo yihanganira ikiremwamuntu; kandi adusaba kwihanganirana nk'uko atwihanganira.

Kuko abantu batita ku miburo ya Yesu, bashaka kurandura urwiri. Kera abagerageje kunyuranya n'abandi mu mahame amwe n'amwe barafunzwe, bararenganijwe ndetse baricwa. Ariko tumenye yuko ibyo bikomoka kuri Satani, ntibikomoka kuri Yesu. Satani ni we ubishyonyagiza. Itorero ntiriba rikurikije gahunda y'Imana igihe rihannye rityo abigisha b'ibinyoma.

Imbuto zibibwa mu murima si ko zose ziba ari nziza. Iyo amasaka akiri mato usanga ibibabi byayo bisa n'iby'urukungu. Byose usanga ari icyatsi kibisi kandi bitoshye, ariko iyo byeze usanga bifite itandukaniro rikomeye. No mu bukristo usanga abantu bose basa; ibyo bitera benshi urujijo; ariko igihe isi izasarurwa, abifatanije n'itorero gusa ntibifatanye na Kristo bazamenyekana. Kwitwa umukristo nta cyo bivuze; ingeso ni zo zizasuzumwa.

Umukiza ntiyatumenyesheje igihe cy'isarura icyo ari cyo. Gusa yatubwiye ko mu gihe cy'isarura, urukungu ruzatwikwa naho ingano zigashyirwa mu kigega cy'Imana. ''Umwana w'umuntu azatuma abamarayika be, bateranye ibigusha byose n'inkozi z'ikibi, babijugunye mu muriro.

## Igice Cya 5 - Uburyo Imana Icisha Bugufi Abibone [29]

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Mariko 4 :26-29).

Abafarisayo n'abakobanyi bibazaga igituma abantu bemera ko Kristo ari Mesiya. Bibazaga uburyo byashoboka ko umwigisha udafite ubukungu kandi ntabe igikomangoma yategeka Israyeli yose. Kristo yashubirije ibitekerezo byabo aya magambo ati:"Ubwami bwo mu ijuru bugereranywa n'akabuto ka sinapi umuntu yafashe akakabiba mu murima we; ni akabuto gato hanyuma y'imbuto zose; nyamara iyo gakuze, kaba kanini kakaruta ibimera byose; kakaba igiti, maze inyoni zo mu kirere zikaza zikarika ibyari mu mashami yacyo."

Leta zo mu isi zitsindishirizwa n'imbaraga cyangwa intambara; ariko uwashyizeho ubwami bushya ni Igikomangoma cy'amahoro. Leta ye , nta gahato kayirangwamo. Abayuda bibwiraga ko ubwami bw'Imana bugomba kugenza nk'ubw'isi. Abayuda bashakiraga gukiranuka ku bigaragara inyuma gusa. Ariko Kristo we yazanye itegeko rishya. Ukuri no gukiranuka ni byo yakoresheje atsembaho amafuti n'icyaha.

Igihe Yesu yacaga uwo mugani, igiti cya sinapi cyagaragaraga aho mu cyanya bacyitegeye. Babonaga koko ari inganzamarumbo gisumba ibindi biti n'ibimera bindi. Inyoni zaririmbiraga mu bibabi byacyo. Nyamara akabuto k'icyo giti ni gato cyane hanyuma y'imbuto zose.

Ni ko n'ubwami bwa Kristo bwari bumeze bugitangira, bwasaga n'ubutazwi. Kristo Umwami wabwo yarasuzuguwe. Nyamara yari azanye ubwami bw'ubugingo buhoraho. Igihe Yesu yacaga uyu mugani yari afite abayoboke bake cyane na bo b'abaturage b'i Galilaya. Ubukene bwabo n'ubuke bwabo byatumye bamwe babigira urwitwazo rwo
kudakurikira abo barobyi bayobotse Yesu. Ariko"akabuto ka sinapi" kagombaga gukura, [30]
amashami yako agakwira hejuru y'isi yose. Igihe ingoma zo ku isi zizashiraho, iya Kristo yo izahoraho.

Ni uko bigenda, n'umurimo w'ubuntu utangirira mu mutima ari muto. Niruto niruto ijambo rivuzwe, cyangwa se umucyo w'ijambo ry'Imana bigacengera mu mutima; ni nde wamenya ingaruka yaryo?

Mubihe bitari bimwe Imana yakomeje kumenyesha abantu ubutumwa buhwanye n'igihe bagezemo. Ukuri kwahishwe abanyabwenge bo mu isi, kumenyeshwa abicisha bugufi. Iyo umurimo ugitangira urwanywa na benshi, ukinjirwamo na bake. Ab'isi barabasuzugura bakabakerensa. Ibuka igitekerezo cya Yohana Mubatiza ahagaze wenyine acyaha kwirata kw'ishyanga ry'Abayuda.

Ibuka uburyo umurimo w'ababoshyi b'amahema babiri, Pawulo na Sila wakerenshejwe ubwo bashakaga kwambukira mu bwato bava i Tiroa bajya i Filipi kuvuga ubutumwa mu Burayi. Reba "Pawulo umusaza" (Filemoni 9,) ari mu minyururu afungiwe mu bihome byo kwa Kayisari. Reba imbata n'abakene baremerewe n'agahato k'ubutegetsi bw'Abaroma. Reba Luteri ari mu ruhando n'itorero ry'ikigogoro ku isi ryizera ko rifite ukuri n'ubwenge, ariko agahangara kuvuga ati,"Dore mpagaze hano; nta cyo mbasha guhindura. Mana nyifashiriza." Reba Wesili (Wesley) abwiriza gukiranuka kwa Kristo mu gihe itorero ryahakanaga Imana, n'abantu ari abakristo ku izina kandi bakunda ibinezeza by'isi.

Abayobozi bakomeye muri iki gihe bashimira cyane ababibye imbuto z'ukuri mu myaka amagana ishize. Nyamara se muri iki gihe ntihariho benshi badindiza uko kuri bakanga ko gukura ngo gusagambe! Nk'uko byari biri mu bihe bya kera, ubutumwa bw'ukuri bukwiranye n'iki gihe tugezemo ntibuboneka mu nzego nkuru z'idini, ahubwo bwamamazwa n'abagabo n'abagore baciye bugufi; batize cyane ariko bakaba bizera
[31] ijambo ry'Imana. "Ahubwo Imana yatoranije abaswa bo mu isi ngo ikoze isoni abanyabwenge: kandi yatoranije ibinyantegenke byo mu isi, ngo ikoze isoni ibikomeye, kugira ngo kwizera kwanyu kudahagararira ku bwenge bw'abantu, ahubwo mu mbaraga z'Imana. " 1 Abakor. 1:27; 2:5.

Muri iki gihe giheruka akabuto ka sinapi kazakura kabe igiti. Ubutumwa buheruka bw'imbabazi bugomba kubwirwa abantu bo mu mahanga yose, n'imiryango yose, n'indimi zose n'amoko yose, " "kubatoranyamo ubwoko bwo kubaha izina ry'Imana. " "Isi izamurikirwa n'ubwiza bwayo. " Ibyah. 14:6; Ibyakozwe 15:14; Ibyah. 18:1.

## Igice Cya 6 - Ibyo Twigira Ku Mubibyi [32]

Imana ni yo yaremye imbuto kuko ari yo yaremye isi, ikoresheje ijambo ryayo. Imana yaravuze iti “ubutaka bumeze ubwatsi, n’ibimera byose byerere imbuto ku butaka zirimo utubuto twabyo. ” Itang. 1:11. Iryo jambo ry’Imana ni ryo rituma imbuto zikura na bugingo n’ubu. Imbuto yose itoshye ku bw’umucyo w’izuba, yerekana imbaraga z’iryo jambo “kuko yavuze bikaba. ” Zaburi 33:9.

Kristo yatunze urutoki ku burabyo maze avuga amagambo yo kutwiringiza ati “Ariko ubwo Imana yambika ubwatsi bwo mu gasozi ityo, ... ntizarushaho kubambika? ” Zaburi 33:9. Kristo akora uko ashoboye kugira ngo asohoze iryo sezerano. Imbaraga itagaragara ihirimbanira kugaburira umuntu no kumwambika nk’aho iyo mbaraga ari umugaragu we. Umukiza wacu akora ibishoboka byose kugira ngo agwize umusaruro. Dore ibimuvugwaho: “Ugenderera isi, ukayivubira, Uyitungisha cyane;... worohesha ubutaka ibitonyanga; uha umugisha imbuto bumeza. ” Zaburi 65:9,10.

Iyi si tureba iyoborwa n’Imana. Ibicu n’izuba, ikime n’imvura, umuyaga n’umugaru, byose byumvira itegeko ryayo. N’imbuto ziri mu butaka zumvira itegeko zigaturika zikamera, “hakabanza umumero, hanyuma zikaba imigengararo, hagaheruka amahundo afite imbuto. ” Mariko 4:28. Igituma ibyo byose bikura neza ni uko bitarwanya imirimo y’Imana. Nonese umuntu waremwe ku ishusho y’Imana, abe ari we wenyine ukomeza kwigira kagarara mu isi yacu ayijijisha no kuyibuza amahoro?

Imbaraga z’Imana zigaragarira mu bintu byose bifitiye umuntu akamaro. Imana idatanze izuba n’imvura, ikime n’ibicu, nta musaruro waboneka. Bityo ni nako bigenda [33] mu by’iyobokamana no mu byo kurema ingeso nziza mu muntu, no mu mirimo yose y’ubukristo. Ni koko tubifitemo uruhare, ariko imbaraga y’Imana igomba gufatanya natwe, kuko bitabaye bityo twe nta cyo twakwimarira.

Ikintu cyose umuntu ageraho cyaba icyerekeranye n’iyobokamana cyangwa se iby’ubu bugingo, byose abigeraho kubw’ubushake bw’Umuremyi we. Uwakwibwira ko yabyishoboza yaba yiringira imbaraga ze kuruta uko yiringira iz’Imana. “Kuko twembi Imana ariyo dukorera. ” 1 Abakor. 3:9. Iyo umuntu yifatanije n’imbaraga y’ubumana ya Kristo, abashishwa byose n’imbaraga ahawe na Kristo.

### Abana Bashobora Gusobanukirwa N’Uko Kuri

Abana n’abasore nibamara gusobanukirwa uko imbaraga y’Imana ikorera mu byaremwe, bazarushaho kwizera imbaraga zayo zifite akamaro n’ubwo zitagaragara. Uko bazarushaho gusobanukirwa n’uburyo Imana yita ku muryango wayo munini ikawukuyakuya, bazahagurukira gufatanya na yo kandi bayizere.

Mu burere bw’umwana habanza imibereho twageranya n’umumero, maze hakaba imigengararo, hagaheruka amahundo afite imbuto. “Mariko 4:28. Ukuri uyu mugani wigisha kwagara-garijwe mu mibereho ya Kristo. Nubwo yari umutware w’ijuru, yemeye guhinduka uruhinja rw’intege nke ari iBetelehemu. Mu mabyiruka ye yari afite ubwenge nk’ubw’abandi bana, ntiyari afite ibitekerezo nk’iby’umugabo kandi yubahaga nk’uko abandi bana bubaha. Ariko mu ntambwe yose y’amabyiruka ye yabaye intungane, agira imibereho yoroheje, yuzuye ubuntu burangwa n’imibereho itagira icyaha. “Yesu akomeza kugwiza ubwenge, abyiruka ashimwa n’Imana n’abantu. ” Luka 2:52.

[34] Muri buri kigero cy'ubuzima, abasore bagaragaza ibyiza by'igihe cyabo, bakura nk'uko ibiti n'ibyatsi bimera bihindagura amabara yabyo. Abana badata umuco ahubwo bakawukurana usanga bashimishije. Icyakora byaba ari ubupfapfa kurata ishusho, amagambo cyangwa ibikorwa byabo. Kandi ntibagomba kwambara imyenda y'igiciro kugira ngo biyerekane. Ibyo bikurura ubwirasi n'igomwa.

Abana bato bakwiriye kwigishwa kunyurwa n'ibyiza bikwiranye n'ikigero bagezemo. Amabyiruka ameze nk'ibibabi by'igiti kikiri gito. Bene icyo giti kiba gifite ubwiza cyihariye. Si byiza guhatira abana kwifata nk'abantu bakuru; ahubwo mubareke bakomeze itoto ry'ubuto bwabo uko bishobotse kose, bakurira mu buntu nk'uko imyaka yabo iri.

Abana bato bashobora kuba abakristo beza bakamenya ibintu bihwanye n'ikigero bagezemo, kuko ibyo ari byo Imana ibashakaho. Mureke abana biharike uturima twabo maze batubibemo imbuto. Umubyeyi cyangwa umwigisha abonereho kugereranya ako karima k'umwana n'umurima w'umutima uteguriwe guterwamo imbuto. Igihe bazashyira imbuto mu butaka bazigisha abana iby'urupfu rwa Kristo wapfuye agahambwa; maze imigondoro nihinguka, basobanurire abana iby'umuzuko.

Byari bikwiriye ko ishuri ryose rigira umutima, isambu twagereranya n'icyumba cy'ishuri Imana yigishirizamo Ibyaremwe bimeze nk'igitabo Imana yigishirizamo abana bayo kugira ngo bagire ubwenge n'umuco mu mibereho yabo. Nta watekereza ko abasha gusarura mu murima utahinzwe. Ni ngombwa ko umuntu akora yihanganye maze agatunganya ahakwiye guterwa imbuto. Bitabaye ibyo ntiyakweza. Ni ko bigenda no mu butaka bw'umutima: Umwuka w'Imana agomba kuwukoreramo akawuha umuco mwiza mbere yuko wera imbuto zihesha Imana icyubahiro.

[35] Ubutaka bugomba kwitabwaho buri gihe, bugomba guhingwa neza, bukabagarwa kenshi kugira ngo bukurwemo urwiri runiga imyaka rukayicura ibiyitunga. Uhinga wese aba afite ibyiringiro byo kuzasarura. Imana ihundaza imigisha yayo ku bahinzi, kuko mu buhinzi bwabo bagereranya ibyerekeye iyobokamana n'ibyaremwe. Guhinga ubutaka ni nko kwigisha umuntu.

Utuma imbuto zimera, akaziha igikuriro cya kumanywa na n'ijoro, ni we Rugira rugize byose. Umwami w'ijuru n'isi, kandi ni we wita ku bana be mu buryo bwose. Nk'uko umubibyi ahirimbanira guhinga imbuto kugira ngo abone ibimutunga muri ubu bugingo, ni ko n'Umubibyi Nyiribihebyose abiba mu mutima imbuto zihesha umuntu ubugingo buhoraho.

Nta wugira icyo ageraho atabanje gutangira. Umusaruro ugirana isano n'icyabibwe. Umusaruro werekana umuhinzi w'umunebwe. Twese tugomba kubiba imbuto z'ubugwaneza, impuhwe, n'urukundo; kuko tuzasarura ibyo twabibye. Inarijye, kwikunda, n'umururumba byera umusaruro usa na byo.

Nta muntu Imana irimbura. Urimbuka wese aba yarimbuye ubwe. Uwirengagiza amabwirizwa, aba yibibyemo imbuto zo gushidikanya, nazo zikazamuha umusaruro uhwanye n'icyo yashatse. Igihe Imana yacyahaga Tarawo bwa mbere yarinangiye, maze asarura umutima unangiye. Imana ntiyigeze imuhatira kutizera. Imbuto yo kutizera yabibye ni yo yasaruye, kugeza ubwo yarebye asanga igihugu cye kibaye umwirare, maze agira agahinda abonye intumbi y'umwana we w'imfura n'iz'imfura zose zo mu bwami bwe. (Reba Kuva 5:1-5; 7:14, 22; 12:29,30). Igitekerezo cye ni ubusobanuro buteye ubwoba bw'ukuri kw'aya magambo ngo "Ibyo umuntu abiba, ni byo azasarura. " Abagalatiya 6:7.

Buri gikorwa, na buri jambo ni imbuto yera izindi mbuto. Igikorwa cyose cy'ubugwaneza no kwibabaza, kibera benshi urugero rwiza, kandi kigafasha benshi.
[36] Ariko igikorwa cy'igomwa, uburiganya cyangwa se kurema ibice mu Bantu ni imbuto ifite

"imizi isharira." Abaheburayo 12:15. Kubiba ibyiza cyangwa ibibi byomatana n'ubugingo bw'umuntu iteka ryose.

**Kubiba Imbuto Bitwigisha Kugira Ubuntu**

Uwiteka aravuga ati, "Murahirwa mwa babiba mu nkuka n'amazi yose mwe. " Yesaya 32:20. Nidutanga dufasha umurimo w'Imana cyangwa se dufasha abakene, ntabwo bizadukenesha. Umubibyi yongera imbuto ari uko abanje kuzishibura maze agategereza umusaruro wazo. Imana yasezeranye ko abatanga impano zabo bakiranuka izabagwiriza imigisha kugira ngo bakomeze gutanga. "Mutange, namwe muzahabwa; urugero rwiza rutsindagiye, rucugushije, rusesekaye, ni rwo muzagererwamo." Luka 6:38.

Iyo turekuye maze tugatanga kuri iyi migisha y'igihe gito twahawe, ubuhamya bw'urukundo rwacu butuma abo duhaye bashima Imana. Ubutaka bw'umutima buba butunganirijwe kwakira ubutumwa bwiza, maze bukera imbuto z'ubugingo buhoraho.

Nk'uko tubiba imbuto mu butaka, ni ko n'igitambo cya Kristo cyagenjwe ku bwo gucungurwa kwacu. "Iyo akabuto k'ishaka kataguye hasi ngo gapfe, kagumaho konyine, ariko iyo gapfuye, kera imbuto nyinshi." Yohana 12:24.

Urupfu rwa Kristo ruzagira ingaruka y'imbuto z'ubwami bw'Imana. Urupfu rwe ruzagira ingaruka y'ubugingo buhoraho.

Abakorana na Kristo bagomba kugwa mu butaka bagapfa nka ka kabuto. Kwikunda no kwiyemera bigomba kurimbuka rwose. Ariko itegeko ryo kwitanga ni ryo tegeko ryo kwizigama no kwizigamira.

[37]

## Igice Cya 7 - Imbaraga Itangaje Y'ubutumwa Bwa Kristo

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Matayo 13:33; Luka 13:20,21).

Igiterane Yesu yigishirije ku nyanja cyarimo abantu b'inzego zose. Harimo abakire n'abakene, injiji n'indushyi zisabiriza, ibisambo, n'abakomeye n'aboroheje. Abari bari aho bajijutse bakomeje kwibaza bati, koko ubwami bw'Imana bugizwe n'abantu bameze batya? Umukiza yashubirishije ibitekerezo byabo uyu mugani ati, "Ubwami bwo mu ijuru bugereranywa n'umusemburo umugore yafashe, akawuhisha mu myariko itatu y'ifu, kugeza aho yasemburiwe yose."

Mu Bayuda igitubura cyari ikimenyetso cy'icyaha. Pawulo yavuze iby'umusemburo w'igorwa n'ibibi. "1 Abakor. 5:8. Ariko mu mugani w'Umukiza wacu. igitubura gishushanya imbaraga y'ubuntu bw'Imana ihindura umutima w'umunyabyaha. Nta wakoze icyaha kugeza aho iyo mbaraga y'ubuntu itabasha kugira icyo imumarira. Abiyegurira Mwuka Muziranenge bose, imbaraga nshya izabakoreramo; maze ishusho y'Imana igarurwe mu muntu.

Umuntu ntafite iyo mbaraga yo kwihindura intungane. Umusemburo ugomba gushyirwa mu byo kurya biwugenewe. Nubwo waha umwana uburezi bwose bw'isi, aramutse ari umunyabyaha nta cyo bwamumarira cyamuhindura umwana w'ijuru. Guhinduka kose guturuka ku Mwuka w'Imana.

Nk'uko igitubura gikorera imbere mu mugati umuntu atakireba, ni ko n'ubuntu bw'Imana bukorera mu mutima bugahindura imibereho yose. Benshi bajya bagerageza
[38] guhundira ingeso iyi n'iyi ariko bikabananira, kuko atari ko bigenda; baba baciye inzira itari yo. Kwizera no kumenya ukuri ni ibintu bibiri bihabanye cyane. Kumenya ukuri cyane ntibihagije; umutima ugomba guhinduka ukabonera. Umuntu ugerageza gukomeza amategeko y'Imana kubera ko asabwa kuyakomeza, uwo ntaba yumvira by'ukuri. Iyo iby'Imana ishaka bibereye umuntu umutwaro, imibereho ye ntiba ari iya gikristo. Kumvira by'ukuri biboneka ku rukundo rurimo gukiranuka. Ishingiro ryo gukiranuka ni ukumvira Umucunguzi wacu. Ibyo bizadufasha dukore icyiza kuko ari cyiza, kuko gukora icyiza ari ugushimira Imana.

Guhinduka k'ukuri guturuka ku mbaraga ya Mwuka Muziranenge nk'uko Kristo yabisobanuriye Nikodemu ati, "umuntu utabyawe ubwa kabiri, ntabasha kubona ubwami bw'Imana... Ikibyarwa n'umubiri na cyo'ni umubiri; n'ikibyarwa na Mwuka na cyo ni umwuka... Umuyaga uhuha aho ushaka, ukumva guhuha kwawo, ariko ntumenya aho uva cyangwa aho ujya. Ni ko uwabyawe na Mwuka wese amera. " Yohana 3:3-8. "Mwakijijwe n'ubuntu kubwo kwizera; ntibyavuye kuri mwe, ahubwo ni impano y'Imana." Abefeso 2:8.

Igitubura kiri mu ifu gikora mu buryo umuntu atareba; ni ko n'igitubura cy'ijambo ry'ukuri gikora mw'ibanga, bucece, kandi buhoro buhoro kugeza ubwo imibereho ihinduka rwose. Imirimo ya kamere itsembwaho, maze ibitekerezo bishya, n'imigambi mishya bigataha mu muntu. Atangira kugira inyifato nshya n'imibereho nk'iya Kristo. Ibitekerezo birahinduka, agaca mu kuri kandi akagira amahoro yo mu mutima.

**Ikibazo Gikunda Kuvuka**

Kuki hari benshi bavuga ko bizera ijambo ry'Imana, ariko ingeso zabo ntizihinduke nziza? Usanga bagifite inarijye, bakirakazwa n'ubusa, bihutira kuvuga menshi, birata, mbese ugasanga basa n'abatigeze bamenya ukuri. Impamvu iragaragara ni uko batihannye ngo bahinduke. Ntibigeze bashyira igitubura mu mitima yabo kugira ngo gikore [39]
umurimo wacyo. Imibereho yabo yerekana ko batigeze imbaraga ya Kristo ishobora guhindura ingeso. "Dore, kwizera guheshwa no kumva, no kumva kukazanwa n'ijambo rya Kristo." Abaroma 10:17. Ibyanditswe Byera ni igikoresho gikomeye mu guhindura ingeso. Iyo ijambo ry'Imana ryizwe neza kandi rigakurikizwa, rikorera mu bitekerezo by'umuntu rikamuvanamo ibishakwe byo gukiranirwa. Mwuka Muziranenge amwemeza icyaha, maze mu mutima we hagashibuka kwizera gukorera mu rukundo rwa Kristo, kuko ari rwo rutuma dusa na we. Noneho Imana ikabona kwemera kudukoresha. Iyo imbaraga idukoreramo imaze kuba nyinshi, ituma duhaguruka tukamenyesha n'abandi ukuri twamenye.

Ntitugakabye kwera kw'ijambo ry'Imana ngo tuvuga ko ari nta handi ryakwigishirizwa hatari ku ruhimbi. Rigomba kugezwa ku bantu aho baba bari hose. Icyo gitubura kizakora buhoro buhoro maze akamaro kacyo kagaragare hanyuma.

Abantu bikunda bagakunda n'amafaranga babaho imibereho yo gushaka ubutunzi no kwinezeza gusa. Ariko umuyoboke wa Kristo we ntakwiriye kurangazwa n'ibyo. Agomba kwanga inarijye, kugira ngo ashobore kwitangira umurimo wo gukiza imitima. Gukunda Kristo bimurutira byose, maze akifuza Kristo kuruta uko yifuza ibinezeza byose byo mu isi.

Igitubura cyiza ntikivamo kwigomeka, kwiyemera no kwishyira imbere. Urukundo rukomoka mu ijuru ntirwikunda kandi ntiruhindagurika. Ntirwihimbaza. Ufite ubuntu bw'Imana ntakundira abandi ko bamusingiza, ahubwo abakundira ko Kristo yabatanzeho byinshi. Nubwo imigambi ye, amagambo ye, cyangwa se ibikorwa bye byakwakirwa nabi, ariyumanganya agahora. Yicisha bugufi, agahora yiringira imbabazi n'urukundo rw'Imana gusa.

Ubuntu bwa Kristo bumumaramo ubukana kandi bugahindura ijwi rye. Guhinduka [40]
kwe kugaragarira mu magambo meza y'ikinyabupfura avuga akomeza bagenzi be. Imibereho ye igira impumuro nziza.

Iyo Kristo ari mu mutima agaragara mu maso y'abamukunda bakomeza amategeko ye. Ukuri kubagaragaramo nk'inyandiko; maze impumuro nziza yo mu ijuru ikabatamaho. Bahinduka abagwaneza nyabo, kandi bakagira urukundo rurenze urwa kimuntu.

Igitubura cy'ukuri kw'ijambo ry'Imana gitunganya ibikocamye, umunyabugugu agahinduka umunyabuntu. Gihumanura ibihumanye. Uwari ufite kamere ya kimuntu akagira kamere ivuye ku Mana. Kuva ubwo umuntu agatangira kubahira Imana mu ngeso ze. Iyo habayeho guhinduka kumeze gutyo, abamarayika baranezerwa bagatera indirimbo z'ibyishimo, kandi Imana igashimishwa n'imitima ikora ibyo gukiranuka.

[41] ## Igice Cya 8 - Umunezero Wo Kubona Ubutunzi Buhishwe

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Matayo 13:44).

"Ubwami bwo mu ijuru bugeranywa n'izahabu zahishwe mu murima, umuntu azibonye arazitwikira, aragenda, umunezero umutera kugurisha ibyo yari atunze byose, ngo abone kugura uwo murima. "

Mu bihe bya kera abantu bakundaga gukoresha umuco wo guhisha ubutunzi bwabo mu butaka. Ariko kenshi bibagirwaga aho babuhishe, maze urupfu, igifungo, cyangwa se ubuhunzi bigatuma nyirabwo abusiga, maze ubwo butunzi bukazahishurwa na nyiramahirwe. Mu gihe cya Yesu ntibyari igitangaza kumva ko ubutunzi nk'ibiceri, izahabu n'ifeza byahishuwe mu butaka bitewe n'uburangare bwa nyirabyo.

Umuntu yatishije umurima, maze igihe yahingaga akubise isuka abona ubutunzi bwahishwe. Uwo muntu yahise amenya ko amahirwe amutahiye. Nuko asubiza iyo zahabu aho yari ihishe, maze asubira imuhira agurisha ibyo yari afite byose kugira ngo agure uwo murima. Ab'umuryango we n'abaturanyi bibwiye ko yasaze. Ariko we yari azi icyo akora. Yari yiteguye guhara ibyo yari afite byose ariko akibonera ubwo butunzi bwahishwe. Bityo n'ubonye ubutunzi bwo mu ijuru ahara byose kugira ngo yironkere ubwo butunzi bw'ukuri. Umurima ushushanya Ibyanditswe Byera, ubutumwa bwiza ni ubwo butunzi. Isi ubwayo ntifite ubutunzi buruta ubw'ijambo ry'Imana.

### Mbese Imana Ihisha Ubutunzi Bw'Ukuri?

Abiyumvamo ko ari abanyabwenge ntibabona ubwiza n'imbaraga by'inama y'agakiza. Bafite amaso, ariko ntibareba; bafite amatwi, ariko ntibumva; bafite ubwenge, ariko ntibabona aho ubutunzi buhishwe.

[42] Umuntu ashobora kugenda hejuru y'ubutaka bwahishwemo ubutunzi atabizi. Ashobora kwicara munsi y'igiti atazi yuko mu mizi yacyo hahishwemo ubutunzi. No ku Bayuda ni ko byari bimeze. Bahawe ukuri kumeze nk'izahabu. Ukuri kw'inama yo gucungurwa kwabagejejweho muri gahunda y'ibitambo n'ibimenyetso, nyamara Kristo aje, Abayuda ntibamenya ko ibyo byose ari we byashushanyaga. Imigenzo yabo y'uruhererekane rw'ibisekuruza byabo n'imyizerere yabo, byatumye batamenya ukuri. Inzu y'ubutunzi bw'ubwenge bwose yari ibakinguriwe, ariko ntibabimenya.

Imana ntihisha ukuri kwayo. Abantu ni bo birindagiza ntibababubone. Kristo yahaye Abayuda ubuhamya bwinshi bw'uko yari Mesiya; ariko babonye ko nibamwemera bizaba ngombwa ko bareka imigenzo yabo bakundaga bakareka no kwihugiraho kwabo, n'ibyo bari bararikiye bidashimwa n'Imana. Bavugaga ko bizera Isezerano rya Kera ariko bakanga kwemera ubuhamya buririmo bwerekeje kuri Kristo. Bari bafite ubutunzi bw'ubutumwa bwiza, ariko banga kwakira impano ihebuje ijuru ryabahaye. "Nyamara mu batware nabo benshi baramwizeye: ariko ku bwo gutinya Abafarisayo ntibabyerura, ngo badacibwa mu isinagogi." Yohana 12:42. Bizeraga ko Yesu ari Umwana w'Imana, ariko bashakaga twombi; ubutunzi bw'isi, n'ubutunzi bw'ijuru.

Muri iki gihe ibitekerezo by'abantu byuzuye kwikunda, no guhugirana. Kugira ngo bagere ku butunzi bw'isi n'ubutegetsi bararikiye, bituma bahitamo imigenzo y'abantu kuruta gukora iby'Imana ishaka. Abameze batyo bahishwe ubutunzi bw'Imana.

"Ariko niba ubutumwa bwiza twahawe butwikiriwe, butwikiriwe abarimbuka, nibo batizera, ab'Imana y'iki gihe yahumiye imitima kugira ngo umucyo w'ubutumwa bw'ubwiza bwa Kristo ari we shusho y'Imana utabatambikira." 2Abakor. 4: 3,4. Umukiza wacu yabonye ko abantu banambuka ku byabahesha ubugingo buhoraho, maze yifuza kuba- [43]
garura mu nzira ati, "Umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byo mu isi, aramutse yatswe ubugingo bwe? " Matayo 16:26. Yamenyesheje abacumuye ko hariho isi iruta iyi ngiyi kuba nziza. Maze asa n'ujyanye ibitekerezo byabo abereka ubutunzi budashira.

## Ubukire bw'isi Ntibugira Amahuriro NUbwo Butunzi

Igiciro cy'ubwo butunzi kiruta ifeza n'izahabu. "Ntibuboneshwa izahabu; kandi nta feza igererwa kuba ikiguzi cyabwo... Fezaruka n'ibirahuri ntibizavugwa; ni ukuri igiciro cy'ubwenge kiruta marijani. " Yobu 28:15,18.

Ubwo ni bwo butunzi buboneka mu Byanditswe, Ubumenyi bwose ushobora kubugeraho ushakashatse mu ijambo ry'Imana. Kandi ikiruta byose ni uko rifite ubuhanga bwo gukiza umuntu. Bibiliya ni isoko y'ubutunzi bwose bubonerwa muri Kristo.

Ku byaremwe hari inyigisho z'ukuri zitangaje. Nyamara umuntu wacumuye we afata ibyaremwe agashaka kubisumbisha Imana. Abantu banga ijambo ry'Imana nubwo wabaha inyigisho nzlma ntibazikunda. Birundurira mu nyigisho z'ibyaremwe ku buryo zikura ibitekerezo byabo ku Muremyi.

Benshi bareba ijambo ry'Imana, igitabo yigishirizamo, nk'aho kidashimishije. Ariko abamaze gutahura ubwo butunzi bw'ikirenga babiheshejwe na Mwuka Muziranenge, usanga biteguye kuba bagurisha ibyo bafite byose bakagura uwo murima ufite ubwo butunzi.

Satani atuma abantu bibwira ko hari ubwenge bundi umuntu ashobora kunguka butari ubukomoka ku Mana. Yatumye Adamu na Eva bashidikanya ijambo ry'Imana. Muri iki gihe abigisha bavanga inyigisho z'abanditsi bahakana Imana n'iz'uburezi zisanzwe, babiba imbuto mbi mu bitekerezo by'urubyiruko zibatera kutizera Imana no kwica amategeko yayo.

Umwigisha ashobora gukoresha imbaraga ze zose kugira ngo abone ubwenge, ariko [44]
ntibwamuhesha umugisha keretse amenye Imana kandi akubaha amategeko yayo amugenga; bitabaye bityo, yakwirimbura ubwe. Ingeso mbi zituma atanyurwa, kandi ntiyihangane. Mu byo atekereza no mu byo akora usanga ari icyigomeke. Umeze atyo nta munezero agira; kuko yanga kuba intungane, akirengagiza amategeko y'ubuzima, amaherezo ingeso ze zikamubuza amahoro. Aba yarapfushije ubusa imbaraga ze z'umubiri n'iz'ibitekerezo, kandi yarashenye n'urusengero rw'umubiri we. Aba yiteye kurimbuka muri ubu bugingo no mu bugingo buzaza. Kwirengagiza Bibiliya ye bituma abura ubutunzi buruta ubundi bwose bwo ku isi.

## Nimutyo Twishimire Ubwo Butunzi

Dukwiriye kwiga ijambo ry'Imana turyitayeho. Ni ubutunzi budashira. Ariko igituma bamwe bananirwa kububona ni uko badashakashaka kugeza ubwo babushyikira. Bashimishwa no kumenyesha abandi uko kuri, ariko bo ntibacukure ngo bironkere ku giti cyabo kuri ubwo butunzi buhishwe. Amagambo ya Kristo afite ubusobanuro bwimbitse nyamara bworoheye ababukeneye. Ibitekerezo by'abantu bashorewe na Mwuka Muziranenge bizahishura ubwo butunzi bwatabwe kure.

Abiyita abacurabwenge bavuga ko bagomba gukoresha ubusobanuro bwabo kugira ngo bumvikanishe Bibiliya neza. Bahirimbanira guhishura ubutunzi buyirimo bibwira ko ibyo byagabanya inyigisho z'ibinyoma zaduka mu itorero. Nyamara ubwo busobanuro bwarushijeho kuricengezamo inyigisho z'ibinyoma. Iby'abantu bagerageje basobanura byarushijeho kuba urujijo.

[45] Abatambyi n'Abafarisayo bibwiraga ko bari abigisha bakomeye, ku buryo bwatuma bongera ubusobanuro bwabo ku ijambo ry'Imana. Ariko Yesu yabacyashye agira ati, "Bansengera ubusa; kuko inyigisho bigisha ari amategeko y'abantu. " Mariko 7:7. Ntibakomezaga ijambo uko riri. Satani yari yarabahumye amaso kugira ngo batareba akamaro karyo. Hari akaga gakomeye gashobora guterwa n'abanyabwenge b'iki gihe basubira gukora nk'ibyo abigisha b'Abayuda bakoze. Basobanura ubuhanuzi bw'Imana nabi, maze abizera n'ababumva bakarushaho kujijwa no guhera mu irindagiza. Gusobanuza Ibyanditswe imigenzo y'abantu ni nko gutunga isitimu mu zuba. Ijambo ry'Imana ni umucyo wihagije, umucyo wundi kuri ryo umeze nk'urumuri runyenyeretsa umucyo muto.

Ariko hagomba kubaho uryigisha. Nta migisha yo mu isi iboneka umuntu atayishebekeye yihanganye. Niba abantu bihambira ku byabahesha inyungu bakabishobora bitewe n'uko bakora bizeye ko bazabigeraho, n'abashaka ubutunzi bwo kumenya ukuri bagomba gucukumbura cyane kugira ngo babugereho. Ni ngombwa kwiga ijambo ry'Imana ubikuye ku mutima kandi usenga nk'ushaka ubutunzi bwahishwe. Ushaka kubugeraho agomba kwitanga akabushaka ashishikaye.

Kutumvira byugariye amarembo maze bituma ubwenge bwinshi bwari mu Byanditswe butagerwaho. Gusobanukirwa ni ukumvira amategeko y'Imana. Abasobanukirwa n'Ibyanditswe ni abahirimbanira kubimenya bicishije bugufi kandi bagamije kubyumvira.

Mbese ujya wibaza icyo wakora kugira ngo ukizwe? Ibyo ugamije byose ujye ubiragiza Imana. Imenyereze kwiga ibyo Uwiteka akubwira. Niba ubona ko ibyo wizera bidahuje n'ibyo wigishwa, ntugasobanure ukuri mu buryo bubogamiye ku byo wizera; ahubwo wemere umucyo nk'uko uwuhawe.

[46] Kwizera Kristo bigomba kuba bivuye ku mutima wishimira impano y'ubutunzi bwo mu ijuru. Kwizera kumeze gutyo kugendana no kwihana ndetse no guhinduka mu ngeso. Kugira kwizera ni ukwemera ubutumwa bwiza hamwe n'amategeko abugenga. Kristo yatanze ubugingo bwe kugira ngo aduheshe ubwo butunzi butagira akagero; ariko hatabayeho guhindurwa n'amaraso ye kubwo kwizera, nta butunzi bwazaragwa abarimbuka.

Ibintu byiza birimbishije iyi si ntibigaragara keretse iyo izuba rirashe umucyo ugatamurura umwijima. Ubutunzi bw'ijambo ry'Imana ntibugaragara keretse iyo burasiweho n'umucyo wa Zuba ryo gukiranuka. Nuko rero ubwo twiga Ibyanditswe dusabe Imana kugira ngo umucyo wa Mwuka Muziranenge urasire kuri iryo Jambo, maze tubashe kuribona kandi dushimishwe n'ubutunzi buririmo.

### Ingororano Y'Akataraboneka Ku Babuhirimbanira

Ntihakagire uwibwira ko nta bumenyi agikeneye kunguka. Kuva kera twakomeje gushakira ubutare hejuru y'ubutaka duserura gusa, nyamara izahabu nziza y'igiciro itabye hasi mu butaka. Imitarimba ikomeye igomba gushitwa hasi mu kuzimu kugira ngo dushobore kugera ku butunzi bunejeje. Ku bwo kwizera nyakuri, ubwenge bw'umuntu bwunganirwa n'ubwo mu ijuru.

Nta washakashaka mu Byanditswe afite umwuka nk'uwa Kristo ngo abure kugororerwa. Iyaba abantu bumviraga, ijuru ryabakingurira ibyumba by'umugisha n'icyubahiro maze bakarushaho kuvumbura byinshi. Abantu batandukanywa n'uko bameze mu byo gusobanukirwa n'ubwiru bwo gucungurwa, uburyo Imana yigize umuntu, n'ibyerekeye igitambo cya Kristo; ariko baramutse batajijwe mu bitekerezo byabo. Byose byasobanuka neza kandi abantu bakabyishimira.

Kumenya Imana na Kristo bihindura umuntu bikamugaruramo ishusho y'Imana. [47] Bituma umuntu yigenga, kandi agategeka umubiri we neza awurinda irari ryose. Bimuhindura umwana w'Imana, kandi bikamwugururira imigisha yo mu isi n'iyo mu ijuru.

Ubwo bumenyi bubonerwa mu gushakashaka mu ijambo ry'Imana, ni ubutunzi bushobora guhabwa ubwifuza wese, wemera gutanga byose kugira ngo abubone. "Niba urizwa no gushaka ubwenge bwo guhitamo ... ukabushaka nk'ifeza; ukabugenzura nk'ugenzura ubutunzi buhishwe; ni bwo uzamenya kubaha Uwiteka icyo ari cyo." Imigani 2:3-5.

[48] ## Igice Cya 9 - Umugani W'ibuye Ry'igiciro Cyinshi

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Matayo 13:45, 46).

"Kandi ubwami bwo mu ijuru bugereranywa n'umutunzi washakaga amasaro y'akataraboneka (imaragarita): abonye rimwe ry'igiciro cyinshi, aragenda, agurisha ibyo yari atunze byose, ngo abone kurigura."

Kristo ubwe ni ibuye ry'igiciro cyinshi. Ubwiza n'icyubahiro cya Se bigaragarira muri We. Urupapuro rwose rwo mu Byanditswe Byera rumurikirwa n'umucyo umuturutseho. Gukiranuka kwa Kristo kumeze nk'ibuye ry'igiciro cyinshi kandi ridafite inenge. "Ni yo ibaha kuba muri Kristo Yesu, waduhindukiye ubwenge buva ku Mana, no gukiranuka, no kwezwa, no gucungurwa. lAbakor. 1:30. Ibishobora kunyura ubugingo byose bibonerwa muri We. Umucunguzi wacu iyo tumugereranije n'ibintu byose dusanga abiruta.

Umutunzi uvugwa muri uyu mugani ashushanya icyiciro cy'abantu bashaka kumenya ukuri. Mu mahanga atari amwe abantu bajijutse bararushaho gushakira mu bitabo, mu bumenyi bw'iby'isi ndetse no mu madini y'abapagani kugira ngo barebe ko babonamo ubutunzi bw'inkoramutima. Mu Bayuda harimo abari barambiwe gahunda y'idini ryabo rya Kiyahudi, maze bakumva bakeneye gukangurwa mu by'iyobokamana. Abigishwa ba Kristo bari bafite ibitekerezo nk'ibyo; naho Koluneriyo n'Umwetiyopiya w'inkone bari bameze nka bariya bavuzwe haruguru, bashakiraga ukuri mu bintu bitari bimwe. Bamaze guhishurirwa ibya Kristo, bamwakiriye batazuyaje kandi banezerewe.

Mu mugani ntihavugwa yuko iryo buye ry'igiciro cyinshi ryari impano; ahubwo umutunzi yarariguze, aritangaho ibyo yari atunze byose. Kristo ni impano, ariko ahabwa
[49] abamwiyegurira ntacyo bisigiye, kugira ngo batangire babeho imibereho yo kumvira ibyo ashaka byose. Ubushobozi dufite bwose tubukesha Uwiteka, kugira ngo bwerezwe kumukorera. Iyo twihaye Kristo rwose, nawe araza akaba muri twe, maze tukaba dushyikiriye ibuye ry'igiciro cyinshi.

Agakiza gatangirwa ubuntu; nyamara karagurwa kandi kakagurishwa. Mu isoko ry'aho ubuntu bw'Imana bwiganje, iryo buye ritangaje ntirigira igiciro kandi urishaka arihabwa nta mafaranga atanze. Ububiko bw'ayo mabuye y'ukuri kandi y'igiciro bwuguruwe abantu bose. "Dore nshyize imbere yawe urugi rukinguye, kandi nta wubasha kurukinga." Ibyahishuwe 3:8. Ijwi ryumvikanira imbere mu rurembo ngo, ngwino. Ijwi ry'Umukiza riraturarika riti, dore ndakugira inama: ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda, ubone uko uba umutunzi. Ibyahishuwe 3:18.

Umukene n'umukire bose bashobora kugura ako gakiza. Tugaheshwa n'uko twihaye Kristo nk'umutungo we yacunguye. Amashuri menshi si yo ageza umuntu ku Mana. Ntidushobora kugura agakiza ariko dushobora kugahirimbanira twihanganye kugeza ubwo ndetse twahara byose mu isi kubwa ko.

Tugomba gushaka iryo buye ry'igiciro cyinshi, ariko tudakoresheje inzira z'ab'isi. Ibiguzi dutanga si izahabu cyangwa ifeza. Imana ishaka ko twumvira tudahaswe. Igusaba kureka ibyaha byawe.

Bamwe bahora bahirimbanira guhabwa ibuye ry'igiciro cyinshi ryo mu ijuru. Nyamara banga kureka ingeso zabo mbi. Ntibapfa ku narijye. Bityo bagatakobwa iryo buye ry'igiciro. Ntibikorera umusaraba maze ngo bakurikire Kristo bigomwa byinshi kandi bitanga. Basa nk'abakristo, ariko atari abakristo bashyitse; basa n'abegereye ubwami

bwo mu ijuru, ariko ntibashobora kubwinjiramo. Gusa n'uwakijijwe kandi utarakijijwe ntibisa no kuzimira, ahubwo ni ukuzimira burundu.

### Uburyo Kristo Ari Umutunzi Akaba N'Ibuye Ry'igiciro [50]

Uyu mugani ntiwerekeje gusa ku bantu bashaka ubwami bw'Imana, ahubwo werekeje no kuri Kristo ushaka gusubirana umurage we wazimiye. Umutunzi wo mu ijuru yasanze ko abantu bazimiye bahwanye n'ibuye ry'igiciro. Yabonye ko bishoboka gucungura umuntu wahumanijwe n'icyaha, kandi agasenywa na cyo.

Imitima y'abo Umucunguzi yakirishije urukundo rwe, ifite agaciro gakomeye kuruta ako abatigeze gucumura. Imana ntitureba nk'abantu babi badafite agaciro; itureba muri Kristo kandi itubona dusa nk'uko tugomba kumera tumaze guhindurwa n'urukundo rw'Umucunguzi. Yasonzoranije ubutunzi bwose bw'isi n'ijuru ibugura ayo mabuye y'igiciro cyinshi. Reba Zaburi 9:16; Malakiya 3:17.

Kristo nk'ibuye ry'igiciro cyinshi cyane ni we rufatizo twese tugomba kubakaho. Igihe iryo buye ryari rikenewe n'abigishwa Kristo yasize, ni bwo barishakanye umutima wose, maze bohererezwa Mwuka Muziranenge kugira ngo abafashe. Kristo amaze gusubira mu ijuru, yicaye ku ntebe y'ubwami y'imbabazi. Ibyo byagaragajwe no gusukwa kwa Mwuka Muziranenge ku munsi wa Pentekoti. Abantu bari bararindagijwe n'abanzi ba Kristo, babonye akuzwa ngo abe "Igikomangoma n'Umukiza uhesha Abisirayeli kwihana no kubabarirwa ibyaha." Ibyakozwe 5:31. Basanze afite ubutunzi budashira bwo kugororera abava mu bugome bajya mu nzira yo gukiranuka. Abantu ibihumbi bitatu basanze barahumanijwe n'ibyaha, barahindukira basanga Kristo inshuti n'Umucunguzi wabo. Mwuka Muziranenge yigishije abo bizera barushaho kumenya imbaraga n'icyubahiro bya Kristo, kuva ubwo barambura ibiganza byabo nta cyo bikanga bati: "Turizeye."

Uhereye ubwo amakuru meza y'Umukiza wazutse akwira hose agera no ku mpera y'isi. Itorero ryungutse abihana benshi baturutse imihanda yose, bashaka ibuye ry'igiciro
cyinshi. Bari bahuje umugambi. Imirimo yabo yindi barayirengagije bahuriza kuri iyo [51]
nshingano imwe. Bari bahuje intego. Umugambi w'abizera bose wari uwo kwerekana ingeso za Kristo zari zibarimo, no kwamamaza ubwami bwe. "Nuko rero ubuntu bw'Imana bwinshi bukaba kuri bo bose; kandi uko bukeye Umwami Imana ikabongerera abakizwa. " Ibyakozwe 4:33; 2:47. Iteraniro ryose ryari ryabonye ibuye ry'igiciro cyinshi.

Ibyo bizongera kubaho, imbaraga nyinshi izasukwa. Uko gusukwa kwa Mwuka Muziranenge ku munsi wa Pentekoti yari imvura y'umuhindo, ariko imvura y'itumba yo izarushaho kuba nyinshi. Mwuka Muziranenge azongera guhishura Kristo amwerereze ku buryo busumbyeho. Abantu bazabona akamaro k'ibuye ry'igiciro cyinshi, maze bavuge nka Pawulo bati, "Ibyari indamu yanjye nabitekereje ko ari igihombo kubwa Kristo." Abafilipi 3:7.

[52] ## Igice Cya 10 - Umugani W'urushundura

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Matayo 13:47-50).

"Ubwami bwo mu ijuru bugereranywa n'urushundura bajugunye mu Nyanja, rufata ifi z'amoko yose. Rwuzuye bararukururira ku nkombe, baricara batoranyamo inziza, bazishyira mu bikoresho, imbi barazita. Uko niko bizaba ku mperuka y'isi: abamarayika bazasohoka, batoranye abanyabyaha mu bakiranutsi: niho bazaririra bakahahekenyera amenyo."

Kujugunya urushundura ni ukubwiriza ubutumwa. Ibyo biteraniriza mu itorero abeza n'ababi. Iyo umurimo w'ubutumwa urangiye, urubanza rurangiza umurimo wo gutoranya. Kristo yabonye mu gihe cyose hazaba hari benedata b'abanyabinyoma bazagayisha inzira y'ukuri. Ab'isi basebya ubutumwa kubera ayo matwara mabi y'abigisha b'inyoma. Ndetse bamwe mu bakristo bagushwa no kubona abitirirwa izina rya Kristo batayobowe n'Umwuka we.

Nuko rero kubera ko abo banyabyaha barekerwa mu itorero, bituma abantu bibwira yuko Imana yirengagiza ibyaha byabo. Ni yo mpamvu Kristo yatamuruyeho inyegamo y'ibyerekeye igihe kizaza avuga yuko mu rubanza Imana itazita ku cyubahiro cy'umuntu n'umwanya arimo, ahubwo ko izamucira urubanza ikurikije ingeso ze.

Imigani yombi uw'urukungu n'uw'urushundura yigisha yeruye ko nta gihe abanyabyaha bazagarukira Imana bose. Amasaka n'urukungu bizakomeza gukurana kugeza igihe cy'isarura. Ifi nziza n'imbi zishyirwa ku nkengero y'inyanja kugira ngo zirobanurwe ubuheruka.

Kandi iyi migani yombi yigisha yuko nta mbabazi zizongera kubaho nyuma
[53] y'urubanza. Igihe umurimo w'ubutumwa uzaba urangiye, hazakurikiraho kuvangura abeza mu babi, kandi ubwo ni bwo buri cyiciro kizashyirwa mu mwanya wacyo by'Iteka ryoze.

Imana ntiyifuza ko hagira n'umwe urimbuka. Yaravuze iti"Ndirahiye, sinezezwa no gupfa k'umunyabyaha; ahubwo nezezwa n'uko umunyabyaha ahindukira, akava mu nzira ye, maze akabaho: nimuhindukire, mugaruke muve mu nzira zanyu mbi! Kuki mwarinda gupfa, mwa nzu y'Isirayeli mwe? Ezekeli 33:11.

Muri iki gihe cy'imbabazi Umwuka w'Imana akomeje kwingingira abantu kwemera impano y'ubugingo. Abazarimbuka gusa ni abakomeza kuninira kwinginga kwe. Imana yakomeje kwamagana icyaha ishaka ko gitsembwaho burundu mu ijuru no mu isi. Abakomaza kwihambira ku cyaha bazarimbukana na cyo.

## Igice Cya 11 - Uburyo Twageza Abandi Ku Gakiza [54]

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Matayo 13:51, 52).

"Umwanditsi wese wigishijwe iby'ubwami bwo mu ijuru agereranywa na nyir'urugo utanga ibintu bishya n'ibya kera, abikuye mu bubiko bwe."

Mu mabwiriza yose ya Kristo abigishwa be bari bayafitemo ibyigisho bihariye. Amaze kubigishiriza mu mugani w'urushundura yaberetse inshingano abasigiye yo kugeza ku bandi ukuri bamenye. Nyir'urugo ntiyikubira inyungu ze, ahubwo azisaranganya n'abandi; kandi iyo azikoresheje arushaho kunguka. Ukuri yamenye akumenyesha ab'isi kandi na we akarushaho kujya mbere mu by'iyobokamana.

Abamaze kwakira ubutumwa bagira ishyushyu ryo kubwamamaza kuko urukundo rwa Kristo rugomba kumenyekana. Bazahamya ibyo bazi kandi babonye, na Mwuka Muziranenge azabayobora mu ntambwe zose. Bamarwa inzara n'inyota byo kumenya Imana ku bwo gushakashaka mu Byanditswe, kandi basenga bababaye kugeza ubwo bahumurizwa n'amagambo ya Kristo ngo "Ubabariwe ibyaha byawe. " Luka 7:48. Si ibintu bisanzwe guhishira ibyiza nk'ibyo. Uko barushaho kwamamaza ubutunzi bw'ubuntu bw'Imana, ni ko n'ubuntu bwa Kristo bazarushaho kubwongererwa kugira ngo nabo babwamamaze mu isi yose.

Ijambo ry'Imana ni inzu y'ububiko bw'ukuri. Ijambo ry'Imana, ibyaremwe, kimwe n'ibyabayeho mu mibereho y'umuntu bifataniriza hamwe kumwigisha. Imana ikoresha imiyoboro yitoranirije kumenyekanisha ubwenge bwayo ku muntu wese ubukeneye.

Umuyoboke wa Kristo niyizera ijambo ry'Imana by'ukuri, kandi akarikurikiza, nta bumenyi bw'iyi si dutuyemo buzamuyobera. Uko dukomeza kwitegereza ubwiza [55] bw'ibyaremwe, tukabona ibitangaza ku isi, mu Nyanja no mu kirere, ni ko turushaho gusobanukirwa n'ukuri. Iby'Imana ikorera abantu, ubwenge bwayo n'ubutabera bwayo turebesha amaso, ni ububiko bw'ubutunzi bw'Imana buyimenyekanisha.

### Insiriri Y'Ubutunzi Bw'Iyobokamana

Ijambo Imana yandikishije abahanuzi bayo ni ryo yimenyesherejemo umuntu wacumuye. Iyo ni inzu y'ububiko butangaje bwa Kristo. Kristo atubwira ko Isezerano rya kera rifite agaciro nk'Isezerano rishya. Nk'uko Kristo ari umucunguzi wacu ubu ni ko yari n'umucunguzi w'abantu babayeho kuva isi ikiremwa. Mbere y'uko ubumana bwe abwambika kamere muntu maze akaza muri iyi si, ubutumwa bwe yabanje kubuhererekanya ahereye kuri: Adamu, Seti, Enoki, Metusela, Nowa, Aburahamu na Loti. Ibisekuruza byakomeje guhererekanya neza ubutumwa bw'uzaza. Kristo ubwe ni we washyizeho gahunda y'ubutunzi bw'Abayuda ari bwo Ibyanditswe. " Gahunda zabo zose z'idini ni we zashushanyaga. Amaraso yavushwaga uko batambye ibitambo yatungaga urutoke ku Mwana w'intama w'Imana.

Kristo yamamajwe n'abakurambere, ashushanywa muri gahunda y'ibitambo, yerekanirwa mu mategeko y'Imana, tumuhishurirwa n'abahanuzi. Ibyo bikubiye hamwe ni bwo butunzi buvugwa bwo mu Isezerano rya Kera. Imibereho ya Kristo ku isi, urupfu rwe, kuzuka kwe, no kumenyekanishwa na Mwuka Muziranenge, ni byo twita ubutunzi bwo mu Isezerano Rishya.

Umukiza wacu yerekanye ubwiza bwa se mu Isezerano rya Kera n'Irishya. Nk'uko abahanuzi babivuze kera, intumwa za Yesu zakwiriye hose maze zamamaza iby'imibereho ya Kristo, urupfu rwe, ndetse n'umurimo we w'ubuhuza. Kandi kugira ngo umuntu yamamaze Kristo neza, agomba kuvuga iby'imibereho ye ku isi, atibagiwe iby'abahanuzi bamuvuzeho n'uko yashushanywaga na gahunda yo gutamba ibitambo.

[56] Iyo Kristo yasobanuraga ubutumwa bwa kera, yabushyiragamo umucyo mushya. Ubusobanuro bwe bwanyuraga abantu bagasobanukirwa neza n'ibyerekeye iyobokamana. Kandi yasize asezeraniye abigishwa be yuko Mwuka Muziranenge azarushaho kubasobanurira. Ibyo byabereyeho kugira ngo bamamaze ijambo ry'Imana mu buryo bushya kandi busukuye.

Igihe cyose kigira ubutumwa buhwanye n'ukuri gukenewe muri cyo. Ukuri gushya ntikwirengagiza ukwa kera, ahubwo kukumenyekanisha neza. Nta wushobora gusobanukirwa n'ukuri gushya atabanje gusobanukirwa n'ukwa kera. Igihe Yesu yasobanuriraga abigishwa be ukuri k'umuzuko we, yatangiriye kuri" Mose no ku bahanuzi bose, abasobanurira mu Byanditswe byose ibyanditswe kuri we." Luka 24:27. Umucyo w'ukuri gushya, uhesha ibyubahiro ukwa kera. Uwanga ugushya burya ntaba afite n'ukwa kera. Asa n'ufite ikintu gikonjonjoye kidafite ishusho.

Hariho abizera Isezerano rya Kera ariko bagahakana irishya. Ariko ubwo banga kwakira inyigisho za Kristo, baba bagaragaje ko batizera ibyo abakurambere n'abahanuzi bavuze." Iyo mwizera Mose, nanjye muba munyizeye; kuko ari ibyanjye yanditse. " Yohana 5:46. Abahakana Isezerano Rishya usanga badafite n'imbaraga ihamye yo kwigisha n'Iryo rya Kera.

Abavuga ko bizera irishya gusa bakirengagiza irya Kera, nabo bari mu ifuti nk'iryo. Igihe banze Irya Kera rero, burya baba bahakanye n'Irishya; kuko yombi ari imigabane idashobora gutandukanywa. Nta wasobanura neza amategeko y'Imana adashyizemo ubutumwa bwiza, cyangwa ngo asobanure ubutumwa bwiza adakomoje ku mategeko. Amategeko abumbiye mu butumwa, kandi ubutumwa bwiza ni ubusobanuro bw'uko amategeko agomba gukurikizwa. Amategeko ni umuzi, ubutumwa bwiza ni uburabyo n'amatunda. Isezerano rya Kera rirasira umucyo mu Rishya, n'Irishya mu rya Kera. Buri Sezerano rihishura ubwiza bw'Imana muri Kristo.

[57] Ukuri kuboneka muri Kristo ntikugira akagero. Umwigishwa wese w'Ibyanditswe Byera yakwifuza kuvoma mu iriba rifite amazi menshi. Erega tukiri muri ubu bugingo ntidushobora kumenya neza ubwiru bw'urukundo rw' Imana yemeye kuduha umwana wayo ngo apfe azize ibyaha byacu! Umurimo w'Umucunguzi wacu ni icyigisho kizigwa kugeza ubwo ibitekerezo byacu bizaguka. Umuhanga wo gucukumbura yasanga icyo cyigisho kimeze nk'inyanja umuntu atabasha kureba ngo ageze amaso aho iherera.

Ukuri kwa Yesu kuramenyekana gusa, ariko nta wagusobanura bihagije. Dushobora kurushya ibitekerezo byacu tukabigeza kure ariko nta cyo twakwibonera uretse umwirondoro w'urukundo rw'Imana ruturenze gusobanuka, nk'uko ijuru riri hejuru cyane; gusa dutangazwa n'uko rwamanutse rukazanwa mu isi no guha umuntu ishusho y'Imana.

Imbabazi z'Imana dukeneye zimenyeshwa gusa umuntu wicisha bugufi. Uko tuzarushaho kumenya akamaro k'igitambo cy'Umukiza ni ko tuzarushaho no gusobanukirwa n'imbabazi z'Imana. Nidushaka ijambo ry'Imana twicishije bugufi, tuzahishurirwa umugambi w'agakiza kacu.

### Ibanga Ry'Umurimo Ukomeye

Muri Kristo harimo umutsima w'ubugingo dukeneye twese. Niduhorana Kristo mu mibereho yacu tuzahora turi bazima mu mibereho yacu ya Gikristo. Amasengesho yacu tuzajya tuyatura Imana nk'abaganira n'inshuti yacu. Uko Yesu azarushaho gusabana natwe ni ko n'imitima yacu izarushaho kumwishimira.

Idini rya Kristo rizerekana imbaraga ikomeye, n'amahame mazima afite imbaraga mu by'iyobokamana. Rizagaragaza imbaraga nk'iya gisore. Umutima wakira ijambo ry'Imana si nk'iriba rikama, ahubwo ni nk'umugezi uva mu musozi ufite amasoko adakama, maze amazi yawo afutse akamara inyota abafite imitima iremerewe.

Ibyo bizahesha ubushobozi umwigisha w'ukuri wese kugira ngo abe intumwa ya [58]
Kristo itagira amakemwa. Ugendera mu nyigisho za Kristo wese azasabana na we mu buryo bwose no mu masengesho. Umushumba ubwiriza ubutumwa bwiza ntahora ku kibwirizwa kimwe gusa.

Yesu yaravuze ati: "Urya umubiri wanjye, akanywa amaraso yanjye, aba afite ubugingo buhoraho... Amagambo mbabwiye ni yo mwuka kandi ni bwo bugingo." Yohana 6:54;63.

Niturya umubiri wa Kristo tukanywa n'amaraso ye, mu murimo wo kubwiriza ubutumwa hazagaragaramo imbuto y'ubugingo buhoraho. Nta wazongera gutera iyahararutswe, cyangwa se ngo abwirize ikibwirizwa kitanogeye amatwi n'imitima. Ukuri kwa kera ntikuzabura kuvugwa, ariko kuzagaragarizwa mu mucyo mushya. Ukuri kuzasobanuka neza, kandi mu buryo bwahuranije. Abavugabutumwa bose bagomba gukenera imbaraga ya Mwuka Muziranenge kugira ngo bagire imbaraga n'imibereho mishya. Umuriro w'urukundo rw'Imana uzaka muri bo.

Igitekerezo cya nyir'urugo twabonye cyerekana uko umwigisha w'abana n'urubyiruko agomba kwifata. Niba umwigisha agendana n'Imana mu masengesho, Umwuka wa Kristo azamukoresha maze abashe gufasha ibitekerezo by'abo yigisha. Urubyiruko azarucengezamo ibyiringiro, ubutwari n'ipica ry'ukuri kwa Bibiliya.

Umwigisha umeze atyo arangwa n'amahoro n'umunezero, kandi ameze nk'uruzi rutemba rugahesha imigisha abatuye aho runyura hose. Abigishwa ntibazarambirwa kwiga Bibiliya ahubwo bazarushaho kuyikunda. Izamera nk'umutsima w'ubugingo , kandi ntizasaza. Ibintu bishya byo muri yo bunguka bizarehereza urubyiruko ku gushaka Imana, nk'uko izuba rimurikira isi rikayiha umucyo n'ubushyuhe, ariko ntirigire ubwo rishiraho. Umucyo mushya w'igiciro cyinshi urushaho guhishurwa uko ijwi ry'Imana rirushaho kuvugana n'umutima.

Mwuka Muziranenge akunda guhishurira urubyiruko ubutunzi bw'ibyiza by'ijambo [59]
ry'Imana. Umuntu wubaha Imana yera imbuto nziza zituma akunda iby'Imana kandi bimubera ingabo imukingira ibigeragezo. Ubutunzi bwo mu ijambo ry'Imana bufite imbaraga ihindura ibitekerezo n'ingeso z'umuntu.

### Ukuri Kwimbitse Ntikuramenyekana

Ubusobanuro bw'ubutunzi bw'Abayuda ntiburamenyekana neza. Ubutumwa bwiza ni urufunguzo rufungura ayo mayobera. Twifitiye amahirwe yo kumenya Imana.

Abamarayika bashimishwa no gukorana n'abantu bafite imitima yo gushaka ijambo ry'Imana, banayisaba kugira ngo ibahishurire ubwenge bwo kumenya ubwiru bwayo.

Uko turushaho gusatira iherezo ry'amateka y'isi, ni ko tugomba kwihatira kwiga ubuhanuzi. Igitabo giheruka cyo mu Isezerano Rishya cyuzuye ukuri. Bamwe bashaka

urwitwazo rwo kwirengagiza kwiga Ibyahishuwe. Ariko tumenye ko Kristo yavuze ati "Hahirwa usoma amagambo y'ubu buhanuzi, hahirwa n'abayumva, bakitondera ibyanditswe muri bwo. " Ibyahishuwe 1:3. "Ubu ni bwo bugingo buhoraho ko bakumenya, ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye, ari we Yesu Kristo. " Yohana 17:3.

Igihe Imana yaduhaga ijambo ryayo, yaduhaye ukuri kose guhagije kubw'agakiza kacu. Abantu ibihumbi bavomye muri ayo mariba y'ubugingo, ariko ntibigeze bayakamya. Hari n'abandi ibihumbi bakeneye kumenya ubwiru bw'agakiza k'Imana. Imana yiteguye guha umucyo abafite ubwuzu bwo gushaka kuvumbura ukuri. Buri bushakashatsi buzajya bugira icyo bugeraho gishimishije. Kwigira umuntu kwa Kristo, igitambo cye n'umurimo we w'ubuhuza, birahagije guha ubwonko umurimo w'ubushakashatsi mu gihe cyose gishoboka.

[60] Iteka ryose tuzahora twiga ibifitanye isano n'ibyo tugomba kwimenyereza muri iki gihe. Abacunguwe bazasobanukirwa n'ukuri abigishwa ba Kristo batashoboye kumenya. Ibihe byose abubaha Imana bazahora batanga ibintu bishya n'ibya kera bituruka mu bubiko bwabo.

## Igice Cya 12 - Amasengesiio Atabura Gusubizwa: Usaba Arahabwa [61]

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Luka 11:1-13).

Kristo ntiyikundaga, ahubwo mu mibereho ye yose ku isi yazirikanaga abandi akanabasabira. Buri gitondo yagiraga igihe cyo gushyikirana n'Imana kugira ngo abashe gukwiza umucyo wo mu ijuru mu bantu. Umutima we n'iminwa ye byasesekaragamo ubuntu n'imigisha ku bavuganaga na we. "Umwami Imana impaye ururimi rw'abigishijwe, kugira ngo menye gukomeresha urushye amagambo; inkangura uko bukeye, ikangurira ugutwi kwanjye kumva, nk'abantu bigishijwe." Yesaya 50:4.

Umunsi umwe abigishwa ba Yesu basanze asenga aranguruye ijwi, maze imitima yabo iranyurwa. Nuko arangije, baratangara bati, "Mwami, twigishe gusenga."

Igisubizo cye ni uko yabasubiriye mu isengesho ry'Umwami wacu nk'uko yari yararibigishirije ku musozi w'umugisha. Maze mu mugani abasobanurira icyigisho yashakaga kubagezaho ati, "Ni nde muri mwe ufite inshuti, wayisanga mu gicuku, akayibwira ati mugenzi wanjye, nzimanira imitsima itatu, kuko inshuti yanjye impingutseho ivuye mu rugendo, none nkaba ndafite icyo nyizimanira; uwo mu nzu akamusibiza ati, windushya; namaze kugarira, ndaryamye, n'abana banjye na bo ni uko, sinshoboye kubyuka ngo nyiguhe. Ndababwira yuko n'ubwo atabyukijwe no kuyimuhera ko ari inshuti ye, ariko kuko amutitirije, biramubyutsa amuhe ibyo ashaka byose. " Luka 11:5-8.

Uwo muntu umusaba ashobora kumugarukaho kenshi. Ibyo abiterwa n'uko akeneye [62]
umutsima! Umushyitsi we arananiwe kandi arashonje akeneye gufungura. Amaherezo arahabwa icyo akeneye atahe anezerewe.

Mu buryo nk'ubwo abigishwa bagombaga gusaba Imana imigisha. Bashinzwe guhererekanya uwo mutsima w'ubugingo mu bantu. Bishoboka ko ibihe byinshi bahuraga n'ibibarushya, ariko bagombaga kwihanganira ibibarushya bagaha umutsima w'ubugingo abawusonzeye, kandi nabo ubwabo bakumva bibashimishije.

Bagombaga kwakira ibyo kurya by'umwuka, bitabaye ibyo bari kugeza aho isoko yabo ikama ntibabe bakigira icyo batanga. Ntibagombaga kugira uwo basezerera atagaburiwe. Uwo muntu inshuti yagendereye mu gicuku nta byokurya yari afite, ariko ntiyatereye iyo yarahagurutse asanga umuturanyi we ubifite aramwinginga kugeza ubwo yamuhaye ibyo akeneye. None se mubona ko Imana izabura guha abagaragu bayo ibyo bakeneye mu murimo wayo?

Uwo muturanyi wikunda ntiyerekanye neza imico y'Imana. Yatanze ibyo asabwe kugira ngo abone uko yiruhukira. Ariko Imana yo ishimishwa no gutanga. Yifuza guha abayisanga bose bizeye. Iduhera kugira ngo natwe duhe abandi maze tugire ubuntu nk'uko ibutugirra. Kristo aravuga ati "mbese ni nde muri mwe ufite umwana yamusaba umutsima, akamuha ibuye? Cyangwa ifi, akamuha inzoka? Cyangwa yamusaba igi akamuha sikorupiyo? None se, ko muzi guha abana banyu ibyiza, kandi muri babi, So wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Mwuka Muziranenge abamumusabye? " Luka 11:11-13.

## Ibanga Ry'Amasengesho yasubijwe

Mu isengesho harimo ubumenyi bukomoka ku Mana, ubusobanuro Kristo atanga busobanukiye abantu bose. Amasengesho yacu ntakwiriye kuba ayo kwikunda , dusaba gusa ibyerekeranye n'inyungu zacu. Tugomba gusaba kugira ngo nitumara guhabwa
[63] natwe dutange. Ya ngeso yo kwitanga yagaragariye muri Kristo igomba kugaragara mu bagaragu be. Dusabe imigisha kugira ngo tuyigeze no ku bandi. Guhabwa bigendana no gutanga.

Muri wa mugani w'umusabyi, havuga ko yahakaniwe kenshi. Bityo n'amasengesho yacu si kenshi asubirizwaho. Ariko ntitugomba kureka gusenga. Gusenga ntibigomba guhindura imigambi y'Imana; ahubwo bibereyeho gutuma dusabana n'Imana. Haba ubwo Imana ibona ko tugomba kugenzura imitima yacu maze tukabanza kwicuza icyaha cyacu. Ibyo bituma itunyuza mu bigeragezo biducisha bugufi kugira ngo twivanemo inkomyi ituma Mwuka Muziranenge adakorera muri twe.

Kugira ngo amasezerano y'Imana asohore, burya habaho ibintu umuntu agomba kubanza kuzuza. "Nimunkunda, muzitondera amategeko yanjye. " Yohana 14:15. Abatakambira Imana bayitura ibibababaje bayisaba gusohoza amasezerano yayo, ariko bagalaomeza kwangirira gukora ibyo ishaka, baba bayituka. Ntibakora ibintu byerekana ko bizeye Kristo. Benshi bisibira amayira bigatuma batemerwa na Data wa twese. Tugomba kugenzura ibikorwa byatuma twegera Imana tuyizeye. Niba tutayumvira, tuzamera nk'umuntu ushaka kuvunjisha sheki kandi atabanje kuyuzuzaho ibishakwa byose byatuma ahabwa amafaranga.

Isezerano ni iri ngo: "Nimuguma muri jye, amagambo yanjye akaguma muri mwe, musabe icyo mushaka cyose muzagihabwa. " Yohana 15:7. Na Yohana yongera guhamya ibyo ati, " Uvuga ko amuzi, ntiyitondere amategeko ye, ni umubeshyi, ukuri ntikuri muri we. " 1 Yohana 2:4. Rimwe mu mategeko Kristo yaherukije ni iri ngo "Mukundane nk'uko nabakunze. " Yohana 13:34. Mbese dukurikiza iryo tegeko? Niba hariho uburyo bwose twakomerekeje bagenzi bacu, ni inshingano yacu kwiyunga nabo. Kuza imbere y'Imana dutunganye kugira ngo tubone uko tuyisaba imigisha, ni ikintu cy'ingenzi.

## [64] Impamvu Amasengesho Amwe Adasubizwa

Hari ikindi kintu kijya cyirengagizwa n'abashaka Uwiteka mu masengesho. Mbese uri umwizerwa ku Mana? Uwiteka arabaza ati, "Mbese umuntu yakwima Imana ibyayo? Ariko mwebwe mwarabinyimye. Nyamara murambaza muti, twakwimye iki? Mwanyimye imigabane ya kimwe mu icumi n'amaturo. " Malakiya 3:8.

Kubera ko Imana ari yo itanga imigisha yose, idusaba umugabane runaka w'ibyo twunguka. Iryo rikaba igeno ryo kubwiriza ubutumwa bwiza. Iyo tugaruriye Imana mu byo yaduhaye, tuba tuyigaragarije ko dushimishijwe n'impano yaduhaye. Ariko niba tugundira tukayima mu byo yaduhaye, bizashoboka bite ko twongera kuyisanga tuyisaba indi migisha?

Ariko kuko Imana igira imbabazi, ihora yiteguye kutubabarira. Iravuga iti, "Nimuzane imigabane ya kimwe mu icumi ishyitse, mubishyire mu bubiko, inzu yanjye ibemo ibyokurya ; ngaho nimubigeragereshe, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, murebe ko ntazabagomorera imigomero yo mu ijuru nkabasukaho umugisha mukabura aho muwukwiza. Nzahana indyanyi nyibahora, ntizarimbura imyaka yo ku butaka bwanyu. Malaki 3:10,12. Impano zose z'Imana zisezeranirwa abumvira.

Ububaha Uwiteka bashobora gusaba ko ayo masezerano yasohora.

Tugomba kugira ibyiringiro bishyitse mu Mana. Kenshi itinda kudusubiza, igira ngo igerageze kwizera kwacu, cyangwa kureba ko icyo dusabye tugikeneye koko. Igihe tumaze kuyisaba nk'uko ijambo ryayo rivuga, tugomba kwizera isezerano ryayo tugategereza icyo twasabye twizeye.

Imana iduha amabwiriza yo guhora tuyisaba. Usaba agomba kwihangana ntadohoke, kuko iyo igihe kigeze ahabwa ibyo yasabye.

Ariko bamwe bafite kwizera gupfuye. Iyo ni yo mpamvu batabona iby'imbaraga [65]
z'Imana zikora. Baragambirira ndetse bagakora ariko bagasenga rimwe na rimwe, kandi ntibizere Imana bihagije. Bibwira ko bafite kwizera, ariko kwizera kwabo ni ubushyuhe bw'igihe gito gusa. Ntibihanganira gutegereza igisubizo kivuye ku Uwiteka. Uko dusaba tutadohoka kandi twizeye ni ko turushaho kugirana ubumwe na Kristo.

Uruhare rwacu ni ugusenga no kwizera. Ba maso, kandi ufatanye n'Imana yumva amasengesho. Uzirikane ko "Imana ari yo dukorera. " 1 Abakor. 3:9. Uganire kandi ukore ibihuje n'amasengesho yawe.

Ingorane nizikugeraho, zose uzereke Imana. Kubwira abandi ingorane zacu birushaho kuduca intege, bityo tukaba tubakoreye imitwaro ycu yo kwizera guke, kandi badashobora kuyidutura.

Ntugomba kuraragirira ku mpera z'isi ushaka inama n'ubwenge, kandi Imana ikuri hafi. Amikoro yawe si yo azakubashisha gusohoza ibyo wifuza; ahubwo Uwiteka ni we wabigutunganiriza byose. Ibyo yadufashamo biruta cyane iby'umuntu yadukorera. Imana ishaka ko tuyitegaho byinshi bikomeye. Ishobora kuduha ubuhanga. Ishobora kuduha uburyo n'ubumenyi. Saba Imana ubwenge kandi izabuguha.

Reka ijambo rya Kristo rigushyiremo ibyiringiro. Ntukaganire ibiguca intege, cyangwa inzira iyo ariyo yose ituma unambuka ku Mana. Iyo ingorane zikujeho ukitotomba, uba ugaragaje ko ufite ukwizera kurwaye. Isi ni iy'Uwiteka. Hanga amaso ufite imbaraga n'ubushobozi bwose.

## Tumbira Ijuru Wizeye

Kwizera nyakuri ntigutezuka; gusa n'umugambi udakomwa imbere n'igihe cyangwa umuruho. "Ariko abategereza Uwiteka, bazasubizwamo intege nshya, bazatumbagira mu kirere bagurukisha amababa nk'ibisiga: baziruka be kunanirwa, bazagenda be gucogora." Yesaya 40:31. Hariho abagira ubwuzu bwo gufasha abandi ariko bakiyumvamo ko badafite imbaraga mu by'iyobokamana zatuma bagira icyo bamarira bagenzi babo. Abameze [66]
batyo bakwiriye gusaba imbaraga Mwuka Muziranenge. Imana ihora yiteguye gusohoza isezerano ryose yasezeranye. Fata Bibiliya yawe mu ntoke maze uvuge uti, ibi ni byo wadusezeraniye ngo: "Musabe, muzahabwa; mushake, muzabona; mukomange ku rugi, muzakingurirwa. " Malayo 7:7.

Ntitugomba gupfa gusaba mu izina rya Yesu gusa, ahubwo tugomba gusaba twuzuye Mwuka Muziranenge, kuko Umwuka ubwe "ari we udusabira, aniha iminiho itavugwa. " Abaroma 8:26. Iyo dusenze mu izina rya Kristo dushishikaye kandi twizeye, hakurikiraho gusohozwa kwa ya ndahiro y'Imana yo kuduha ibyo dukeneye.

Kristo yaravuze ati, "Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima, mwizere yuko mubihabwa, kandi muzabibona." Mariko 11:24. "Iyo dusabye ikintu nk'uko ashaka aratwumva; kandi ubwo tuzi ko yumva icyo dusabye cyose, tuzi yuko duhabwa ibyo tumusabye. " 1 Yohana 5:14,15.

Komeza usabe Data wa twese mu izina rya Yesu. Twacumuye ku Mana, nta cyiza [67]

yari ikwiriye kuduha, ariko iyo tuyisanze twicuza icyaha cyacu, yirahiye yuko izumva gutaka kwacu. Icyubahiro cy'intebe yayo ikigaragariza mu gusohoza ijambo ryayo.

Nk'uko Aroni yashushanyaga Kristo, Umutambyi wacu mukuru ahorana amazina y'abantu be ku mutima we igihe ari ahera. Yibuka amagambo yose yatwigishije kugira ngo ajye adukomeza.

Abamushaka bose bazamubona. Abakomanga bose bazakingurirwa. Ntazigera yinuba avuga ati, mwimbuza amahoro, urugi rurakinze. Ntawe azahakanira avuga ko nta bufasha amufitiye. Bona n'ubwo haba mu gicuku abamusaba imigati yo kugaburira imitima ishonje bazayihabwa.

Mu mugani, havuga ko uwasabiye umushyitsi we umugati "yahawe icyo yasabye cyose." Ugira impuhwe nk'iza Kristo zo gushaka gufasha abanyabyaha, "Imana izamumara ubukene bwe bwose, nk'uko ubutunzi bwayo buri muri Kristo Yesu." Abafilipi 4:19. Ubuhamya bwawe izabukomeza. Kandi ijambo ry'Uwiteka rizava mu kanwa kawe ari iry'ukuri.

Mbere y'uko umuntu yitangira gufasha abandi mu byerekeye iyobokamana agomba kubanza kwiherera agasenga, kuko bigomba ubwenge bukomeye kugira ngo usobanukirwe n'ubuhanga bwo gukiza imitima. Imibereho ya Kristo yerekanye uburyo umuntu yakora ibitangaza aramutse yemeye gukoreshwa n'imbaraga y'Imana. Ibyo Yesu yahawe byose na twe dushobora kubihabwa. Noneho saba ku giti cyawe ibyo yasezeraniye abamwubaha.

Reka imibereho yawe ihishwe mu ya Kristo.Mwuka Muziranenge azafata iby'Imana ishaka kutumenyesha maze abitere mu mutima w'umwana wayo wumvira. Bityo uzabasha gusobanukirwa no gusobanurira abantu iby'Umuhuza dufite mu ijuru, umwe wadupfiriye nyamara ubu akaba ariho.

## Igice Cya 13 - Abantu Babiri Basenze Mu Buryo Butandukanye [68]

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Luka 18:9-14).

Umugani w'Umufarisayo n'umusoresha Yesu "yawuciriye abiyiringiye ubwabo ko bakiranuka bagahinyura abandi bose." Umufarisayo yagiye mu rusengero gusenga atari uko yumvaga akeneye imbabazi, ahubwo ari uko yumvaga agomba kwereka Imana ko ari umukiranutsi, kugira ngo imushimire iby'akora. Gusenga kwe kwari kugamije inyungu ze.

Yari yuzuye kwiyemera. Yabyibonagamo, yarabigenderaga, kandi yarabisabaga. Kubwo kwiyemera kwe yitandukanije n'abandi maze ahagarara ukwe kwa wenyine arasenga ati: "Mana ngushimira ko ntameze nk'abandi b'abanyazi n'abakiranirwa n'abasambanyi, cyangwa ndetse n'uyu musoresha." Luka 18:9-14. Yaciriye urubanza imibereho ye adakurikije ubutungane bw'Imana, ahubwo akurikije ubw'abandi bantu.

Yakomeje kurondora ibyiza akora: "Mu minsi irindwi hose niyiriza ubusa kabiri, ntanga kimwe mu icumi mu byo nungutse byose. " Uwo mufarisayo yumvaga nta rukundo n'imbabazi z'Imana akeneye mu mutima we. Idini ye yari iy'inyuma gusa. Yari afite guiranuka kwe bwite, yiciraga urubanza mu buryo bwo kwigereranya n'abandi bantu.

Uwiyumvamo wese ko ari umukiranutsi ntazabura gupfobya abandi. Umufarisayo yiciraga urubanza mu buryo bwo kwigereranya n'abandi bantu, nyamara kandi n'ubwo bari babi, ariko bamurushaga gukiranuka. Gukiranuka kwe kwamuteye kurega abandi. Bityo agira umutima nk'uwa Satani umurezi wa bene data. Umutima umeze utyo ntiwatumye yumvikana n'Imana. Yasubiye iwe amara masa, nta mugisha w'Imana ahawe.

Umusoresha we yahagaze kure, "ntiyahangara no kubura amaso ngo arebe mu ijuru, [69]
ahubwo yitangira itama" ababaye kandi yicishije bugufi. Yiyumvagamo ko ari umunyabyaha kandi ko yanduye. Yumvaga ko nta cyiza yakoze cyamusohoza ku Mana. Mu bwihebe bwe aratakamba ali, "Mana mbabarira, kuko ndi umunyabyaha! " Ntiyigeze yigereranya n'abandi. Yahagaze nk'aho ari wenyine imbere y'Imana. Icyo yifuzaga gusa ni ukubabarirwa, kandi icyo yasabaga gusa ni impuhwe z'Imana. "Yesu aravuga ati, ndababwira yuko uwo muntu yamanutse ajya iwe, ari we utsindishirijwe kuruta wa wundi. "

### Abana Ba Mbere Babiri Bavukira Mu Isi

Umufarisayo n'umusoresha bagereranywa n'abantu b'amahara-kubiri baza gusenga Imana, ndetse cyane bagereranya naba bana ba mbere babiri bavukiye muri iyi si. Kayini yibwiye ko ari umukiranutsi ntiyicuza icyaha cye, yiyumvamo ko adakeneye imbabazi. Ariko Abeli we yazanye igitambo gisesa amaraso gishushanya umwana w'Intama w'Imana, yiyumvagamo ko ari umunyabyaha ukeneye kubabarirwa. Imana yemeye ituro rye, ariko ntiyashimye Kayini n'iluro rye. Itangiriro 4:4,5. Kwiyumvamo ko dukeneye Imana, no kumenya icyaha cyacu ni yo ntambwe ya mbere yo kwemerwa n'Imana.

Hari icyigisho mu gitekerezo cya Petero. Mumizo ye ya mbere yo kuba intumwa yiyumvagamo ko ashikamye igihe Yesu yabwiraga abigishwa be ati, "Mwese muribugushwe kubera jye, kuko byanditswe ngo, nzakubita umwungeri intama zisandare, " Petero avugana icyizere ati "N'aho bose baribuhemuke, ariko jye sindibuhemuke. " Mariko

14:27,29. Yibwiraga ko ashoboye kwihanganira ibigeragezo; ariko nyuma y'amasaha make gusa, alangira kuvumana arahira ko atazi shebuja.

Isake imaze kubika ni bwo yibutse amagambo ya Krislo. Yibutse ibyo amaze gukora arikanga maze arahindukira areba shebuja. Icyo gihe Yesu yahuzaga amaso na Petero,
[70] indoro ya Yesu y'uburibwe yari itatseho imbabazi n'urukundo. Indoro ye yashenguye umutima wa Petero. Petero yihannye icyaha cye ababaye cyane; maze amera nka wa musoresha arababarirwa. Kuva ubwo ntiyongera gusubira kuri ya ngeso ye ya kera yo kwiyemera.

Yesu amaze kuzuka yagerageje Petero inshuro eshatu zose ngo arebe ko yahindutse, ni bwo yamushingagaga kuragira intama ze. Bityo Umukiza yongera guha Petero ibyiringiro by'uko yamubabariye. Intumwa yajyaga yiyemera ihinduka ityo. Kuva ubwo Petero akurikira shebuja yitanze rwose. Hanyuma yabaye umwe mu basangiye imibabaro na Kristo.

Ikibi cyagushije Petero kiracyagusha abantu benshi na n'uyu munsi. Mu mibereho y'umuntu nta gitera akaga cyaruta kwirata no kwiyemera. Mu byaha byose icyo ni cyo kibonerwa umuti mu buryo buruhanije.

Petero yaguye buhoro buhoro. Kwiyemera kwatumye yiringira ko yamaze gukizwa, ni ruto ni ruto bimutwara umutima kugeza ubwo yihakanye shebuja. Ntitukagire ubwo twiyiringira ubwacu cyangwa se ngo twibwire ko turi ahantu hatagerwa n'ibishuko. Abemera Umukiza, n'ubwo baba intungane bate, ntibakagire ubwo birara ngo bibwire ko bakijijwe ibigeragezo.

Uwakwigisha atyo yaba ayobya abantu. Buri muntu agomba kugira iby iringiro, ariko n'ubwo twaba tuzi ko Kristo atwemera, si ukuvuga ko dufite urukingo rw'ibishuko. Uwihanganira ibigeragezo ni we gusa uzahabwa ikamba ry'ubugingo. (Reba Danieli 12: 10; Yakobo 1:12).

Abemera Kristo, maze hanyuma bakigamba bati, "Narakijijwe, " bari mu kaga ko kwiyemera. Batakobwa kumenya intege nke zabo n'uko bagomba guhora bakeneye imbaraga ziva ku Mana. Iyo igishuko kije, benshi bamera nka Petero bakagwa mu cyaha. "Nuko rero uwibwira ko ahagaze, yirinde atagwa." 1 Abakorinto 10:12. Amahoro yacu gusa ni ukutagira ubwo twiyemera, ahubwo tugahora twisunga Kristo.

[71] Imana ntiba yararinze Petero ikigeragezo, ariko iba yaramurinze gutsindwa. Iyo Petero aza kumvira imiburo ya Kristo aba yararinze ibirenge bye akagenda afite ubwoba ko ashobora kugwa. Kandi aba yarafashijwe n'imbaraga y'Imana.

Igitekerezo cy'ibyabaye kuri Petero ni ihumure ku munyabyaha wese ushaka kwihana. Nubwo yakoze icyaha kibabaje, ariko ntiyaretswe. Indoro ya Kristo y'urukundo n'impuhwe byamukomeje umutima bimuha n'ibyiringiro. Kristo amaze kuzuka yibutse Petero, maze aha marayika ubutumwa abwira abo bagore ati "Nimugende mubwire abigishwa be na Petero muti, arababanziriza kujya i Galilaya; iyo ni ho muzamubonera. " Mariko 16:7.

Imbabazi Petero yagiriwe zasezeraniwe ucumura wese. Iyo Satani amaze gucumuza umuntu, amusiga amanjiriwe atagira gifasha, ndetse afite ubwoba bwo gusaba imbabazi. Ariko se kuki twagira ubwoba? Imana iravuga iti, "Yisunge imbaraga zanjye, abone kuzura nanjye." Yesaya 27:5. "Ni cyo gituma abasha gukiza rwose abegerezwa Imana na we, kuko ahoraho iteka ryose ngo abasabire." Abaheburayo 7:25. Ku bw'imibereho ye itagira inenge, kumvira kwe, n'urupfu rwe rw'i Kalvari, Kristo yabaye umuhuza w'ubwoko bwazimiye. Kristo ntadusabira imbabazi nk'usabiriza, ahubwo azidusabira nk'umuneshi avuga ibigwi bye byo kunesha. Ituro rye rirashyitse, bityo ahagarara imbere y'Isumbabyose afite icyotero mu ntoke ze kirimo imirimo n'amasengesho y'abantu be

bashimira Imana. Impumuro nziza y'ibyo byose izamuka ku Mana yifubitse gukiranuka kwe. Ituro rye riremerwa, maze imbabazi zigatwikira igicumuro cyose.

Kristo yirahiye ko azatubera inshungu itagira amakemwa kandi nta n'umwe yirengagiza. Arebana amaso y'imbabazi umuntu wese wiyumvamo ko atabasha kwikiza. Utarananiwe kutubera igitambo, ntazananirwa kutuvuganira imbere ya se. Dushobora kujyana ibyaha byacu n'ibitubabaje byose ku birenge bye , kuko adukunda. Azatunganya ingeso zaeu kandi azazitunganya nk'uko abishaka. Mu mbaraga zose za Satani [72]
ntashobora guhangara n'umukristo n'umwe wirunduriye mu maboko ya Kristo. "Ni yo iha intege abarambiwe, kandi utabashije imwongeramo imbaraga. " Yesaya 40:29. "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose." 1 Yohana 1:9.

Mbere y'uko duhabwa imbabazi n'amahoro tugomba kubanza kwimenyaho amafuti yacu tukayihana. Umufarisayo we yiyumvagamo ko nta cyaha afite. Umutima we wari unangiye ku buryo wasaga n'ufurebye mu ntwaro yo gukiranuka kwe, ndetse n'abamarayika ntibashoboye guhitisha imyambi y'Imana kugira ngo igere kuri uwo mutima we w'inarijye. Kristo yaje "kubwiriza abakene ubutumwa bwiza, no kumenyesha imbohe ko zibohorwa, n'impumyi ko zihumuka, no kubohora ibisenzegeri." Luka 4:18. Ariko "abazima si bo bakwiriye umuvuzi, keretse abarwayi. " Luka 5:31. Tugomba kumenya ubukene bwacu; kuko bitagenze bityo, tutazigera dukenera ubufasha bwa Kristo. Tugomba kumva uburibwe bw'ibikomere byacu; kuko bitagenze bityo tutazigera dushaka kuvurwa.

Uwiteka aravuga ati, "Uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi, ndetse wambaye ubusa. Dore, ndakugira inama: ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi. " Ibyahishuwe 3:17,18. Izahabu ni ukwizera gukorera mu rukundo. Dushobora gukora imirimo myinshi. Ariko nitutagira urukundo nk'urwabaga mu mutima wa Kristo, ntituzabaranwa n'abo mu muryango wo mu ijuru.

Nta wimenyaho amakosa. "Umutima w'umuntu urusha ibintu byose gushukana.... Ni nde ushobora kuwumenya uko uri? " Yeremiya 17:9. Iminwa ishobora kuvuga ubukene umuntu afite mu by'iyobokamana, ariko umutima we ukaba utabizi. Mu gihe ubwira Imana ubukene ufite mu by'umwuka, bishoboka ko umutima wawe wo uba wibereye mu byo wibwira ko bitunganye. Inzira imwe gusa umuntu yimenyaho inarijye ni ukureba kuri [73]
Kristo. Iyo twibajije ubutungane bwe twimenyaho ubugoryi. Twibonaho ko twazimiye, ko turi akahebwe kandi ko twarindagiriye mu kwigira intungane. Tubona ko nubwo twakizwa, bitaba bitewe n'ubwiza bwacu, ahubwo ko byaba biturutse ku bushake no ku buntu bw'Imana.

Isengesho ry'umusoresha ryarumvikanye kuko yishingiki-rizaga ku mbaraga z'Ishoborabyose, maze Imana igashimishwa no kwizera kutarimo kwiyemera.

### Ni Ngombwa Kwiyambura Inarijye Yose

Nta wabasha kwiyambura inarijye ngo abishobore. Tugomba kwisunga Kristo kugira ngo adukorere uwo murimo. Ni bwo imvugo y'umunyabyaha izaba iyi ngo "Uwiteka nkiza!" Twara umutima wanjye; kuko no kuwukwegurira binanira. Ni umutungo wawe. Wutunganye, kuko jye ntabyishoborera. Ntunganya, nzahura ungeze ku butungane no ku rugero rwo kwera k'umutima wanjye.

Uko kwitanga si ukw'igihe umuntu atangiye imibereho ya Gikristo gusa. Intambwe yose ateye agomba kwivugurura. Kugira ngo tugire amahoro ni uko twahora dupfa ku cyaha, kandi tukisunga Kristo muri byose.

Uko turushaho kwegera Yesu tukabona ubutungane bw'ingeso ze, ni ko turushaho kwibonamo ko turi abanyabyaha, maze bigatuma tutishyira hejuru. Abazwi mu ijuru ko ari abera ni bo baba aba nyuma mu kwamamaza ubwiza bwabo. Ntibiyamamaza. Intumwa Petero ntiyibagiwe ikimwaro giteye ubwoba yagize. Icyaha cye yari yarakibabariwe, ariko yari azi yuko intege nke z'ingeso ze zatunganywa n'ubuntu bwa Kristo gusa.

Uko dutera intambwe mu bukristo bwacu, ni ko turushaho kwihana. Abo Uwiteka
[74] yababariye akaba abita abe, ntibaza-hangara kubumbura iminwa yabo bihimbaza. Kristo ubwe ni we utugize nta wundi. "Nzi yuko muri jye ibyo ni ukuvuga muri kamere yanjye, ari nta cyiza kimbamo." Abaroma 7:18.

"Musohoze agakiza kanyu, mutinya muhinda imishitsi. Kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira." Abafilipi 2:12. Ntugire ubwoba ko Imana itazasohoza amasezerano yayo, cyangwa se ko imbabazi zayo zitaguhagije. Ahubwo utinye gucisha ukubiri n'ubushake bwa Kristo, wirinde ko ingeso za kamere zatwara ubugingo bwawe. Tinya gukora ibyo wishakiye bitarimo Imana, kuko uzaba urogoye Imana ngo itagukoreramo ibyo ishaka.

Ahubwo utinye gukura ikiganza cywe mu cya Kristo, cyangwa se kugendera mu nzira wishakiye utari kumwe na we.

Twirinde kuryarya tuvuga cyangwa se tuvugwa ibitari byo. Satani akoresha uburyarya kuregana no gucira abantu ho iteka. Reka abakorera Kristo bose birinde ijambo ryose cyangwa igikorwa cyose cyo kwihimbaza ubwabo; Kristo gusa ni we ukwiriye ikuzo.

Imibereho yubaha Uwiteka ntizaba imibereho y'umubabaro. Ahubwo iyo umuntu adafite Kristo ni bwo ahora acuze igihunya amanjiriwe. Abiyemera bakikunda ntibigera bakenera kunga ubumwe na Kristo. Umutima utarahura n'igitare (Kristo), wirata imbaraga zawo. Kwikunda no gushaka icyubahiro byirukana Umukiza mu mutima, kandi iyo atawurimo umuntu ahorana agahinda n'umubabaro. Ariko iyo Kristo ari mu mutima amera nk'iriba rivubura amazi afutse ahesha umuntu umunezero.

"Iri hejuru cyane, ikaba ituye ahahoraho, ikagira izina ritunganye; iravuga iti, "Aho ntuye ni hejuru kandi harera; mbana n'ufite umutima umenetse wicisha bugufi, kugira ngo mpembure n'abafite imitima imenetse." Yesaya 57:15.

[75] Iyo umunyabyaha yegereye umusaraba akicisha bugufi imbere yawo, ahinduka icyaremwe gishya muri Kristo. Aba atunganye. Imana ubwayo "itsindishiriza uwizeye Yesu. " Abaroma 8:30. Nk'uko icyaha kigusha umuntu ahakomeye atabasha kwivana, ni ko n'urukundo rwaducunguye, rushobora kugeza abantu ku rugero rwo hejuru cyane ku buryo bazasumba ndetse n'abamarayika batigeze bacumura. "Uwicisha bugufi azashyirwa hejuru." Luka 14:11.

## Igice Cya 14 - Mbese Imana Ntizarengera Intore Zayo [76]

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Luka 18:1-8).

Ubu butumwa ni indobanure ku bayoboke ba Kristo muri iki gice cyegereje kugaruka kwe. Mu mugani Kristo yaciye yabwiye abayoboke be ko "bakwiriye gusenga iteka ntibarambirwe." Luka 18:1. "Hariho umucamanza mu mujyi umwe, utubahaga Imana ntiyite no ku bantu. Muri uwo mujyi harimo n'umupfakazi, aramusanga aramubwira ati, ndengera ku mwanzi wanjye undenganya. Uwo mucamanza amara iminsi atemera: ariko ageze aho aribwira ati nubwo ntubaha Imana, kandi sinite ku bantu, ariko kuko uyu mupfakazi anduhije, ndamurengera kugira ngo atazahora aza kundushya iminsi yose." Luka 18:2-5.

Uwo mucamanza ntiyitaga ku kuri, kandi ntiyagiriraga imbabare ibambe. Ibihe byinshi yirukanye uwo mupfakazi imbere y'intebe y'imanza. Uwo mucamanza yari azi ko uwo mupfakazi arengana, ariko agashimishwa no gutuma ahora asiragira aho mu rukiko nta gisubizo abona, ahubwo atakambira utamwumva. Icyakora yakomeje gutakamba, maze kugira ngo uwo mucamanza atitesha icyubahiro cye, yiyemeza kumurengera kuko yabonaga akabije kwihangana. "Nuko Umwami Yesu arabaza ati, ntimwumva ibyo umucamanza ukiranirwa yavuze? Ubwo bimeze bityo Imana yo ntizarengera intore zayo ziyitakira ku manywa na n'ijoro? Mbese yazirangarana? Ndababwira yuko izazirengera vuba. " Luka 18:6-8.

Yesu yerekanye itandukaniro rikomeye riri hagati y'uwo mucamanza n'Imana. Umucamanza ntiyigeze agirira imbabazi uwo mupfakazi; akababaro ke nta cyo kari kamubwiye. Aho hari itandukaniro rikomeye ugereranije n'uburyo Imana yishimira kwakira abayishaka.

Ubukene n'amaboko make byatumye uwo mugore abura uko yagaruza ibye. Bityo [77]
kubera icyaha, umuntu yazimije isano ye n'Imana. Umuntu ubwe ntabasha kwihesha agakiza. Ariko muri Kristo twegerezwa Data wa Twese. Imana yahamagaye intore zayo izikuye mu mwijima izigeza mu mucyo. Ikunda abana bayo urukundo rutagira akagero. "Kuko Uwiteka Nyiringabo avuze ko ubakozeho aba akoze ku mboni y'ijisho rye. " Zakariya 2:8.

Gusaba k'umupfakazi ngo "Ndengera ku mwanzi wanjye, " kwerekana isengesho ry'abana b'Imana bayitabaza. Satani ni we murezi wabo ukomeye. Ibyahishuwe 12:10. Ahora arega, abeshya, kandi arimbura abantu b'Imana. Kristo yigishije abigishwa be gusenga kugira ngo bashobore gutsinda Satani n'ingabo ze.

### Uburyo Kristo Adahangarwa N'Umwanzi w'Abantu Be

Umuhanzi Zakariya aravuga ati, "Maze anyereka Yoshuwa umutambyi mukuru ahagaze imbere ya marayika w'Uwiteka, na Satani ahagaze iburyo bwe ngo amurege. Uwiteka abwira Satani ati, mbese uwo si umushimu ukuwe mu muriro? Kandi Yoshuwa yari yambaye imyenda y'ibizinga. " Zakariya 3:1-3.

Hano abantu b'Imana bagereranijwe n'umugome uri mu rubanza, kandi akaba ari mu mazi abira. Satani abaregera Uwiteka ibibi byabo n'ibyo bananiwe gukora, yibwira ko Kristo azabazinukwa akabima ubufasha bakeneye mu gihe gikomeye.

Yoshuwa nk'uhagarariye abantu b'Imana ahagarara mu ruhando agacirwaho iteka, yambaye imyenda y'ubushwambagara. Satani ahamura umunyabyaha kugeza ubwo umunyabyaha yiyumvamo ko ari akahebwe koko.

[78] Uko turushaho kwegereza iherezo ry'amateka y'iyi si, ni ko Satani afite impungenge z'uko ashigaje igihe gito.Arakazwa n'uko abona ndetse n'abantu b'abanyantegenke bakomeza amategeko y'Imana. Ashaka ko bagomera Imana. Asebya Imana n'abayoboke bayo basohoza imigambi yayo muri iyi si.

Igihe cyose Imana icira abantu icyanzu Satani we aba abacira akobo, iyo amaze kubashukisha ikibi arabigarika akabaciraho iteka. Atunga urutoki ku myambaro yabo y'ubushwambagara, ku ngeso zabo mbi no ku byaha byabo abashinja ko badasa na Kristo, maze akabaciraho iteka ry'uko basuzuguye Umucunguzi wabo. Abaca intege ababwira ko babaye akahebwe. Yiringira gutsembaho kwizera kwabo kugira ngo biyegurire ibishuko bye, maze bimure Imana.

Abantu b'Imana ntibashobora kwiregura ibirego byose baregwa na Satani, ahubwo babishobozwa no gutakambira Umucunguzi wabo kugira ngo abatsindishirize. Bamutakambira bifuza ko yahosha ibirego bya Satani basaba bati "Turengere ku mwanzi wacu. " Kubera imbaraga ikomeye y'umusaraba Kristo acecekesha uwo murezi w'umunyabukana.

Iyo Satani ashatse kurimbura abantu b'Imana, Kristo aramurogoya. Kristo yishyizeho igicumuro cy'ibyaha byabo. "Bameze nk'umushimu wakuwe mu muriro. " Kubwa kamere y'umuntu Yesu yifatanije n'abantu; kandi muri kamere ye y'Imana ni umwe n'Imana. Ibyo byose bituma umwanzi akangarwa. "Kandi Yoshuwa yari yambaye imyenda y'ibizinga ahagaze imbere ya marayika. Marayika abwira abari .... ba muri imbere ati ni mumwambure iyo myenda y'ibizinga. Maze abwira Yoshuwa ati ngukuyeho gukiranirwa kwawe, kandi ndakwambika imyambaro myiza cyane. Ndategeka nti, nimumwambike igitambaro cyiza mu mutwe, bamwambika n'imyenda."

Zakariya 3:4,5.

Maze kubera ububasha bw'Uwiteka Nyiringao marayika arahira Yoshuwa indahiro
[79] agaragaza ko Yoshuwa ari we uri mu cyimbo cy'abantu b'Imana ati, "Nugendera mu nzira yanjye, kandi ukitondera ibyo nagutegetse, nawe uzacira inzu yanjye imanza, n'ibikari byanjye uzabirinda, nanjye nzagushyira mu byegera muri aba bahagaze aha." Zakariya 3:17.

Kristo ntiyirukana abamuhungiraho. Abambura imyenda y'ibizinga, uwihannye akamwambika ikanzu yo gukiranuka kwe, maze mu bitabo byo mu ijuru akandika imbere y'amazina yabo ko bababariwe. Iyo bigenze bityo Satani yerekanwa ko ari umubeshyi, Imana igacira abantu bayo urubanza rw'ukuri.

Ibyanditswe bivuga uko abatuye kuri iyi si bazaba bameze mbere yo kugaruka kwa Kristo. Intumwa Yakobo yerekanye yuko abantu bazaba bafite umururumba kandi batwaza igitugu abo bategeka. "Yemwe batunzi mwe, ... mwabitse ubutunzi bwanyu mu minsi y'imperuka. Dore, ibihembo by'abasaruzi basaruye imirima yanyu, ibyo mwabimishije uburiganya, birataka kandi umuborogo w'abo basaruzi winjiye mu matwi y'Uwiteka Nyiringabo. Mwadamarariye mu isi, mwishimira ibibanezeza bibi: mwihagije mu mitima... Umukiranutsi mwamu-ciriyeho iteka, muramwica, atabarwanya. " Yakobo 5: 1-5. Abantu bamwe birundanirije ubutunzi bwinshi bakuye mu gahato no kwaka impongano nyamara ntibazi ko gutaka kw'abashonji batabarika kwageze imbere y'Imana.

Amategeko n'imigenzo by'abantu byahawe ikuzo riruta iry'amategeko y'Imana, kandi abanamba ku mategeko y'Imana bakabirenganirizwa. Kristo bamueiriyeho iteka bamuziza ko yari umwizerwa ku Mana, bavuga ko akoreshwa na daimoni. Mu buryo

nk'ubwo abayoboke be bararegwa kandi bakabeshyerwa byinshi, maze Satani akifuza kubagusha mu cyaha no gusuzuguza Imana.

Kristo yagaragaje ingeso z'uwo mucamanza uvugwa mu mugani kugira go atumenyeshe amatwara y'ubutabera, kandi ko bidatinze byari bigiye kugaragazwa n'urubanza yaciriweho. Yashatse kumenyesha abantu be ko ari nta wakwiringira cyane abategetsi [80] b'isi cyangwa abacamanza igihe umuntu atotezwa n'umwanzi. Kenshi intore z'Imana zijya zihamagarwa imbere y'abantu badashobotse bari mu myanya y'ubutegetsi kugira ngo bisobanure ku byo baregwa. Kristo yatweretse icyo tugomba gukora. We watubereye urugero, ntacyo yigeze akora cyo kwirengera. Urubanza rwe yarweguriye Imana. Bityo abayoboke be na bo ntibagomba kurega, guca iteka, cyangwa se gukoresha igitugu kugira ngo bikize.

## Icyo Wakora Mu Gihe Cyo Kugeragezwa

Nubwo twagirirwa nabi dute, twirinde kurakara. Iyo twishyizemo igitekerezo cyo kwihorera ni twe tuba twikomerekeje kandi bikababaza Mwuka Muziranenge. Iruhande rwacu tuhafite intumwa yo mu ijuru ishobora kudukiza imikirwe yose y'umwanzi. Izadukingira ikoresheje imirasire ya Zuba ryo gukiranuka. Satani ntashobora gutambuka ingabo y'uwo mucyo.

Ingorane zijya zitugeza mu cyumba cy'Ishoborabyose. Uwiteka aravuga ati "Unyambaze ku munsi w'amakuba no ku w'ibyago. Zaburi 50:15. Igihe ingorane zitangiye kuvuka, tugomba guhita dutakambira Imana. Data wo mu ijuru yumva gutaka kwacu.

Abarenanywa bajya bagira ibigerageza bituma bibwira ko Imana yabaretse. Abanzi babo iyo babibonye batyo babishima hejuru. Ariko ntibakwiriye kwiheba, kuko batarwana urwo rugamba bonyine. Amasengesho atuma Imana Ishoborabyose idutabara. Ukuboko kw'Imana "kwatsinze abami, ... kwazibye iminwa y'intare, kwazimije umuriro ugurumana cyane, ... kwanesheje ingabo z'abanyamahanga."

Abaheburayo 11:33,34. Nitwegurira Imana imibereho yacu, ntituzashyirwa mu mwanya Imana itaduteganirije. Dufite Umuyobozi utayobya; dufite inshuti ibabarana natwe. Nubwo twateshuka inzira mu bujiji, Kristo ntazadusigirira. Ijwi rye ryumvikana [81] neza rivuga riti "Nijye nzira, n'ukuri, n'ubugingo. " Yohana 14:6. "Kukoazakiza umukene ubwoazataka."Zaburi 72:12. "Ugushikamishijeho umutima, uzamurinda abe amahoro masa, kuko akwiringira. " Yesaya 26:3. Jya mbere, ni ko Uwiteka avuga: Nzakoherereza ubufasha. Abategereje kuguseka utsinzwe bazabona ijambo ryanjye riganje.

Mureke abarenganywa batakire Imana. Menyesha Umuremyi wawe ibyo umukeneyeho. Imana yumva gutaka k'umunyantegenke. Uko tugenda mu nzira tujye duhumeka amasengesho,maze amagambo yacu abone uko agera ku ntebe y'Umwami w'isi n'ijuru. Icyo umutima ushaka kigera mu ngoro yo mu ijuru maze amasengesho yacu akumvikana.

Wowe wiyumvamo ko udakwiriye, ntutinye kubwira Imana ikikubabaje. "Mbese ubwo itimanye Umwana wayo, ikamutanga ku bwacu twese, izabura ite kumuduhana n'ibindi byose? "Abaroma 8:32.

Nta kindi Kristo yishimira kirenze gucungura umurage we akawuvana mu maboko ya Satani. Ariko mbere y'uko ducungurwa ku mubiri tugomba kubanza gucungurwa mu mutima. Uwiteka yemerera ibigeragezo ko bituzaho kugira ngo bitwezeho inarijye, n'ingeso mbi zose zidahuje n'amatwara ya Kristo. Yemera ko amazi y'ibigeragezo aturengaho, kugira ngo twezweho imyanda yose, maze tuve mu bigeragezo dutunganye, twera

kandi tunezerewe. Kenshi twinjira mu bigeragezo dufite inarijye; ariko iyo twihanganye tubivamo dufite ingeso zishimwa n'Imana.

Nta kaga kariho gaterwa n'uko Imana yirengagije amasengesho y'abantu bayo. Gusa aho akaga kari ni uko iyo abantu bahuje n' ikigeragezo bacika intege, maze bakananirwa kwihangana no gukomeza gusenga.

### Igihe Byasaga Nk'Aho Yesu Adafite Impuhwe

Yesu yababajwe no kubona umubabaro. Umunyakananikazi yari afite. (Reba Matayo
[82] 15:21-28; Mariko 7:24-30). Ariko kuko yashakaga kugira icyo yigisha abigishwa be, yariyumanganije asa n'uwirengagije umubabaro w'uwo mugore. Igihe kwizera kwe kwagaragariraga bose, Yesu yahise avuga amagambo meza yo kumushima, maze amusezerera amahoro amukirije umurwayi nk'uko yabimusabye. Iki cyigisho kitwigisha akamaro ko kwihangana mu gihe dusenga.

Uwo mubyeyi ni Kristo wamushyizemo umutima wo kwihangana ntiyatezuka ku cyifuzo cye . Kristo ni we wahaye wa mupfakazi ubutwari bwo kwinginga umucamanza. Kandi ibyiringiro yari yamushyizemo ntiyari kubura kubisohoza.

Abo mu ijuru bose bita cyane kuri iyi si yacu ingana urwara, kuko Kristo yatanze igiciro kitagira akagero kugira ngo acungure abaturage bayo. Abo mu ijuru baracyagenderera abatuye kuri iyi si nk'uko bagendereraga Aburahamu na Mose. Mu mirimo y'urudaca ikorerwa mu mijyi minini, mu bucuricuri bw'ubucuruzi butari bumwe, hari bake gusa bazirikana yuko hari imbaraga batareba ibeshejeho iyi si n'abayituyemo. Nubwo hariho urudubi rumeze rutyo, ijuru rifite abagenzura imibereho n'ibikorwa by'abantu. Mu nteko y'abantu iyo ari yo yose, no mu giterane cyose, hari abo tudashobora kureba bumva ibivugwa n'ibikorwa.

Tugomba gusobanukirwa n'umurimo w'abamarayika. Abo ni ingabo zo mu ijuru zitagaragara... imyuka itumwa gukorera Imana umurimo wo gufasha abazaragwa agakiza. (Abaheburayo 1:14). Bafasha abicisha bugufi bifuza kuronka ibyo yasezeranije abayikunda.

Abo bamarayika bandika raporo y'ubugome cyangwa y'ubugiranabi abakozi babi bagirira abantu b'Imana. "Nuko rero ntimute ubushizi bw'ubwoba bwanyu, bufite ingororano ikomeye... Haracyasigaye igihe kigufi cyane, kandi uzaza, ntazatinda. " Abaheburayo 10:35-37. "Mube ari ko namwe mwihangana, mwikomeze imitima, kuko kuza k'Umwami Yesu kubegereye. " Yakobo 5:8.

[83] "Uwiteka ntiyihutira kurakara, afite ububasha bwinshi, kandi ntabwo yatsindishiriza utsinzwe n'urubanza." Nahumu 1:3. Kubwo kwihangana k'Uwiteka, abantu bibwira ko atabareba maze bakagirira nabi intore ze ari zo murage we. Ariko igihe kiregereje ubwo Imana itazakomeza kubihanganira. Uwiteka azubahiriza icyubahiro cye ahane abakiranirwa.

Kuva kera kose Uwiteka yakomeje gukoma mu nkokora imigambi ya Satani. Yatejeakaga amahanga ndetse n'abantu ku giti cyabo. Ibyo byose abikora azi yuko igihe nikigera Uwiteka atazakomeza kwihanganira ko amategeko ye asuzugurwa. Mu gihe cy'umubabaro ukomeye uheruka, ubwo kwica amategeko y'Imana bizaba ari rusange, kandi abantu b'Imana bakagirirwa nabi na bagenzi babo, Uwiteka azatabara intore ze maze ahagarike ubugome bwose.

Abantu biyita Abakristo n'abakozi b'Imana, bashobora gukomeza kunyaga abakene no kubaryamira, no kwiba imfubyi n'abapfakazi; bashobora no gukomeza inzangano bashyigiki-wemo na Satani. Ariko bidatinze bazasobanurira umucamanza w'isi yose

icyabateye kugirira nabi ab'umurage we. Ubu bashobora gushyira abizera Imana mu mazu y'imbohe, bakabaca mu bantu, ndetse bakabica. Ariko Imana izababaza icyatumye bateza uwo mubabaro wose.

Ku byerekeye Babuloni ikimenyetso cy'itorero ryayobye. Imana iravuga iti "Kuko ibyaha byawo byarundanijwe bikagera mu ijuru, kandi Imana ikibuka gukiranirwa kwawo, nimuwiture ibihwanye n'ibyo wabagiriye, kandi muwusagirizeho kabiri ibikwiriye ibyo wakoze. Mu gikombe wafunguriragamo abandi, muwufunguriremo kabiri. " Ibyahishuwe 18:5,6.

Kuva mu Buhindi, Afurika, Ubushinwa ndetse no mu bihugu byitwa iby'ubukristo, gutaka kw'abantu benshi kwageze ku Mana. Uko gutaka ntabwo Imana izakomeza kukwirengagiza ngo ibure gusubiza. Imana izejesha iyi si umuriro; kandi ubushobozi [84]
bw'umuntu ntibuzashobora kuyizimya. "Hazaba ari igihe cy'umubabaro utigeze kubaho, uhereye igihe amahanga yabereyeho ukageza icyo gihe. Nuko icyo gihe abantu bawe bazaba banditswe mu gitabo, bazarokorwa. " Daniel 12:1.

Kristo azakoranya abana be abakuye mu mavundi, muri za kasho, mu mazu yo kunyongeramo abantu, mu misozi, mu butayu ndetse no mu buvumo. Hari abantu benshi bari mu bituro bapfanye umurava banga kwiyegurira ibishuko bya Satani. Ariko igihe kiregereje maze imigambi y'isi igahinduka. "N'igitutsi batuka ubwoko bwayo azagikura ku isi hose. "Yesaya 25:8.

Abana b'Imana bazagarurirwa ibiruta ibyo babuze, byaba ibyo bahombye cyangwa se gutotezwa. "Zizabona mu maso hayo, izina ryayo rwanditswe mu ruhanga rwazo." Ibyahishuwe 22:4.

[85] ## Igice Cya 15 - “Uyu Yiyegereza Abanyabyaha”

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Luka 15:1-10).

Abigisha bari barayobewe amatwara ya Yesu. Bibazaga igituma akorana n’abantu bo mu nzego zose. Baravugaga bati, uyu iyo aba umuhanuzi, yabanye natwe gusa, naho abanyabyaha akabaha akato kuko ari byo bibakwiriye. Byarakazaga abo barinzi b’inzu y’Israyeli kubona agirira ibambe ibicibwa. Biyumvagamo ko ari abanyadini bakiranuka cyane; ariko icyitegererezo cya Kristo kikagaragaza kwihugiraho kwabo.

Byarakaje abigisha kubona abayoboke babo bakurikira Yesu. Bakavuga bati, byashoboka bite ko abasoresha n’abanyabyaha bamwegera? Babigaragarije mu magambo bivugiye ubwabo bamukoba bati “Uyu yiyegereza abanyabyaha! ” Abasangaga Kristo bumvaga bafite ibyiringiro by’uko bavuye mu mworera w’icyaha. Kristo yabakiraga nk’abana b’Imana bari barahinduwe nka rubanda mu nzu ya Se, nyamara we akaba atari yarabibagiwe. Kandi uko barushagaho kuraragirira kure ye, ni ko yifuzaga kubavanayo no kubakiza. Mbese ntimwibuka Dawidi ubwo yagwaga mu cyaha cy’inkoraruguma ko yanditse ati “Nayobye nk’intama izimiye: shaka umugaragu wawe.” Zaburi 119:176. Mika yahishuye urukundo Imana ikunda umunyabyaha agira ati “Ni iyihe Mana ihwanye naw’e, ibabarira gukiranirwa, ikirengagiza igicumuro cy’abasigaye b’umwandu wayo? ” Mika 7: 18.

### Kubona Intama Yazimiye

Mu bantu bari kumwe na Yesu aca uyu mugani, harimo abungeri n’abantu bari barashoye amafaranga yabo mu bworozi; bose banyuzwe n’icyitegererezo yatanze agira
[86] ati “Ni nde muri mwe waba afite intama ijana akazimiza imwe muri zo, ntasige izindi mirongocyenda n’icyenda mu gasozi ngo ajye gushaka iyazimiye, kugeza ko ayibona?”

Yesu yarababwiraga ati, aba mukerensa ni umutungo w’Imana mu buryo bwo kurema umuntu no kumucungura. Nk’uko umushumba atahwemye gushaka n’ubwo intama yaburaga yari imwe gusa, ni ko n’Imana ikunda umuntu wahawe akato. “Uko umwungeri ashaka umukumbi we mu gihe ari mu ntama ze zatataniye kure, ni ko nzashaka intama zanjye, nzirokore nzikuye ahantu hose zatataniye ku munsi w’ikibunda n’umwijima” Ezekeli 34:12.

Mu mugani twumvise ko umwungeri yasubiye mu rwuri gushaka intama imwe,... umubare w’ubusabusa. Bityo, iyo haza kuzimira umuntu umwe, Kristo yari kwemera kumupfira.

Intama yazimiye igomba gushakwa n’umwungeri, kuko idashobora kumenya inzira itaha. Ni ko bimeze no ku muntu wahabiye kure y’Imana. Ntashobora kumenya inzira ijya ku Mana, keretse Imana y’urukundo ije kumushaka.

Umwungeri umaze kumenya ko yajimije intama imwe ntaterera iyo maze ngo avuge ati, “Iricyura, niza ndayugururira.” Ahubwo umwungeri abura amahwemo. Ntagoheka. Arasohoka akajya gushaka iyo ngiyo yararagiye. Uko ijoro rirushaho kubudika ni ko n’inzira urushaho kuruhamya. Nyamara icyo gihe ni bwo umwungeri arushaho kuyishaka ashyizeho umwete. Azamuka imisozi ihanamye, akamanuka ibikombe, ndetse akagera no mu mikokwe. Hamwe na hamwe ahanyura mu buryo bwo kwigeragezaho.

Amaherezo umuhati we ntuba imfabusa, intama yazimiye iraboneka.

Ntayituka, ndetse nta nubwo agenda ayikubita. Ayiterera ku bitugu bye anezererwe. Iyo yakomeretse arayiterura, kugira ngo ubushyuhe buva ku mutima we buyisubizemo ubugingo. Ayisubiza mu mukumbi anezerewe.

Imana ntiyigeze itwereka umwungeri utashye amaramasa nta ntama azanye. Uyu [87] mugani ntutubwira ibyananiranye ahubwo utubwira ibyashobotse. Aha niho tubona isezerano ryiza ry'Imana ko nta ntama n'imwe iraragirira kure y'umukumbi w'Imana maze ngo iyirengagize. Umuntu wese wemera gucungurwa, Kristo azamufata ukuboko amuramire.

Muntu ucitse intege, ihangane, nubwo waba warakoze ibyo gukiranirwa. Mu gihe wari ucyivuruguta mu byaha, Imana ntiyakuretse, ahubwo byarayihagurukije iza kugushaka.

Abayuda bo bigishaga ko kugira ngo urukundo rw'Imana rugere ku munyabyaha ari uko yagomba kubanza kwihana ibyaha bye no kwikiranura n'ubutegetsi bw'ijuru. Icyo ni cyo cyatumaga Abafarisayo bivovota bati, "Uyu yiyegereza abanyabyaha. " Ariko muri uyu mugani Kristo yigishije ko agakiza katazanwa n'uko umuntu ashaka Imana, ahubwo ni yo imushaka. Ntitwihana kugira ngo Imana ibone uko idukunda, ahubwo iduhishurira urukundo rwayo kugira ngo twihane. Iyo intama yazimiye ibonetse bakayigarura mu rugo, umwungeri ahamagara inshuti n'abaturanyi be akababwira ati, "Twishimane, kuko mbonye intama yanjye yari yazimiye! " Niko bigenda iyo uwahabye ahabutse; Umwungeri mwiza afatanya n'ijuru n'isi kumwishimira.

"Ndababwira yuko mu ijuru bazishimira batyo umunyabyaha umwe wihannye, kumurutisha abakiranuka mirongo cyenda n'icyenda badakeneye kwihana."

Kristo yabwiye Abafarisayo ati "mwibwira ko ari mwe mutunga-niye Imana, ariko mukivovotera umwe muri abo banyabyaha bo kubabarirwa uje aho ndi; nyamara abamarayika bo barishima, indirimbo zabo zikaba urufaya mu bikari byo mu ijuru."

Bijya bibaho iyo umunyabyaha ahabutse akagarukira Imana, hariho bamwe bajya bongorerana bati, sinizera ko uriya ve azaregamamo! Iyo umubi yumvise ayo maga- [88] mbo y'urucantege, akurikirana uwo muntu akamucisha kure y'Imana. Mureke umunyabyaha wihannye yishimane n'abo mu ijuru, kandi arindwe ye guhura n'abafite umutima nk'uw'Abafarisayo.

### Umugani Wa Kristo Ufite Ubusobanuro Bwimbitse

Mu mugani w'intama yazimiye, ntabwo Kristo yari yerekeye ku munyabyaha umwe gusa, ahubwo ni kuri iyi si yangijwe n'icyaha. Iyi si ni nk'ubusa uyigereranije n'ubunini bw'ahantu Imana yaremye. Nyamara iyi si yacumuye imeze nka ya ntama imwe yazimiye; ifite agaciro gakomeye mu maso y'Imana. Kristo yasize amasi atacumuye twagereranya n'intama mirongo cyenda n'icyenda, maze aza muri iyi si kugira ngo "ashenjagurirwe gukiranirwa kwacu." Yesaya 53:5. Imana yitanze ibinyujije mu Mwana wayo kugira ngo ibone uko inezezwa no kwakira intama yazimiye.

Kristo aravuga ati, "Uko wantumye mu isi, nanjye niko nabatumye mu isi." Yohana 17:18. Umuntu wese Kristo yakijije agomba guharanira gukiza abazimira. Ni bangahe wagaruye mu mukumbi? Burya iyo wivumbuye kubera abadashaka kwihana, uba wirengagije imitima Kristo ashaka. Hariho abantu bafite inyota y'amahoro, ariko ugasanga biyandarika mu mibereho yabo. Bene abo ni abo kubabarirwa kuko batemera kuyoborwa na Mwuka Muziranenge. Iyaba bamwumviraga, benshi muri bo bakirizwa Kristo.

Iyo intama yazimiye itagaruwe mu mukumbi, irarimbuka. Abantu benshi nabo bagwa mu irimbukiro bitewe n'uko babuze uwabaramburira ukuboko kugira ngo abazahure. Hari

benshi bifata nabi, bitewe n'uko babuze amahirwe abandi bagize. Iyo baza gufashwa bari kuba indakemwa mu mibereho yabo. Abamarayika bagirira impuhwe abameze batyo. Iyaba iyo narijye yabo bayicikagaho bakayita kure maze bakemera kugendera mu ntambwe za Kristo!

## [89] Kubona Igiceri Cy'Ifeza

Yesu yongera kubacira undi mugani ati, "Umugore waba afite ibiceri cumi by'ifeza akaburamo kimwe, ntiyakongeza itara agakubura mu nzu, akagira umwete wo gushakashaka kugeza ubwo akibona?"

Amazu menshi y'abakene yabaga ari icyumba kimwe na cyo kitagira idirishya kandi gicuze umwijima. Ibihe bakuburaga byari mbarwa. Byari biruhije cyane kubona amafaranga y'ibiceri yagwaga mu mukungugu. Kugira ngo igiceri cyatakaye kiboneke, byabaga ngombwa gukongeza urumuri no gukubura mu nzu bitonze.

Mubyo umugeni yatahanaga aje gushyingirwa, habaga harimo ibiceri by'ifeza; yabibikaga neza akazabiha abakobwa be. Kubura kimwe muri ibyo biceri byababaga ari ishyano riguye; kugitora bibaba umunezero utangaje, kuko yagombaga guhamagara abagore baturanye na we bakishimana. "Iyo akibonye ahamagara incuti ze n'abaturanyi be, akababwira ati twishimane, kuko mbonye igiceri nari nabuze. Ndababwira yuko ari ko haba umunezero mwinshi abamarayika b'Imana bishimira umunyabyaha umwe wihannye."

Intama yari izi ko yazimiye ariko itazi uburyo yataha. Ishushanya abazi ko bahabiye kure y'Imana. Igiceri cyazimiye gishushanya abazimiriye kure y'Imana, nyamara bakaba batabizi. Imitima yabo iba iri mu kaga ariko batabyitayeho. Ndetse usanga Imana ibababariye kuruta uko bibabarira.

Nubwo icyo giceri cyari mu mukungugu no mu bishingwe, cyari gifite agaciro kuko cyari ifeza. Bityo, umuntu wese afite agaciro imbere y'Imana. Nk'uko igiceri kiba kiriho ishusho y'ubutegetsi bw'igihugu, ni ko n'umuntu yahawe ishusho y'Imana mu gihe yaremwaga. Nubwo iyo shusho yahumanijwe n'icyaha, ariko ibimenyetso byayo ntibirasibangana ku muntu. Imana ishaka kongera kumugaragazamo ishusho yayo mu buryo bwo gukiranuka.

## [90] Gushaka Abo Mu Muryango Bazimiye

Uwo mugore yashatse icyo giceri cyazimiye ashyizeho umwete. Yabanje gukuraho ibintu byose byamubuzaga gushakashaka neza. Bityo, niba mu muryango hari umwe wo muri bo wazimiye, abasigaye bisuzumc, kugira ngo hatabaho amakosa cyangwa amafuti byo kumubuza kwihana.

Kongeza urumuri. Shakashaka mu ijambo ry'Imana, maze ureke rigenzure ibikorerwa mu rugo byose, byerekane igituma umwana uyu n'uyu azimira. Abana ni umurage twahawe n'Uwiteka, kandi tuzabazwa uko twafashe umutungo we.

Hari abagabo n'abagore bakora neza umurimo wa gikristo, ariko ugasanga abana babo ari abashyitsi ku Mukiza. Uburezi no guhugurira abana kubaha Imana ni wo murimo uruta iyindi ababyeyi bagomba gukorera Imana. Ni umurimo ushaka kwihangana n'umuhati mu mibereho yose y'umuntu. Imana ntizemera urwitwazo rw'uburangare urwo ari rwo rwose.

Icyakora ababyirengagiza ntibacike intege. Wa mugore wari wataye igiceri yarashyize arakibona. Reka ababyeyi bakorane n’abo mu ngo zabo kugeza ubwo bazasanga Imana banezerewe bayibwira bati “Ndi hano n’abana Uwiteka yampaye.” Yesaya 8:18.

Nidushobora gufasha abo bantu bake bo mu rugo bizatuma dushobora no gufasha abo mu muryango w’Imana. Dukunde bene Data na bashiki bacu muri Kristo kugira ngo bamenye ko dusangiye umuryango w’Imana. Impuhwe n’imbabazi zacu niziyongera, tuzagira umurimo mwiza ahadukikije hose. Abagize umuryango w’Imana bari mu isi yose, kandi muri bo nta n’umwe ukwiriye kutitabwaho. Aho twaba turi hose, igiceri cyazimiye kiradutegereje kugira ngo tugishake. Buri munsi duhura n’abantu batita ku by’idini. Aho tujya tubereka ko tubifuriza ko baba indakemwa mu by’iyobokamana? Aho tujya tubamenyesha ko Kristo ari Umucunguzi ubabarira ibyaha?

Ni nde uzi agaciro k’umuntu? Niba ushaka kukamenya, jya i Getsemani maze [91]
witegereze ibyuya bya Kristo atutubikana ibitonyanga by’amaraso. Reba Umukiza ku musaraba maze witegereze iryo kamba ry’amahwa, n’icumu bamuteye mu rubavu, n’ibirenge bye batoboye. Uzirikane ko kubw’agakiza kacu ijuru ryemeye kwigerezaho. Kristo aba yaremeye no gupfira umunyabyaha umwe gusa.

Niba ushyigikirana na Kristo uzaha agaciro umuntu wese. Nibwo uzabasha kumukiriza abo yapfiriye. Mu mihati yacu no mu mbaraga nke zacu dushobora gukiza imitima. Nubona abagana mu irimbukiro ntuzaterere iyo. Umutima wawe uzabagirire ibambe, maze ubaramburire ikiganza ubafashe. Kubera kwizera n’urukundo uzabazanire Kristo.

Abitangira gufasha abandi basezeranirwa ubufasha bwose buboneka mu ijuru. Kandi iyo umuntu umwe agaruriwe Imana, abo mu ijuru bose barishima.

[92] ## Igice Cya 16 - Umwana Wararutse Akagaruka Kwa Se

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Luka 15:11-32).

Umugani w'intama yazimiye, uw'igiceri cyatakaye n'uw'umwana wararutse itwereka uburyo Imana igirira impuhwe abahabira kure yayo. "Habayeho umugabo akagira abahungu babiri. Rimwe, umutoya abwira se ati Data, mpa umunani wangeneye! Nuko se abaha bombi iminani yabo. Hashize iminsi mike, umutoya akorakoranya ibye byose, yigira mu gihugu cya kure. Ahageze yiyandarika mu byo kwinezeza, ibye abipfusha ubusa."

Uwo muhungu muto yibwiraga ko nta mundendezo afite kwa se. Nibwo agambiriye gukora ibyo yishakiye. Ntiyashatse kumvira ibyo se amutegeka; ahubwo yashatse kubona umurage kandi yarajyaga kuwuhabwa se apfuye. Yishakiraga kwinezeza yamaranye igihe gito, ntiyita ku munezero w'igihe kizaza. Yagiye kure y'iwabo afite uruhago rwuzuye amafaranga. Inshuti mbi zimutahaho, zimufasha kwayisha ubutunzi bwe kwiyandarika mu byo kwinezeza.

Bibiliya ivuga ko hari abantu "biyita abanyabwenge bagahinduka abapfu. "Abaroma 1:22. Ubutunzi uwo musore uvugwa mu mugani yahawe na se, yabwayishije ubusambanyi. Ubwenge no kujijuka bya gisore ndetse no kumenya Imana byatwikiriwe n'ingeso mbi yo kwiyandarika no gushayisha mu byaha.

Inzara ikomeye itera muri icyo gihugu, maze abura uko yagira. Agira atya ajya gusaba akazi ku muturage wo muri icyo gihugu. Uwo muturage amwohereza mu isambu ye kuragira ingurube.

[93] Ako kari akazi k'inyuma kuruta akandi kose kariho. Wa musore wirataga ngo arashaka umudendezo, ngaho aho yari ageze mu bubata yikururiye. "Yari afashwe no gukiranirwa kwe. " (Imigani 5:22). Yicaye aho yari aragiye ingurube yigunze, "yifuza guhazwa n'ibyo izo ngurube zaryaga, ariko ntihagira ubimuha. " Ubwo se umunezero yashakaga wari he? Amafaranga yari yaramushizeho, inzara yari igiye kumuhitana, n'ishusho ye yari yarahindutse. Yiyumvagamo ko ntacyo akimaze ku isi. Yari uwo kubabarirwa.

Nguko uko umunyabyaha amera! Iyo umunyabyaha abogamiye mu byo ararikiye, atangira kwitandukanya n'Imana. (Abaroma 1:28). Ariko tumenye ko umuntu wese ugerageza kwitandukanya n'Imana aba yigomwe imbaraga itangaje, kandi aba yishingiye igiti ku buryo nta mahoro abasha kugira Uwitandukanije n'Imana muri ubwo buryo aba yihinduye imbata y'amafaranga, ibitekerezo bye bigacupira agasigara aharanira iby'isi gusa.

Niba rero warahisemo imibereho imeze ityo, wahisemo gupfusha amafaranga yawe ubusa ugura ibitari ibyokurya nyakuri. Igihe kizagera ubwo uzasanga warasubiye inyuma. Igihe uzaba uri mu bwigunge "mu gihugu cya kure, " ubuhamya buzakurembya utakambe uti "mbonye ishyano! Ni nde wankiza uyu mubiri utera urupfu? " Abaroma 7:24. Umuntu anambuka ku Uwiteka Imana ... azaba ameze nk'inkokore yo mu butayu, ... azatura ku gasi ko mu butayu, mu gihugu cy'ubukuna kidatuwemo. " Yeremiya 17:5,6. Abantu bafite ubushobozi bwo kwigomwa umucyo n'imigisha. Iyo Zuba ryo gukiranuka aturasiye, imigisha y'ubuntu ikatugomororerwa nta cyo dutanze, iyo twinangiye tukitandukanya n'Imana, nta kindi kiba gisigaye atari "ugutura ku gasi ko mu butayu."

Imana iracyahamagara uwitandukanije na yo. Kandi ikoresha uburyo bwose kugira ngo igarure bene uwo muntu mu nzu yayo.

Uwo mwana wararutse abonye abuze epfo na ruguru "yisubiyeho." Imbaraga ya Satani yahise imutamurukaho. Yimenyeho ubugoryi, maze aravuga ati "abagaragu ba [94]
data ni benshi, kandi bararya bagasigaza, naho jye inzara insinze hano! Reka mpaguruke njye kwa data." Urukundo rwa se rwamure-herezaga kugaruka imuhira. Bityo tuzirikane ko urukundo rw'Imana ari rwo ruhata umunyabyaha kugarukira Imana. "Kugira neza kw'Imana ni ko kuturehereza kwihana." Abaroma 2:4. Umurunga w'izahabu, ari wo mpuhwe n'imbabazi z'urukundo rw'Imana uherezwa umuntu wese ugeze mu mazi abira. Uwiteka aravuga ati "Ni ukuri nagukunze urukundo ruhoraho; ni cyo cyaumye ngukuruza ineza, nkakwiyegereza. " Yeremiya 31:3.

Nuko uwo muhungu yiyemeza kujya kwa se no kumubwira ati "Data, nacumuye ku Mana nawe ngucumuraho, ntibinkwiriye kwitwa umwana wawe." Luka 15:18. Uwo musore yasize ingurube, yerekeza inzira igana iwabo. Nubwo yateguzaga kubera inzara, ariko yakomeje urugendo. Ingorane zari zimaze kumuvanamo agasuzuguro, maze yihutira gusaba umwanya w'umugaragu aho yahoze ari mwene nyir'urugo.

Igihe uwo musore yari mu nkundarubyino z'abasore bagenzi be, ntiyigeze yibaza agahinda yateye se n'umutima ushavuye yamusiganye. Mu gihe yari mu nzira atashye, ntiyamenye ko hari umuntu umureba. Akiri "kure cyane" se yaramumenye. Amaso y'urukundo abona vuba. Se "yaramubabariye, arirukanka, aramuhobera, aramusoma."

Se ntiyatumye hari abashinyaguzi babona uko umwana we asigaye asa, n'ubushwambagara yari yambaye. Yivanyemo igishura cyiza yari yambaye maze agifubika uwomwana we wari usigaye amanitse amahahara, uwo musore atangira kudondoberanya amagambo yo kwicuza ati "Data, nacumuye ku Mana nawe ngucumuraho, ntibikinkwiriye kwitwa umwana wawe." Se aramuhobera, amujyana imuhira. Ntiyatumye asaba umwanya wo kwibera umugaragu. Yakomeje kuba umwana n'umuragwa.

Se ni ko kubwira abagaragu be ati, "Mwihute muzane vuba umwenda uruta iyindi, muwumwambike, mumwambike n'impeta ku rutoke n'inkweto mu birenge. Muzane [95]
n'ikimasa cyiza kibyibushye, mukibage, turye twishime; kuko uyu mwana wanjye yari yarapfuye, none akaba azutse, yari yarazimiye none arabonetse. Nuko batangira kwishima."

Muri uko gukubita hirya no hino k'uwo mwana wararutse, yibwiraga yuko se ari umunyabukana n'umunyamahane. Aho agarukiye ni bwo yabashije kumusobanukirwa neza! Ni ko bigenda no ku bo Satani atwaza igitugu, bareba Imana nk'aho ihora irebuza ibyaha byabo igendereye kubaciraho iteka Bareba amategeko yayo nk'ikintu kibabuza umunezero. Ariko umaze guhumurwa n'urukundo rwa Kristo abona ko Imana yuzuye imbabazi, nk'umubyeyi wifuza guhobera umwana we wihannye. "Nk'uko se w'abana abagirira ibambe, ni ko Uwiteka arigirira abamwubaha. " Zaburi 103:13.

### Uwiteka Ntiyibuka Ibyaha Byacu Ukundi

Mu mugani uwo mwana yumvise ko ababariwe ibya kera kandi ko byibagiranye. Bityo, Imana ibwira umunyabyaha iti "Neyuye ibicumuro byawe nk'igicu cya rukokoma, ibyaha byawe mbikuyeho." Yesaya 44:22 (Reba na Yesaya 55:7).

Wahabiye kure y'Imana? Waba waragerageje gusogongera ku cyaha maze ugasanga ingaruka zacyo zirura? Ubu se imibereho n'imigambi yawe imaze gucubanganywa n'icyaha, ku buryo wumva uri mu bwigunge kandi wihebye?

Rya jwi ryahoraga rikomanga ku mutima wawe ubudahwema rirakubwira riti, “Ngarukira, kuko nagucunguye. ” Yesaya 44:22.

Ntukite ku nama y’umwanzi akubwira ko ugomba kubanza kuba intungane mbere y’uko usanga Imana. Nutegereza utyo ntuzayisanga iteka ryose. Ibuka isezerano rya Yesu wavuze ati “Uza aho ndi sinzamwirukana na hato.” Yohana 6:37. Bwira umwanzi ko
[96] amaraso ya Kristo ahagije kukwezaho ibyaha byose. Iri sengesho rya Dawidi ribe iryawe: “Unyuhagire, ndaba umweru ndushe urubura.” Zaburi 51:7.

Nubwo watera intambwe imwe gusa wicuza kuri So wo mu ijuru, azaguhoberana urukundo. Igitekerezo kibanza cyo kugarukira Imana umuntu agira, Imana ikimenya rugikubita. Nta sengesho risengwa Imana itumva, nta n’amarira iyoberwa, nubwo byaba mu ibanga. Umwuka w’Imana ahora yiteguye gusanganira umuntu wese uje agana Imana. Ndetse n’igihe umuntu ataratangira gusenga, ubuntu bwa Kristo bwihutira gukorana n’ubuntu bukorera mu mutima w’umuntu.

So wo mu ijuru azakwambura imyambaro y’ubushwa-mbagara yatowe ibizinga n’icyaha. Ijambo ry’Uwiteka ni ryo rivuga riti “Nimumwambure iyo myenda y’ibizinga. Abwira uwo muntu ati dore ngukuyeho gukiranirwa kwawe, kandi ndakwambika imyambaro myiza cyane.” Zakariya 3:4. Imana izakwambika “imyambaro y’agakiza, n’ikanzu yo gukiranuka.” Yesaya 61:10. “Izakwishimana inezerewe.” Zefaniya 3:17. Ijuru n’isi bizafatanya na Data wa Twese mu ndirimbo ye y’ibyishimo: “Kuko uyu mwana wanjye yari yarapfuye, none akaba azutse; yari yarazimiye, none arabonetse.”

## Amacakubiri Arogoya Ibirori

Kristo atugezaho umugabane wa kabiri w’uwo mugani agira ati: “Ariko umwana we w’imfura yari ari mu murima. Agarutse, ngo agere hafi y’urugo yumva abacuranga n’ababyina. Ahamagara umugaragu, amubaza ibyabaye ibyo ari byo. Aramubwira ati, murumuna wawe yaje, none se yamubagiye ikimasa kibyibushye, kuko amubonye ari muzima. Undi ararakara, yanga kwinjira.”

Uwo muhungu mukuru ntiyari ahagaritse umutima kubera ikibazo cya murumuna we wazimiye, nk’uko se yari awuhagaritse. Kubera iyo mpamvu ntiyifatanije nabo mu munezero wo kwishimira ko uwahabye ahabutse. Ishyari ry’uko uwararutse bamugiriye icyiza , rituma yanga kwinjira mu nzu ngo yakire murumuna we.

[97] Igihe se yasohokaga aje kumwingingira kwinjira, kwiyemera k’uwo musore kwarushijeho kwigaragaza. Yahuraguye ibigambo by’uburakari imbere ya se, avuga ko atigeze amufata nk’umwana we, ngo ahubwo ko yamufashe nk’umugaragu. Imibereho ye yaharaniraga inyungu z’ibigaragarira amaso gusa. Ibyo byatumye agira uruhare ku binezeza by’ibyaha. Yagiriye umuvandimwe ishyari kubera ibyiza yagiriwe. Yerekanye ko atamwitayeho ndetse ko atamwemera nk’umuvandimwe. Ni yo mpamvu yashubije se ati “Uyu mwana wawe.”

Ariko se amusubizanya ineza ati “Mwana wanjye, turabana iteka, kandi ibyanjye byose ni ibyawe. ” Umuhungu we ntiyagombaga kubaza iby’impano cyangwa se ingororano ivuye mu mutungo wa se kuko byose byari ibyabo. Umwana umwe yari yarihwanyuye ku muryango bitewe n’uko atitegereje neza ngo amenye urukundo se amukunda. Ariko yaragarutse ibitekerezo bibi byose bisimburwa n’ibyishimo.

“Kuko murumuna wawe uyu yari yarapfuye, none arazutse; yari yarazimiye, none arabonetse.”

Mbese uwo muhungu w’imfura yaba yarageze aho akabona ko nubwo murumuna we yari yaragoramye akiri umuvandimwe we? Yaba yaricujije inabi n’ishyari yagiriye

murumuna we? Kuri icyo Kristo yaracecetse, ntiyadusobanuriye ibirenze ibyo. Yashatse ko abumva uwo mugani bishakira umwanzuro w'ibyakurikiyeho.

Uwo muhungu mukuru ashushanya Abafarisayo bo mu bihe byose batishimira ko abo bita abanyabyaba bihana. Bibwira ko ngo ubwo bo batashayishije mu byaha, bihesheje gukiranuka. Biyita abana bo mu nzu y'Imana, nyamara bakayikorera nk'abacanshuro, badakorana urukundo, ahubwe bakorera ibihembo. Bareba Imana nk'aho ari umukoresha w'intavumera. Kugaruka k'uwararutse bishimisha umutima wa Data wa twese ariko bo bibatera ishyari.

Mu mugani umubyeyi wingize umwana we ashushanya ukuntu Imana yakomeje [98]
kwinginga Abafarisayo ngo bihane. «Ibyo ntunze byose ni ibyawe." Si ibihembo ahubwo ni impano. Ubihabwa ku bw'urukundo rwa Data wa twese gusa, ariko ubundi utari ubikwiriye.

Kwigira intungane ni ukunyaga Imana icyubahiro kiyikwiriye. Bituma umuntu atagira ubwuzu mu by'iyobokamana ndetse akabikerensa. Uwo muhungu mukuru yarebuzaga amafuti ya murumuna we, agakuririza akantu kose kabi amubonyeho. Bityo akumva ari mu kuri igihe yanga kumugirira imbabazi.

Nimwimenyaho ko muri abanyabyaha bakijijwe n'urukundo rwa Data wa twese uri mu ijuru, muzagirira impuhwe abakibabazwa n'icyaha. Muzifatanya n'Imana kugirira impuhwe abazimiye, no gusangira na yo umunezero wo guhabura abahabye. Nguwo umurimo Imana yatoranirije abayikunda kugira ngo «babohore abantu ingoyi z'urugomo, no guhambura imigozi y'uburetwa, no kurenganura abarengana, no guca iby'agahato byose.» Yesaya 58 :6.

Uvuga ko uri umwana w'Imana ; ariko «uwo ni mwene so, yari yarapfuye, none arazuse. Yari yarazimiye, none arabonetse." Ntubasha kumwiyuhagira, kuko ari mwene so kandi na we ni umwana w'Imana nkawe. Igihe umwihakanye uba ugaragaje ko uri umuntu uca inshuro gusa utari umwana mu muryango w'Imana. "Udakunda ntazi Imana, kuko Imana ari urukundo." 1 Yohana 4:8

[99] ## Igice Cya 17 - Imana Yihanganira Igiti Kitera Imbuto

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Luka 13:1-9).

"Umwana w'umuntu ntiyaje kurimbura abantu, ahubwo yaje kubakiza." Luka 9:55. "Kuko Imana itatumye Umwana wayo mu isi guciraho iteka abari mu isi, ahubwo yabikoreye kugira ngo abari mu isi bakizwe na we. " Yohana 3:17. Imbabazi z'Imana zigendana n'ubutabera bwayo bwasobanuwe mu mugani w'umutini.

Kristo ntiyahwemye guhwiturira abantu kwakira ubwami bw'Imana. Yarabacyashye kubera uburangare bari bafite. Bashoboraga gusobanura ibimenyetso by'ikirere, ariko ntibashobore kumenya ibimenyetso by'ibihe byerekezaga ku murimo we.

Abari bateze Yesu amatwi, bibwiye ko ibyo avuga bitabareba, maze batangira kumutekerereza ibyerekeye umuvurungano watewe ba Pilato, umutware w'i Yudeya. Yagerageje gukoresha igitugu ahosha izo mvururu zari zabereye i Yerusalemu. Abasirikari be bateye mu rusengero maze batemagura Abanyagalilaya bari baje gutambira Imana ibitambo. Abamubwiraga ibyo bibwiraga ko bo ari intungane kuruta abo Banyagalilaya batemaguwe n'ingabo za Pilato. Bibwiraga ko bo ari intungane imbere y'Imana kurusha abo Banyagalilaya. Bibwiraga kandi ko Yesu ashima iryo teka baciriye kuri bagenzi babo.

Kristo yari yarigishije abigishwa be uko bakwiriye kwifata mu gihe bahuye n'ikibazo cyo gucira abandi urubanza. Nyamara bari biteze ijambo rica iteka ko abo Bantu bari abanyabyaha ruharwa. Batangajwe n' igisubizo cye ubwo yavugaga ati, "Mbese mugira ngo abo Banyagalilaya bari abanyabyaha kuruta abandi ubwo bababajwe batyo? Ibyo
[100] byago byabereyeho kugira ngo bibere akabarore abigishwa na rubanda rwose maze ngo bihane ibyaha byabo. Umuraba w'uburakari wari ugiye guhitana abanze gushaka ubwihisho muri Kristo bose. Yesu yakoresheje amaso n'ibitekerezo bya gihanuzi maze abona Yerusalemu igoswe n'ingabo z'abanzi. Yabonye abantu ibihumbi n'ibihumbi barimbukira muri uwo murwa wari ugoswe n'ababisha. Yesu arababwira ati "Ahubwo namwe nimutihana, muzarimbuka mutyo mwese." Arakomeza ati, "Hariho umuntu wateye umutini mu ruzabibu rwe Bukeye araza awushakiraho imbuto arazibura. Abwira umuhinzi ati, dore uyu mwaka ni uwa gatatu nza gushaka imbuto kuri uyu mutini, sinzibone; uwuce: urakomeza kunyunyuriza iki ubutaka?"

Dawidi yaririmbye Israyeli ayita umuzabibu wakuwe mu Misiri. Yesaya na we yanditse ati "Uruzabibu rw'Uwiteka Nyiringabo ni inzu y'Israyeli." Yesaya 5:7. Abantu bo mu gihe cya Yesu bashushanywa n'umutini mu ruzabibu rw'Uwiteka. Imana yateye Israyeli nk'umuzabibu iruhande rw'amasoko y'ubugingo "ku musozi urumbuka. Yarurimbuyemo amabuye, aruteramo insina y'uruzabibu y'ubwoko bwiza cyane."

"Yiringiye ko ruzera inzabibu, ariko rwera indibu." Umurongo wa 2. Abantu bo mu gihe Yesu yari ku isi bakundaga kwirata ubutungane kurusha Abayuda bo mu bihe bya kera. Ariko bari bakeneye cyane ubuntu bw'Umwuka, kuko ari we utuma imico y'abantu yera imbuto nziza.

Umwana w'Imana yaje ashaka amatunda kuri icyo giti ariko ntiyagira na rimwe akibonaho. Abisrayeli bari barerekanye Imana nabi mu yandi mahanga. Ntibari imburamumaro gusa, ahubwo bari n'inkomyi. Idini yabo yari ikabije kurimbura abantu mu cyimbo cyo kubayobora ku gakiza.

Mu mugani, umuhinzi yifatanije na nyir'uruzabibu mu kibazo cy'icyo giti kitera imbuto. Nta cyamunezeza kindi kitari uko yabona gikura kandi kikera imbuto. Niko kumubwira ati, "Databuja, uwureke n'uyu mwaka, nywuhingire, nywufumbire. Ahari hanyuma wakwera imbuto; icyakora nutera, uzawuce. " Umuhinzi atangira kuwitaho cyane, no kuwukuyakuya uko ashoboye kose.

Nyiruruzabibu n'umuhinzi bashishikajwe no kumenya iby'uwo mutini. Bityo, Data [101]
wa twese n'Umwana bari bahuje intego mu rukundo bakundaga ubwoko bwatoranijwe. Imana yari yarakoresheje uburyo bwose kugira ngo bere imbuto babone uko bahesha isi yose umugisha.

Yesu ntiyigeze avuga amaherezo y'umurimo w'umuhinzi. Umwanzuro w'uwo mugani wahariwe abumvise amagambo ye. Mu byago byose byari byarabaye ku Bisrayeli, nyir'uruzabibu ntiyahwemaga kubaburira.

Aho wowe ntiwaba uri igiti kitera imbuto mu ruzabibu rw'Uwiteka? Aho amaherezo ntuzabwirwa amagambo yo kurimbuka? Ni igihe kingana iki Imana yakwihanganiye itegereje ko nawe wayitura urukundo? Utwara izina rya Kristo ku izina gusa, ariko imibereho ye ntikurangwamo. "Imbuto z'umwuka" ntizigaragara mu mibereho yawe.

Icyo giti cyarumbye ariko cyari cyarabonye imvura, umucyo, no kwitabwaho n'umuhinzi. Amashami yacyo atonda hejuru y'ibindi bimera ku buryo abibuza kwera imbuto kubera igicucu cyacyo. Bityo imigisha Imana iguha urayikubira ntuyisangire n'abandi batuye kuri iyi si.

Aho waba uzi ko upfusha "ubutaka ubusa."Nyamara ku bw'imbabazi z'Imana nyinshi, ntiyigeze igutsembaho. Ntiguhana ngo urimbuke. Irakuririra nk'uko yaririye Abisrayeli iti "Naguhana nte? " Hoseya 11:8. Umukiza w'impuhwe nyinshi arakuzirikana ati, cyihanganire uyu mwaka gusa, mbanze ngihingire, ngifumbire. Biratangaje kubona uburyo Kristo yagerageje gufasha Abisrayeli mu gihe bari begereje iherezo ry'igihe cy'imbabazi bongerewe. Ku musaraba yarabasabiye ati "Data, ubababarire, kuko batazi
icyo bakora " Luka 23:34. Amaze gusubira mu ijuru, ubutumwa bwabanje kubwirizwa [102]
i Yerusalemu, Mwuka Muziranenge asukwa ku baturage baho. Aho ni ho hahanzwe itorero rya mbere ry'intumwa ryamamaje inkuru y'Umukiza wazutse. Aho ni ho Sitefano bamutereye amabuye arasinzira. Kristo yaravuze ati, "Ikintu nari nkwiriye gukorera uruzabibu rwanjye ni ikihe?" Yesaya 5:4. Nirwera amatunda, ni byiza. Ariko se nirutera?

Umutima utumvira intumwa zo mu ijuru ugakomeza kwinangira, amaherezo ntuba ucyumvira n'ibyo Mwuka Muziranenge awubwira. Ubwo ni bwo rya jambo rivugwa ngo: "Uwuce; urakomeza kunyunyuriza iki ubutaka? " Uyu munsi Kristo arakubwira ati "Israyeli we, garukira Uwiteka Imana yawe ... Nzakiza gusubira inyuma kwawe, nzagukunda urukundo rutagabanije." Hoseya 14:1,4.

## [103] Igiee Eya 18 - Jya Mu Nzira Nyabagendwa No Mu Mihora

[104]

[105] (Ibiri muri iki gice bishingiye muri Luka 14 :1; 12-24).

[106]

[107] Umukiza yatumiwe n'Umufarisayo mu birori. Nk'uko kari akamenyero kw'Umukiza, yabifashe nk'icyigisho cyo kuburira abantu no kubahugura. Mu mugani w'ibirori bikomeye byo gufungurira hamwe, Kristo yerekanye ko Abayuda banze kurarikirwa imbabazi no guhamagarirwa ubwami bw'Imana, kandi ko uko kurarikwa basuzuguye kwagombaga guhabwa abo bakerensaga.

Kristo yabwiye Umufarisayo ati "Nurarika abantu ngo musangire ku manywa cyangwa n'ijoro, ntukararike incuti zawe cyangwa abavandimwe, cyangwa bene wanyu, cyangwa abaturanyi b'abatunzi, kugira ngo batazakurarika nawe bakakwitura. Ahubwo nurarika, utumire abakene n'ibirema; n'abacumbagira n'impumyi. Ni bwo uzahirwa, kuko bo badafite ibyo bakwitura, ahubwo uziturwa abakiranutsi bazutse."

Amagambo ya Kristo yari ayo gukangara kwihugiraho kw'Abisirayeli bikubiraga umutsima w'ubugingo. Kugira ngo uwo Mufarisayo yerekeze ikiganiro ahandi yaravuze ati: "Hahirwa umuntu uzaherwa ifunguro mu bwami bw'Imana." Uwo mugabo yavugaga nk'uwizeye umwanya muri ubwo bwami. Amatwara ye yari ameze nk'aya ba bandi bishimira ko bakijijwe na Kristo ariko bakaba badahuje n'ibigenga agakiza basezeranijwe. Umufararisayo ntiyitekerezaga ko yaba akwiriye ijuru ahubwo yatekerezaga ibyo yiringira byazamushimisha mu ijuru. Yari agendereye kujijisha abashyitsi bari aho kugira ngo bibagirwe inshingano zabo zo muri ubu bugingo.

Kristo yaberetse ko bari bafite icyo bagomba gukora kugira ngo bazagire uruhare ku
[108] mahirwe y'igihe kizaza, ni ko kubabwira ati "Habayeho umuntu, akoresha umunsi mukuru ukomeye, ararika n'abantu benshi. Igihe cyo gufungura kigeze yohereza umugaragu we guhamagara abatumiwe, ababwira ati nimuze, kuko ibintu byateguwe. Nuko bose batangira guhuriza hamwe gushaka impamvu z'urwitwazo. Uwa mbere ati naguze umurima, none ndashaka kujya kuwureba, ndakwinginze mbabarira. Undi ati naguze amapfizi cumi yo guhinga, none ngiye kuyagerageza, ndakwinginze mbabarira. Naho undi ati narongye, none simbasha kuza."

Nta rwitwazo na rumwe ubona rufite ishingiro. Umuntu "washakaga kujya kureba umurima," yari yaramaze kuwugura. Yari yitaye ku byo yaguze gusa. Amapfizi nayo yari yaraguzwe, kuyagerageza byerekanaga gusa ko umuguzi yanyuzwe. Naho umutumirwa wavuze ko yarongoye, kurongora si byo byajyaga kumubuza kujya mu birori. Umugore we na we yajyaga kwakirwa. Nyamara yibwiye ko hari ibindi byamunezeza kuruta kujya aho yararitswe. Mu guhakana kwe ntarakarushya aniyerurutsa. Kuvuga ngo "simbasha kuza" kwari uguhisha ukuri gusa, ni nk'aho yavuze ati "kuza simbyitayeho."

Urwitwazo rwose bagiye batanga rwerekanaga ibyo bahugi-yemo. Izo ngirwabatumirwa zari zatwawe umutima n'ibindi. Ugutumirwa basezeranye ko bemeye bagushyize iruhande, inshuti yabagiriye ubuntu barayitetereza.

Kristo agereranya ibiro bikomeye n'imigisha ikomoka mu butumwa bwiza. Intumwa z'Uwiteka zayoboye Abayuda kuri Kristo zivuga ko ari "Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi." Yohana 1:29. Mu birori bagiriwe, Imana yabahaye impano ihebuje zose ijuru rishobora gutanga Urukundo rw'Imana ni rwo rwari rugize

ibyo birori bihambaye Kristo yaravuze ati "Urya uwo mutsima, azabaho iteka ryose." Yohana 6:51.

Ariko kugira ngo abantu bemere uko kurarikwa, bakwiriye kureka kwita ku by'isi [109] bakakira Kristo no gukiranuka kwe. Imana yatanze byose kubera umuntu, kandi icyo Imusaba ni ugushyira hejuru umurimo wayo ugasumba gukunda iby'isi no kwihagaraho. Kristo aravuga ati "ukunda se cyangwa nyina kudandutisha ntaba akwiriye kuba uwanjye. Kandi ukunda umuhungu we cyangwa umukobwa we kubandutisha, ntaba akwiriye kuba uwanjye. " Matayo 10:37.

### Mbega ukuntu kubona ubatumirwa biruhije!

Abo bantu bumvaga amagambo ya.Kristo bamenye ko bahaye agaeiro gake ukurarika kw'imbabazi. Bari baratwawe umutima n'ubutunzi n'ibibanezeza.

Ni ko bimeze no muri iki igihe. Urwitwazo rwose rwatanzwe banga kurarikwa ni rwo rutangwa banga ukurarika k'ubutumwa bwiza. Abantu babara inyungu z'igihe gito bakaziha agaciro karuta ak'ubutunzi bw'iteka ryose. Babwira intumwa y'imbabazi bati "none igendere, nimbona igihe nzagutumira." Ibyakozwe 24:25. Abandi bavuga ko badashobora gucisha ukubiri na bene wabo. Umwami Yesu abona ko urwitwazo nk'urwo rudashyitse, ahubwo ko ari ukwerekana ko wanze ko akurarika.

Umuntu wavuze ati "narongoye none sinshobora kuza, " agereranya abantu benshi bemerera abo bashakanye kubabuza kwita ku kurarika kw'Imana. Abagabo n'abagore n'abana bose batinya icyabatandukanya n'ab'umuryango. Bibwira ko iyo banze kumvira Imana baba bashakiye amahoro urugo rwabo, ariko igihe banga urukundo rwa Kristo nta kindi baba banze kitari icyabasha gushyigikira urukundo rw'ikiremwamuntu. Bene abo ntabwo bazabura ijuru gusa, ahubwo bazananirwa no kwishimira icyatumye ijuru ribabera igitambo.

Nyir'urugo "yararakaye abwira umugaragu we ati sohoka vuba, ujye mu nzira nini n'into zo mu mudugudu, uzane hano abakene n'ibirema n'abacumbagira n'impumyi."

Nyir'urugo yaretse abasuzuguye ubugiraneza bwe, maze atumira abakene n'abashonji. [110] N'ubwo abantu baba akahebwe bate, ntibagera kure aho Imana itamenya aho bari cyangwa aho urukundo rwayo rudashobora kugera. Kristo ashaka guha abarushye n'abatotezwa, umucyo n'umunezero n'amahoro.

Umugaragu winjije abakene n'impumyi yabwiye shebuja ati "Databuja, nakoze ibyo mwategetse, ariko haraeyari imyanya. Shebuja aramubwira ati ongera ujye mu mayira yose no mu mihora, maze uhate abantu baze, kugira ngo urugo rwanjye rwuzure. " Aho ngaho Kristo yerekanaga umurimo wo kubwiriza ubutumwa ahatari mu karere k'Abayuda, ahubwo mu nzira nini no mu mihora by'isi.

Abigishwa ba Kristo bajyanye mu isi yose inkuru nziza z'agakiza. Byateye abantu ibyiringiro byo gusangirira umurage n'intungane ku mugaragaro, ibyiringiro bishingiye ku kwizera no kumvira. Ubwo butumwa buravugwa no muri ibi bihe, kandi muri iki gihe buragendana no gutangaza ko kugaruka kwa Kristo kuri hafi. Ibimenyetso byo kugaruka kwe byarasohoye, kandi ku bwo kwiga ijambo ry'Imana tubasha kumenya yuko Umwami wacu ageze ku rugi.

### Gutangaza Umunsi w'Urubanza

Yohana yahanuye yuko ubutumwa bwiza buzatangazwa mbere yo kugaruka kwa Kristo. Yabonye Marayika "aguruka aringanije ijuru, afite ubutumwa bw'iteka ryose ngo

abwirize abantu... avuga ijwi rirenga ati nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye." Ibyahishuwe 14:6,7.

**Uko kwamamaza ni ugutangaza ko kugaruka kwa Kristo**

kuri hafi, kandi kwitwa ubutumwa bw'iteka ryose. Bityo gutangaza ko kugaruka kwa Kristo kuri hafi ni umugabane w'ingenzi w'ubutumwa bwiza.

[111] Bibiliya ivuga yuko mu minsi y'imperuka abantu bazaba bahugiye mu byo kwinezeza no gushaka amafaranga. Bazaba impumyi ku byerekeye ukuri kw'ibihe byose. "Nk'uko byagenze mu gihe cya Nowa, ni ko bizaba no mu gihe cyo kuza k'Umwana w'umuntu. Muri iyo minsi yabanjirije umwuzure, abantu bararyaga bakanywa, barashyingirwaga bagashyingira n'abakobwa babo, kugeza umunsi Nowa yinjiriye muri ya nkuge ntibabimenya, bigeza n'igihe umwuzure uziye urabahitana bose. Ni na ko no kuza k'Umwana w'Umuntu kuzamera." Matayo 24:37-39.

Muri iki gihe abantu biruka ku ndamu no ku irari rishingiye ku kwihugiraho, nkaho ari nta Mana ibaho cyangwa ubugingo buhoraho. Ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo bwagenewe gukangura bene abo, kugira ngo bite ku Mwami Yesu ubararikira kuzasangira na we. Kurarika k'ubutumwa bwiza ni ukumuri-kishiriza isi yose icyubahiro cyabwo. Ni ukugera ku Bantu bo mu nzego zose, abakire n'abakene, n'aboroheje n'abakomeye.

Abantu basonzeye ubutumwa bwiza. Bake gusa nibo babwiriza ijambo ry'Imana ritavangavanze n'inyigisho z'abantu. Nubwo abantu bafite Bibiliya, ntibakira imigisha iyirimo Imana yabateganirije. Umwami Yesu arahamagara abagaragu be kugira ngo bashyire ubutumwa bwe abantu barimbukira mu byaha. Mu itegeko ryo "kujya mu nzira nyabagendwa no mu mihora, " Kristo akoresha abantu bose yahamagariye kumukorera. Umwami Yesu yifuza ko ijambo ry'ubuntu bwe ryagezwa ku muntu wese.

Ku ruhande runini ibyo bibasha gusohozwa umuntu wese agize icyo akora. Kristo yita cyane ku buryo bwiza bwo kwigisha umuntu umwe umwe. Kubera umuntu umwe, ubutumwa bwageze ku bantu ibihumbi. Ntidukwiriye gutegereza ko abantu badusanga; dukwiriye kubashaka. Abantu benshi ntibashobora kwakira ubutumwa hatagize ababubagezaho.

Iyo abatambyi b'Abayuda na rubanda baza kwita ku guhamagarwa, baba barafatanije
[112] n'intumwa za Kristo kugeza ubutumwa ku bo mu isi. Banze kwitaba, bahamagarwa abakene n'abacumbagira n'impumyi. Abasoresha n'abanyabyaha bemeye kurarikwa. Igihe ubutumwa bwageraga ku batari Abayuda, bwagombaga kubanza kuvugirwa mu nzira "nyabagendwa" ku bantu bafite uruhare mu mirimo y'igihugu, ku bigisha no ku bayobora abantu. Abagombaga kumva uko kurarika mbere na mbere ni abakomeye mu mashyirahamwe, ubucuruzi, abari mu myanya yo hejuru, abantu b'impuguke, n'abigisha b'ubutumwa bwiza batari basobanukirwa n'ukuri ko muri iki gihe.

Abakozi benshi b'abakristo ntibatinyuka kwegera abantu bigishijwe bari mu myanya ikomeye bo ku isi, cyangwa abatunzi n'abandi bagize amahirwe yo kubona imyanya y'icyubahiro. Ariko ntibyari bikwiriye kumera bityo. Umuntu aramutse arohamye mu ruzi, ntitwakwihagararira hariya ngo tumureke apfe ngo ni uko ari umwigishamategeko, umucuruzi cyangwa se umucamanza.

Benshi mu bari mu myanya yo hejuru bashenguka imitima, barwazwa ubwibone bari ku isi kandi bafite inzara n'inyota by'agakiza. Benshi bashobora gufashwa, abakorera Imana babashije kubasanga bafite ubugwaneza. Kugira ngo ubutumwa bwiza bugere ku ntego yabwo ntibyaterwa no kujya impaka, ahubwo byaterwa no kwieisha bugufi no gushyikirana n'abantu basonzeye umutsima w'ubugingo. Abagabo n'abagore bagaragara

ko bagwiriwe n'amahirwe, kenshi babasha gukomezwa n'amagambo yoroheje y'umuntu ukunda Imana.

Ijambo ry'ukuri kudakebakeba ry'umwana w'Imana rivuganywe kwiyoroshya, rifite imbaraga yo gufungura ibihindizo by'inzugi z'imitima zimaze iminsi myinshi zugariwe. Mureke umukozi wa Kristo asingire intebe y'Imana afite kwizera, kugira ngo Imana imuhe imbaraga y'agakiza. Azahabwa Mwuka Muziranenge umuhagije. Abamarayika bafasha abantu baguma iruhande rwa Mwuka uwo, kugira ngo bemeze imitima yabo. Mbega ukuntu umujyi wajyaga kuba iremero ry'ubutumwa, iyo abayobozi b'i Yerusalemuu baza kwakira ukuri Kristo yazanye ! Abisirayeli baba barahindutse. Kandi bari kugeza ubutumwa bwiza mu isi yose vuba. No muri iki gihe, iyo abantu bafite ubushobozi baza [113]
kuba abakristo bajyaga gukora umurimo ukomeye wo kubyutsa abantu baguye mu cyaha no kwamamaza ubutumwa bw'agakiza! Bidatinze abatumirwa bashobora guteranirizwa ku meza y'Umwami Yesu.

## Ntidukwiriye Kwirengagiza Abakene

Kristo yigishije abigishwa be kujya mu nzira nyabagendwa no mu mihora, bataretse n'abakene n'abantu b'insuzugurwa. Mu mijyi minini no mu tuyira two mu giturage, hari imiryango n'abantu batari bamwe, ahari ni abanyamahanga batari mu gihugu cyabo, maze mu bwigunge bwabo bakaba bakwibwira ko Imana yabibagiwe. Benshi barigise mu byaha, baremererwa n'ibyo bifuza, no kutizera no gucika intege. Satani abageragerasha gushaka icyaborohereza ingorane zabo, irari n'ibibanezeza bijyana abantu mu irimbukiro. Bapfusha amafaranga yabo ubusa bashaka ikidashobora gutunga ubuzima. Muri izo mbabare twabonamo abo Kristo yaje gukiza.

Imana yatanze itegeko rikomeye ko tugomba kwita ku muntu w'ahandi, ku ntabwa no ku banyantegenke batababasha kwitegeka. Nubwo barigise mu isayo y'ibyaha, haracyariho uburyo bwo kubakiza.

Mukurikize urugero Kristo yatanze. Uko yavaga ahantu hamwe ajya ahandi, yagendaga ahumuriza imbabare agakiza n'abarwayi, maze akabereka ukuri kwerekeye ubwami bwe. Igihe mworohereza imbabare ku by'umubiri, mwabona n'uburyo bwo kuzifasha mu by'iyobokamana. Mushobora kugira icyo muvuga cyerekeye urukundo rw'Umuganga ukomeye, we wenyine ufite imbaraga yo gukiza. Mubwire abayobye ko batagomba kwiheba. Nubwo bateshutse inzira, Imana yishimira kujyana abo Satani yagize imbata ngo ibahindure imbata z'ubuntu bwayo. Mubabwire ko bafite umwanya wo kuzasangirira n'Umwami Yesu ku meza amwe.

## Abandi Bakeneye ko Tubafasha [114]

Abajya mu nzira nto no mu mihora bazahasanga abakorera Imana neza nk'uko babizi, ariko bakaba bashaka kuyimenya biruseho. Basenga babogoza amarira ku bwo kwizera, basaba Imana kubohererereza imigisha barebera kure. Mu mijyi minini rwagati hari benshi usanga biyoroheje. Abashumba (Abapasitoro) n'amatorero ntibabazi, nyamara ni abahamya b'Umwami Yesu. Igihe bambaye ubusa, igihe bashonje n'igihe bakonje, bunganira abandi. Abo nimubashake, mubagenderere, mwigane nabo Bibiliya kandi mufatanye nabo gusenga. Kristo aha abagaragu be ubutumwa bumeze nk'umutsima wo mu ijuru, umugisha w'igitangaza uva ku muntu ujya ku wundi, ukava mu rugo ujya mu rundi.

Kenshi itegeko ryo “kubahatira kwinjira” ryasobanuwe nabi, bigasa nko kwigisha ko duhatira abantu kwakira ubutumwa. Nyamara ahubwo ryerekana ko uko kurarika kwihutirwa. Ubutumwa bwiza ni ubu: “Umwuka n’Umugeni barahamagara bati ngwino!... Kandi ufite inyota naze; ushaka ajyane amazi y’ubugingo ku buntu.” Ibyahishuwe 22:17. Urukundo rw’Imana n’ubuntu bwayo ni byo biduhatira kuyisanga.

Umukiza ahora ashakasha inzimizi avuga ati “Nabasha nte kukureka? “Hoseya 11:8. Nubwo umutima unangiwe wirukana urukundo rw’Umukiza, aragaruka akinginga ati “Dore mpagaze ku rugi ndakomanga.” Ibyahishuwe 3:20. Imbaraga inesha y’urukundo rwe ihatira abantu kwinjira, maze bakavuga bati “ubugwaneza bwawe bwanteye ikuzo. ” Zaburi 18:35.

Ntitwapfa kuvuga ngo “ngwino”. Mari abumva ko bahamagawe, ariko amatwi yabo y ‘ ibihurihuri akaba atazi ubusobanuro bw’ uko guhamagarwa. Benshi bamenya neza ko bavuye mu mwanya barimo bagasubira hasi. Bavuga bati “sindi umuntu wo gufashwa, ndeka.” Nyamara ntukarekere aho! Ujye ugaragaza urukundo igihe wunganira abacogoye n’abatagira kivurira. Ujye ubakomeza kandi ubatere ibyiringiro. Ujye ubahatira kuza ukoresheje ubugwaneza.

[115] Abagaragu b’Imana baramutse bagendanye na Yo bafite kwizera, yabaha imbaraga yo kwerekana urukundo rwayo n’akaga gaterwa no kwanga ubuntu bwayo, kugira ngo bitume abantu bemera ubutumwa bwiza. Kristo yakora ibitangaza by’akataraboneka. Abantu baramutse bakoranye n’Imana, burya n’abantu b’intabwa basubizwa agaciro kabo. Nk’uko ijambo rya Kristo ryageze kuri Zakayo rimubwira riti “uyu munsi ngomba kurara iwawe” (Luka 19:5), ni ko nabo ryabagezeho, kandi abavugwa ko ari abanyabyaha bafite imitima inangiwe wasanga bafite umutima woroshye nk’uw’umwana, kubera ko Kristo yabemeye. Benshi bashobora kureka amafuti n’ibyaha bishishana, maze bagafata imyanya y’abirangaraho. Igihe Kristo azaza ari ku ngoma, bazaba bahagaze iruhande rw’intebe ye y’ubwami.

Yesu yaravuze ati “nta n’umwe muri aba bagabo nari natumiye uzangerera ku meza.” Ku bwo kwanga Kristo, Abayuda binangiye imitima maze bituma badashobora kwakira ubuntu bwe. N’ubu ni ko bimeze. Turamutse tutishimiye urukundo rw’Imana ngo ruhinduke ihame ryemeza imitima yacu, twazimira; nta buryo bwaba buriho bwatuma hari icyiza kitugeraho.

Igihe cyose unaniwe gukingurira Kristo urugi rw’umutima wawe, uba ugabanije amahirwe yo kwemera ubuntu bw’Imana. Ntutume wandikwaho nk’ibyanditswe ku Basirayeli ba kera ngo: “Nimumureke.” Hoseya 4:17. Ntugatume Yesu arira kubera wowe, nk’uko yarize kubera Yerusalemu agira ati “iwanyu hagiye gusigara ari itongo.” Luka 13:35.

Itegeko ngo “jya mu nzira nyabagendwa no mu mihora,” rigeze igihe cyo gusohozwa. Ngizo intumwa ziravuga ngo “nimuze, kuko ubu byose byateguwe.” Umwuka araguhatira kuza. Kuraho ibihindizo maze ukingure urugi rw’umutima wawe. Abamarayika bategereje kuririmba indirimbo bishimira ko undi muntu yemeye gutumirwa mu birori by’ubutumwa bwiza.

## Igiee Eya 19 - URUGERO RWO KUBABARIRA [116]

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Matayo 18 : 21-25).

Petero yasanze Kristo aramubaza ati“Mwigisha,mbese umuvandimwe wanjye akomeje kunshumuraho namubabarira kangahe? Namubabarira nkageza karindwi? ” Abigisha bakuru b’Abayuda bavugaga yuko ufuditse birenze gatatu atagomba kubabarirwa. Petero yatekereje kubigeza kuri karindwi. Ariko Kristo yigishije ko tutagomba kurambirwa kubabarira. Yaravuze ati “incuro mirongwirindwi karindwi.” Bityo abereka akaga ko kugira imbabazi nke.

Mu mugani yababwiye uko umwami yagenje abagaragu be bamutegekeraga. Bamwe banyerezaga umutungo wa Leta. Umwami agenzuye asanga umuntu wese afite umwenda munini w’italanto ibihumbi cumi. (Italanto ingana n’amafaranga y’u Rwanda 338 040).

Shebuja abonye ko uwo muntu adafite icyo kwishyura, ategeka ko bamugurisha, we n’umugore we n’abana be n’ibyo yari afite byose, kugira ngo yishyure uwo mwenda. Uwo mugaragu niko kumwikubita imbere akoma yombi ati nimunyihanganire, nzabishyura ibyanyu byose. ”

“Nuko shebuja amujyirira impuhwe, amurekera uwo mwenda, aramurekura. Ariko uwo mugaragu avuye aho, ahura n’undi mugaragu mugenzi we wari umurimo amafaranga ibihumbi bikeya; aramufata, aramuniga ati nyishyura umwenda undimo! Mugenzi we ni ko kumwikubita imbere, aramwinginga ati nimunyihanganire nzabishyura ibyanyu byose. Aranga, ahubwo aragenda aramufungisha, ngo agumemo, kugeza igihe azaba amwishyuriye uwo mwenda.

“Nuko abagaragu bagenzi be babonye ibibaye, barababara cyane, bajya gutekereza shebuja uko byagenze kose. Maze shebuja atumira uwo mugaragu, aramubwira ati yewe mugaragu gito, nakurekeye umwenda wawe kuko unyinginze, none ntiwari ukwiriye [117] kugirira impuhwe mugenzi wawe nk’uko nazikugiriye? Shebuja ararakara, amwegurira abo kumwiea urubozo, kugeza igihe azaba amaze kwishyura umwenda arimo. ”

Kristo ashushanywa n’uwo mwami wahariye umugaragu we umwenda. Umuntu yari ategereje gucirwaho iteka, we ubwe ntiyabashaga kwikiza. Ibyo byatumye Yesu aza muri iyi si kugira ngo atange ubugingo bwe ku bw’ibyaha byacu. “Aho Uwiteka ari habonerwa gucungurwa kwinshi. ” Zaburi 130:7. Yesu yaravuze ati “Mwaherewe ubuntu, namwe mujye mutangira ubundi.” Matayo 10:8.

Igihe uwarimo umwenda yinginga ati “nimunyihanganire azabishyura ibyanyu byose, ” yababariwe umwenda wose . Mu kanya gato ahura na mugenzi we wari umurimo umwenda muto. Uwari umurimo umwenda na we yamwinginze kwa kundi; ariko uwahariwe umwenda ntarakagira umutima w’imbabazi. Yategetse ko bamuha ibyo yatekereje ko bari bamurimo byose, maze yiyemeza gutanga igihano nk’icyo bamuhanaguyeho!

### Uyu Mugani Ugaragaza Umutima Tugira Wo Kutababarira

Igihe uwarimo umwenda yingingaga shebuja ngo amubabarire, ntarakamenya ko atagira gifasha. Yaravuze ati “Nzabyishyura byose. ” Benshi biringira ko imirimo yabo yabaronkesha kwemerwa n’Imana. Bazi ko nta cyo bishoboje, ariko bakagerageza kwihimbira gukiranuka gushingiye ku narijye. Imitima yabo nta bwo yashenjaguritse ngo

icishwe bugufi kubera icyaha, bityo bakishyuza abandi ku munigo batabagirira imbabazi. Iyo ibyaha byabo bwite bigereranijwe n'iby'abandi, bibiruta incuro nyinshi; ariko kandi bagahangara kuba abanyambabazi nke.

Mu mugani "shebuja yararakaye, amwegurira abo kumwica urubozo, kugeza igihe azaba arangije kwishyura umwenda arimo. " " Nguko uko Data wo mu ijuru azagirira buri muntu wese muri mwe utababarira mugenzi we abikuye ku mutima."

[118] Uyu mugani ntukwiriye gukoreshwa nabi. Kristo ntavuga yuko tutagomba kwishyuza abaturimo imyenda ngo tubone uko tubabarirwa ibyaha byacu. Ahubwo icyo avuga ni uko iyo batabashije kwishyura, badakwiriye gushyirwa mu nzu y'imbohe cyangwa se ngo bagirirwe nabi. Umugani ntabwo ushyigikiye ubunebwe. Ijambo ry'Imana riravuga ngo umuntu wese wanga gukora ntakarye. (1 Abatesalonike 3 :10). Imana ntitegeka umuntu uzi gukora gutera inkunga ubunebwe.

Nyamara hariho ubukene umuntu atashobora kwizibukira, tukaba rero tugomba kugirira impuhwe abo banyamahirwe make. Dukwiriye kugirira abandi ibyo twifuza kugirirwa. "Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane abandi. Mujyire wa mutima wari muri Kristo Yesu. "Abafilipi 2 :4,5.

Icyaha ntigikwiriye gukerenswa. Umwami wacu aravuga ati "Mugenzi wawe nagucumuraho, umwereke ifuti rye, niyihana, umubabarire. " Luka 17 :3. Uwakoze icyaha akwiriye kukigaragarizwa. " Luka 17 :3. Uhane, uteshe, uhugure, ufite kwihangana kose no kwigisha. " 2 Timoteyo 4 :2.

## Uburyo Yesu Yakemuraga Impaka

"Niba mugenzi wawe agucumuyeho, umusange, umwereke icyaha cye mwiherereye. Nimwumvikana, uzaba ugaruye umuvandimwe. Naho natakumva, ushake undi muntu umwe cyangwa babiri, kugira ngo nk'uko byanditswe, ikirego cyose cyemezwe n'abagabo babiri cyangwa batatu. Ariko niyanga kubumva, ubibwire Itorero, nuko niba na ryo yanze kuryumva, kuva ubwo akubere nk'umujyizi wa nabi utazi Imana.

"Matayo 18:15-17.

Ingorane z'abakristo zikwiriye gukiranurirwa mu Itorero. Niba umukristo afudikiwe n'umuvandimwe we, akurikize inyigisho zatanzwe na Kristo. Imana irinda iby'abayikunda, kandi dukwiriye gushinga urubanza rwacu Idaca urwa kibera.

[119] Kenshi iyo umuntu afudikiye undi incuro nyinshi kandi ari ko yemera ifuti rye, ugirirwa nabi ararambirwa akibwira ko yamubabariye bihagije. Ariko Umukiza yatubwiye uko dukwiriye kugenza utaye umurongo. " Niyihana, umubabarire. « Luka 17 :3. Wirinde «kugira ngo nawe udashukwa. « Abagalatiya 6:1.

Abavandimwe bawe nibagufudikira, ubababarire. Igihe bakwicujijeho, ntukavuge uti barikura uruco mu kanwa. Ufite burenganzira ki bwo guca imanza ? «Mugenzi wawe nagucumuraho, umwereke ifuti rye, niyihana, umubabarire. Ndetse naho yagucumuraho karindwi ku munsi, maze akakugarukira karindwi agira ati ndihannye, uzamubabarire. « Luka 17 :3,4. Ndetse si karindwi gusa, ahubwo incuro mirongwirindwi karindwi- nk'uko Imana ikubabarira kenshi!

Hari byinshi natwe dukesha ubuntu bw'Imana : gucungurwa, ubugingo bushya, no kugabana umurage dusangiye na Kristo. Mureke ubwo buntu tubuhishurire abacumuye. Ntimukagire umutima wo kuba bacyakuryinyo cyangwa basekanimbereka. Ntimukigere muvuga ijambo ryo gukobana. Igihe mwerekanye umutima wo gutekereza abandi nabi cyangwa kutabiringira, muba muhamije ko uwo muntu akwiriye kurimbuka. Kristo akeneye umuvandimwe ufite impuhwe nk'iza Mukuru we kugira ngo abone uko akora

ku mutima we wa kimuntu. Umuntu agiye yongorera mugenzi we ati «Reka dusenge, « Imana yabaha imigisha itangaje! Amasengesho atuma Yesu atuba bugufi, maze agaha umutima utentebutse imbaraga yo kunesha iby'isi, kunesha umubiri no kunesha umwanzi.

Bityo mushyire Yesu hejuru , we «Mwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abantu bose. « Yohana 1 :29. Kandi mwibuke ko «uyobora umunyabyaha, akamukura mu nzira ye yayobeyemo, azakiza ubugingo urupfu, kandi agatwikira ibyaha byinshi. « Yakobo 5 :20.

### Umuntu Utababarira Abandi Ntashobora Gutsindishirizwa [120]

«Ariko nimutababarira abandi, So uri mu ijuru na we ntazabababarira ibyo mumucumuraho." Matayo 6 :15. Umuntu utababarira abandi yerekana ko na we uwe adafite umugabane ku buntu bw'Imana buhesha abantu kubabarirwa. «Umuntu wese utagira Umwuka wa Kristo, ntaba ari uwe. « Abaroma 8 :9. Bene uwo aba yitandukanije n'Imana. Umutima we wo kutagirira abandi imbabazi, werekana ko yanga urukundo rw'Imana ruhesha abantu kubabarirwa. Aba atandukanijwe n'Imana, agahinduka nk'uko yahoze mbere ataragiririrwa imbabazi. Ahindura ubusa kwihana kwe.

Icyigisho gikomeye cy'uyu mugani ni itandukaniro riri hagati y'impuhwe z'Imana n'umutima utagondeka w'umuntu. Impuhwe z'Imana zo kubabarira zikwiriye kutubera urugero. Ntitubabarirwa kubera ko tubabarira abandi, ahubwo tubabarirwa nk'uko tubabarira abandi. Kubabarira kose kuboneka mu rukundo rw'Imana; ariko uko tugenzereza abandi byerekana ko urwo rukundo twamaze kuruhindura urwacu. "Kuko urubanza muca, ari rwo namwe muzacirwa, kandi urugero mugeramo, ari rwo namwe muzagererwamo. « Matayo 7 :2.

[121] ## Igice Cya 20 - Ubupfapfa Bw'umuhinzi Wumukungu

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Luka 12 :13-31 ).

Nk'uko byari bisanzwe bigenda, igihe Kristo yigishaga, abandi bantu batari abigishwa be baraje bateranira aho ari. Bamwe bifuzaga ubuntu bwo mu ijuru kugira ngo bugire icyo bukora ku migambi yabo ishingiye ku narijye gusa. Bumvise amasezerano Yesu yasezeraniye abigishwa be ko bazahabwa ubwenge bwo kubabashisha kuvugira imbere y'abacamanza, maze bibaza ko na bo yabasha kubaha imbaraga ze ngo zibaronkeshe indamu zabo z'iby'isi.

«Nuko umwe muri iryo teraniro aramubwira ati Mwigisha, mbwirira mwene data tugabane ibyo data yadusigiye. « Uwo muntu yibwiraga ko mwene se yamuhuguje. Yumvise ukuntu Kristo yemeza abantu n'uko aburanya Abayuda, maze yibwira ko aramutse agize icyo abwira umuvandimwe we, atabasha kwanga guha mwene se washavuye umugabane we.

Uwo mugabo yerekanye ibitekerezo bye byo kwikunda. Ukuri kw'iby'iyobokamana ntabwo yari agushyizeho umutima n'ibitekerezo. Kubona umurage ni byo byari intego ye. Yesu wari umutunzi maze agahinduka umukene ku bwacu, yamugaragarije iby'urukundo rw'Imana, amwingingira kuba umuragwa w'umurage utabasha kubora cyangwa kwandura cyangwa kugajuka. (1 Petero 1 :4). Icyo gihe yari abonye uburyo bukomeye bwo kwerekana icyifuzo gikomeye cyari mu mutima we. Ariko yabaye nka Simoni Umumaji waguranye impano y'Imana inyungu z'iby'isi.

[122] Mari hasigaye amezi make gusa Umukiza akimika ubwami bwe bw'ubuntu. Nyamara umuntu w'umururumba yashakaga ko areka umurimo we ngo ahugire mu mpaka zo kugabanya agasambu kangana urwara! Yesu yamushubije ati "Wa mugabo we, ni nde wanshyizeho ngo mbe umucamanza wanyu, cyangwa ngo ngabanye ibyanyu?"

Yesu yari azi yuko abo bavandimwe batemagurana bapfa ko bombi ari imbata zo kwifuza. Kristo yavuze yeruye ati "si umurimo wanjye gukemura impaka nk'izo. " Yazanywe no kwamamaza ubutumwa bwiza. Igihe Kristo yatumaga cumi na babiri, ntibari bajyanywe no gukiranura abantu ku byerekeye ibintu byo muri iki gihe. Umurimo wabo wari uwo kwemeza abantu kwiyunga n'Imana. Aho ni ho bakuraga imbaraga yo guhesha abantu umugisha.

### Umuti Umwe Rukumbi Uvura Indwara Z'Abantu

Ubutumwa bw'ubuntu bwa Kristo bwonyine ni bwo bushobora kurangizaho ibibi biteza abantu umuvumo. Abakire bagirira nabi abakene, n'abakene bakanga abakire urunuka ; umuzi w'ubwo bubi bwabo bose ni ukwihugiraho. Kristo wenyine ni we utanga umutima w'urukundo ngo usimbure umutima w'urwangano. Mureke abagaragu ba Kristo babwirize ubutumwa bwiza kandi bakore nk'uko yakoraga. Bityo mgaruka zizagaragarira mu guhesha abandi umugisha no gushyira hejuru ikiremwamuntu, ibintu bitajyaga gushoborwa n'imbaraga z'umuntu.

Umukiza wacu yageze ku ndiri y'icyabuzaga amahoro umuntu wamubazaga ni ko kuvuga ati «Muramenye, mwirinde kugira irari ry'ibintu, kuko umuntu atazaheshwa ubugingo n'ibyo atunze, naho byaba ari byinshi bite! Ni ko kubacira uyu mugani ati

habayeho umuntu w'umukungu wari wejeje imyaka myinshi. Aza kwibaza ati ndabigenza nte, ko ntafite ibigega bihagije byo guhunikamo imyaka yanjye ? Nyuma aribwira ati nzi icyo ngiye gukora : reka nsenye ibigega byanjye, nubake ibindi binini, maze nteranirizemo ingano zanjye zose n'ibindi bintu ntuze. Ubwo ni bwo nzibwira nti Genda naka, ufite ibintu byinshi wateganirije kumara imyaka myinshi. Ngaho noneho iruhukire, urye, unywe, wishimishe! Ariko Imana iramubwira iti waba umupfu, waba umupfu! Iri joro [123]
urapfuye, nturaye! Ubwo se, ibyo bintu byose warunze bizaba ibya nde ? Nguko uko bimerera umuntu wese wirundaniriza ubutunzi, kandi atari umutunzi mu byo kumenya Imana.

"Ibintu byose umukungu w'umupfapfa yari yarabihawe n'Imana. Izuba ryari ryaremerewe kuvira ibimera byo mu isambu ye. Uwiteka yari yaratumye ibyo uwo muntu yateye bizana uruyange maze imirima irarumbuka. Ibigega by'umukungu byari byuzuye, maze abura aho ahunika ibindi byinshi yari asaruye. Ntabwo yari azi yuko Imana ari yo yamujyize igisonga cy'ubutunzi bwayo kugira ngo afashe abakene. Aba yarahagije imihana myinshi ibyo yifuza, agahaza abashonji benshi, akambika abambaye ubusa ; aba yarashubije amasengesho menshi y'abasaba ibyokurya n'imyambaro maze abantu bagahimbaza Imana. Imana yumvise amasengesho y'abanyamubabaro, (Zaburi 68 :10) maze kugira ngo iteganya ibihagije kumara ubukene benshi, irunda imigisha ku mukungu. Ariko umukungu yugariye umutima ngo atumva gutaka kw'imbabare ahubwo aribwira ati "Genda Naka, ufite ibintu byinshi wateganirije kumara imyaka myinshi ; ngaho noneho iruhukire, urye, unywe, wishimishe."

Uwo mukungu yabagaho nk'umuntu wibwira ko ari nta Mana ibaho, nta juru, nta bugingo buzaza, mbese nk'aho atita ku Mana cyangwa ku bantu. Yarishimaga ngo azi gutegeka ; yari umuntu wubahwa n'abo mu mujyi w'iwabo nk'umuturage ukize koko. "Abantu bagushima witungishije." Zaburi 49:18.

Ariko «ubwenge bw'iyi si ni ubupfu ku Mana." 1 Abakorinto 3:19. Igihe umukungu yashakaga imyaka yo kwishimisha, Imana yo yari ifite imigambi itandukanye n'iye by'ihabya. Ubutumwa buraza ngo "waba umupfu, waba umupfu! Iri joro urapfuye, nturaye." Mu kanya gato ibyo yari yararuhiye byose mu mibereho ye yose biba bitakiri ibye. Imirima ye n'ibigega bye aba atakibitegeka. "Umuntu arundanya ubutunzi atazi uzabajyana." Zaburi 39 :6.

Ku bwo kubaho imibereho yo kwihugiraho, wa mutunzi yanze urukundo rw'Imana [124]
rwajyaga gutuma agirira impuhwe bagenzi be. Bityo aba yanze ubugingo, kuko Imana ari urukundo, kandi urukundo rukaba ubugingo. Uwo muntu yahisemo iby'isi mu cyimbo cyo guhitamo kuyoboka Imana, maze biba ngombwa ko ajyana n'iby'isi "nk'inyamaswa zipfa." Zaburi 49 :20.

Nguko uko bimerera umuntu wese wirundaniriza ubutunzi kandi atari umutunzi mu byo kumenya Imana. « Kubaho imibereho yo kwihugiraho ni ugupfa. Kamere ya Satani ni ugushaka ibintu no kwikubira ; naho kamere ya Kristo ni ugutanga no kugirira abandi neza aho kwihugiraho. «Ufite uwo Mwana ni we ufite ubwo bugingo ; naho udafite Umwana w'Imana nta bugingo afite. « 1 Yohana 5 :12. «Mwirinde kugira irari ry'ibintu, kuko umuntu atazaheshwa ubugingo n'ibyo atunze, naho byaba ari byinshi bite!"

[125] ## Igice Cya 21 - Umukire Na Lazaro : Nyuma Yo Gupfa Bigenda Bite ?

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Luka 16 :19-31 ).

Umugani wa Lazaro n'umukire werekana ko muri ubu bugingo abantu bihitiramo umurage wabo w'ibihe byose ; nta kindi gihe cyo kwisubiraho bazahabwa. Uwo mugani kandi werekana ko igihe kiri bugufi, maze abakire batisunga Imana bagakena, naho abakene bayisunga bagakira.

«Habayeho umugabo w'umukire, wambaraga imyenda myiza y'ibitare n'iy'amabara, kandi iminsi yose agahora adamaraye. Habayeho n'umukene witwaga Lazaro, wari waramazwe n'ibisebe. Yahoraga aryamye ku irembo ry'uwo mukire, kandi yifuzaga guhazwa n'utuvungukira tuva ku meza y'umukire.»

Umukire yavugaga ko ari umwana wa Aburahamu. Ntabwo yabwiraga nabi uwo muhamya usabiriza cyangwa ngo amwirukane. Nyamara kandi nta n'ubwo yigeraga amuha icyo akeneye.

Nta mavuriro yari ariho. Imbabare n'abakene bashyiki-rizwaga abo Uwiteka yahaye ubutunzi. Nguko uko byari bimeze ku mukene no ku mukire. Lazaro yari akeneye ubufasha cyane, ariko yagumye mu bukene bwe, nyamara uwo mugabo w'umutunzi afite ibyo yifuza byose.

Muri ibihe bihe, duturanye n'abantu benshi bashonje kandi batagira urugo. Kwirengagiza izo mbabare ntitugire icyo tuziha, ni ifuti tutazabonera icyo twireguza ku munsi runaka.

Yari inshingano y'umukire kugira icyo akorera abameze nk'uwo mukene. Hariho itegeko rivuga ngo «Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda.» Abalewi 19 :18. Uwo
[126] muntu yagurizaga abandi akabaka inyungu z'izo nguzanyo, ariko ntagarurire Imana inyungu z'ibyo yamugurije. Ibishungero n'amagambo yo kumushyesha by'incuti ze, ni byo byanezezaga imibereho ye yo kwihugiraho. Ku bwo kuba mu gakungu k'incuti zihora mu byo kwinezeza, byamwibagije inshingano yo gufatanya n'Imana mu bikorwa bishingiye ku mpuhwe zayo.

### Igihe Cvarageze Birahinduka

Umukene yanyuze mu kabande k'iminsi ariko akomeza kwihangana. Igihe cyarageze arapfa, arahambwa. Mu mibabaro ye yabaye umuhamya wa Kristo, maze apfuye bivugwa ko Abamarayika bamujyanye mu gituza cya Aburahamu. Lazaro ashushanya umukene w'imbabare wizera Kristo. Igihe impanda izavuga, abari mu bituro bose bazazuka, maze babone ingororano zabo; kuko bizeye Imana ku buryo bugaragara. Umukire na we yarapfuye, arahambwa. Ageze ikuzimu, arababazwa cyane; yubuye amaso areba Aburahamu ari kure, na Lazaro ari mu gituza cye. Arataka ati: "Data Aburahamu, mbabarira wohereze Lazaro, akoze urutoke mu mazi, ambobereze ururimi, kuko mbabazwa cyane n'iki cyago cy'umuriro."

Muri uyu mugani Kristo yasangaga abantu aho bari. Abantu benshi bari bategeye amatwi amagambo Kristo yavugaga, bemeraga inyigisho zivuga ko hagati yo gupfa no kuzuka, umuntu aba yumva. Umukiza yasaga n'ufatiye indorerwamo imbere yabo ngo birebe, bamenye by'ukuri isano bari bafitanye n'Imana. Yakoresheje imvugo iriho kugira

ngo yerekane ko nta muntu uheshwa agaciro n'ibyo atunze ; ibyo afite byose ni ibye mu buryo bw'intizo atijwe n'Uwiteka gusa. Gukoresha izo mpano nabi bimushyira munsi y'umuhanya ruvuvu ukunda Imana kandi akayiringira. Byavuzwe ko Aburahamu yamushubije ati «Mwana wanjye ibuka ko wabonye ibyiza byawe ukiriho, Lazaro we akabona ingorane. Ubu rero yageze hano arahumurizwa, naho wowe urababazwa. Kandi uretse n'ibyo hagati yacu namwe hari umworera munini, washyiriweho gutanga imbere abari hano bashaka kuza aho, ukabuza n'abari aho kuza hano."

### Igihe Umuntu Akiri Muzima Gusa, Nihwo Ategura Ibv'Ibihe Bidashira [127]

Wa mukire ntarakareka igitekerezo cy'uko ari umwana wa Aburahamu. Yarasabye ati : «Sogokuru Aburahamu, ngirira imbabazi! « Yashyize Aburahamu hejuru y'Imana maze yibwira ko isano afitanye na we yamukiza. Igisambo ku musaraba cyiyambaje Kristo kiti : «Mwami Yesu uranyibuke, nugera mu bwami bwawe.» Luka 23 :43.

Uwo mukire mu mibereho ye yose yakoraga ibyo kwihugiraho, maze amenya yarakererewe cyane ko nta cyo yateganirije ibihe bidashira. Yabonye ko yabaye umupfu, maze yibuka abavandimwe be babasha guca mu nzira yanyuzemo ; ni ko kuvuga ati «Sogokuru ndakwingize rwose, ohereza Lazaro kwa data, kuko mfite abavandimwe batanu, ababurire kugira ngo na bo batazaza kubabarizwa aha hantu. Aburahamu aramubwira ati bafite amategeko ya Mose n'Ibyanditswe n'abahanuzi, naho hagira uwo mu bapfuye uzuka, ntibyatuma bava ku izima.»

Ikibazo umukire yabajije cyerekeye ku Mana. Byasaga nk'aho yavugaga ati iyo ujya kumburira bihagije, ubu sinajyaga kuba ndi aha hantu. Mu gisubizo Aburahamu yashubije ni nk'aho yavuze ati abavandiwme bawe baraburiwe bihagije. Babwiwe ukuri ariki ntibumva.

«Niba badakurikiza amategeko ya Mose n'Ibyanditswe n'abahanuzi, naho hagira uwo mu bapfuye uzuka ntibyatuma bava ku izima. Igitangaza giheruka Kristo yakoze cyabaye kuzura Lazaro w'i Betaniya wari umaze iminsi ine mu gituro. Abayuda banze icyo gihamya gitangaje kigaragaza ko Umukiza ari Imana. Lazaro yarazutse na we arabihamya, ariko binangiye imitima ndetse bashaka kumwica. (Yohana 12:9-11). Kristo yaravuze ati nibatumva ijwi ry'Imana rivugira mu ijambo ryayo, n'ubuhamya butanzwe n'umuntu uzutse ntibabwitaho. Abita ku byavuzwe na Mose n'abahanuzi, ntibasaba umucyo uruta uwo Imana yatanze ; ariko niba abantu banga umucyo bahawe, ntibakumva nubwo hagira uzuka ngo abagezeho ubutumwa. Abanga amategeko ya Mose n'Ibyanditswe n'abahanuzi, ntibabura kwanga n'umucyo wose.

### Ibyo Twigira Ku Mugani [128]

Ikiganiro Aburahamu yagiranye n'uwahoze ari umukire ni ikigereranyo. Icyigisho umuntu yavanamo ni uko Imana ari yo igirira umuntu ubuntu, ikamuha n'umucyo uhagije wo kuyikorera. Unanirwa gukora umurimo we kandi afite umucyo muto ubimwereka, nta kindi umucyo ukomeye wamwereka kitari ukumuhishurira gukiranirwa kwe no kwirengagiza kongera imigisha yahawe. «Ukiranirwa mu bike akiranirwa no mu byinshi.»

Umugani w'umukire na Lazaro werekana uko inzego z'abantu zivugwa mu mugani hari aho zisuzumirwa. Umukire ntacirwaho iteka kubera ubutunzi bwe, ahubwo ni uko ibyo yahawe yabipfubishije ubusa mu byo kunezeza inarijye. Urupfu ntirwatindahaza umukene ukoresha ibyo afite kugira neza. Ariko umuntu wirundanirizaho ubutunzi bwe,

aba agaragaza ko ari igisonga kibi. Aba yaraboneye ibyiza mu mibereho yo muri ubu bugingo, ariko akananirwa kubona ubutunzi bwo mu ijuru.

Umukire yagombaga gukoresha impano yahawe, kugira ngo imirimo ye izabashe kugera hakurya y'iyi si. Ntabwo amafaranga azajyanwa mu bugingo buzaza ; ntazaba agikenewe. Nyamara ibikorwa byiza byo gukiza imitima, bijyanwa mu bikari byo mu ijuru. Ariko abapfusha ubusa impano Imana yabahaye, bazikoresha ibyo kwihugiraho ntibite kuri bagenzi babo batagira gifasha, kandi ntibagire n'icyo bakora cyo guteza imbere umurimo w'Imana, baba basuzuguye Umuremyi wabo.

Umukire yabayeho nk'aho ibyo yari atunze byose byari ibye bwite. Yirengagije uguhamagara kw'Imana n'abakene bamutegeraga amashyi. Ariko amaherezo haza uguhamagara adashobora kuninira, ari ko kuva mu butunzi butakiri ubwe, uwahoze ari umukire agahinduka umukene wambaye ubusa. Ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo ntishobora gutwikira isoni z'ubwambure bwe. Nta cyo yazanye mu isi, kandi nta cyo ashobora kuyivanamo.

[129] Yemwe batunzi mu by'isi ariko mukaba mutari abatunzi mu by'Imana, nimumbwire : «umuntu byamumarira iki kwigarurira isi yose, ariko akaba yivukije ubugingo bwe ? « Mariko 8 :36.

### Kristo Aburira Ishvanga Ry'Abavuda

Benshi bo mu Bayuda bari abo kubabarirwa ku bwo kumera nk'uyu mukire, bakoresha iby'Imana mu byo kwihimbaza. Imana yahaye Abayuda ubutunzi bw'ibintu nkenerwa byo ku isi n'iby'iyobokamana, maze ibasaba na bo kubitangaho imigisha. Ntibagombaga gushaka inyungu zabo bwite, ahubwo bagombaga kwibuka abakene no gusaranganya na bo ibyo bafite. Nyamara babaye nka wa mukire, ntibigeze bagoboka imbabare ngo bazunganire. Biyitaga abantu batoranijwe n'Imana, nyamara kandi ntibayikorere. Bavuganaga ubwirasi bati «Dukomoka kuri Aburahamu. « (Yohana 8 :33). Biringiraga Aburahamu nk'abiringira Imana.

Kristo yashatse kumurikira ubwenge bwabo buhumye. Yigishije yuko kugirana umushyikirano n'Imana biruta cyane gushyikirana n'abantu. Abagaragaza ko bunze ubumwe n'Aburahamu babyerekanisha kumvira ijwi ry'Imana, ni bo baba ari abe by'ukuri. Kristo yavuze ko uwo mukire aza kwemerera Umwuka w'Imana gutunganya ubwenge bwe n'umutima we, yari kugira umwanya utandukanye n'uwo yarimo. Ni ko byari bimeze no kuri bene wabo. Iyo baza kwitaba uguhamagara kw'Imana, imibereho yabo yo hanyuma yajyaga kuba ukundi. Nyamara bananiwe gukoresha impano zabo nk'ibisonga by'Imana, ingaruka yabyo iba kurimbuka kw'igihugu cyabo cyose.

Kristo yari azi ko mu gihe cyo kurimbuka kwa Yerusalemu Abayuda bazibuka ko yababuriye. Ni ko byagenze koko, igihe ishyano ryagwaga, bibutse wa mugani n'ubusobanuro bwawo.

### [130] Ibizaba Mu Irangira RvTgitekerezo Cv'Isi

Umukire yavugaga ko ari umwana w'Aburahamu, ariko agatandukanywa na we n'umworera nyirantarengwa ari wo ngeso mbi yimenyereje. Aburahamu yakoreraga Imana kandi akayubaha. Umukire ntabwo yitaga ku Mana no ku by'imbabare zikeneye. Benshi muri iki gihe n'ubwo baba abizera bo mu itorero, bakurikira iyo nzira. Bashobora kugira uruhare mu mirimo y'itorero, ariko imbere y'Imana ntibarushe gukiranuka umunyabyaha ruharwa. Umuntu ushaka ibinezeza by'isi ntashobora gukorera Imana. Bene

uwo ahitamo inzira z'ibyaha. Iyo urupfu rumucakiye gitunguro, ajyana mu gituro ingeso yimenyereje akiriho. Mu gituro ntahagirira imbaraga yo guhitamo icyiza n'ikibi, kuko iyo umuntu apfuye ibitekerezo bye bishira. (Zaburi 146 :4 ; Umubwiriza 9 :5,6).

Igihe ijwi ry'Imana rikanguye uwapfuye, azuka afite ibitekerezo by'ibyo yakundaga akiriho. Imana ntikora igitangaza cyo kurema umuntu bushya atararemwe bushya akiriho. Ingeso za bene uwo muntu ntiziba zihuje n'iby'Imana ishaka, bityo rero ntiyabasha kunezererwa mu muryango wo mu ijuru.

Muri ibi bihe, hariho abantu bifuza kubaho mu buryo bishakiye, butari uburyo Imana ishaka. Imana ntirangwa mu bitekerezo byabo, bigatuma babarirwa mu mubare w'abatayizera. Ari nk'ibishoboka ko bene abo binjira mu murwa w'Imana, ntibabasha kurya ku giti cy'ubugingo, kuko banze amategeko y'Imana igihe bayerekwaga. Ntibakoreye Imana bakiri ino, bityo rero ntibashobora kuyikorera bageze ahandi. Ntibashobora kuba imbere y'Imana, ahubwo bakumva ko kwibera ahandi byabarutira kuba mu ijuru.

Kwigira kuri Kristo ni ukwakira ubuntu bwe, ari bwo ngeso ze. Ariko abatishimira ibyo baherewe ku isi, nta bwo bakwiriye kugira umugabane mu byiza byo mu ijuru. Ku bwo kutagira icyo bitaho, bicukurira urwobo rudashobora kubona ikirusiba. Hagati yabo n'abakiranutsi haba hari umworera munini utasibangana.

[131] ## Igice Cya 22 - Kora Ndebe Iruta Vuga Numve

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Matayo 21 :28-32).

«Habayeho umugabo, akagira abahungu babiri. Asanga uwa mbere aramubwira ati mwana wanjye, uyu munsi ujye guhingira uruzabibu rwanjye. Nuko aramusubiza ati ndanze. Nyuma yisubiraho ajyayo. Wa mubyeyi asanga uwa kabiri, na we amubwira atyo. Uwo se ahita amusubiza ati ndajyayo data, nyamara ntiyajyayo. Mbese muri abo bombi, ni nde wakoze ibyo se ashaka ? Baramusubiza bati ni uwa mbere.”

Kuba umunyakuri si ukubivuga mu magambo gusa, ahubwo ni ukubigaragariza no mu bikorwa. Ntabwo ari iby’umuntu arusha abandi kuvuga. Ahubwo ni iby’abarusha gukora. Matayo 5 :47. Amagambo agira agaciro iyo aherekejwe n’ibikorwa. Icyo ni cyo cyigisho twigira ku mugani w’abahungu babiri.

Igihe Kristo yagendereraga Yerusalemu bwa nyuma mbere y’urupfu rwe, yirukanye abaguriraga mu ngoro y’Imana n’abahacururizaga. Bagize ubwoba bamwumvira bataruhije bagingimiranya. Nuko abatambyi bamaze gutururukwa, ubwoba bugabanutse, baragaruka ; bumva amajwi y’abishima n’indirimbo zo guhimbaza Imana. Abana bari bamaze gukizwa indwara baririmbiraga Umwana wa Dawidi bavuga ngo Hoziyana. Nubwo byagenze bityo bwose, ntibirakarangiza amafuti y’Abafarisayo n’ishyari ryabo.

Bukeye Abatambyi bakuru n’abakuru b’imiryango y’Abayuda basanze Kristo mu ngoro y’Imana baramubaza bati: «Uvana he ubushobozi bwo gukora ibyo ukora ? Ni nde wabuguhaye ?”

[132] Igihe Kristo yezaga ingoro y’Imana babonye icyubahiro cy’Imana kirasiye mu maso he. Ntibigeze barwanya imbaraga yamuvugishaga. Na none mu bikorwa byo gukiza indwara yerekanaga ubushobozi bwe. Ariko Abatambyi n’abakuru b’Abayuda bifuzaga ko Yesu yakwiyita Mesiya kugira ngo babone uko bagoreka amagambo ye maze bitume abantu bamuhinduka bamwice.

Mu gisubizo Yesu yabashubije yahunze ibyo bashakaga kuzana, maze umugayo abe ari bo usubira ku mutwe. Yarababwiye ati « Nanjye reka ngire ikintu kimwe gusa mbibariza, nimunsubiza ndabona kubabwira aho nkura ubushobozi mbikoresha. Mbese Yohana yatumwe na nde kubatiza ? Ni Imana cyangwa se ni abantu ?»

Abatambyi n’abategetsi barumirwa. Nuko bajya inama bati «nituvuga ko yatumwe n’Imana, aratubaza ati kuki mutamwe-meye ? Kandi nituvuga ko yatumwe n’abantu, ntidukira rubanda, kuko bose bemeza ko Yohani yari umuhanuzi. Nuko basubiza Yesu bati ntitubizi. Na we ni ko kubabwira ati nanjye rero simbabwira aho nkura ubushobozi bwo gukora ibyo nkora.”

Gusubiza ngo «ntitubizi”, byari ibinyoma. Yohani Mubatiza yaje afite ubutumwa bw’uwo bariho babaza aho yavanye ubushobozi. Yohani yamutunze urutoki avuga ati «Nguyu umwana w’Imana ukuraho ibyaha by’abantu bose. « Yohani 1 :29.

Abafarisayo n’abategetsi bibutse uko byagenze Yesu abatizwa, ariko ntibahangara kuvuga ko umubatizo wa Yohani waturutse ku Mana. Iyo baza kwemera ko ari umuhanuzi bajyaga guhakana bate ibyo yahamije bivuga ko Yesu ari umwana w’Imana ? Kandi ntibashoboye no kuvuga ko Yohani yatumwe n’abantu, kubera ko abantu bizeraga ko Yohani ari umuhanuzi. Ni ko kuvuga bati «ntitubizi.»

Yesu ni ko kubacira umugani w’umugabo n’abahungu be babiri.

### Umugani Usobanurwa ute ? [133]

Muri uwo mugani umugabo ashushanya Imana, uruzabibu rugashushanya itorero. Abahungu babiri bashushanya abantu b'uburyo bubiri. Umwana wanze kumvira akavuga ati «ndanze, « ashushanya abatemera Imana, bakanga ku mugaragaro kumvira amategeko yayo. Ariko hanyuma benshi muri abo bisubiraho. Iyo ubutumwa bubagezeho buvuga ngo «nimwihane kuko ubwami bwo mu ijuru bwegereje,» bisubiraho, maze bakicuza ibyaha byabo. (Matayo 3 :2).

Umwana wavuze ati «Ndajyayo Data," kandi ntagende, yari afite imico ya gifarisayo yo kutihana no kuba simbikangwa. Imibereho y'Abayuda yo kuba abanyadini yahindutse nk'urwiyerurutso. Igihe amategeko yatangirwaga ku musozi Sinayi, abantu basezeranye ko bazayumvira. Baravuze bati «Ndajyayo Data, «ariko ntibagenda. Kristo yaraje baramwanga. Kristo yahaye abayobozi b'Abayuda bo mu gihe cye ubuhamya bwinshi bwerekana ubushobozi bwe, ariko nubwo bamenye ko ari ukuri ntibarakemera ubwo buhamya.

Kristo amaze guca umugani w'abahungu babiri, yabajije abari bamuteze amatwi ati : «Mbese muri abo bombi ni nde wakoze ibyo se ashaka?" Abafarisayo bahise biciraho iteka batabitekereje, maze baramusubiza bati «Ni uwa mbere. « Nuko Kristo ni ko kuvuga amagambo yo kubashwishuriza ati: «Ndababwira nkomeje ko abasoresha n'indaya bazabatanga kwinjira mu bwami bw'Imana. Kuko Yohani yazanywe no kubigisha inzira y'ubutungane ntimwamwemera. Abasoresha n'indaya bo baramwemeye, naho mwe mubibonye ntimwihana ngo mumwemere."

Abasoresha n' indaya bari injiji bemeye kwisubiraho, ariko abo bantu bigishijwe kandi bakamenya inzira y'ukuri, banga kugendera mu nzira iganisha muri Paradiso. Abantu b'indyarya banze kwemezwa n'Umwuka w'Imana. Banze kumvira amategeko y'Imana.
Kristo ntarakavuga ati ntimushobora kwinjira mu bwami bwo mu ijuru, ahubwo yaberetse [134]
yuko inkomyi yababujije kwinjira ari iyo biremeye ubwabo. Urugi rwari rugikinguwe, ukurarika kwari kugihejejwe hanze. Kristo yashakaga ko bakwisubiraho.

Kristo yasobanuriye abari bamuteze amatwi ko babonye ibihamya bihagije byerekana ko Yohani Mubatiza yatumwe n'Imana. Umubwiriza wo mu butayu yamamaje ubutumwa bwe adacogora, acyaha abatambyi n'abigishamategeko. Ntaragatsindwa n'icyaha, ahubwo yagaruye benshi ku gukiranuka.

Nyamara Abayuda ntibarekerekana imbuto zo kwihana. Mu mugani, umwana wavuze ati «Ndajyayo Data, « yiyerekanye nk'umwana wumvira ariko hanyuma agaragaza ko ibyo yakoze atari byo. Ntabwo yakundaga se. Yarageragejwe, ubutungane bwa gifarisayo burabura. Ku bw'impaka z'ubucakura bw'Abafarisayo, birataga imbaraga y'amategeko y'Imana. Kristo yaravuze iti «Ibyo bavuga si byo bakora. « Matayo 23 :3. Imana yabahamagariye gukorana na Yo ibyahesha ab'isi umugisha, ariko nubwo ku mvugo bemeraga uguhamagarwa, mu bikorwa bangaga kumvira, kandi Uwiteka yari hafi yo gutandukana n'ishyanga ritumvira.

### Kuvuga udakora byangiza Imico

Kwigira umukiranutsi si byo gukiranuka nyakuri, kandi ababyishingikirizaho bazahera mu bishuko. Benshi bavuga ko bumvira amategeko y'Imana, ntibagira urukundo rw'Imana mu mitima yabo bashobora kugeza ku bandi. Kristo abahamagarira gufatanya na we gukiza abo ku isi, bakavuga bati «Ndajyayo Data, « nyamara ntibagende. Ni abanebwe. Basezeranira Imana amasezerano y'ibinyoma. Iyo bagirana amasezerano n'itorero baba

barahira bavuga ko bitangiye gukora umurimo w'Imana, ariko ntibabikora. Bavuga ko ari abana b'Imana, ariko ntibayegurire ubushake bwabo. Bahora mu binyoma. Igihe
[135] babajijwe kwitanga, n'igihe babonye umusaraba bagomba kwikorera, baritaza bagasubira inyuma. Bityo kwemera umurimo bikabaguruka, kugomera amategeko y'Imana bakaba ari byo bagira akamenyero. Umutima uranangira, intekerezo zikumirana. Ntimukibwire ngo ubwo mutarwanya Kristo ku mugaragaro muramukorera. Iyo twimana igihe cyacu, cyangwa ubutunzi bwacu, cyangwa izindi mpano Imana yaduhaye, tuba turwanya Kristo. Satani ateza guhunikira n'ubunebwe abiyita abakirsto kugira ngo abone uko yikururiraho abantu. Benshi bashoboza umwanzi kugera ku byo ashaka. Ku bwo kutagira icyo bakora no kutagira icyo bavuga baha Satani akito ko gutegeka abantu bagombaga kuzanwa kuri Kristo.

Ni ibitabaho kugira ngo umuntu wahindutse by'ukuri abeho nk'imburamumaro. Ntibishoboka ko twapfa kwinjira mu ijuru. Niba tudaharanira kwinjira mu bwami bw'Imana, cyangwa ngo dushakashake dushishikaye kumenya uko amategeko abugenga ateye, nta bwo dukwiriye kubugiramo umugabane. Abanga gufatanya n'Imana bakiri ku isi, ntibashobora gufatanya na Yo mu ijuru.

Abanyabyaha bafite ibyiringiro kuruta abazi ijambo ry'Imana ariko bakanga kuryumvira. Ubona ko ari umunyabyaha arakanguka, agashakira amakiriro ku muganga wavuze ati «Unsanga sinzamwirukana na hato. « Yohani 6 :36. Abo bantu Uwiteka ashobora kubakoresha mu ruzabibu rwe.

Umwana wabanje kwanga kumvira ntabwo Kristo yamuciriyeho iteka ; ariko kandi ntiyanamushimye. Abagenza nk'umwana wa mbere ntibakwiriye gushimwa, kuko kuvuga ihanjagari atari ko kuvuga ukuri. Imibereho itunganijwe ni yo ituma abantu bahamya ibya Kristo bashize amanga, ariko ubuhamya bw'umunyabyaha ni igitutsi n'urukozasoni. Umuntu utari indyarya si ukuvuga ko atari n'umunyabyaha. Igihe uhamagawe ngo «jya gukora mu ruzabibu rwanjye uyu munsi,« ntukange. Gukererezwa biteza akaga. Habaho ubwo utakongera guhamagarwa. Icyaha cyose umuntu yakundiriye kigwabiza
[136] umuco, kigakomeza ingeso ; ingaruka zikaba kubura imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge n'iz'ibitekerezo. Ushobora kwihana ikibi wakoze, ariko ubwenge bwawe bwaguye ikinya n'ibibi wamenyereye bituma ugira ingorane yo gutandukanya icyiza n'ikibi. Satani abasha guhora akurwanya kenshi akoresheje ingeso mbi zakubayeho akaramata.

### Urukundo Rw'Imana Rwa Kibyeyi Rudushoboza Gutsinda Satani

Itegeko ngo «uyu munsi jya guhingira uruzabibu rwanjye, « ni igipimo cyo gusuzuma kwizera kwa buri muntu. Mbese hariho amagambo n'ibikorwa ? Uramutse ufashe neza uruzabibu rw'umutima wawe, wabona icyo ukora, atari wowe wikorera gusa, ahubwo ukorera n'abandi. Kristo ntatwigisha kwita ku bacu gusa. Umurima w'Umwana wacu wo mu migabane yose yo ku isi agomba kwaguka. Umwami wacu areba ko dukora uko dushoboye ngo tube abakozi b'abahanga mu ruzabibu rwe rwo ku isi, kugira ngo tuzinjire muri Paradiso y'Imana.

Nk'uko umubyeyi abigenza, Imana na Yo itubaza kuyikorera. Kristo uhagaze ku ruhembe imbere y'ikiremwa-muntu, ni we ugomba kubera icyitegererezo abahungu n'abakobwa. Imana ishaka ko abantu bumvira nk'uko Kristo yumviraga. Kristo yumviraga se kandi akarangwa n'urukundo n'ubushake n'umudendezo. Yarivugiye ati «Mana yanjye nishimira gukora iby'ushaka. « Zaburi 40 :8. Kugira ngo Kristo asohoze umurimo yaje gukora, ntiyigeze avuga ati iki gitambo kirakomeye cyane, cyangwa ngo agire ati uyu

murimo uraruhije cyane. Amaze imyaka cumi n'ibiri y'ubukuru yaravuze ati «Ngomba kuba mu nzu ya Data. « Luka 2 :49.

Yongeye kuvuga ati" Ibyokurya byanjye ni ugukora ibyo Uwantumye ashaka no kurangiza umurimo we." Yohani 4:34.

Bityo dukwiriye gukorera Imana. Abagomba kuba abana b'Imana bose bakwiriye kugaragaza ko ari abakozi bafatanya n' Abamarayika bo mu ijuru gukorana n'Imana. Uwiteka avuga ku byerekeye abamukorera ati «Bazaba abanjye... umunsi nzabahindura [137]
ubutunzi bwanjye. Nzababababarira nk'uko umuntu ababarira umwana we, umukorera. « Malaki 3:17.

Umugambi ukomeye w'Imana ni uguha abagabo n'abagore uburyo bwo gukuza imico yabo. Bityo Imana ikabona ko twumvira amategeko yayo cyangwa se ko tutayumvira. Imirimo myiza ntigura urukundo rw'Imana, ahubwo igaragaza ko dufite urwo rukundo ; kandi iyo tuyikunda twishimira no kumvira amategeko yayo.

Ku munsi w'urubanza hazagaragara abantu b'uburyo bubiri gusa ; abica amategeko y'Imana n'abayumvira. Dore uko Kristo abisuzuma : «Nimunkunda, muzumvira amategeko yanjye... utankunda ntakurikiza ibyo mvuga. « Yohani 14 : 15,24.

[138] ## Igice Cya 23 - Umugani W'uruzabibu Rw'uwiteka

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Matayo 21 :33-44).

«Habayeho umugabo wari ufite umurima, awuhingamo ibiti by'imizabibu, awuzengurutsa uruzitiro, acukuramo urwengero, yubakamo n'umunana w'abararirizi. Nuko awusigira abahinzi, ajya mu rugendo.»

Mu mugani w'uruzabibu, nyir'umurima yatoranije umurima mu butayu, ahantu yarobanuye yibwira ko haboneka umusaruro uhagije. Yarahazitiye, arahatunganya, ateramo n'uruzabibu. «Uruzabibu rw'Uwiteka ni inzu y'Isirayeli, n'Abayuda ni umuzabibu yishimira. « Yesaya 5 :7. Abo bantu Imana yari yarabahaye umugisha. Yashakaga ko bayishimisha bera imbuto nziza. Bari bakwiriye kugaragaza amahame y'ubwami bwayo. Bari bakwiriye kwera imbuto zitandukanye n'iz'amahanga y'abapagani. Abo bantu basengaga ibigirwamana barengukiye mu bugome, mu mururumba, mu gahato no mu bikorwa bibi. Ubuhamya no kudindira ni byo basaruye.

Abayuda bagombaga kugaragaza imico y'Imana. Mu kubonera, gutungana, gukunda ubugiraneza n'impuhwe, ni ko abantu b'Imana bagombaga kwerekanira ko «amategeko y'Uwiteka atunganye rwose, kandi agasubiza intege mu bugingo. « Zaburi 19 :7. Mu bwoko bw'Isirayeli ni ho hari hakwiriye gutegurirwa inzira yo kumurikira isi yose. Imana yashatse kumenyerana n'amahanga yose yo ku isi ikoresheje itorero ryayo. Yagennye ko amahame agaragazwa n'abantu bayo yaba uburyo bwo kugarura ishusho y'Imana mu bantu.

Icyo ni cyo cyatumye Imana ihamagara Aburahamu ngo ave muri bene wabo basenga ibigirwamana. Yaramubwiye iti «Nzaguhindura ubwoko bukomeye, nzaguha umugisha, nzogeza izina ryawe, uzabe umugisha. « Itangiriro 12 :2.

[139] Abakomoka kuri Aburahamu boherejwe mu Misiri kugira ngo bagaragaze amahame y'ubwami bw'Imana. Umurimo utangaje wa Yosefu wo gukiza imibereho y'Abanyamisiri, washushanyaga imibereho ya Kristo.

Imirimo itangaje y'Umwami wacu yo gucungura Abisirayeli ngo bave mu bubata, yabereye icyigisho amahanga yari abazengurutse. Uwiteka yerekanye ko ari we Mana isumba ubutegetsi bwose bw'abantu no gukomera kwabo. Yahuranije igihugu cy'ubwibone cya Misiri nk'uko izahuranya isi mu minsi iheruka. Ndi Uwo Ndiwe yakuye abantu be mu bubata bwo mu Misiri kugira ngo bazagume mu gicucu cy'Ishoborabyose. Ibyo yabikoresheje umuriro, umuraba, igishitsi n'urupfu.

Kristo ni we wari umuyobozi w'Abisirayeli mu ruzerero rwabo rwo mu butayu. Yabajyanye mu gihugu cy'isezerano yifubitse inkingi y'igicu n'inkingi y'umuriro, maze atera Isirayeli nk'uruzabibu rwe imbere y'amahanga atazi Imana. Kubaha amahame y'ukuri kw'iteka, no gukiranuka no kubonera, ni byo byabarindaga; kuko byagombaga kubakiza kurimburwa bazize ibyaha byabo. Nk'uko umunara w'abarinzi wari mu ruzabibu, ni ko Imana yashyize ingoro yayo yera mu gihugu rwagati.

Nk'uko Kristo yabanye n'abantu be mu butayu, ni ko yagombaga no gukomeza kuba umwigisha wabo n'umuyobozi wabo mu buturo bwera no mu ngoro y'Imana. Yifuzaga kubakoresha ibyo guhesha Imana ishimwe n'icyubahiro, no kutabagomwa icyo ari cyo cyose cyabatera imico myiza yo kubahindura intumwa ze.

### Imana Iha Ubwenge N'Ubuhanga Ishvanga Yatoranije

Kubaha amategeko y'Imana byagombaga gutuma kugubwa neza kwabo gutangirirwa n'amahanga yari abazengurutse. Imana yajyaga kubakuza no kubashyira hejuru ku bwo kubaha amategeko yayo. Iyo baza kuyumvira bajyaga kurindwa indwara zabujije [140] amahoro n'amahwemo andi mahanga. Icyubahiro cy'Imana n'imbaraga zayo byajyaga kugaragarira mu kugubwa neza kwabo. Bajyaga kuba ishyanga rirusha andi yose yo ku isi gukomera.

Kristo yakoresheje Mose, maze abereka umugambi w'Imana abasobanurira n'icyatuma bagubwa neza, ati "Uwiteka Imana yawe yagutoranije mu mahanga kugira ngo uyibere ubwoko yironkeye. Nuko ujye witondera ibyategetswe n'amategeko, n'amateka ngutegeka uyu munsi, ubyumvire... Uwiteka Imana yawe ikomeze kugusohoreza isezerano no kukugirira ibambe yarahiye basekuruza wanyu ko izakugirira. Izaguhe umugisha, ikugwize, igwize imbuto zo mu nda yawe n'amavuta ya elayo yawe, ... n'inka zawe n'imikumbi yawe.... Uzagira umugisha uruta uw'ayandi mahanga yose .... Uwiteka azagukuramo indwara zose, ntazaguteza n'imwe muri za ndwara mbi z'Abanyamisiri. " Gutegeka kwa Kabiri 7 :6-15.

Isi yose yaravumwe kubera icyaha. Ariko iyo abantu b'Imana baza gukurikiza amabwiriza yayo yerekeranye no guhinga ubutaka, igihugu cyabo cyajyaga gusubirana uburumbuke n'ubwiza. Kubera kumvira amategeko y'ibyaremwe, isi ishobora kurumbuka; bityo no kumvira amategeko y'Imana byatuma abantu bagira imico nk'iya Yo. Umupagani yavuga ati "Ni ukuri iri shyanga rikomeye ni ubwoko bw'ubwenge n'ubuhanga. Mbese hari irindi shyanga rikomeye rifite imana iriri hafi? ... kandi ni ishyanga ki rikomeye rifite amategeko n'amateka atunganye nk'iryacu? " Gutegeka 4 :5-8.

Ayo mahanga yanze Imana y'ukuri yagombaga gusenyuka. Ariko wari umugambi w'Imana ko isi yose igezwaho ubutumwa bwiza binyujijwe mu bwoko bw'Israyeli. Kristo yagombaga gushyirwa hejuru maze abimuye ibigirwamana bose bakifatanya n'ubwoko bw'Imana bwatoranijwe. Uko Abisrayeli biyongeraga ni ko bajyaga kwagura imbibi z'igihugu cyabo kugeza ubwo ubwami bwabo buhindura isi yose.

Imana yaremye umuntu kugira ngo agire umunezero kandi yashakaga kuzuza im- [141] itima y'abantu amahoro yo mu ijuru. Imana yifuza ko imiryango ya hano ku isi yaba igishushanyo cy'umuryango ukomeye wo mu ijuru.

Ariko Israyeli ntiyashohoje umugambi w'Imana. Uwiteka yaravuze ati "Wahindutse ute ukambera nk'igiti cy'ingwingiri cy'uruzabibu ntazi ? " Yeremiya 2:21. "Ko nari niringiye ko ruzera inzabibu, ni iki cyatumye rwera indibu ? .... Yabiringi-ragamo imanza zitabera, ariko abasangamo kurenganya; yabiringiragamo gukiranuka, ariko abasangamo umuborogo? " Yesaya 5; 3-7.

Abantu b'Imana bitandukanije n'imigisha yayo kubera ko banze gukomeza isezerano ryayo. "Numara kurya ugahaga, ukamara kubaka amazu meza ukayabamo, inka zawe n'imikumbi yawe, n'ifeza zawe n'izahabu zawe n'iby'ufite byose bikaba bigwiriye; uzirinde, umutima wawe we kwishyira hejuru ngo wibagirwe Uwiteka Imana yawe,.... Wibwira uti Imbaraga zanjye n'amaboko yanjye ni byo byampesheje ubu butunzi.... Niwibagirwa Uwiteka Imana yawe, ... ntuzabura kurimbuka. " Gutegeka 8:11-14,17,19.

Baraburiwe ntibabyitaho. Abayuda bibagiwe Imana. Imigisha bahawe bayikoresheje ibyo kwihesha icyubahiro. Banze gukorera Imana, bakurikiza ibitekerezo by'imitima yabo yabaswe n'ibibi. Bityo batuma iby'Imana bigaragara nk'amashyengo. Abahingaga mu ruzabibu rw'Uwiteka ntibabaye abiringirwa ku byo bashinzwe. Ntibakomeje kwereka abantu ko Imana igira neza kandi ko ishaka ko bayikorera. Bishakiye icyubahiro.

Abo bayobozi bari barasezeranye kwigisha ngo "Ni ko Uwiteka avuga, "kandi basezerana no kumvira mu byo bakoraga byose. Nyamara ibiri amambu, bagoretse Ibyanditswe kandi bikoreza abantu imitwaro iremereye. Abantu babonye ko ari ibidashoboka
[142] gukomeza amategeko yahimbwe n'abantu, ntibaba bacyita no ku mategeko y'Imana. Uwiteka yari nyir'uruzabibu, ariko abatambyi n'abigisha bagahora bamwiba. Umururumba wabo watumye n'abapagani babasuzugura, ubatera no gusobanura nabi imico y'Imana n'amategeko yayo.

Imana yinginze abantu bayo ikoresha imbabazi bahawe n'izo batahawe. Imana yohereje abahanuzi n'intumwa kubwira abahingira uruzabibu ibyo ishaka, ariko mu cyimbo cyo kubakira, barenganije bamwe, abandi barabica. Imana yongeye kohereza izindi ntumwa, na zo bazigenza batyo. Ubuheruka, Imana yohereza umwana wayo ivuga iti "Bazubaha, umwana wanjye. "Ariko baravuganye bati " Dore, uwarazwe ibintu araje! Nimuze tumwice, byose bibe ibyacu. " Tuzasigara ari nta cyo twikanga, inzabibu tuzikoreshe icyo twishakiye.

### Uko Abategetsi B'Abavuda Banze Uguhamagara Kw'Imana

Kristo yazanywe no kwemeza ibyo nyir'uruzabibu ashaka; ariko abahinzi baramusuzuguye, baravuga bati nta bwo dushaka ko uyu muntu adutegeka. Inyigisho za Kristo zarutaga izabo, maze bagatinya ko abarusha. Yaberetse ingaruka z'ibyo bakora, biba nk'ibibaganguriye ibisazi. Babonye ko inyigisho ze zibashyira ahabona, aho kwihugiraho kwabo kutabasha kubona ikigutwikira, niko kwiyemeza kumwica. Bangaga icyitegererezo atanga ku byerekeye ukuri no kubonera.

Ubwo igihe cyo gusuzuma ubuheruka cyageraga, kumvira cyangwa kutumvira, banze Intungane, Umuziranenge w'Israyeli. Igihe babazwaga guhitamo Kristo cyangwa Baraba, barashakuje bati "Turekurire Baraba!" Luka 23:18. Pilato abajije ati "Yesu mujyire nte?" barasakuza bati "Nabambwe ku musaraba!" Abajije ati "Mbambe Umwami wanyu?" Abatambyi n'abategetsi b'Abayuda barasubiza bati " Nta Mwami tugira utari Kayisari" (umwami w'abami). Yohani 19:15. Igihe Pilato yakarabaga avuga ati "amaraso
[143] y'uyu muntu ntazambarweho," abatambyi bifatanije na rubanda rw'injiji baravuga bati "amaraso ye abe kuri twe no ku bana bacu. " Matayo 27:24,25. Icyemezo abayobozi b'Abayuda bafashe cyanditswe mu gitabo Yohani yabonye mu ntoki z'uwari wicaye ku ntebe y'ubwami. Umunsi umwe icyo gitabo kizabumburwa n'Intare yo mu muryango wa Yuda, maze abo bantu barebe icyemezo cy'ubugome bafashe (Ibyahishuwe 5). Mu mugani w'uruzabibu, Kristo yabajije abatambyi ati: "Mbese nyir'urugo naza, abo bahinzi azabagenza ate? " Batiriwe bareba icyo baba bahuriyeho n'ikivuzwe bafatanya na rubanda gusubiza bati "abo bagome azabarimbura, maze uruzabibu rwe arushyiremo abandi bahinzi bazajya bamuha ibye uko isarura rigeze."

Batangaje batabizi iteka bazacirwaho. Babonye Yesu abacengezamo ijisho, bamenya ko yasomye amabanga yo mu mitima yabo. Ubwiza bw'Imana bwamugaragayeho bufite imbaraga zigaragarira umuntu wese. Babonye ko ipica y'abo bahinzi ari bo itunga urutoki, bapfa kuvuga bati "ntibikabeho."

Kristo ababaza akomeje ati "nti mwari mwasoma mu Byanditswe ko ibuye abubatsi banze ari ryo ryabaye irikomeza imfuruka? Uwiteka ni we wabikoze, none biradutangaza? Ni cyo gituma mbabwira ko muzanyagwa ubwami bw'Imana, bugahabwa abantu bakora imirimo ikwiranye na bwo. Umuntu wese uzagwa kuri iryo buye azavunagurika, ariko uwo rizagwira wese rizamujyira ifu."

Kwifuza n'ishyari ni byo byatumye Abayuda bahinduka abatagonda ijosi. Ni cyo cyatumye batemera ko Yesu w'i Nazareti ari Mesiya. Banze umucyo w'isi bituma imibereho yabo ikikizwa n'umwijima wa n'ijoro. Uburakari bwabo bukaze kandi budakomwa imbere bwarabarimbuje. Ubugome bwabo n'ubwirasi butagondeka byabateje umujinya w'Abaroma babagaruje umuheto. Yerusalemu yararimbutse, ingoro y'Imana yabo isigara mu matongo, n'imiharuro yayo ihingwa nk'imirima.

Abayuda bananiwe gusohoza imigambi y'Imana, maze bamburwa uruzabibu, umurimo bihaye gukerensa uhabwa abandi. [144]

## Umugani Ufite Icyo Wigisha

Itorero ryo muri iki gihe ryahawe imigisha ikomeye, kandi Imana ishaka ko ryakora ibihwanye n'iyo migisha. Iyi si yavomerejwe amarira n'amaraso y'umwana w'Imana ikwiriye kwera imbuto za Paradiso. Kristo akoresha abantu be kwerekana imico ye n'amahame y'ubwami bwe ; yifuza kubakoresha yerekana ingaruka zo kumvira amahame y'ukuri, bityo akaba atanze igisubizo cy'ibirego bya Satani. Ayo mahame agomba kugaragarizwa muri buri muntu, mu muryango, mu itorero no mu kigo cyose cyubakiwe gukorera Imana. Byose bigomba kwerekana icyo imbaraga y'agakiza k'ubutumwa bwiza ishobora gukorera abantu.

Abayobozib'Abayuda barebaga urusengerorwaborw'akataraboneka n'imihango y'idini iremereye, agasuzuguro kakabashengura. Nyamara igihe bari baretse amahame y'ingenzi y'ubwami bw'Imana, ni bwo imihango yiyongereye kimwe no gupfusha ubusa. Iyo abantu birengagije kugira imico myiza, no kurimbisha umutima, agasuzuguro no gushaka kwibonekeza bisaba ko hubakwa insengero z'akataraboneka, gushakira ubwiza ku kurimbisha imibiri mu buryo buhambaye n'amategeko y'imihango. Muri ibyo byose, Imana ntihabwa icyubahiro. Imana iha itorero agaciro kubera ubwiza rifite buritandukanya n'iby'isi. Icyo irishimira ni uko abizera baryo bakura mu byo kumenya Kristo, we majyambere yabo mu by'iyobokamana.

Kristo asonzera imbuto zo gutungana kandi z'ingiraka-maro, zikomoka mu ruzabibu rwe. Nta cyiza gikorwa n'ubukorikori ubwo ari bwo bwose cyahwana n'ubwiza bw'imico y'intumwa za Kristo. Akanyamuneza k'ubuntu bukikije umutima w'uwizera Imana kamuhindura «impumuro y'ubugingo izana ubugingo. « 2Abakor. 2:16.

Itorero rishobora kuba ahantu hatarumbuka. Rishobora kuba riri ahantu hatagaragara neza. Ariko abizera bo muri ryo baramutse bafite imico nk'iya Kristo, bagira umunezero we mu mitima yabo. Abamarayika bajya bafatanya nabo kumenya Imana. [145]

Uwiteka aheshwa icyubahiro n'indirimbo zo guhimbaza n'iz'ishimwe. Arivugira ati "untambira ishimwe wese, aba anyubahiriza. " Zaburi 50 :23. Abantu b'isi basenga imana z'ibinyoma. Bakwiriye kuvanwa mu byo gusenga kw'amafuti, bidakoreshejwe kuvuga nabi ibigirwamana byabo, ahubwo bitewe no kwitegereza ikirushaho kuba cyiza. Ubugiraneza bw'Imana bugomba kumenyekanishwa. Imana yifuza ko tuyikorera dufite imibereho mishya, tunezerewe kandi dushima. Imana ishaka kubona tunejejwe n'uko amazina yacu yanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'umwana w'Intama. Ibyo byashoboka turamutse tuyituye amaganya yacu yose kuko itwitaho. Imana idutegeka kunezerwa, kuko gukiranuka kwa Kristo ari ikanzu yera y'intungane ziringira ko Umukiza azagaruka bidatinze.

Kuramya Imana ni umurimo ukomeye nk'uko gusenga bimeze. Dukwiriye kwereka ab'isi n'abo mu ijuru ko twishimira urukundo rw'Imana. Dukeneye kuvuga ibyiza byo mu mibereho yacu kuruta uko dukeneye gukora. Nitumara guhabwa Mwuka Muziranenge

mu buryo budasanzwe, nibwo umunezero wacu uziyongera bitewe no kwatura ubugiraneza bw'Imana, n'imirimo yayo itangaje. Ibyo byakwirukana kwinuba no kuvugira mu matamatama, maze satani akaneshwa.

Imana iduha impano zayo kugira ngo natwe tubashe kuzitanga, bityo ngo imico yayo yamamare mu isi. Uretse amaturo y'ishimwe, Abisrayeli bagombaga gutanga kimwe mu icumi cy'ibyo bunguka byose ngo gikore imirimo y'ubuturo bwera, icyo gikorwa kikaba umugabane w'ingenzi wo kuramya Imana. Ubwo ni bwo bwari uburyo bwo gushyigikira umurimo wo kwamamaza ubutumwa muri icyo gihe. Imana ntitubaza ibiciye
[146] munsi y'ibyo. Ishaka ko umurimo wo kubwiriza ubutumwa washyigikirwa na kimwe mu icumi n'amaturo. Imana ivuga ko imigabane ya kimwe mu icumi ari iyayo; ko igomba gushyirwa mu bubiko bw'Imana ku bw'umurimo wayo.

Imana idusaba kandi n'amaturo y'ubushake atanganwe umunezero. Abantu bose bakwiriye kwitangira kugeza ubutumwa mu migabane y'isi ya kure.

Kristo yarategetse ati "mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza." Mariko 16:15. Abantu bose bagenewe gukora umurimo wo guhesha bagenzi babo agakiza. Nta bwo abantu bose bagomba kwikubira ahantu hamwe, cyangwa ngo bafatanye gukora umurimo umwe; ariko abantu bose bafite aho bagomba gukora n'icyo bagomba gukora. Impano yose ikwiriye gukoreshwa mu byo guteza imbere ubwami bw'Imana, no guhesha ikuzo izina ryayo.

### Hari Icyo Imana Ikora Kugira Ngo Ibishakwa Bisohozwe

Abantu bose bemera ko Kristo ari Umukiza wabo, bagomba kwerekana ukuri k'ubutumwa bwiza n'imbaraga bufite ku mibereho y'umuntu. Nta cyo Imana ibaza umuntu gukora itamuhaye uburyo bwo kugisohoza. Kubera ubuntu tugiririrwa na Kristo, tubasha gusohoza icyo Imana idusaba gukora cyose. Ubutunzi bwo mu ijuru bugomba kugaragarira mu bantu b'Imana. "Igihesha Data ikuzo ni uko mwera imbuto nyinshi." Yohani 15 :8.

N'ubwo muri iki gihe isi iri mu maboko y'umunyazi, nyamara iracyari iy'Imana; kubera gucungurwa utibagiwe no kurema. "Kuko Imana yakunze abantu cyane, byatumye itanga umwana wayo w'ikinege." Yohani 3:16. Iyo mpano ni yo izindi zikomokaho. Agatonyanga kose k'imvura n'akambi kose k'umucyo; n'ururabyo rwose n'itunda ryose, bigaragaza urukundo rukomeye rw'Imana no kwihangana kwayo.

[147] Umunyabuntu butangaje agarurirwa iki? Ni nde abantu bose bo ku isi begurira imibereho yabo? Ni Ifaranga? Akantu kose bashobora gusingira gakoreshwa ku by'umururumba wabo no kwinezeza. Ibyaha by'abatuye ku isi muri iki gihe ni nk'ibyarimbuje Abisrayeli, ari byo: kudashima Imana, kwirengagiza inshingano, no gukoresha impano z'Imana mu byo kunezeza inarijye. Igihe Yesu yaririraga ku musozi wa Elayono ahagaze yitegereza umurwa watoranijwe, ntabwo yaririraga Yerusalemu yonyine.

"Uyu munsi nawe, iyaba wamenyaga ibyaguhesha amahoro! Nyamara na n'ubu birakwihishe. " Luka 19 :42. Bugiye kwira. Igihe cy'imbabazi kigiye gushira. Abanga ubuntu bw'Imana bagiye kurimbuka buheriheri.

Nyamara isi iracyahunikira. Abantu ntibazi igihe bazage- ndererwamo. Mbese muri iki gihe cy'akaga abizera b'itorero barakora iby'Imana ishaka, bereka ab'isi imico y'Imana, no kugeza kuri bagenzi babo ubutumwa bw'imbuzi buheruka? Ikinya kiremaza ubwonko n'umubiri cyafashe abantu b'Imana kibabuza gusobanukirwa n'icyo bagomba gukora muri iki gihe.

Igihe Abisrayeli binjiraga muri Kanani, bariyicariye bishimira ko banesheje. Bikubiye mu turere bahinduye mu cyimbo cyo kujya mbere ngo bafate n'ahandi hashya. Nuko batangira kwimura Imana. Mbese itorero ntirikora bene ibyo muri iki gihe? N'ubwo isi yose ikeneye ubutumwa buhesha abantu agakiza, ntabwo abiyita abakristo baburenza n'umutaru. Mbese itorero ry'Abayuda ribarusha igicumuro?

Ingabo zo mu ijuru zisuzuma abakurikira Kristo. Batakaje umutima wo kwiyanga no kwikorera umusaraba. Benshi banduje ikuzo rya Kristo, batwikira ubwiza bwe, buzitira n'icyubahiro cye. Benshi banditswe mu bitabo by'itorero bategekwa n'umwanzi. Ntibakora ibyiza, ahubwo bakora amarorerwa atagira ingano yo kwangiza. Uwiteka aravuga ati "Mbese ibyo sinabibahanira ? " Yeremiya 5 :9. Abana b'Israyeli bashyizwe [148]
ku ruhande, Imana yihamagarira abandi. Mbese abo bo nibagumya gukiranirwa, babura kugenzwa batyo?

Mu mugani w'uruzabibu, abahinzi nibo banze guha shebuja ku mwero w'uruzabibu rwe. Ishyanga ry'Abayuda, n'abatambyi n'abigisha bibye iby'umurimo w'Imana ku bwo kuyobya abantu. Ntibaretse amategeko bihimbiye. Ntibakurikiye ukuri ngo bareke guhimbaza abantu no kugendera ku bitekerezo byabo. Banze ko ukuri kwa Kristo kwabunga n'abantu ahubwo babateranya na We.

Ni bo babaye inkuruzi y'ingaruka zakurikiyeho. Icyaha cy'abo bantu no kurimbuka kwabo byatewe n'abayobozi b'idini.

Mbese muri iyi minsi turimo ntihariho abigisha b'amadini benshi bayobya abantu bakabatesha ibintu bisobanutse bitegekwa n'ijambo ry'Imana? Mbese abantu ntibigishirizwa mu nsengero nyinshi ko gukomeza amategeko y'Imana atari ikintu umuntu yakwihambiraho? Imihango y'abantu n'imico yabo bishyirwa hejuru, naho iby'Imana itegeka bigahinyurwa.

Igihe abantu bigizayo amategeko y'Imana, ntibaba bazi icyo bakora. Amategeko y'Imana ni yo shingiro ry'amahame y'ubwami bwayo. Uwanze ayo mahame, aba yishyize aho imiyoboro inyurwamo n'imigisha y'Imana itabasha kumugeraho. Kumvira ni byo bituma imico ikura kandi bigahesha umugisha ubwenge, kimwe n'umutima n'umubiri; n'inzu n'imirima.

Abigisha abantu kutitondera amategeko y'Imana, baba bababuza kwera imbuto zo kuyihesha ikuzo. Baba bafite igicumuro cyo kwima Uwiteka imbuto zo mu ruzabibu rwe. Nk'uko Kristo yabigenje, intumwa z'Imana ziza kudusaba imbuto z'uruzabibu ari zo: kumvira, urukundo, kwicisha bugufi no kwitangira gukora umurimo w'Imana. Mbese ntihariho abahinzi benshi muri uru ruzabibu barakazwa no kubona abantu bigishwa [149]
gukurikiza amategeko y'Imana? Uwiteka yaburiye Israyeli ya kera ati "Ubwo uretse ubwenge nanjye nzakureka." Hoseya 4:6.

Mbese imiburo y'Imana ntikwiriye kwitabwaho? Mbese gukurikiza imihango y'abantu bikwiriye kubuza abayoboke ba Kristo kumukorera? Mbese birakwiriye kwamagana ijambo ry'Imana? Mbese muri iki gihe itorero ryemera kuburirwa?

Kutizera ni ko kwahwanyuje amashami, none nawe ni ko kuguteyeho. Ntukibone, ahubwo utinye. Ubwo Imana itababariye amashami ya kavukire, nawe ntizakubabarira." Abaroma 11 :20,21.

[150] # Igice Cya 24 - Umugani W'umwambaro W'ubukwe

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Matayo 22 :1-14).

Mu mugani w'umwambaro w'ubukwe, ubukwe bushushanya ubumwe abantu bafitanye n'Imana ; umwambaro w'ubukwe ushushanya imico abantu bose bashaka kuzararikirwa muri bwa bukwe bagomba kugira.

Umugani werekana ko abajya mu birori bose bagomba kwitegura. Abirengagiza ibyo bazajugunywa hanze. «Umwami yinjiye kureba abatumirwa, abonamo umuntu utambaye umwenda w'ubukwe. Aramubaza ati : 'mugenzi wanjye, ni iki cyatumye winjira hano udafite umwambaro w'ubukwe ?' Na we araceceka. Maze umwami abwira abagaragu be ati : 'nimumubohe amaboko n'amaguru, mumujugunye hanze mu mwijima, ni ko bazaririra bakahahekenyera amenyo.'

Abararitse abaza mu birori ni intumwa cumi n'ebyiri, hanyuma abigishwa mirongo irindwi ; bahamagariye abantu kwemera ubutumwa bwiza. Ariko abararitswe ntibaje. Hanyuma abagaragu bongeye koherezwa ngo babwire abo bararika bati «Dore niteguye amazimano, nabagishije amapfizi yanjye n'amatungo y'imishishe. Byose byateguwe, nimuze mu bukwe.»

Ubwo ni bwo butumwa bwashyikirijwe Abayuda nyuma yo kubambwa kwa Kristo; ariko benshi banze ubutumwa, babuhindura urw'amenyo. Abandi byarabarakazaga kugeza ubwo barwanyaga ababazaniye ubutumwa bwiza. "Habaye akarengane gakomeye." Ibyakozwe 8:1. Benshi baroshywe muri gereza, maze bamwe nka Sitefano na Yakobo baricwa.

[151] Kristo yavuze ingaruka y'ibyo muri uyu mugani ati "Umwami agaba ingabo ze, arimbura abo bicanyi, atwika umujyi wabo. " Iby'urwo rubanza byasohoye mu gihe cyo kurimbura Yerusalemu no gutatana kw'iryo shyanga.

Ukurarika kwa gatatu ku bw'ibirori kwashushanyaga kugeza ubutumwa ku batari Abayuda. Umwami yaravuze ati "Ubukwe bwiteguwe, ariko ababutorewe ntibari babukwiriye. Nimujye mu nzira nyabagendwa, abo muri buboneyo bose mubahamagare baze batahe ubukwe."

Abagaragu b'umwami boherejwe mu nzira nyabagendwa, "bakoranya abo babonye bose, ababi n'abeza. " Bamwe ntabwo barushaga ba bandi banze kuza mu bukwe kwita ku waremesheje ibirori. Bamwe mu bemeye kuza mu birori bitekerezaga iby'inyungu zabo gusa, ntibifuje icyahesha umwami icyubahiro.

Igihe umwami yari aje gusuzuma abatumirwa, imico yabo bose yaragaragaye. Buri mutumirwa wese yahawe umwambaro w'ubukwe. Yari impano y'umwami . Abatumirwa bambaye uwo mwambaro berekanye ko bubashye umwami. Ariko umuntu umwe yanze kwitegura nk'uko byategetswe. Agasuzuguro kamubujije kwambara umwambaro watanzweho byinshi. Bityo aba asuzuguye shebuja. Ntabwo yabonye icyo asubiza igihe umwami yari amubajije ati "mugenzi wanjye ni iki cyatumye winjira hano udafite umwambaro w'ubukwe? " Nuko umwami aravuga ati "nimumubohe amaboko n'amaguru, mumujugunye hanze mu mwijima."

Umwami wasuzumaga abatumirwa ashushanya umurimo w'urubanza. Abatumirwa ni abavuga ko bakorera Imana, amazina yabo akaba yanditswe mu gitabo cy'ubugingo. Nyamara si ko bose ari abigishwa nyakuri. Ingororano iheruka itari yatangwa, ni

ngombwa gufata icyemezo cy'abazayigiraho umugabane. Icyo cyemezo kigomba gufatwa Kristo ataragaruka, kuko igihe azaza azaba azanye ingororano, «kugira ngo agororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze. « Ibyahishuwe 22:12. Nuko rero mbere yuko [152] agaruka, ni ngombwa ko hagira ibyemezo bifatwa kuri buri muntu wese wo mu bakurikira Kristo. Umuntu wese agomba kwiyemeza imico agomba kugira no gufata icyemezo cy'ingororano azahabwa zikwiranye n'ibikorwa bye.

Igihe abantu bakiri kuri iyi si, urubanza kagenzuzi rurajya mbere mu ijuru. Imibereho y'abayoboke ba Kristo bose inyuzwa imbere y'Imana, igasuzumirwa mu byanditswe mu bitabo byo mu ijuru, maze umuntu wese akagenerwa burundu ibihwanye n'ibyo yakoze.

Umwambaro w'ubukwe ushushanya imico itagira amakemwa abayoboke b'ukuri ba Kristo bazagira. Itorero ryahawe «umwambaro w'igitare mwiza urabagirana... udafite ikizinga cyangwa umunkanyari. « Ibyahishuwe 19:8; Abefeso 5:27. Imico ya Kristo ni yo ihabwa abamwakira iyo bamwizeye.

Ikanzu yera y'ubuziranenge ni yo ababyeyi bacu ba mbere bari bambaye muri Edeni. Babayeho mu buryo buhuje n'uko Imana ishaka. Umucyo w'agatangaza, umucyo w'Imana ushushanya ubuziranenge bwayo wari umwambaro w'abo babyeyi bombi, umugabo n'umugore. Ariko icyaha cyinjiye muri Edeni, batandukanye n'Imana maze umucyo ugenda nka nyomberi. Batewe isoni n'uko bambaye ubusa, ni ko kuremekanya ibibabi by'umutini barabicocera.

Uko ni ko abica amategeko y'Imana babaye uhereye ubwo. Bambaye imyambaro bihimbiye. Nyamara nta kintu na kimwe umuntu yahimba gishobora gusimbura umwambaro w'ubuziranenge yajimije. Nta mwambaro w'ibibabi by'imitini ushobora kwambarwa n'abazicara mu birori by'ubukwe bw'umwana w'Intama. Umwambaro Kristo yatanze wony ine ari yo kanzu yo gukiranuka kwe, ni wo wadushoboza kuba abantu bakwiriye guhagarara imbere y'Imana. Uwo mwambaro azawambika umuntu wese ucika ku byaha kandi akizera Imana. "Ungureho imyenda yera, kugira ngo wambare, ngo isoni z'ubwambure bwawe zitava aho zigaragara." Ibyahishuwe 3:18.

Iyo kanzu, yaboshywe mu budodo bwo mu ijuru, ntiranganwa akadodo na kamwe [153] kahimbwe n'abantu. Muri kamere ye ya kimuntu, Kristo yari afite imico itunganye, kandi yitangiye kuyiduha. Ikintu cyose dushobora gukora ku giti cyacu, cyandujwe n'icyaha. Ariko umwana w'Imana "yerekaniwe gukuraho ibyaha, kandi nta cyaha kimurimo." Icyaha "ni ukwica amategeko. " 1 Yohana 3:4,5. Ariko Kristo yumviraga ikintu cyose gitegetswe n'amategeko. Yaravuze ati "Mana yanjye , ... amategeko yawe ari mu mutima wanjye. " Arongera ati "Nitondeye amategeko ya Data." Zaburi 40:8; Yohani 15:10.

Kumvira kwe kutagira amakemwa kwatumye bishobokera umuntu wese kumvira amategeko y'Imana. Iyo twiyeguriye Kristo, umutima womatana n'uwe, ibyo dushaka bikazimirira mu byo ashaka, ubwenge bugahinduka nk'ubwe, ibitekerezo bikamugandukira; maze tukagira imibereho nk'iye. Uko ni ko kwambara umwambaro wo gukiranuka kwe. Umwami wacu ntaba akireba umwambaro w'ibibabi by'umutini, cyangwa se ubwambure bw'icyaha, ahubwo aba areba ikanzu yo gukiranuka kwe, ari yo kumvira amategeko y'Imana. Mu birori by'ubutumwa bwiza hakirwa gusa abamaze kwambikwa amakanzu yo gukiranuka kwa Kristo. Gukiranuka ni ugukora ibitunganye. Imico yacu igaragazwa n'ibyo dukora. Imirimo ni yo yerekana ko kwizera k'umuntu gushyitse.

Ntabwo bihagije kwizera ko idini rya Bibiliyaatari imigani yahimbwe n'abantu . Tugomba kwizera yuko izina rya Yesu ari ryo ryonyine ribasha guhesha umuntu agakiza , kandi tugomba no kumujyira Umukiza wacu bwite. Ntibihagije ko amazina yacu yandikwa mu gitabo cy' itorero. "Uwitondera amategeko yayo aguma muri yo, na yo ikaguma muri we." "Iki ni cyo kitumenyesha yuko tumuzi, ni uko twitondera amtegeko

ye." 1 Yohani 3:24;2:3. Icyo ni igihamya nyacyo cyerekana ko umuntu yahindutse. Ibyo dukora byaba ari ubusa Kristo atagaragarijwe mu mirimo yo gukiranuka.

[154] Ukuri kugomba kugenga ibitekerezo by'umuntu no kumuha umutima w'urukundo. Ibikorwa bya buri munsi bigomba kugaragaramo impumuro y'ijambo ry'Imana. Umuntu umaze kuronka kamere y'Imana ntacisha ukubiri n'amategeko atuganye y'Imana. Ibyo ni byo bisuzuma imico y'umuntu mu rubanza.

Benshi bavuga ko urupfu rwa Kristo rwavanyeho amategeko, nyamara banyuranya na Kristo wavuze ati "Ntimwibwire ko nazanywe no kuvanaho amategeko cyangwa ibyanditswe n'abahanuzi.... Kugeza igihe ijuru n'isi bizashirira, nta kanyuguti habe n'akadomo ko mu mategeko kazavaho." Matayo 5:17,18. Kristo yatanze ubugingo bwe kugira ngo umuntu ababarirwe ibyaha. Iyo amategeko aza gukurwaho, Kristo ntaba yarapfuye. Imibereho ye yubahirije amategeko, n'urupfu rwe rurayashyigikira. Ntabwo yatangiye ubugingo bwe kwica amategeko y'Imana, ahubwo kwari ukugira ngo amategeko ahore ahamye iteka ryose.

Satani yavugaga ko umuntu atashobora gukomeza amategeko y'Imana; kandi koko ni iby'ukuri, dukoresheje imbaraga zacu gusa ntitwashobora kumvira amategeko. Ariko kumvira kwa Kristo kwahamije ko umuntu yisunze Imana ashobora gukomeza amategeko yayo yose. Iyo umuntu yakiriye Kristo, abona imbaraga imushoboza kugira imibereho nk'iya Kristo. (Reba Yohani 1:12).

Amategeko y'Imana agaragaza imico yayo, kandi ni na yo rugero rw'imico yayo. Urwo rugero rw'ukuri rwahawe abantu bose kugira ngo hatabaho kwishuka ku byerekeye kumenya uko abazemerwa mu bwami bw'Imana bazaba bameze. Iyo abavuga ko ari abana b'Imana bagize imico nk'iya Kristo, bashobora kumvira amategeko y'Imana. Icyo gihe ni bwo Uwiteka abona kubemerera kuba abo mu muryango wo mu ijuru. Iyo bambitswe ubwiza bwo gukiranuka kwa Kristo, babona umwanya mu birori by'Umwami Imana.

[155] Umuntu utari ufite umwambaro w'ubukwe, ashushanya abakristo bibwira ko imico yabo idakeneye guhinduka. Abameze batyo ntibigeze biyumvamo kwihana ibyaha, cyangwa se gutsinda kubogamira mu bibi; nyamara kandi bakibwira ko ari beza bihagije. Bahugira mu byo kwibwira ko bihagije mu cyimbo cyo kwiringira Kristo. Ku bwo gukoresha ubwenge bwa kimuntu gusa, bituma bigizayo umurimo wa mwuka Muziranenge. Ntibaha agaciro amahame y'ijuru, amwe yerekana ko abari mu ruhande rwa Kristo batandukanye n'abari mu ruhande rw'iby'isi.

Abadafite umwambaro w'ubukwe bashaka gukizwa n'urupfu rwa Kristo ariko bakanga kugira imibereho nk'iye, ariyo mibereho yo kwitanga. Barata ubuntu kandi bakagerageza kwambara gukiranuka ku bigaragara, biringira ko byahisha imico yabo mibi; ariko imihati yabo ntacyo izabamarira kuri wa munsi ukomeye w'Imana. Gukiranuka kwa Kristo ntikubasha gutwikira icyaha kitararekwa. Imana ni urukundo. Yerekanye urwo rukundo ubwo yatangaga Kristo. Ariko urukundo rw'Imana si rwo rwatuma isonera icyaha. Ntiyarenza amaso ubusembwa bwo mu mico yacu; ahubwo ishaka ko izina ryayo riduhesha gutsinda.

Abanga impano yo gukiranuka kwa Kristo, baba banze kamere ndangamuco ari na yo yonyine yabashoboza kujya mu birori by'ubukwe.

Amahirwe y'abiyita ab'amatorero ya Kristo bo muri iki gihe aruta by'ihabya ay'abantu b'Imana bo mu gihe cya kera. Dufite ibihamya byinshi by'agakiza gakomeye twazaniwe na Kristo. Abayuda bari bafite ibitekerezo byo mu Isezerano rya kera; twe dufite n'Irishya. Ku bwo kumenya Kristo n'urukundo rwe, ubwami bw'Imana bwashyizwe hagati muri twe. Kristo agaragarizwa mu bibwirizwa no mu ndirimbo. Ibirori mu by'iyobokamana bituri imbere. Umwambaro w'ubukwe utangirwa ubuntu. Nta cyo

Imana yadukorera kirenze ibyo yadukoreye: gukiranuka kwa Kristo, gutsindishirizwa no kwizera, amasezerano akomeye y'ijambo ry'Imana, gushyikirana na Data wa Twese ku bwa Kristo, guhumurizwa na Mwuka w'Imana, n'ibyiringiro by'ubugingo buhoraho.

Aya ni amagambo abamarayika bunganira abantu bavugiye mu ijuru: "Twimira abamarayika babi. Tumurikira imitima y'abantu. Dutuma batumbira umusaraba. Im- [156]
itima y'abantu yashenguwe n'icyaha cyabambishije umwana w'Imana. Bamenye ukuri. Babonye intambwe umuntu wihana agomba gutera. Imbaraga y'ubutumwa bwiza yabacengeyemo. Basogongeye uburyohe bw'urukundo rw'Imana. Ariko kuri benshi byose byabaye iby'ubusa, kuko badashobora kwambikwa ikanzu yo mu ijuru."

Umunsi wo kumasha guheruka uzaba utangaje. Dore uko Yohani abivuga: "Mbona intebe y'ubwami nini yera, mbona n'Iyicayeho; isi n'ijuru bihunga mu maso hayo ... Mbona abapfuye, abakomeye n'aboroheje, bahagaze imbere y'iyo ntebe; nuko ibitabo birabumburwa. Kandi n'ikindi gitabo kirabumburwa, ni cyo gitabo cy'ubugingo. Abapfuye bacirwa imanza z'ibyanditswe muri ibyo bitabo, zikwiriye ibyo bakoze." Ibyahishuwe 20:11,12.

Imibereho y'umuntu yose izagaragara nk'uko yahoze. Abantu bazabona yuko gukiranuka basuzuguye ari ko konyine gufite agaciro.

Nta kindi gihe kiri imbere abantu bategereje bakwiteguriramo iby'ibihe bidashira. Muri iki gihe turimo niho tugomba kwambara ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo. Iki ni cyo gihe cyonyine rukumbi dufite cyo kuboneza imico y'abazatura aho Yesu yateguriye abumvira amategeko ye.

Iherezo riri bugufi. «Mwirinde, imitima yanyu ye kuremererwa n'ivutu no gusinda n'amaganya y'iyi si, uwo munsi ukazabatungura. « Luka 21:34.

«Hahirwa uba maso, akarinda imyenda ye, kugira ngo atagenda yambaye ubusa, bakareba ubwambure bwe.» Ibyahishuwe 16 :15.

[157] ## Igice Cya 25 - Umuntu Wese Yahawe Italanto

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Matayo 25 :14-30).

Kristo ari ku musozi wa Elayono, ni bwo yasobanuye ibyo gutegereza kugaruka kwe. Igihe ntigikwiriye gupfushwa ubusa mu gutegereza gusa, ahubwo umuntu agomba gutegereza akora : «Ubwami bwo mu ijuru wabugereranya n'umuntu wari ufite urugendo rwo kujya mu kindi gihugu, maze agahamagara abagaragu be akabasigira ubutunzi bwe. Umwe yamusigiye italanto eshanu, undi amusigira ebyiri, undi amusigira imwe, akurikije uko umuntu wese ashoboye. (Italanto imwe iruta miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda).

Umuntu wajyaga mu kindi gihugu ashushanya Kristo. Abagaragu bavugwa mu mugani bashushanya abayoboke ba Kristo. Ntituri abacu bwite. «Twacungujwe igiciro" (1 Abakorinto 6 :20), amaraso y'igiciro cyinshi ... ya Kristo» (1 Petero 1 :18. 19), kugira ngo abariho be gukomeza kubaho ku bwabo, ahubwo babeho ku bw'uwo wabapfiriye. « 2 Abakor. 5 :15.

Imana-yaguze ubushake, ibitekerezo n'ubwenge bya buri muntu. Yaba uwemera Imana cyangwa se utayemera, bose ni ubutunzi bw'Uwiteka. Bahamagariwe kumukorera, kandi kuri wa munsi w'urubanza bose bazabazwa kwerekana ibyo bakoze.

Mu mugani, abavuga ko bemeye umurimo wa Kristo ni bo bitwa abagaragu be. Bacunguriwe kugira ngo bakore. Umwami wacu yigisha ko umugambi w'ukuri w'imibereho y'umuntu ari ugukora. Iyo umuntu agira icyo akora cyo kunganira abandi, aba yifatanije na Kristo. Itegeko ryo gukorera abandi, ni icyungo kitwunga na bagenzi bacu.

[158] Kristo yahaye abagaragu be ubutunzi bwe ...ngo babukoreshe umurimo we. Umuntu wese akwiriye gukora. Nta mwanya twateguriwe mu mazu yo mu ijuru uruta uwo ku isi twahawe wo gukorera Imana.

### Impano Za Mwuka Muziranenge

Italanto zishushanya impano zatanzwe na Mwuka Muziranenge: ubwenge, ubumenyi, kwizera, impano zo gukiza indwara, imbaraga zo gukora ibitangaza, guhanura, kurobanura imyuka, kuvuga indimi zitari zimwe, no gusobanura indimi. (soma Abakor. 12:8-11) Abantu bose ntibahabwa impano zihwanye, ariko buri mugaragu wese yasezeraniwe impano ya Mwuka.

Kristo amaze gusubira mu ijuru, ubutunzi bwo mu ijuru bwahawe abayoboke be mu buryo budasanzwe. "Amaze kuzamuka mu ijuru... aha abantu impano. " Abefeso 4 :8. Impano twamaze kuziherwa muri Kristo, ariko kuzitunga bituruka ku buryo twakira Mwuka w'Imana.

Isezerano rya Mwuka ntiryishimirwa nk'uko bikwiriye. Gusohozwa kwaryo ntikwashobojwe nk'uko byagombaga kumera. Kubura kwa Mwuka gutuma umurimo w'ubutumwa bwiza utagira imbaraga. Umuntu abasha kwigishwa akaba intyoza mu magambo, ariko adafite Mwuka w'Imana ntiyakwemeza imitima y'abantu. Mu rundi ruhande, abantu ba Kristo baramutse bifatanije na we, n'ubwo baba abakene batagiye mu mashuri, bashobora gukiza imitima y'abantu.

## Impano Zitangwa Zikurikije Ubushobozi Bw'Umuntu

Impano zivugwa mu mugani ni ibyo umuntu ahabwa by'uburyo butari bumwe; byaba ibyo yahawe cyangwa se ibyo yishakiye, byaba n'ibintu bisanzwe yangwa se iby'iyobokamana. Iyo duhindutse abigishwa ba Kristo, turitanga tugatanga n'ibyo dufite byose. Ibyo tumuhaye abitugarurira bimaze gutunganywa kugira ngo bikoreshwe mu byo kumuhesha icyubahiro, no guhesha umugisha bagenzi bacu.

Uwari ufite ubushobozi bwo gukoresha italanto eshanu, ni zo yahawe. Uwashoboraga [159] gukoresha ebyiri ni zo yahawe. N'uwashoboraga gukoresha imwe, yahawe imwe. Nta wataka ngo ntiyahawe umubare munini. Imana ishaka ko umuntu yagira ibyo ayigarurira "akurikije ibyo afite. Nta wukwiriye gutanga ibyo adafite." 2 Abakor. 8:12.

"Nuko uwahawe Italanto eshanu aragenda arazicuruza, yunguka izindi eshanu. N'uwahawe Italanto ebyiri abigenza atyo, yunguka izindi ebyiri. " Ikibazo kitureba si ukubaza ngo nahawe ibingana iki ? ahubwo icyangombwa ni ukubaza icyo nkoresha ibyo nahawe. Gukuza imbaraga zacu zose ni wo murimo w'ibanze twakorera Imana na bagenzi bacu. Iyo tuvuze ko twizera Kristo tuba dusezeranye ko tuzakoresha imbaraga zacu kugira ngo tubashe gukora ibyiza byinshi nk'uko ubushobozi bwacu bungana.

Abakora bakiranutse kandi bagakorana ubushake umurimo wabo wo muri iki gihe, Uwiteka azabaha umurage wo mu gihe kizaza. Buri munsi, Imana isuzumira abayikorera muri gahunda y'umurimo wayo. Iyo bagiranye umushyikirano n'Imana bashobora kugira ibitekerezo bitunganye. Ntabwo dukwiriye gucisha bugufi urugero rwo gukiranuka ngo tubone uko twimika amatwara yo kubogamira mu gukora ibibi. Dukeneye kumenya ko imico idatunganye ari icyaha. Abashaka gukorana n'Imana bakwiriye guharanira gutunganya imibiri yabo n'ibitekerezo byabo. Ubwenge nyakuri ni ugutegura imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge n'iz'ibitekerezo, kugira ngo zikorere Imana.

Kristo yaduhaye ibihembo byo kugira ngo tumukorere dufite ubushake, ibyo bihembo ni amaraso ye n'imibabaro ye. Yifuza ko twateza imbere umurimo we mu isi, ngo tubone uko twitanga no gukunda guhesha icyubahiro Data wo mu ijuru "wakunze abari mu isi cyane agatanga umwana we w'ikinege." Yohani 3 :16. Ariko Kristo ntabwo yigeze adusezeranira ko kugira imico itunganye ari ikintu cyoroshye. Umuntu ntavukana umuco mwiza, ahubwo awuronkeshwa n'imihati ye akesha ubuntu bwa Kristo. Imana itanga [160] impano n'imbaraga z'ibitekerezo; ariko imico yacu yo iremwa habayeho intambara ikomeye yo kurwanya inarijye. Kurwana iyo ntambara udatezuka ku rugamba byatuma ugira imico ifite aho ishingiye. Ntihakagire uvuga ati sinshobora guhindura imico yanjye mibi. Kutabishobora bituruka ku bushake bwawe. Utabikoze rero, ntushobora gutsinda. Ingorane ziboneka gusa igihe umuntu adashaka kuyoborwa n'Imana.

Abantu benshi Imana yahaye ubushobozi bwo gukora byinshi bagera kuri bike, bitewe n'uko ibyo bagerageza gukora ari bike. Babaho nk'aho badafite umugambi w'icyo bagomba kugeraho mu mibereho yabo. Ishyirireho urugero rwo hejuru, maze ku bwo kwiyanga no kwigomwa uzamukire ku rwego rwo gukuza amajyambere.

Hatsindwa umuntu utagira gifasha. Komeza ugendere mu nzira y'ukuri, ndetse n'ibikurwanya bizakubera ubufasha, ntabwo bizakubera inkomyi. Ukwiriye kunezeza Imana mu kintu cyose cyo kubaka imico; nk'uko Enoki yayinejeje nubwo yariho mu gihe isi yari imaze kugera mu gihe cyo guhenebera. Kandi muri ibi bihe ba Enoki bariho.

Niba hari amafuti wakoze, yarebe nk'aho ari ukurembuza ngo uburirwe. Tsinda ibyagutsindaga, umwanzi akorwe n'isoni naho Umucunguzi wawe ahabwe icyubahiro. Ubutunzi bumwe gusa tuzavana muri iyi si tukabugerana mu yindi si, ni imico

nk'iy'Imana. Ingabo zo mu ijuru zikorana n'umuntu ushakana kwizera kugira imico itunganye yo kumushoboza kugera ku bikorwa bitunganye.

Kristo aravuga ati mpagaze mu kuboko kwawe kw'iburyo ngo ngufashe. Igihe ubushake bw'umuntu bufatanije n'ubw'Imana, bushobora byose. Ibyo Imana itegeka byose birashoboka.

[161]

## Impano Z'Ubwenge

Imana ishaka ko abantu bayo bagira ubwenge no gusobanukirwa biruta iby'ab'isi. Ntabwo yishimira rero abanebwe badashaka kuba abakozi bagira icyo bageraho cyo kubahindura abantu bajijutse. Umuntu udafite amashuri ahambaye ariko wiyeguriye Imana kandi agashaka guhesha abandi umugisha, Uwiteka ashobora kumukoresha. Ariko kandi abantu bafite umutima nk'uwo w'ubwitanga kandi bakaba baranigishijwe, bashobora gukorera Kristo umurimo urushijeho kwaguka.

Uwiteka ashaka ko twakwiga ubwenge bwose bushobotse, dufite umugambi wo kubugeza ku bandi. Tugomba kwigishwa kugira ngo bishobotse tugereze ukuri kw'ijambo ry'Imana ku bategetsi bakomeye bo ku isi mu buryo bwo guhesha Imana icyubahiro. Ntidukwiriye gutakobwa akantu na gato katuma twunguka ubwenge.

Mureke abasore bakeneye ubwenge bagambirire kububona. Mugundire akantu kose n'ubwo kaba na gato gashobora kububashyikiriza. Mwimenyereze kuzigama. Ntimugapfushe utwanyu ubusa mushaka kwinezeza. Mugambirire kuba abantu b'ingirakamaro kuko ari byo Imana ibahamagarira. Ubwenge bwo mu bitabo mubuvanga n'imirimo y'amaboko ifite akamaro. Mushake ubwenge bukomoka ku Mana. Bityo muzakura mu mico muyobore n'abandi mu nzira yo gutungana.

Ubwenge nyakuri burenze ubwo umuntu yakwigira muri za Koleji. N'ubwo umuntu atakwirengagiza ubwenge bwo mu ishuri, nyamara hari ubwenge bwo hejuru buboneka iyo umuntu agiranye umushyikirano ukomeye n'Imana. Mureke umwigishwa wese afate Bibiliya maze agirane umushyikirano n'Umwigisha mukuru.

Abasonzera kumenya ubwenge bwo guhesha bagenzi babo umugisha nabo bazahirwa n'Imana. Kwiga ijambo ry'Imana bitera ubwenge imbaraga n'ubushobozi. Umuntu ufite ubwenge bwa kavukire, yerekerewe neza, yakora umurimo munini kandi ukomeye kurusha umuntu wize cyane ufite n'impano zikomeye ariko utazi kwitegeka.

[162]

## Impano Yo Kuvuga Neza

Mu mpano zose duhabwa n'Imana, nta yahesha abantu umugisha kurusha impano yo kuvuga neza. Kuvuga ni byo dukoresha twemeza abantu, dusenga, duhimbaza Imana ndetse tubwira n'abandi iby'urukundo rw'Umucunguzi.

Gukoresha ijwi neza birasuzugurwa cyane ndetse n'abantu b'abanyabwenge barabikerensa. Benshi iyo basoma cyangwa iyo bavuga ntibyumvikana. Bamwe bafite ururimi ruremereye bakavuga ibitumvikana; abandi bafite amajwi atyaye, y'amakaraza ababaza amatwi y'abayumva. Amasomo yo muri Bibiliya, indirimbo, raporo n'izindi nyandiko zisomerwa mu ruhame, rimwe na rimwe iyo zisomwe nabi byangiza agaciro n'imbaraga bisanganywe.

Iryo futi rikwiriye gukosorwa. Dore uko bivugwa ku Balewi basomeraga abantu Ibyanditswe mu gihe cya Ezira: "Basoma mu gitabo amategeko y'Imana gusoma kumvikana, bagasobanura kugira ngo abantu bamenye ibyasomwaga." Nehemiya 8:8. Abantu bose bakwiriye kuvuga badacagagura amagambo, ahubwo bakavuga amagambo yumvikana,

n'ijwi ryiza, mu buryo bwumvikana kandi bushimishije. Tugenje dutyo tubasha kongera bikomeye ibikorwa by'ingirakamaro bikwiranye n'abakozi ba Kristo.

Buri Mukristo wese agomba kuvuga ijambo ry'Imana mu buryo bwareshya abaryumva. Umuyoboro wa kimuntu Imana ikoresha ntukwiriye kuba ikintu cy'icyaduka, cyangwa ngo usuzugurwe cyangwa ngo uteshe agaciro imigezi yo mu ijuru inyuzwa mu muntu igatemba igana ku isi. Kubera imbaraga dukomora kuri Kristo, dushobora kumenyereza urugingo rwose gukora umurimo utunganye.

Iryo hame ni ukuri cyane ku Mushumba no ku mwigisha wese ugeza ku bantu [163]
ubutumwa bufitanye isano n'inyungu z'ibihe byose. Kuri bamwe, igituma ubutumwa bwemerwa cyangwa bukangwa ni uburyo butanzwemo. Mureke ijambo ry'Imana rivugwe buhoro, mu buryo bwumvikana kandi butunganye, kandi urivuga, arivuge akomeje.

Imuhira tugomba kuvugana ijwi rinejeje, dukoresha imvugo nziza kandi itunganye, ndetse n'amagambo arangwa n'ubugwaneza n'urugwiro. Amagambo y'ubugwaneza ni nk'ikime n'ibitonyanga bifutse bigwa ku mutima. Ibyanditswe bivuga ko amagambo Kristo yavugaga yari yuzuye ubuntu kugirango "amenye kuvuga amagambo yo gukomeza urushye. " Mureke "ijambo ryanyu rifatanye iteka n'ubuntu bw'Imana." Yesaya 45 :2 ; 50,4 ; Abakolosayi 4 :6.

Benshi iyo bashaka gukosora abandi, bakoresha amagambo atyaye, akaze; mbese amagambo atagenewe kumora umutima ukomeretse. Ibihe byinshi ugasanga bitera abaguye mu mafuti gukora imyivumbagatanyo y'ubugome. Ibihe byose, amagambo yo gukosora akwiriye kuvuganwa urukundo. Ubwo ni bwo amagambo yacu yagorora abandi aho kubarakaza. Mwuka Muziranenge ni we utanga imbaraga.

Umuntu ukurikira Kristo ntiyavuga amagambo mabi, ntiyarakaza abandi, kandi ntiyatanga inama mbi. "Ijambo ryose riteye isoni ntirigaturuke mu kanwa kanyu. " Abefeso 4 : 29. "Ijambo riteye isoni" ni ukuvuga ijambo ryose ricishije ukubiri n'amahame atunganye. Birimo n'amarenga mabi no gushyoma k'umubi. Umuntu atirinze bene ibyo, byamuganisha ku cyaha.

Igihe turi kumwe n'abantu baganira iby'ubupfapfa, ni umurimo wacu guhindura icyo kiganiro bishobotse. Tugomba kwinjizamo bucece ikintu twafatiraho ikiganiro cyasimbura icyo. Abana bagomba kwigishwa bakiri bato kuvuga amagambo y'ubugwaneza, y'ukuri kandi aboneye. Ababyeyi ubwabo bajye bigira mu ishuri rya Kristo buri munsi. Hanyuma
bigishe abana babo bakoresheje amahame yo kwigisha no kubabera urugero. Igihe turi [164]
abayoboke ba Kristo koko, tugomba gukora icyatuma amagambo tuvuga yunganira abandi. Tugomba kuvuga iby'ubugiraneza bw'Imana, n'urukundo rutagira akagero rw'Umukiza wacu. Amahirwe y'ukuri, imigambi itarangwamo kwihugiraho n'imibereho itunganye, bizerera imbuto mu byo tuvuga maze bigaragaze ubutunzi bwo mu mutima. Kristo nagaragarizwa mu byo tuvuga, bizatuma haboneka imbaraga yo kumukiriza imitima.

Aho Kristo yabaga ari hose, mu isinagogi, ava ku misozi ajya mu bwato, mu birori kwa Simoni, no ku meza y'umusoresha, yavugaga ibintu by'ingenzi byo kunganira abantu.

Uko ni ko natwe tugomba kumera. Dukurikije Kristo mu gukora ibyiza, abantu batubwira ibibari ku mutima nk'uko babimubwiraga. Kubera urukundo rw'Imana, twabasha kuvuga iby'»Umwiza bihebuje». Indirimbo ya Salomo 5:16. Uwo ni wo murimo w'ingenzi wadushoboza gukoresha impano yo kuvuga neza.

### Impano Yo Gushvikirana N'Abandi

Binyujijwe muri Kristo, Imana yahaye umuntu imbaraga yo gushyikirana n'abandi, imbaraga itamukundira kugira imibereho yo kwihugiraho. Buri muntu wese muri twe

agiye agira icyamuhuza na bagenzi be. Ni umugambi w'Imana kugira ngo umuntu wese yiyumvemo ko ari ngombwa kunganira abandi.

Umuntu wese afite abaturanyi; abo baturanyi bashobora kuba barangwa n'imbaraga yo kwizera, ibyiringiro n'urukundo; ubundi bashobora kuba baremerewe no kubura umunezero, kwikunda ndetse n'icyaha. Umuntu wese duhura abasha kuba afite uko ameze, yaba abizi cyangwa se atabizi. Amagambo tuvuga, ibyo dukora, imyambaro yacu, n'inyifato yacu bifite icyo byakora ku bantu. Akantu kose dukora ni imbuto yifitiye
[165] umusaruro. Igihe dufasha abandi kugira icyiza bageraho, nabo bagenzereza batyo abandi, bibyo abantu ibihumbi bakabiboneramo umugisha. Ujugunya ibuye mu kiyaga, amazi akitera hejuru, uruziga rwayo rukagumya gukura kugeza ubwo rugera ku nkombe. Nguko uko gushyikirana n'abandi bimeze. Hirya y'ibyo tuzi, gushyikirana n'abandi bishobora kubwira abandi ibyabahesha umugisha cyangwa se ibyabateza umuvumo.

Imico ni imbaraga. Imibereho yo kubaha Imana kandi itarangwamo kwikunda,ni umuhamya ucecetse wemeza abantu nta wumuhinyuza. Uko kwemeza abantu kungana ni ko n'ibyiza bigendana na ko bingana.

Abavuga ko bakorera Imana baramutse berekanye ko bakunda koko na bagenzi babo nk'uko bikunda, itorero ryagira imbaraga yabasha kunyeganyeza isi.

Nta cyagira umushyikirano ngo gihwanyc n'imbaraga y'umubi. Gutuma abantu barimbuka ni ikintu giteye ubwoba; nyamara bibaho. Benshi bavuga ko bateraniriza hamwe na Kristo barasandaza. Ku bwo kunegurana, gukekera abantu ikibi, ishyari, no kutanezerwa, bitera benshi kuba ibikoresho bya Satani. Umwanzi asohoreza imigambi ye muri bo. Kutiringira no gukiranirwa bifata abajyaga kwemera Kristo. Icyo gihe iyo abakorera satani bigereranije nabo, barishuka bakavuga ko babarusha gukiranuka. Ntibabona ko ari bo babagushije kubera umushyikirano bagiranye.

Ku bw'ubuntu bw'Imana, dushobora gukoresha uwo mwuka wo gushyikirana n'abandi mu buryo bw'ukuri. Nta na rimwe dukwiriye gutangira umunsi tutaragije Data wo mu ijuru inzira zacu. Igihe turi mu kaga ko kwemeza abo dushyikirana ibitari ukuri mu buryo tutazi, abamarayika batuba iruhande bakaduha gukora ibikwiriye, kandi bakaduhitiramo ibyo tuvuga n'ibyo dukora. Bityo umushyikirano wacu wo kwemeza abandi wabasha guhinduka imbaraga itikakaza, ariko ishoboye kurehereza abandi kuri Kristo.

[166]

## Igihe Ni Impano Ifitwe N'Umuntu Wese

Mu mpano zose Imana yahaye abantu, nta n'imwe bazabazwa uko bayikoresheje nk'uko bazabazwa uko bakoresheje igihe cyabo. Kristo abona ko igihe cyose gifite agaciro gakomeye, natwe ni ko tugomba kubibona. Dufie iminsi mike cyane yo kwitegura iby'ibihe bidashira. Nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa, nta gihe dufite cyo guhungira mu cyaha. Ubu ni bwo tugomba gutegura iby'ubugingo budapfa bw'igihe kizaza.

Umuryango w'umuntu watangiye kubaho mu ngorane igihe abantu batangiraga gupfa. Imihati y'urudaca y'isi yaba imfabusa abantu baramutse badafite ibyiringiro by'ubugingo buhoraho. Igihe gipfushijwe ubusa ntigishobora kugaruka. Uburyo bumwe gusa bwo gucungura igihe ni uko twatanga igihe dusigaranye tugakorana n'Imana. Uwabigenza atyo imico ye yahinduka, akaba abaye mugenzi w'abamarayika.

Bamwe batekereza ko icyo basabwa gukora gusa ari ugutanga amafaranga yaboagakora umurimo wa Kristo, maze igihecy'akatarabonekа bamara bakora umurimo we ntibacyiteho. Nyamara umuntu wese ufite amagara yamushoboza kugira icyo akora, afite amahirwe yo gukiza imitima y'abantu. Ibyo nta mafaranga ashobora kubisimbura.

Amahirwe dufite ubu yo kubwira ijambo ry'ubugingo umuntu urikeneye habaho ubwo tutazongera kuyabona. Imana ibasha kubwira uwo muntu iti "muri iri joro uranyagwa ubugingo bwawe," kandi ku bwo gukerensa kwacu, bene uwo muntu akaba yapfa atiteguye. (Luka 12:20).

Igihe ni icy'Imana ku buryo kidakwiriye gushirira mu guhagarikwa umutima n'ibintu by'ubusabusa, ubigereranije n'ibintu bifite inyungu z'ibihe bidashira. Nyamara kandi Imana yaduhamagariye kuyikorera mu byo muri iyi si by'igihe gito. Gukorana uyu murimo ubwitange, ni umugabane w'idini y'ukuri. Kunguka ubwenge no kujijuka bishingiye ku gukoresha igihe neza. Mureke ibihe bicungwe neza.

Akanya gato umara aha cyangwa hariya mu biganiro bitagira epfo na ruguru, amasaha [167] ya mujyitondo apfira ubusa ku buriri; igihe gipfa ubusa ujya aho bategerereza imodoka cyangwa igihe uhamara utegereje; ibihe umara utegereje ibyokurya cyangwa abatinda gusohoza amasaha ya gahunda batanze ibyo byose ni ibihe byatuma abantu bagera kuri byinshi, biramutse bikoreshejwe neza mu byo gusoma cyangwa gutekereza neza! Gucunga igihe neza, byashoboza abagabo n'abagore kunguka ubwenge bwabashoboza gukora neza umurimo wose w'ingirakamaro bahabwa.

N'inshingano y'umukristo wese kwiga ingeso zo kugira gahunda no kurangiza umurimo. Igihe umuntu akora umurimo ntawurangize, aba abitewe n'uko atakoresheje neza ubwenge bwe n'ibitekerezo bye. Umuntu w'umunebwe ku murimo, agomba gukosora iryo futi. Akeneye gukoresha neza igihe cye kugira ngo bizagire ingaruka nziza.

Bamwe babasha gukora ibintu runaka ku masaha atanu, naho abandi bakabikora mu masaha cumi. Bamwe bahora ku murimo atari uko bafite byinshi bakora ahubwo ari uko akantu gato kabatwara igihe kinini. Nyamara ababishaka bose bashobora gukira izo ngeso za hutihuti na ntamwete. Tekereza igihe ugeneye kuzakora umurimo uhawe, maze ukore uko ushoboye ngo uwo murimo uzarangire muri icyo gihe uwugeneye. Imyitozo n'imbaraga z'ubushake bizatera intoke gukorana ubuhanga.

Abantu bashobora kongera ubushobozi bwo kubabashisha gukora umurimo wabo neza ku bwo kumenyereza imbaraga zabo. Ubwo ni bwo bakenerwa ahantu hose. Abantu bose bazabashimira ko ari abantu b'ingirakamaro.

Abana benshi n'abasore bapfusha ubusa igihe cyagombaga kunganira imirimo y'imuhira. Abasore bakwiriye gushyira ku ntugu zabo zikomeye inshingano runaka undi wese yagombye kwikorera. Kristo akiri muto yakoraga mu ibarizo rya Yosefu. Kristo yaje mu isi afite imico y'umwubatsi, kandi mu mirimo ye yose yakoze yagaragaje ubutungane bw'imico yazanywe no guhindura. Kristo ni icyitegererezo cyacu.

Ababyeyi bakwiriye kwigisha abana babo gukoresha igihe neza. Nta cyaha gikomeye [168] ababyeyi bashobora gukora kiruta kwemerera abana babo kutagira icyo bakora. Bene ibyo bituma abana bakunda ubunebwe maze amaherezo bagakura ari abagabo n'abagore b'imburamumaro, bageza n'igihe cyo gushaka akazi ugasanga ari abanebwe n'indangare; ariko kandi bagashaka guhembwa byinshi nk'aho bakoranye umurava.

Iyo abantu bamenyereye ubunebwe n'uburangare mu byo bakora, bigera mu mibereho y'iby'iyobokamana rukabura gica; ugasanga bibabuza gukora neza umurimo w'Imana. Kutagira icyo ukora no kutagira imigambi ihamye, bikingurira urugi ibigeragezo bitagira ingano. Inshuti mbi n'ingeso mbi bisiga ubusa ubwenge bw'umuntu n'ibitekerezo bye, maze amaherezo bikarimbuza ubugingo bwo muri iki gihe n'ubugingo buzaza.

Mu murimo uwo ari wo wose twaba dukora, ijambo ry'Imana ritwigisha "guhirimbana dukorera Umwami wacu." "Umurimo wawe wose werekejeho amaboko yawe, uwakorane umwete. " Abaroma 12:11; Umubwiriza 9:10.

## Impano Yo Kwishimira Ubuzima

Umubiri ukwiriye gufatwa neza mu by'isuku no mu byo kuyoborwa na Mwuka w'Imana, kugira ngo impano zacu zikoreshwe ibikomeye. Kudakoresha neza imbaraga z'umubiri, bituma tutabasha gutandukanya icyiza n'ikibi, maze bigacamo kabiri igihe dushobora gukoreramo umurimo Imana yadushinze gukora. Ingeso mbi, gukererwa, no gushimisha irari tugereza ku buzima, ni byo bituma duhinduka abanyantegenke. Kwirengagiza imyitozo ngoraramubiri, no kunaniza umubiri n'ibitekerezo, bituma imbaraga ikoresha umubiri igabanuka.

[169] Abakenya imibereho yabo batyo, baba bakora icyaha cyo kwiba Imana, kandi bakaba bibye na bagenzi babo. Uburyo bwo guhesha abandi umugisha buba buciwemo kabiri. Imana itubaraho igicumuro kubera ingeso zacu zigira nkana, zikagomwa isi ibyiza.

Imana ni yo yashyizeho amategeko agenga umubiri nk'uko ari yo yashyizeho amategeko cumi, (ari yo mategeko ngengamuco).

Itegeko ry'Imana ryandikishijwe urutoke rwayo kuri buri gatsi kumva, kuri buri muhore no ku bwenge bwose Imana yahaye umuntu. Gukoresha nabi umubiri wacu ni ukwica iryo tegeko.

Isano iri hagati y'umubiri n'iby'iyobokamana ikwiriye kwitabwaho cyane imuhira, kimwe no mu ishuri. Abantu bakwiriye kumenya uko umubiri wabo uteye bakamenya n'amategeko awugenga. Umuntu wica amategeko y'umubiri we yijijisha, aba acumuye ku Mana.

"Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero za Mwuka w'Imana, uri muri mwe, uwo mufite, wavuye ku Mana? Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge. " 1 Abakor. 6:19.

## Impano Y'Umwuga N'Ubuhanga Ku Murimo

Kristo yita ku byo mu ijuru n'ibyo mu isi kuruta uko benshi babitekereza. Ni we washushanije ubuturo bwo mu isi. Yatanze ingero zose zerekeye urusengero rwa Salomo. Umwubatsi wo mu ijuru yashushanije inyubako yera aho izina rye ryagombaga guherwa icvubahiro.

Kristo yahaye abubatse ubuturo bwera ubwenge bwo gukora igikorwa cy'akataraboneka (soma Kuva 31: 2-6). Uwiteka yifuza ko abakora imirimo yose bamuhanga amaso nk'uwabahaye ibyo batunze byose. Imana ni yo soko y'ibyiza abantu bahimba n'ibyo bavugurura. Intoke z'umuganga zazobereye gukorakora ku murwayi, n'ubwenge bwe busobanukiwe n'ingingo z'umubiri, ni ubwenge bw'imbaraga z'Imana bwatangiwe kunganira imbabare. Mu byo dukora byose, Imana yifuza kuyobora ibitekerezo byacu kugira ngo dukore umurimo utunganye.

[170] Idini n'umurimo w'umuntu si ibintu bibiri bitandukanye; idini rya Bibiliya rigomba gufatanywa n'ibyo dukora byose cyangwa se ibyo tuvuga. Imbaraga z'Imana zigomba gufatanywa n'iz'umuntu mu bikorwa byose. Abantu bagize amahame y'ukuri mu byo kubaka imico yabo, bahora bakurira mu buntu mu byo bubaka byose.

Nyamara nta murimo n'umwe Imana ibasha kwemera nyirawo atabanje kurambika inarijye ku gicaniro ngo ibe nk'igitambo gikongorwa n'umuriro. Imana yagize Daniyeli na Yozefu abatware b'abanyabwenge, kuko bagize imibereho iyishimisha. Igihe Daniyeli yari minisitiri wa mbere w'i Babuloni, yari umuhanuzi w'Imana. Abategetsi b'abanyabuhahara bakunda iby'isi, ijambo ry'Imana ribagereranya n'ibyatsi bimera n'uburabyo bwuma. Abakozi babasha gushyira amahame y'ukuri mu byo bakora byose

barakenewe. Twigishwa ko mu byo Daniyeli yakoraga byose, nta wabashaga kubigenzura ngo abibonemo n'ifuti na rimwe. Yabereyeho kubera urugero umukozi wese.

### Amafaranga Ni Impano

Imana iha abantu imbaraga zo kubona ubutunzi. Ivomereza isi ibitonyanga by'imvura. Itanga umucyo w'izuba umeza ibimera kandi ugatuma byera imbuto. Ibaza abantu kuyigarurira ku byayo. Bamwe bibwira ko umugabane w'ibyo batunze ariwo w'Uwiteka wonyine. Iyo bamaze gushyira ku ruhande umugabane w'iby'idini n'uwo gufasha imbabare, bareba ibisigaye nk'aho ari ibyabo bwite. Nyamara ibyo dutunze byose ni iby'Uwiteka.

Amafaranga abasha gukora ibyiza byinshi. Mu biganza by'abana b'Imana, hari ibyokurya by'abashonji, ibinyobwa by'abafite inyota, imyambaro y'abambaye ubusa, kurengera abarengana, n'ibyo gufasha abarwayi. Kurundanya ubutunzi si ugukora ubusa gusa, ahubwo ni umuvumo wo gutuma abantu badakunda ubutunzi bwo mu ijuru. Umunsi w'Imana uzerekana impano zitakoreshejwe n'uburyo umuntu yari afite akabwirengagiza. Bene izo mpano bazacirwaho iteka.

"Ngaho yemwe batunzi, nimurizwe kandi muborozwe n'ibyago mujyiye kuzabona. [171]
Ubutunzi bwanyu buraboze, n'imyenda yanyu iriwe n'inyenzi . Izahabu zanyu n'ifeza zanyu ziriwe n'ingese. Ingese yazo ni yo izabahamya, izarya umubiri wanyu nk'umuriro." Yakobo 5:1-3.

"Muteranye ubuvungukira busigaye kugira ngo hatagira ikintu gipfa ubusa." Icyo ni icyigisho cya Kristo cyerekeye kuzigama gikwiriye kwigishwa abamukurikira bose. Yohana 6:12. Usobanukiwe yuko amafaranga ari impano y'Imana, agira icyo azigama kugira ngo abone icyo atanga. Gukoresha ifaranga ryose mu buryo budakwiriye, ni ukwiba icyubahiro cy'Imana. Icyo cyubahiro cyabasha kugarurirwa Imana abahawe impano baramutse bazikoresheje neza.

### Impano Yo Kunganira Abandi

Ishyushyu ryo kugira ubuntu no gusobanukirwa n'iby'Imana ni impano zigomba gukoreshwa mu murimo wayo. Ariko benshi bafudika muri bene ibyo. Banyurwa n'iyo mico myiza bafite, bakananirwa kuyikoresha ibyakunganira abandi. Bishuka bibwira ko baramutse babonye uburyo, babasha gukora umurimo ukomeye kandi mwiza. Bibwira yuko bameze neza kuruta abo bahanya n'abaturanyi babo. Nyamara baribeshya. Abafite byinshi bategetswe kubitanga, Atari ukubiha inshuti zabo gusa, ahubwo abakeneye ubufasha bwabo bose.

Gushyikirana n'abandi ni impano. Urukundo rutuma umuntu agirira neza abantu bake gusa, si urukundo ahubwo ni ukwihugiraho. Abadakoresha impana shebuja yabahaye barusha igicumuro abo basuzugura.

### Impano Zigwizwa No Kuzikoresha

Impano zikoreshwa ni zo ziyongera. Gutsinda si amahirwe cyangwa se igeno; ahubwo ni ibikorwa n'Imana, igororera umuntu ufite kwizera kandi akitanga; umuntu urangwa
no kwihatira kugira ingeso nziza no kwihangana. Turamutse dukoresheje impano zose [172]
dufite, twazagira impano nyinshi biruseho. Imana yakorana natwe kongera no gukomeza ubwenge bwose. Imbaraga zacu zakwiyongera. Dukunze kumvira Umwuka w'Imana

ngo adukoreshe, imitima yacu yakwaguka bigatuma dukora imirimo myiza. Ingingo zahinamiranye zarambuka.

Umukozi wicisha bugufi akemera guhamagarwa n'Imana, abasha kubona ubufasha buyiturutseho. Kwemera inshingano byonyine bikuza imico y'umuntu. Bikoresha imbaraga z'ubwenge n'iz'ibitekerezo. Ni igitangaza kubona ukuntu umuntu w'umunyantegenke ahinduka umunyambaraga bitewe n'uko yizeye imbaraga z'Imana. Ubwira abandi ibyo azi igihe ariho ashakashaka ubumenyi buruseho, ubutunzi bwo mu ijuru buramugoboka agahabwa ibyo yifuza. Uko arushaho kumurikira abandi ni ko nawe arushaho kumurikirwa. Uko arushaho gusobanurira abandi ijambo ry'Imana, ni ko na we arushaho gusobanukirwa.

Ibyo dukorera Kristo biduhesha imigisha. Iyo turehereje abandi kuri Kristo, imitima yacu yuzurwamo n'ubuntu bw'Imana, imibereho yacu yose ikavugururwa tugahora dusenga. Imana ihora ishaka ko ibitekerezo by'abantu byahuzwa n'ibyayo. Iduha uburyo bwo gukorana na Kristo duhishurira ab'isi ubuntu bwe. Iyo turebye kuri Yesu, tubona uko Imana isa, kandi twamwitegereza tugahinduka, no gukunda bagenzi bacu bikatubamo akarande. Gukura dusa na we, bituma tumenya Imana biruseho. Uko turushaho kugirana umushyikirano n'abo mu ijuru, ni ko bitwongerera n'imbaraga z'ubumenyi n'ubwenge bw'iteka.

## Ingorane Y'Umugaragu Wahawe Italanto Imwe

"Uwahawe italanto imwe aragenda, acukura umwobo, ahishamo ubutunzi bwa shebuja. " Uwahawe impano ntoya nta cyo yigeze akoresha italanto ye. Ibyo biraburira abatekereza ko kugira bike babikuraho urwitwazo rwo kutagira icyo bakorera Kristo. Baramutse bashoboye gukora ibikomeye bakwishimira kubikora; ariko kubera ko ibyo
[173] bashobora gukora ari ibyoroheje, banyurwa no kwibera aho nta cyo bakora. Ubwo baba bafuditse Uwiteka apimisha imico impano atanga. Umuntu wasuzuguye italanto ye, iyo aza guhabwa eshanu aba yarazitabye zose nk'uko yatabye imwe. " Ukiranuka ku cyoroheje cyane, akiranuka no ku gikomeye. " Luka 16:10. Utuntu dutoya tugeza umuntu kuri byinshi ku byerekeye gutunganya imibereho ye.

Udakiranutse mu byo ashinzwe n'ubwo byaba byoroheje, aba yibye Umuremyi we icyo yagombaga kumukorera. Uwo murava muke ugaruka ku mutwe wa nyirawo. Abura imbaraga z'imico myiza yajyaga guheshwa no kwiyegurira Imana atizigamye. Kubera ko adakurikiza amahame y'ukuri mu tuntu duto, ananirwa kumvira Imana no mu bikomeye. Gukunda gufudika mu tuntu duto birahita bikagera no mu bintu by'ingenzi. Bityo ibikorwa bisubiwemo kenshi birema ingeso, ingeso zikarema imico, imico nayo ikatugenera igihe, igihe kikamasha iby'imibereho yacu y'ibihe byose.

Daniyeli yagaragaje imico y'Imana muri Babuloni, igihugu cy'abasengaga ibigirwamana. Yashobojwe n'iki kubona icyo cyubahiro gikomeye? Yahesheje Imana icyubahiro mu tuntu dutoya, maze Uwiteka afatanya na we. Imana yamuhaye "kujijukka no kuba umuhanga mu byo yigishijwe no mu by'ubwenge." Daniyeli 11:17. Nk'uko Imana yahamagaye Daniyeli ngo ayibere umuhamya, ni ko natwe iduhamagara. Dukwiriye gukurikiza urugero rwo gukiranuka Kristo yadusigiye, no kwita ku tuntu tworoheje. Iryo ni ryo banga ryo gutsinda mu byo umukristo akora byose.

Uwiteka yifuza ko abantu be berekana ko barushije abandi ubwenge n'ubuhanga n'ubumenyi, kubera ko bizera Imana n'imbaraga zayo zikorera mu mitima y'abantu. Ariko abadafite impano nini ntibakwiriye kwiheba. Nibakoreshe icyo bafite, barebe bitonze intege nke zabo, maze bashakashake ubuntu bw'Imana bwo kubongerera im-

baraga. Umuntu abasha gucika ku ngeso zo gukerensa ibintu. Idini ikwiriye kugaragarizwa no mu bikorwa bito bya buri munsi. Benshi bibwira ko badafite uruhare mu byo kwamamaza ubwami bw'Imana kubera ko nta mirimo y'idini bahemberwa. Ariko [174] gutekereza batyo ni ifuti. Umurimo wabo n'undi wese abasha kuwukora. Umurimo ukoranywe gukiranuka ni umugisha, kandi kuwukorana umurava ni ukwigishwa gushingwa imirimo ikomeye. Nyamara n'ubwo umuntu yaba akorera Imana umurimo woroheje ariko akawukorana ubwitange, wakwemerwa nk'umurimo wo hejuru. Nta turo riba rito ritanganywe umunezero.

Ujye wakira umurimo wose uhawe. Niba ari umurimo wo mu rugo, ujye utuma urugo ruba ahantu hishimirwa. Niba uri nyina w'abana, jya ubarerera Kristo. Niba umurimo wawe ari uwo mu gikoni, ujye ushaka guteka ibyokurya binogeye ubuzima kandi bitunga umubiri, ndetse biryoshye. Niba uri umuhinzi cyangwa se ukaba ukora undi murimo, ujye uwukora nk'uko Kristo yawukora abaye ari nka we uwushinzwe.

Nubwo waba ufite impano ntoya, Imana iyifitiye umwanya. Impano imwe, ikoreshejwe neza, yatuma usohoza umurimo ushinzwe. Uturimo tworoheje dukoranwe umurava, twagira akamaro gatangaje mu murimo w'Imana.

Mureke ndetse n'uturimo dutoya dukoranwe kwizera gushyitse, kwizera gutembera mu bikorwa nk'imigezi y'izahabu. Turamutse dukoresheje neza impano zacu, twaba twunze ubumwe n'isi nziza, nk'abayiboheshereјweho umunyururu w'izahabu. Uko ni ukwezwa k'ukuri. None rero, kubera ko kwezwa kugizwe no gukorana umunezero imirimo ya buri munsi, ujye wumvira iby'Imana ishaka ku buryo budasubirwaho.

## Italanto Zagaruriwe Nyirazo

"Hashize igihe kirekire, shebuja w'abo bagaragu aragaruka, maze bamumurikira ibyo yababikije." Uwahawe italanto eshanu n'uwahawe ebyiri bagaruye impano bashinzwe hamwe n'inyungu zazo. Nta shimwe babajije. Nta wunguka atagize icyo atangiza ubucuruzi bwe. Bakoze umurimo wabo gusa. Ibyo batangije byari ibya shebuja. Iyo Umukiza atabagirira ubuntu bajyaga guhomba bitagira igaruriro.

Nyamara Umwami wacu agororera abakozi be n'aho ishimwe ari imari yabo. [175] Yishimira kubaha imigisha. Igihe cyose bitangiye kugira umurimo bakora, Umwami wacu arabitura kuko umutima we wuzuye urukundo.

Arabashima ati: "Nuko mugaragu mwiza ukiranuka, wakiranutse mu bike nzakwegurira byinshi, injira mu munezero wa shobuja." Uburyo bwose Umwuka w'Imana akoresha ayobora abantu mu byiza, bwandikwa mu bitabo byo mu ijuru, kandi abo akoresha bose Imana ibitaho. Nibagera mu bwami bw'Imana, bazashima Uwiteka babonye abantu bazakizwa kubera imihati yabo. Bazagira uruhare mu murimo w'Imana, kuko babyimenyereje bakiri ku isi. Uko tumeze muri iki gihe mu mico no mu byo dukora, bicurera uko tuzamera nitugera mu ijuru. Ingororano tuzahabwa ni imbaraga ikomeye n'amahirwe yo kuzakorana na Kristo mu isi izaza.

"N'uwahawe imwe araza aravuga ati nari nzi ko ari umunyamwaga, ko usarura aho utabibye, ukanura ibyo utanitse: nuko ndatinya maze mpisha italanto yawe mu butaka; none dore ibyawe!" Hariho abantu benshi bashinja Imana kuba umukoresha utoroshye kubera ko ibasaba kuyiha ku byo batunze no kuyikorera. Nyamara Dawidi yaravuze ati "kuko byose ari wowe biturukaho, kandi ibyawe ni byo tuguhayeho." 1 Ingoma 29:14. Imigisha yose umuntu abona mu mibereho ye yashyizweho ikimenyetso cy'umusaraba w'i Kalvari. Ku bw'ibyo rero kuvuga ko Imana isarura aho itabibye ni ukubeshya.

Umutware ntiyajyaga guhakana ibyo umugaragu mubi amushinja, ariko yerekanye ko ibyo yakoze bidafite urwitwazo (ubwo yavugaga ati “uba warabikije imari yanjye muri banki, ubu nkaba nyibikuje hamwe n’inyungu zayo. ”). Wari ukwiriye kuyiha abacuruzi, nanjye naza, ukampana iyanjye n’inyungu yayo. Data wo mu ijuru ntiyikoreza abagaragu be umutwaro badashoboye, “kuko azi imiremerwe yacu; akibuka ko turi umukungugu.” Zaburi 103:14.

[176] “Uwahawe byinshi wese azabazwa byinshi.” Luka 12:48. Uko tugomba kumera kose turamutse dukoresheje neza impano zacu, Imana izabitubaza. Ndetse n’ubwo tutarimbuka, tuzahora twibuka iteka ingaruka z’impano zacu tutakoresheje. Uburyo bwose twabonye tukabupfusha ubusa, buzatubera igihombo cy’ibihe byose.

Ariko iyo twiyeguriye Imana byimazeyo mu byo dukora kandi tukagendera mu nzira zayo, ni Yo ubwayo idushoboza gusohoza inshingano zacu. Nta na rimwe twashobora gutsindwa. Ntitugomba kuganira iby’intege nke zacu n’ubushobozi buke. Ibyo byaba kutiringira Imana no guhakana ijambo ryayo. Igihe twitotomba kubera ibituremerera, cyangwa tukanga kwakira inshingano Imana iduhamagarira, tuba tuyise umutware w’ubukana, utubaza gukoresha ubushobozi atigeze aduha.

Kenshi ubunebwe bw’umugaragu gito tubwita kwicisha bugufi. Nyamara kwicisha bugufi nyako gutandukanye n’ibyo. Kwicisha bugufi si ubujiji, si ubushobozi buke cyangwa se kwanga inshingano ngo zitazakunanira. Kwicisha bugufi gukwiriye, ni ugusohoza imigambi y’Imana wisunga imbaraga zayo.

Rimwe na rimwe Imana itoranya ibikoresho byoroheje gukora umurimo ukomeye, kuko aho intege nke ziri ari ho imbaraga zayo zigaragarira. Imana ntigenekereza nk’uko amategeko y’abantu abigenza. Imbaraga y’Imana ntidushyigikira igihe dukerensa impano zacu cyangwa twihitiramo imirimo. Tugomba kwemera inshingano Imana idutoranirije. Imana inezezwa n’uko twishimira imirimo yacu no gukorana na Yo.

## Kwamhurwa Italanto

Umugaragu w’umunebwe yavuzweho aya magambo ngo: “Nimuyimwake, muyihe ufite italanto cumi.” Aha ntihavuga ingororano yo mu rubanza ruheruka, ahubwo ni ibihembo bitangwa muri ubu bugingo. Imbaraga zose zidakoreshejwe ziragabanuka, zigashira urusorongo. Gukora ni bwo buzima, naho ubunebwe ni urupfu. Iyo dukoze ibyo kwihugiraho imbaraga zacu ziragabanuka, amaherezo zigashyira. Uwanga gutanga icyo yahawe amaherezo azasanga asigaye amara masa atagira icyo atanga.

[177] Ntihakagire abibwira ko bazinjira mu munezero w’ubwami bw’Imana igihe babaho imibereho yo kwihugiraho. Ntibashobora kwishimira gutura mu ijuru rirangwa n’urukundo rusesuye. Amajwi y’abamarayika n’inanga bacuranga ntibyabasha kubanyura. Ku munsi w’urubanza Umucamanza w’isi yose azabara nk’inkozi z’ibibi bamwe bakoze ibyo gutera waraza, bakanga inshingano kandi bagakora ibyo kwinezeza.

Abantu benshi b’abakristo ku izina, bazi yuko abasuzugura Imana, n’abicanyi, n’abasambanyi, bakwiriye guhanwa. Nyamara babirengaho bakishimira gukora imirimo y’idini bibwira ko ari abakristo. Ariko n’ubwo baba bararangirije imibereho yabo mu byo kwirasanaho, ntibyazababuza kumera nka wa mugaragu gito uvugwa mu mugani watangajwe no kumva iteka bamuciriyeho ngo “italanto nimuyimwake.” Bitiranya umunezero w’imigisha yabo n’icyo bakoresha iyo migisha.

Imico yabo igaragaza ko basobanukiwe n’ingaruka y’iri teka ngo: “italanto nimuyimwake. ” Guhora bakoresha nabi impano bahawe bizimya imbaraga ya Mwuka Muzira-

nenge. Ijambo ngo “Uyu mugaragu nta cyo amaze ni mumujugunye mu mwijima hanze,” ni nk’ikimenyetso cy’iteka Imana iba ishyize ku byo abantu bihitiyemo ubwabo.

[178]

## Igice Cya 26 - Guhitamo Incuti Nyakuri

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Luka 16 :l-9).

Igihe Yesu yazaga mu isi abantu bari bahuze. Abagabo n'abagore bari barirunduriye mu by'icyo gihe aho gushaka iby'igihe kizaza. Satani yatumye barangarira iby'ubu bugingo gusa, biba ari byo bibatwara umutima.

Kristo yazanywe no gukuraho icyo gihe cyari cyarabari-ndagije. Yashatse ko batekereza iby'igihe kizaza aho gutekereza iby'icyo gihe. Yaravuze ati «Hariho umutunzi wari ufite igisonga cye, bakimuregaho ko gitagaguza ibintu bye.» Umutunzi yari yareguriye ibye byose igisonga kibi, ariko baza kukimuregaho ko cyiba ibintu bye. Nuko aragihamagara arakibwira ati "ibyo nkumvaho ni ibiki? Murikira ibyo nakubikije, kuko kuva ubu utagikomeje kumbera mu bintu!"

Uwo muntu yumvise ko yirukanywe ku kazi, abona hari ibintu bitatu agomba gukora: guhinga, gusabiriza, cyangwa se kwemera akicwa n'inzara. Ni ko kwibwira ati"ndagira nte ko databuja ari bunyage ubutware bwanjye, nkaba ntashobora guhinga kandi nkagira n'isoni zo gusabiriza? Have, nzi icyo nzakora kugira ngo nimara kunyagwa abantu bazajye banyakira! Nuko ahamagara abafite umwenda wa shebuja bose, abaza uwa mbere ati harya databuja akwishyuza iki? Aramusubiza ati inshuro ijana z'amavuta ya elayo. Na we ati enda urwandiko rwawe, wicare vuba wandike mirongwitanu. Abaza n'undi ati harya wishyuzwa iki? Aramusubiza ati inshuro ijana z'amasaka. Aramubwira ati enda urwandiko rwawe, wandike mirongwinani."

Icyo gisonga kibi cyateye abandi gufatanya na cyo gukora ibidakwiriye, kandi ku bwo kubyemera bibashyira aho bagomba kumwakira mu ngo zabo nk'abakira inshuti. "Shebuja yashimye icyo gisonga kibi kuko cyakoze iby'ubwenge."

[179] Umuntu w'isi yashimagije ubuhanga bw'umuntu wamwibye. Ariko Kristo ntiyigeze amushima. Yakoresheje igikorwa cy'ibyabaye bose bazi kugira ngo agisobanuze icyigisho yifuzaga kwigisha. "Ubutunzi bubi mubushakisha inshuti, kugira ngo nibushira bazabakire aho muzibera iteka."

Umukiza yabonye yuko imirimo y'abasoresha n'abanyabyaha yugarijwe n'ibishuko by'umubi. Intambwe ya mbere mbi iroroha kandi ikamanuka vuba igana ku bugome bukomeye. Umugambi Umukiza yari afite akoresha igitekerezo cy'igisonga kibi kwari ukugira ngo abagarure ku mahame y'ukuri. Igihe Kristo yavugaga ayo magambo abasoresha bari bamuteze amatwi basobanukiwe n'ibikorwa byabo bibi. Uwo mugani wigishije benshi ukuri kw' Imana.

Umugani waciriwe abigishwa ba Kristo. Ni bo bagombaga kugeza ukuri ku bandi. Ariko Umukiza yabwiraga n'Abafarisayo. Bagerageje kumuvuga nabi bamurega ko yifatanya n'abasoresha n'abanyabyaha. Ubwo rero kwari ugucyaha abo bamuregaga. Ibyo byabaye ku basoresha Kristo akabivugira mu ruhame rw'Abafarisayo, kwari ukugira ngo abereke inzira imwe rukumbi bari bakwiriye gukoresha kugira ngo bakosore amafuti yabo.

Shebuja w'igisonga kibi yagihaye ubutunzi bwe afite umugambi wo kubukoresha ibikorwa by'ubugiraneza, ariko igisonga kibi cyarabwikoreshereje. Ni ko biri no ku Bisrayeli. Imana yabahaye umucyo ngo bawugeze ku bandi. Ariko ibyo bisonga by'Imana

byakoresheje izo mpano mu byo kwihimbaza. Abafarisayo bakoresheje nabi ubutunzi Imana yabatije igira ngo bayiheshe ikuzo.

### Nta Gisa No Kuronka Ubutunzi Bw'Ibihe bvose [180]

Umugaragu uvugwa mu mugani yatekereje ibyo muri iki gihe gusa. Igihe azanyagwa umurimo w'ubusonga, nta cyitwa icye bwite azaba asigaranye. Ubutunzi bwa shebuja bwari bukiri mu maboko ye, yiyemeza kubukoresha icyo kumugoboka mu gihe kizaza; abona akwiriye kubuha abandi.

Yabikoreye atyo kugira ngo yibonere inshuti zizamwakira igihe bazaba bamaze kumunaga hanze. No ku Bafarisayo ni uko. Gutanga impano z'Imana muri ubu bugingo byonyine, ni byo byajyaga kubahesha iby'ibihe byose.

Kristo amaze guca uwo mugani yaravuze ati "abana b'iyi si ni abanyabwenge mu byo ku ngoma yabo kuruta abana b'umucyo. " Abanyabwenge ko ku isi bakoresha ubwenge cyane mu byo kwirwanaho, kuruta uko abana b'Imana babukoresha mu murimo wayo. Imana yahaye amafaranga abantu benshi bavuga ko ari abakristo, kugira ngo bafatanye na Yo guhesha umugisha ikiremwamuntu. Dukwiriye kugaburira abashonje, tukambika abambaye ubusa, tukita ku bapfakazi n'imfubyi, no kunganira abari mu ngorane.

Imana ntiyigeze ivuga ko umuntu umwe agomba kugira ibimusagutse ngo abikoreshe iby'ubwirasi kandi hariho abatakishwa no kutagira icyo barya. Ibirenze ibyo dukeneye mu mibereho yacu twabiherewe guhesha abantu umugisha. Mube "abanyabuntu kandi mukunde gutanga. " 1 Timoteyo 6:18. "Nugira umunsi mukuru, ujye urarika abakene n'ibirema n'abacumbagira n'impumyi." Luka 14:13. "Uzane abakene bameneshejwe ubashyize mu nzu yawe." Yesaya 58:7.

Nyamara abantu benshi Imana yahaye impano bazihinduye ubutunzi bwabo bwite. Bubaka amazu bakongeraho andi, bapfusha amafaranga yabo ubusa mu byo kwinezeza baha inda zabo ibyo zirarikiye byose, no kugura ibikoresho n'imyambaro by'umwirato, naho bagenzi babo baheze mu buhamya.

Gukoresha ibyo umuntu atunze mu byo kwihugiraho ni ukwiba Imana ikuzo ryayo, [181]
ryagombaga kuyigarurirwa mu byo korohereza imbabare no guhesha abantu agakiza. Ubutunzi abantu barundanya nta cyo buzaba bukimaze kuri wa munsi w'urubanza ruheruka. Abapfusha ubusa imibereho yabo mu byo kurundanya ubutunzi bw'isi, berekana ko ari abanyabwenge buke kuruta cya gisonga kibi. Umuhanuzi weretswe iby'uwo munsi w'urubanza yaravuze ati "uwo munsi abantu bazajugunya ibishushanyo byabo bisengwa by'ifeza n'iby'izahabu byacuriwe gusengwa, babijugunyire imbeba n'uducurama. "Yesaya 2:20.

### Nta Wukwirive Kubuzwa Gukora Ibviza N'Uko Yakererewe

Imana n'abamarayika bayo bagirira neza imbabare n'abanyabyaha. Wiyegurire Imana, uzashyikirana n'abo mu ijuru. Bazakugirira impuhwe. Igihe ibintu byo ku isi bizaba bikuweho, abakumirizi bo ku marembo y'ijuru bazakwakira.

Iby'umuntu akoresha yunganira abandi bizagira ingaruka nziza. Umuntu uhora akurikiza inama za Kristo azabona mu bikari by'Imana abo yagiriye neza n'abo yitangiye. Abacunguwe bazabora banezezwa no kwibuka abagize uruhare mu byo kubahesha agakiza. Ijuru rizaryohera abagize icyo bakora cyo gukiza abantu.

Uwo mugani ufite icyo wigisha abantu bose. Buri gihe tuba dufite uburyo bwo guhesha abantu agakiza. Bitinde bitebuke, ijwi umuntu atabasha kuninira rizavuga riti "Murikira

ibyo nakubikije." Suzuma witonze. Ku ruhande rumwe rw'umunzani ushyireho Yesu n'abo yacunguye, ku rundi ruhande uhashyire ibyo isi ikuruza abantu. Na none ku ruhande rumwe ushyireho igihombo cyo kubura umutima wawe n'iy'abo wari guhesha agakiza ; ku rundi ruhande, ku bwawe no ku bwabo, uhashyire ubugingo bungana n'ubw'Imana. "Mbese umuntu byamumarira iki gutunga ibyo mu isi byose ariko akanyagwa ubugingo bwe ?" Mariko 8 :36.

[182] Ubucuti buruta ubwo ku isi bwose ni ukubana n'abo Kristo yacunguye. Kandi amagambo y'ishimwe aruta gushimwa kose ni ukuzumva Umukiza avuga ati "Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe." Matayo 25 :34.

Abapfushije ubusa ibyo Kristo yababikije, aracyabaha uburyo bwo kuronka ubutunzi budashira. Aravuga ati «Mwidodere imifuka idasaza, ubutunzi budashira bwo mu ijuru. «Luka 12 :33. «Wihanangirize abatunzi .... ngo bakore ibyiza , babe abatunzi ku mirimo myiza. « 1 Timoteyo 6:17,18.

Mubitse ubutunzi bwanyu ku ntebe y'ubwami y'Imana. Murebe ko mufite umugabane ku butunzi bw'akataraboneka bwa Kristo.

## Igice Cya 27 - Mugenzi Wanjye Ni Nde ? [183]

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Luka 10 :25-37).

Ikibazo ngo : «Mugenzi wanjye ni nde" cyateje impaka z'urudaca mu Bayuda. Barebaga ko Abasamariya n'abatari Abayuda ari abanyamahanga n'abanzi. Ariko se batandukanya bale abantu bo mu gihugu cyabo bwite n'amoko atari amwe ari muri cyo ?

Mu mugani w'Umusamariya mwiza Kristo yerekanye ko ibya mugenzi wacu bitareba ubwenegihugu, ibara, cyangwa amoko. Mugenzi wacu ni umuntu wese ukeneye ubufasha bwacu, umuntu wese waremwe n'Imana.

Igihe Umukiza yigishaga, «umwe mu bahanga mu by'amategeko yahagurukijwe no kumugerageza, aramubaza ati Mwigisha, nkore iki ngo ndagwe ubugingo buhoraho ? « Abafarisayo bategereje bafite amatsiko icyo Umukiza ari busubize. Ariko Umukiza we yashatse ko uwabajije ari we uri busubize, ni ko kumubaza ati «Byanditswe bite mu mategeko ?" Icyo uyasomamo ni iki ? « Yesu yavuze ko ushaka gukizwa agomba gukomeza amategeko y'Imana.

Umuhanga mu by'amategeko aramusubiza ati «Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, ubwenge bwawe bwose ; kandi ukunde na mugenzi wawe nk'uko wikunda. « Yesu aramubwira ati «ushubije neza, n'ugenza utyo uzagira ubugingo."

Uwo muhanga mu by'amategeko ajya gusubiza, yaciye ku mategeko y'imihango atagira ingano, maze yerekana amahame abiri akomeye ari yo amategeko yose n'ibyavuzwe n'abahanuzi bishingiyeho. Mu byo Kristo yigishije yagaragaje ko amategeko y'Imana [184] adatandukanye ; ntibishoboka ko hari uwakomeza rimwe ngo agomere irindi, kuko amategeko yose agendera ku mahame amwe. Kristo yari azi ko umuntu atakwishoboza kumvira amategeko. Icyashoboza umuntu waguye mu cyaha gukundisha Imana umutima wose no gukunda mugenzi we nk'uko yikunda ni uko yakwemera ubuntu bwa Kristo gusa.

Uwo muhanga mu by'amategeko yacengewemo n'amagambo ya Kristo maze aramwemeza, ariko mu cyimbo cyo kwihana ibyaha bye agerageza kwerekana ko gukomeza amategeko biruhije. Yiringiye ko ari bwijijishe nk'udasobanukiwe kandi ko ari bwivane imbere y'abo bantu nk'udatsinzwe n'urubanza.

### Igitekerezo Cv'Umusamariva Mwiza.

Umukiza amaze kwerekana ko icyo kibazo kitari gikomeye kubera ko nyiracyo yabashije kwibonera igisubizo, uwo muntu yarongeye arabaza ati «Mugenzi wanjye ni nde ?"

Kristo yashubije icyo kibazo avuga igitekerezo cy'ibyabaye kandi abari bamuteze amatwi bakaba babyibuka, ati «hariho umuntu wavaga i Yerusalemu amanuka agana i Yeriko, nuko agwa mu gico cy'abambuzi, baramwambura, baramukubita, barigendera bamusiga ashigaje hato agapfa.»

Iyo nzira umugenzi yacagamo yanyuraga mu kabande k'ibutumvingoma aho abambuzi bategeraga. Uwo mugenzi ahageze agwa mu gico cyabo, bamwambura ibyo yari afite, bamujugunya iruhande rw'inzira ari nk'usamba. Umutambyi arahaca abona iyo nkomere

yigaragura mu maraso, ariko «arakikira arigendera.” N’Umulewi na we, kubera amatsiko yo kumenya ibyabaye, arahagarara areba iyo mbabare. Yamenye icyo yari akwiriye gukora, ariko yiyumvisha ko atari we bireba. Na we «arakikira, arigendera.»

[185] Ariko Umusamariya ahageze, ngo akubite amaso iyo mbabare, akora umurimo abandi banze gukora. «Amubonye, amujyirira impuhwe, aramwegera amupfuka inguma, amwomoza amavuta ya elayo na vino; amushyira ku ndogobe ye, amujyana mu icumbi ry’abashyitsi, aramurwaza. Bukeye, afata idenariyo ebyiri, aziha nyir’icumbi ati umurwaze, kandi iby’uzatanga byose birenze ku byo ngusigiye nzabikwishyura ngarutse.»

Umusamariya yerekanye ko yari yarahindutse by’ukuri. Mu byo kuyoboka Imana no mu bikorwa, yrekanye ko akora ibihuje n’ibyo Imana ishaka. Muri icyo cyiggisho nta kintu nakimwe umuhanga mu by’amategeko yigeze anegura. Ibitekerezo yari afite byo gukerensa Kristo byamuvuyemo. Nyamara ntaragatsinda kamere yabo yo kudakunda, ngo ashime Umusamariya amuvuze mu izina. Igihe Kristo yari amubajije ati «muri abo batatu ni nde wabaye mugenzi w’uwo waguye mu bambuzi ? « Yarashubije ati «ni uwamujyiriye imbabazi. « Nuko Yesu aramubwira ati «genda nawe ugire utyo.”

Abafarisayo ntibashoboraga kuvuga neza Abasamariya. Kubera ko Abayuda banganaga n’Abasamariya urunuka, ni cyo cyatumye umugore w’Umusamariyakazi abona ko ari ibiintu bidasanzwe ko Kristo yamusaba amazi yo kunwa. Yabwiye Yesu ati «Ko uri Umuyuda nkaba Umusamariyakazi, uransaba amazi ute ? « Yohana 4 :9. Mu rusengero, ntabwo Abayuda barakabona amagambo ahagije yo gusobanura uko banga Kristo yaruta kumubwira bati «ntitwavuze ukuri ko uri Umusamariya, kandi ko wahanzweho ? « Umutambyi n’UmuIewi basuzuguye umurimo Uwiteka yabashinze, basiga Umusamariya basuzuguraga ari we ufasha Umuyuda batagirana isano.

Umusamariya yashoboje itegeko rivuga ngo : «Ukunde .... Mugenzi wawe nk’uko wikunda. « Ku bwo kwigerezaho, yafashije imbabare nk’uasha umuvandimwe. Uwo Musamariya ashushanya Kristo. Igihe twari dushenjaguritse urupfu rutugera amajanja,
[186] ntiyakikije ngo aduhiteho atureke turimbuke. Yabonye icyo dukeneye yishyira mu cyimbo cyacu maze apfira gukiza abanzi be. Yitanzeho urugero maze aravuga ati «Ibyo mbibategekeye kugira ngo mukundane nk’uko nabakunze. « Yohana 15 :17 ; 13 :34

Umutambyi n’Umulewi bibwiye ko barenze ibyo kwita ku mbabare batazi irambaraye iruhande rw’inzira. Bityo baba birengagije uburyo bw’agahano Imana yabahaye bwo kuyikorera bahesha umugisha mugenzi wabo.

### Imana Yagaragaie Ko Urukundo Rwavo Ari Twe Rushingiveho

Muri iki gihe hariho benshi bakora ifuti nk’iryo. Birengagiza rya tegeko ngo: “Ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda. ” Uwo murimo waribagiranye uherera mu bitekerezo, umuntu agapfa gukora ibimujemo. Uko ni ko imico yangiritse maze idini ya Kristo yerekanwa nabi.

Benshi bareba nabi abahinduye umusaka urusengero rwo mu mutima. Abandi birengagiza abakene. Bibwira yuko bakorera Kristo umurimo ukomeye ku buryo batabona igihe cyo kureka ibyo bakora ngo barebe ibyifuzo by’abakene n’abatagira epfo na ruguru. Mu byo kwibwira ko bafite umurimo ukomeye, babasha no kurenganya abakene, bakabambura utwabo cyangwa se bakirengagiza ubukene bwabo. Nyamara bakarenga bakibwira ko bateza imbere umurimo wa Kristo.

Benshi bareka mugenzi wabo akarwana n’amagorwa y’umubisha atagira gifasha. Kubera ko abiyita abagaragu b’Imana badafatanya na Yo, ntibakunda bagenzi babo nk’uko Imana ishaka, maze bikabuza abantu benshi gushima Imana. Ubwo bakaba bibye

Imana abantu yashakaga kwinjiza mu bwami bwayo. Dushobora kuvuga ko turi abakristo, tukizera ijambo ry'Imana uko ryakabaye; nyamara ibyo nta cyo byamarira bagenzi bacu, tutabanje gushyira kwizera kwacu mu mibereho yacu ya buri munsi. Tubasha kuba dufite umurimo wo hejuru ureshya n'ijuru, ariko icyitegererezo cyiza cyakunganira abantu benshi kuruta imirimo yacu yose.

Umurimo wa Kristo ni uwo kunganira abakene n'abagirirwa nabi. Abavuga ko ari [187]
aba Kristo bakwiriye kugira umutima w'imbabazi nk'uwa Kristo. Kuroha imbaraga zose ku kigaragara ko ari umurimo ukomeye, tukirengagiza abanyamahanga n'abakeneye gufashwa, ntibyemerwa n'Imana.

Kugira kamere ya Kristo mu mutima ari byo kweza umutima w'umuntu, ni umurimo wa Mwuka Muziranenge. Idini y'ubutumwa bwiza ni Kristo mu mibereho y'umuntu, ihame rizima kandi rirangwa n'imirimo. Ni ubuntu bwa Kristo buhishurirwa mu mico kandi bukagaragazwa n'imirimo myiza.

Nta wubasha gukunda Imana byimazeyo, atarakunda umuvandimwe we urukundo ruzira ubwikanyize. Ariko kugerageza gukunda abandi si byo byadushoboza na gato kugira uwo mutima. Igikenewe ni ukugira urukundo rwa Kristo. Iyo ubwikanyize buzimiriye muri Kristo, muri ako kanya urukundo ruhita rushibuka. Imico ya gikristo ishyitse igerwaho igihe ibitekerezo byo gufasha abandi no kubahesha umugisha bihawe icyicaro mu mutima w'umuntu, n'igihe umuco wo mu ijuru wuzuye umutima w'umuntu kandi ukamugaragaraho.

## Uko Imana Izacira Urubanza Ba Sogokuruza B'Abapagani

Niba dukunda Imana, tuzakunda n'abo Kristo yapfiriye bose. Gufasha abakene n'imbabare bizatworohera nk'uko byoroheraga Kristo igihe yagendaga agirira abantu bose neza. Ahari umutima w'urukundo n'impuhwezo guhesha abandi umugisha, haboneka ibikorwa by'Umwuka w'Imana. Mu gihe cy'ubupagani, abagabo n'abagore batigeze bamenya amategeko y'Imana cyangwa ngo babe barigeze kumva iby'izina rya Kristo,
bagiriraga neza abagaragu b'Imana. Ibikorwa byabo byerekana ko Mwuka Muziranenge [188]
yashyize ubuntu bwa Kristo mu mutima, agatuma bagira impuhwe zitagirana isano na kamere yabo n'ibyo bigishijwe. "Umucyo nyakuri waje mu isi ngo umurikire umuntu wese," wamurikiye imitima yabo; kandi iyo uwo mucyo witaweho, uyobora intambwe zabo ku bwami bw'Imana. (Yohana 1:9).

Abafite Kristo mu mitima yabo babigaragarisha kubyutsa abaguye mu cyaha no guhumuriza abatagira epfo na ruguru. Imana ntiyemera ibyo kuronda ubwenegihugu, amoko, cyangwa se kunena abandi. Abantu bose ni umuryango umwe kubera ko Imana yabaremye kandi ikabacungura. Kristo yazanywe no gusenya insika zose zitandukanya abantu, ngo akingure ingoro y'Imana kugira ngo umuntu wese abone umudendezo wo kuyegera nta cyo yikanga. Urukundo rw'Imana ntaho rutagera. Ica ku ngoyi ababoheshejwe ibishuko bya Satani. Bose begerezwa Imana n'amaraso y'igiciro cyinshi ya Kristo. (Abagalatiya 3:28; Abefeso 2:13).

## Dufite Amahirwe Yo Gufasha Abakeneye Ubufasha Bwacu Bose

Umuntu wese ubabaye akwiriye gufashwa nta witaye ku myizerere y'idini arimo. Aho urwangano rwahawe intebe kubera amadini, urukundo rukwiriye kumenagura ibyo bitekerezo byo kwihenda maze rukarehereza abantu ku Mana.

Dukwiriye kwita ku bakomeye n'aboroheje, abakire n'abakene, no kubashakira icyabahesha umunezero. Duturanye n'abantu bakeneye ko twagira icyo dukora cyo kubafasha, no kubabwira amagambo yo kubarema umutima. Hari abapfakazi bakeneye kunganirwa, n'imfubyi Kristo yashinze abantu be ngo bazakire nk'izo Imana yabaragije. Babasha kuba abo utazi cyangwa se ukabona badashimishije; nyamara ni umutungo w'Imana, kandi kuri Yo bafite agaciro gakomeye. Ibisonga by'Imana bishinzwe bene abo bantu. Imana iravuga iti: "Muzabazwa abo bantu."

[189] Hariho benshi bahisha ko bashonje. Abo bashobora gufashwa n'ijambo ryiza cyangwa se kwibuka kubagirira neza. Abandi bafite ubukene bukomeye kandi ntibamenye ko hari icyo bakennye. Abantu benshi ntibiboroheye kumenya ko bakeneye gukizwa. Ntibizera Imana habe ngo baranayiringira. Benshi muri bo bashobora kugerwaho gusa mu bikorwa by'ubugiraneza. Bakeneye kugaburirwa no kwambikwa, kugira ngo babone urukundo rwa Kristo.

Abenshi bari mu buyobe bumva bafite isoni, kandi baba bageze aho basa n'abatagifite ibyiringiro. Mureke bene abo batewe inkunga bafatwe ukuboko, nk'uko mukuru wa Petero yamufashe ukuboko igihe yarohamaga. Mubabwire amagambo yo kubatera ibyiringiro kugira ngo atume biringira Imana, kandi ahembure urukundo rwabo. Umuvandimwe wawe urwaye mu by'iyobokamana aragukeneye, nk'uko nawe wigeze gukenera urukundo rw'umuvandimwe wawe. Umuntu nk'uwo akeneye kumva amagambo y'umuntu w'inararibonye wigeze kuba umunyantegenke nka we, ubasha kumujyirira impuhwe. Kumenya intege nke zacu bigomba kudufasha kugira ngo twunganire ukeneye gufashwa. Tumukomeze nk'uko natwe Imana yadukomeje.

Gusabana n'Umukiza uhoraho bishoboza ubwenge bw'umuntu n'ibitekerezo bye gutsinda kameremuntu. Mubwire uwo muntu wahabye iby'Imana ishobora byose. Izamwunganira. Kwiringira amategeko y'isi cyangwa imbaraga zayo (ibintu bitabasha kumva ubitakambira), ntacyo bimaze. Umuntu akeneye gufata ikiganza cy'ufite ubushyuhe, kandi akiringira ufite umutima wuzuye ubugwaneza. Mutere umuntu nk'uwo gutekereza ko Imana ihora iri hafi ye. Mutume atekereza ko Imana ibabara iyo umuntu akoze icyaha, kandi ko ihora irambuye ukuboko ivuga iti "Niyisunge imbaraga zanjye ... ndetse niyuzure nanjye. "Yesaya 27:5. Abamarayika bari iruhande rwa wa Musamariya wunganiye inkomere. Bityo rero Abamarayika bahora iruhande rw'abunganira bagenzi babo. Mubagaruremo intege mufatanije na Kristo.

[190] Kristo yemera ko duhura n'imbabare n'abari mu byago, kugira ngo ducike ku kwihugiraho. Ashaka ko twagira imibereho nk'iye, y'impuhwe n'ubugwaneza n'urukundo. Iyo twakiriye Kristo, tuba twemeye ko atwigisha kuzatura mu rurembo rw'Imana.

Iyo dufatanije n'abo mu ijuru tukiri ku isi, tuba twimenyereje kuzabana nabo mu ijuru. Abamarayika bazakira abatarabayeho imibereho yo "gukorerwa, ahubwo yo gukorera abandi." (Matayo 20:28). Muri uwo mushyikirano w'akataraboneka tuhigira iby'umunezero w'iteka, bifurebye muri iki kibazo ngo: "Mugenzi wanjye ni nde?"

## Igice Cya 28 - Uko Imana Ihemba Abagaragu Bayo [191]

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Matayo 19:16-30; 20:1-16; Mariko 10:17-31; Luka 18:18-30).

Abayuda basaga n'abatakireba ubuntu bw'Imana bahawe ari nta kiguzi. Abigisha babo bigishaga ko abantu bakwemerwa n'Imana babanje kugira icyo bakora. Kristo atari yabacira umugani w'abahinzi, hari icyabaye cyatumye abagezaho ayo mahame y'ukuri.

Umutegetsi w'umusore yaje yiruka asanga Yesu aramuramutsa ati "Mwigisha mwiza, nakora iki cyiza kugira ngo mpabwe ubugingo buhoraho?" Umukiza aramubwira ati "unyitira iki mwiza? "Umwiza ni umwe gusa. Ni Imana. "Ni nk'aho aba yaramubwiye ati iyo ujya kumenya ko ndi mwiza, uba unyakiriye nk'umwana w'Imana uhagaze mu cyimbo cyayo. Yesu arakomeza ati "Niba ushaka kugera ku bugingo, witondere amategeko." Amategeko y'Imana ni yo agomba kuba ishingiro by'ibikorwa byose.

Mu mvugo idakebakeba Kristo yerekana ko ubugingo bushingiye ku kumvira amategeko. Uko Imana yashakaga ko umuntu wo muri Edeni yumvira muri byose, agakiranuka, agakurikiza amategeko meza y' Imana, atunganye kandi y'ubutabera, ni ko ishaka yuko n'umuntu wo muri iki gihe cy'isezerano ry'ubuntu agenza.

Uwo musore abwiwe ngo: "Witondere amategeko," yarashubije ati "Ni ayahe?" Kristo yavuze menshi yo mu mugabane wa kabiri w'amategeko cumi, nyuma ayabumbira muri rimwe ati "Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda." Umusore yarashubije ati: "Ayo yose narayitondeye, none icyo nshigaje ni iki? " Ku bwo guca urubanza rwa kimuntu, yibwiye ko afite imico itagira amakemwa. Nyamara yari afite ubwoba buhishwe, atinya yuko ahari atikiranuye n'Imana. Icyo ni cyo cyatumye abaza ati «icyo nshigaje ni iki?"
Kristo aramusubiza ati "Niba ushaka kuba intungane koko, genda ugurishe ibyo utunze, [192]
ibivuyemo ubihe abakene, ni bwo uzaba ubitse ibintu by'igiciro kinini mu ijuru, maze uze unkurikire. " Umuntu wihugiraho aba yica amategeko. Yesu yasuzumye uwo musore ngo arebe ko yihugiraho. Yari yaroroye ikigirwamana; yari yaragize iby'isi imana ye. Yavugaga ko yitondeye amategeko, ariko ntiyakundaga Imana n'abantu. Ntiyakoraga ibihuje n'amahame yo mu ijuru.

### Yesu vakunze Uwo Musore W'Umutunzi

Umuhati w'umutegetsi w'umusore wageze ku mutima w'umukiza Yesu "yaramwitegereje aramukunda. " Kristo yabonye ko uwo musore yajyaga kuzamubera umukozi w'ingirakamaro.

Ariko bwa mbere yagombaga kubanza kuzuza ibya ngombwa umwigishwa akeneye. Yagombaga kwiyegurira Imana nta cyo asize inyuma. Umukiza yahamagaye Yohana na Petero na Matayo na bagenzi babo, "basiga byose, barahaguruka, baramukurikira. " Icyo ni cyo umutware w'umusore yabajijwe gukora. Kristo ntabaza abantu gutanga ibirenze ibyo yatanze. "Yahindutse umukene ku bwacu, kugira ngo ubukene bwe budutungishe." Uwo musore yagombaga kunyura aho Kristo amweretse.

Kristo yaramushakaga; yashakaga kumutuma ngo abe intumwa ihesha abantu umugisha. Yaravuze ati "Nkurikira. " Petero na Yakobo na Yohana bishimiye amahirwe

bagize iyo kubana na Kristo. Umutima w'uwo musore wareherejwe ku Mukiza, ariko ntiyari yiteguye kwemera amabwiriza yo kwitanga. Yahisemo ubutunzi mbere yo guhitamo Yesu, maze asubirayo afite intimba ku mutima.

Yesu yaravuze ati "mbega ukuntu bikomereye abatunzi kwinjira mu bwami bw'Imana!" Ayo magambo yatangaje abigishwa ba Yesu. Na bo ubwabo biringiraga kubona imbaraga z'isi n'ubutunzi mu bwami bwa Mesiya. Baribazaga bati niba umu-
[193] tunzi atabasha kwinjira mu bwami bw'Imana, abantu baba bafite ibyiringiro ki? "Yesu arabasubiza ati, bana banjye, ni ukuri biraruhije ko abiringira ubutunzi binjira mu bwami bw'Imana ... Nuko abigishwa babyumvise, barumirwa cyane."

Amagambo y'Umukiza yagaragaje icyifuzo bari bafite cyo gushaka ubutunzi bw'isi no gukomera. Ku bwo kutitanga kwabo barashakuje bati "ubwo bimeze bityo ni nde ushobora gukizwa? "Yesu arabitegereza arababwira ati ibyo ntibishobokera abantu, ariko ku Mana si ko biri; kuko byose bishobokera Imana." Mariko 10:27.

Ubutunzi bw'umukire nta gaciro buzamuhesha mu ijuru. Ubuntu bwa Kristo gusa, ni bwo bubasha gutuma umuntu yinjira mu murwa w'Imana. Aya magambo akurikira abwirwa abakire kimwe n'abakene; "Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge; kuko mwaguzwe igiciro. " 1 Abakor. 6:19,20. Abagabo n'abagore baramutse bizeye ibyo, bakoresha ubutunzi bwabo nk'uko Imana ishaka, mu byo gukiza abazimiye no guhumuriza imbabare n'abakene.

Umuntu wabaswe no gukorera ubutunzi bw'isi ntiyumva umukene umutakira. Ariko ku Mana byose birashoboka. Kwitegereza urukundo rutagira akagero rwa Kristo, byatera umuntu wikanyiza kugira ubuntu. Byatera umutunzi kuvuga ati "ibyari indamu yanjye nabitekereje ko ari igihombo ku bwa Kristo." Abafilipi 3:7. Nta kintu na kimwe yakwita icye bwite.

Petero yatekereje ibyo we na bagenzi be basize kubera Kristo, maze abwira Kristo ati "Dore twebweho twasize byose turagukurikira." Nuko abaza icyo we na bagenzi be bazagororerwa kubera kwitanga kwabo.

Umukiza yamusubije ijambo ryaremye umutima abarobyi bose agira ati "Mu gihe cyo guhindura byose ngo bibe bishya, ubw'Umwana w'umuntu azicara ku ntebe y'icyubahiro cye, namwe muzicara ku ntebe cumi n'ebyiri, mucire imanza imiryango cumi n'ibiri
[194] y'Abisrayeli. "Nta wasize inzu, cyangwa bene se, cyangwa bashiki be, cyangwa nyina, cyangwa se, cyangwa abana, cyangwa amasambu, ku bwanjye no ku bw'Ubutumwa bwiza, utazahabwa ibibiruta inshuro ijana muri iki gihe cya none. Azahabwa amazu, bene se, bashiki be, ndetse na ba nyina, n'abana n'amasambu, uretse ko atazabura no kurenganywa; kandi no mu gihe kizaza ahabwe n'ubugingo buhoraho. "

### Umugani Watumye Ingorane Y'Abigishwa Ba Yesu Ibonerwa Insinzi

Ikibazo Petero yabaj ije ngo "Tuzahembwa iki?" cyerekana amatwara y'abacanshuro. Abigishwa bakoraga batekereza kuzahembwa ibihwanye n'imirimo bakoze. Bari bafite inarijye na kamere yo kwishyira hejuru, umwe yigereranya n'undi. Iyo hagiraga ugira icyo ananirwa, abandi bumvaga ari ikigwari.

Kristo yabaciriye umugani werekana uko Imana igenza abagaragu bayo, n'umutima yifuza ko bagira igihe bayikorera; ni ko kuvuga ati "ubwami bwo mu ijuru bwagereranywa n'umuntu wazindutse kare agashaka abahinzi bo guhingira uruzabibu rwe."

Abantu bashaka imirimo bari bategerereje mu masoko. Umuntu uvugwa mu mugani yagiye gushaka abakozi mu masaha atandukanye. Abo yakoresheje mu gitondo cya kare bemeranijwe gukorera igihembo runaka. Abatangiye gukora hakeye batekereje

ko ubakoresha ari bugene igihembo kibakwiriye. “Bugorobye nyir’imizabibu abwira igisonga cye ati hamagara abahinzi, ubahe ibihembo byabo. Utangirire ku ba nyuma ugeze kuba mbere. Abatangiye saa kumi n’imwe baje, umuntu wese ahabwa idenariyo imwe.” (Idenariyo cyari igiceri cy’ifeza kingana n’igihembo cy’umubyizi).

### Mu mirimo yo ku isi umukozi aba yiteze guhembwa icyo yakoreye.

Ariko mu mugani Kristo ntiyabogamiye ku by’abandi bakora. Uwiteka aravuga ati “erega ibyo nibwira si byo mwibwira, kandi inzira zanyu si zimwe n’izanjye. ” Yesaya 55:8. [195]

Abakozi ba mbere bemeye gukorera igihembo basezera-niwe, kandi baragihawe. Abatangiye nyuma na bo bizeye icyo shebuja yabasezeraniye agira ati “ndibubahe ibibakwiriye.” Biringiye ukuri no gushyira mu gaciro bye maze baragororerwa, ntibahembwe ku buryo bukurikije ibyo bakoze, ahubwo byatewe n’ubuntu yabagiriye.

Imana ishaka ko twayiringira, Yo itsindishiriza abadatu-nganye. Ingororano iduha ntizari zidukwiriye, ahubwo ni uko “ari ko yabigambiriye kera kose muri Kristo Yesu Umwami wacu. “Abefeso 3:11. Icyo Imana ibona ko gifite agaciro si uko umurimo ungana cyangwa ingaruka zawo zigaragara, ahubwo ni umutima bawukorana. Abaje guhingira uruzabibu mu gihe cya saa kumi n’imwe bishimiye kubona umurimo, maze igihe nyir’urugo yari abahembye igihembo cy’umubyizi kitagabanije baratangara cyane. Ntibigeze bahembwa ibihembo nk’ibyo. Ntibigeze kandi bibagirwa ubugiraneza bw’uwo muntu n’igihembo yabahaye gisa n’ubuntu abagiriye.

Uko ni ko bimeze ku munyabyaha uzi ko adakwiriye, winjira mu ruzabibu rwa shebuja saa kumi n’imwe. Kuba amaze igihe gito akora yibwira ko adakwiriye kugororerwa. Ariko akorana ibyiringiro yishimira amahirwe afite yo gukorana na Kristo. Imana yishimira guhesha icyubahiro abameze batyo.

Uwiteka yifuza ko twaguma muri we tutabaza ibyo tuzahembwa. Iyo Kristo ari mu mutima, ntidukora nk’abacanshuro. Ni iby’ukuri koko ntitwabura kwishimira imigisha yadusezeranije, ariko tugomba gukora ibikwiriye tutitaye ku nyungu. Gukunda Imana na bagenzi bacu ni byo tugomba kugira nyambere.

### Akaga Kadasanzwe K’Abakozi “Bakiranuka” [196]

Igihe umuhinzi wese yari ahawe “idenariyo imwe,” byababaje abakoze amasaha cumi n’abiri. Mbese ntibyari bikwiriye ko bahembwa ibiruta iby’abakoze isaha imwe gusa ku gicamunsi? Bitotombeye nyir’uruzabibu bavuga bati aba ba nyuma bakoze isaha imwe, none ubanganije natwe abahinze umunsi wose tuvunika kandi twicwa n’izuba. Asubiza umwe muri bo ati mugenzi wanjye, sinkugiriye nabi: ntuzi ko twasezeranye idenariyo imwe? Ngiyo yijyane ugende. Nshatse guhemba uwa nyuma nkawe. Mbese hari icyambuza kugenza ibyanjye uko nshaka? Cyangwa se aho igitumye undebye nabi si uko ngize ubuntu? Uko ni ko aba nyuma bazaba aba mbere, n’aba mbere bakaba aba nyuma. Kuko abahamagawe ari benshi, ariko abatoranijwe bakaba bake.” Matayo 20:12-16, 22:14.

Abakozi ba mbere bashushanya abavuga ko hari icyo bagomba kurusha abandi kubera imirimo yabo. Babasha kuba barahuye n’ibibarushya byinshi; n’ibigeragezo, bigatuma bibwira ko bagomba kurusha abandi icyubahiro. Iyo ibyo bashaka bitemewe barababara. Uko kwitotomba ntikwizihiye aba Kristo, ahubwo kugaragaza kutiringira Imana no kugirira igomwa abavandimwe babo. Iyo Uwiteka agize ubuntu baritotomba. Bityo

bakaba berekanye ko batagirana isano n'Imana. Nta kintu na kimwe Imana yanga nk'umutima wo kwihugiraho.

Abayuda bahamawe bwa mbere ngo bajye gukora mu ruzabibu rw'Uwiteka bari abanyagasuzuguro. Ntacyabashe-nguraga nko kubona abanyamahanga bagira amahirwe nk'ayabo mu by'Imana.

Kristo yahaye umugisha abigishwa be ngo batava aho bagira umutima nk'uwo. Yabonye yuko icyateza itorero umuvumo ari ukwigira intungane, bibwira ko ari byo byatuma babona umwanya mu bwami bwo mu ijuru. Abenshi biswe ngo barajya mbere bibwira ko baruta abandi. Bagira inyota yo gushimagizwa, ubundi bagaterwa ishyari n'uko batabogagije.

[197] Ibyo twakwirata byose biba ari ugutera iyahararutswe. Ingororano yose ni ubuntu. "Nyamara ukora, ibihembo bye ntibimuhwanira no guherwa ubuntu, ahubwo abyita ubwishyu. Ariko rero udakora, ahubwo akizera utsindishiriza abanyabyaha, kwizera kwe kumuhwanirizwa no gukiranuka. " Abaroma 4:4,5. Nta wavuga ko ingororano ari ikintu umuntu agomba kubona byanze bikunze. Ugomwa undi ingororano, aba yibagiwe ko na we ubwe yakijijwe n'ubuntu gusa. Umugani w'abahinzi ukangara abanyeshyari bose. Umuntu ufite urukundo ntaranganwa igomwa.

Uyu mugani uraburira abakozi bose, ubabwira ko n'ubwo baba bakoze umurimo igihe kirekire, ariko bakaba bataranganwa urukundo no kubaha Imana, baba ari nta cyo bamaze. Abimika inarijye baba ari ibinaniramana. Agasuzuguro n'ubwirasi bisenya umurimo.

Icyatuma umurimo wacu wemerwa si uko twaba tuwukoze igihe kirekire, ahubwo ni uko twawukorana ubushake no gukiranuka. Dusabwa gucika ku narijye burundu Akantu gato gusa gakozwe n'uwacitse ku narijye karuta umurimo ukomeye usenywa no kwihugiraho. Imana ikunda kureba uko icyifuzo cyacu cyo gushaka Umwuka wa Kristo kingana, no kureba ko imirimo yacu yerekana ko dusa na We. Imana yita ku buryo dukunze umurimo n'uburyo tuwutunganya, kuruta uko yita ku bwinshi bw'ibyo dukora.

Kugira ngo twemerwe nk'abakozi bakorana n'Imana, ni uko twakwica inarijye maze urukundo rwa Kristo rukaba ari rwo rurangwa mu mitima yacu. Abakozi nyabakozi bahora biteguye gutanga no kwitanga (2 Abakor. 12:15); ariko uwo m umurimo ukoranwa umutima unezerewe. Gutekereza ko bakorana n'Imana y'icyubahiro, byoroshya imiruho yose, bigakomeza ubushake n'umutima. Ku bwo guhindurwa imfura n'uruhare bafite mu mibabaro ya Kristo, no gufatanya na we kugira impuhwe, bituma bamamaza inkuru ye inejeje, no guhesha ikuzo izina rye ry'icyubahiro.

### [198] Kuki Bamwe mu Ba Mbere Bazaba Aba Nvuma?

Kubwo kutagira umutima wo kwamamaza Kristo, benshi bagaragaza ko ari aba mbere bazaba aba nyuma, nyamara abafite uwo mutima n'ubwo bitwa aba nyuma bazaba aba mbere

Abantu benshi biyeguriye Kristo ntibashaka uburyo bwo kugira ikintu gikomeye bakora mu murimo we. Bene abo bashukwan'igitekerezo cyo kwibwira ko ku Mana: umukristo utsinda inarijye buri munsi, akagira ibitekerezo biboneye, akaba umugwaneza igihe bamwiyenzaho, agakiranuka mu byoroheje, mu rugo rwe akaba asa na Kristo, aba arusha agaciro umubwirizabutumwa w'ikirangirire mu isi yose, cyangwa se uwahowe Imana.

Ingero Imana ikoresha isuzuma imico zitandukanye n'ingero z abantu. Imana izi neza ibigeragezo umuntu yatsinze, bimwe abo ku isi batabasha kubona ndetse n'ibyo inshuti za bugufi zitigeze zimenya. Ireba mu mutima w'umuntu wicisha bugufi ikamenya

n'intenge nke ze, n'ukuntu yihana by'ukuri ikibi yaba yarigeze atekereza. Ireba ibihe umuntu yaba yarakoresheje arwana n'inarijye. Umuntu ufite ubushake kandi akumvira Imana, ashobozwa kunesha na Nyir'imbaraga zose.

Turamutse tugarukiye Kristo dufite kwizera, nta bwo twazakorwa n'isoni zo kubura ingororano, n'ubwo twaba dukoreye Imana igihe gito kandi dukora umurimo woroheje. Icyo umunyabwenge adashobora guhembwa, umuny antegenke wicisha bugufi cyane ashobora kukibona. Amarembo y'ijuru nta bwo yugururirwa abishyira hejuru cyangwa abirasi, ahubwo yugururirwa abafite umutima nk'uw'umwana muto.

[199] ## Igice Cya 29 - Kwitegura Gusanganira Umukwe

(Ibiri muri iki gice bishingiye muri Matayo 25:1-13).

Igihe Kristo yari yicaye ku musozi wa Elayono ari kumwe n'abigishwa be, izuba ryari rirenze, butangiye kugoroba. Bari bitegeye inzu imurikiwe neza. Umucyo wo muri iyo nzu warabonekaga kubera ahari hakinguwe, kandi hari inteko y'abantu bategereje umukwe. Umukwe yari yagiye kureba umugeni ngo amuzane iwe. Abari bashagaye umukwe bari bamumurikiye agana iwe, ahari hateguriwe ibirori

Abakobwa cumi bagendegendaga iruhande rw'inzu y'umukwe, buri mukobwa afite itara ryaka na peteroli mu icupa. Bose bari bategereje abakwe bafite ubwuzu. Ariko abakwe baratinze, amasaha arahita, ba bakobwa batangira kunanirwa maze barasinzira. Igicuku kinishye bumva urusaku ngo "Dore umukwe araje! Nimusohoke mumusanganire. " Abari basinziriye bahita bakanguka barahaguruka. Babona abakwe baraje, bamurikiwe kandi bizihijwe n'indirimbo z'urufaya. Abakobwa cumi batangira gucana amatara; nyamara batanu bari bibagiwe gushyira peteroli mu macupa yabo Ntibari bikwiye ko umukwe ari butinde, bituma batitegura ibyabatungura. Binginga bagenzi babo bababaye bati "nyamuneka nimuduhe buri peteroli yanyu kuko amatara yacu azima. Ariko abakobwa batanu bari bamaze gucana amatara yabo nta yindi peteroli bari basigaranye, ni ko kubasubiza bati nta bwo yadukwira twese, ahubwo nimujye mu bacuruzi, muyigurire."

Igihe bari bagiye kugura peteroli, abakwe baba barabasize, abakobwa batanu bari bafite amatara yaka binjirana n'umukwe, maze urugi rurakingwa. Abakobwa b'abapfu bageze ahabera ibirori, uhagarikiye ibirori aravuga ati "simbazi. " Nuko bahera hanze bumiwe, muri icyo gicuku.

[200] ### Uko Igitekerezo Gisobanurwa

Kristo yatekerereje abigishwa igitekerezo cy'abakobwa cumi yerekana uko itorero rizaba rimeze mbere yo kugaruka kwe. Hariho abantu b'uburyo bubiri bavuga ko bategereje shebuja. Bitwa abakobwa cyangwa abari, kuko bavuga ko bafite kwizera. Amatara ashushanya ijambo ry'Imana (Zaburi 119:105). Amavuta ni ikimenyetso cya Mwuka Muziranenge. Umuhanuzi Zakariya yaravuze ati "Mbona igitereko cy'itabaza n'....amatara arindwi yo kuri cyo; kandi ayo matara ari

hejuru ya cyo yose, itara ryose ryari rifite imiheha irindwi Kandi impande zombi hari imyerayo ibiri... Nuko mbaza Marayika nti ibyo bisobanurwa bite? ..Aransubiza ati ngiri ijambo ry'Imana : Si ku bw'amaboko kandi si ku bw'imbaraga, ahubwo ni ku bw'Umwuka wanjye, ni ko Uwiteka Nyir'ingabo avuga ... Ndongera ndamubaza nti ariya mashami y'imyerayo abiri, ari impande zombi z'imibirikira y'izahabu uko ari ibiri akikamuramo amavuta asa n'izahabu asobanurwa ate ? Aransubiza ati aba ni ba bantu babiri basizwe amavuta, bahora bahagaze imbere y'Umwami w'isi yose. « Zakariya 4:1-14. Umwuka w'Imana avugira mu ruhame rw'intungane zihora imbere yayo abwira abantu b'Imana ko ubuntu bwayo bwonyine ari bwo bushobora guhindura ijambo ry'Iman itara rimurikira umuntu.

Abakobwa cumi bose bagiye gusanganira umukwe. Bose bari bafite amatara n'amacupa ya peteroli. Mu gihe runaka abo bakobwa basaga n'aho badafite itandukaniro.

Uko ni ko itorero rigomba kumera mu gihe cyo kugaruka kwa Kristo. Abo mu itorero bose bazi Ibyanditswe Bose bahamya ko Kristo agiye kugaruka. Ariko mu gihe cyo gutegereza, hacamo igihe cyo kugerageza kwizera kwabo ; urusaku rwakumvikana ngo «Dore Umukwe araje, « wasanga benshi badafite peteroli mu matara yabo. Bene abo ntibagira Mwuka Muziranenge.

Ukuri kutagendana n'Umwuka w'Imana ntigushobora kweza umutima w'umuntu. Umwuka w'Imana adakoresheje uko kuri ntikwashobora guhindura ingeso z'umuntu ; n'ubwo yaba amenyeranye na Bibiliya. Abagabo n'abagore badafite Umwuka w'Imana ntibashobora gutandukanya ukuri n'amafuti, kandi ibyo bibasha kubagusha mu bishuko. [201]

Abantu bagereranywa n'abakobwa b'abapfu nta bwo ari indyarya. Bageza ukuri ku bantu kandi bakita ku bakwemera ; ariko bo ntibemere gukoreshwa na Mwuka Muziranenge. Ntibaguye ku Rutare ngo bemere ko rumenagura kamere yabo ya kera. (Reba Matayo 21:44). Banyuzwe n'umurimo udashyitse. Ntibagiranye umushyikirano n'Imana maze bituma batamenya kuyiringira. Umurimo bakorera Imana wasubiye inyuma uba ku izina gusa. Pawulo avuga ko “mu minsi y'imperuka hazaza ibihe birushya; kuko abantu bazaba bikunda... bakunda ibibanezeza aho gukunda Imana, bafite ishusho yo gutungana ariko bagahakana imbaraga zako. ” 2 Timoteyo 3:1-5.

Bene abo Bantu ni bo babona bicika bakavuga bati ni amahoro nta kibi kiriho. Iyo abantu batewe ubwoba no gucogora kwabo, binginga abandi ngo babahe icyo babura; ariko mu by'iyobokamana si ko bimeze. Nta muntu ubasha kurihirira undi icyo abura. Imico ntitiririkanywa. Nta wakwizera Imana mu cyimbo cy'undi, cyangwa ngo yakirire undi Umwuka w'Imana. “Gukiranuka kwa Nowa, na Daniyeli na Yobu kwakiza ubwabo bugingo gusa. ” Ezekiyeli 14:20.

Imico y'umuntu igaragara mu byago. Igihe ijwi ryumvika-naga mu gicuku rivuga ngo “dore umukwe araje, ” maze abakobwa bari basinziriye bagakanguka, ni bwo abiteguye bagaragaye. Bose baratunguwe; nyamara bamwe bari biteguye ariko abandi batiteguye. Bityo akaga nikaza gitunguro, igihe urupfu ruzaba rubagera amajanja, ni bwo ababeshejweho n'ubuntu bazagaragaza. Gusuzuma gukomeye guheruka kuba mu gihe cyo kurangira kw'imbabazi, igihe umuntu aba atagishobora guhabwa icyo akeneye.

Abagereranywa n'abakobwa cumi bose bavuga ko ari abakristo. Bose bafite izina n'itara kandi bavuga ko bakorera Imana. Bose bagaragara ko bategereje kubona Kristo agarutse. Nyamara abagereranywa na batanu ntibiteguye. Bazatangara bashobewe, igihe bazaba babujijwe kwinjira mu nzu y'ibirori. [202]

### Kuki Hariho Abazakorwa N'Isoni Ku Munsi W'Urubanza?

Ku munsi uheruka benshi bazaba baburana kwemerwa mu bwami bwa Kristo bazavuga bati “twicaraga imbere yawe tukagaburirwa, ndetse Ukigishiriza mu nzira z'iwacu.” Luka 13:26. Bazavuga bati “Nyagasani, ntitwahanuraga mu izina ryawe, ntitwirukanaga abadayimoni mu izina ryawe? Ntitwakora ibitangaza byinshi mu izina ryawe? ” Ariko azabasubiza ati “Sinigeze kubamenya, nimwumve imbere. ” Matayo 7:22,23. Ntibagiranye umushyikirano na Kristo muri ubu bugingo; ku bw'ibyo rero ntibashobora kumenya imvugo yo mu ijuru.

Amagambo ateye agahinda kurusha andi yose, ni aya y'akaga avuga ngo: “Sinigeze kubamenya. ” Kugirana umushyi-kirano n'Umwuka w'Imana mwagiye mukerensa, ni byo byonyine byajyaga kubaha umwanya mu birori by'ubukwe. Ntimushobora kuzagira uruhare muri bwo. Umuntu ufite umutima wagushijwe ikinya n'iby'isi ntashobora

gukunda kunezezwa n'ubwo bukwe cyangwa kubwishimira. Mwivukije ijwi kubera ko mwanze kugirana umushyikirano na ryo.

Amatara y'abakobwa b'abanyabwenge ntiyigeze azima muri iryo joro ryo kuba maso. Ni yo yabamurikiye mu birori by'ubukwe. Bityo n'abakurikira Kristo bakwiriye kumurikira abari mu mwijima. Iyo ijambo ry'Imana rikoreshejwe na Mwuka Muziranenge rihinduka umucyo n'imbaraga yo guhindura abaryakiriye. Iyo bakiriye amahame y'ijambo ry'Imana, Mwuka Muziranenge ashyira mu mitima yabo imico y'Imana. Umucyo w'icyubahiro cyayo, n'imico yayo, birabagiranira mu bantu bayo, maze bakamurikira inzira igana mu rugo rw'umukwe, mu murwa w'Imana, ku meza y'ubukwe bw'Umwana w'Intama.

[203] Umukwe yaje mu gicuku. No kuguruka kwa Kristo kuzaba igihe ibitekerezo by'isi bizaba bicuze umwijima. Satani azakoresha imbaraga ze zose n'"ubuhendanyi bwose bwo gukiranirwa. " 2 Abatesaloniki 2:9,10. Umurimo wa Satani ugaragarira mu nyigisho ze z'ubuhakanyi zitagira ingano no mu buyobe bwo muri iyi minsi iheruka. Nta bwo ajyana mu bubata ab'isi gusa, ahubwo ubuhendanyi bwe buyobya n'amatorero yiyita ko ari ay'Umwami wacu.

Ubuhakanyi bukomeye buzakomeza kubudika nk'umwijima wa mujyicuku. Ku bantu b'Imana rizaba ijoro ryo kugeragezwa, ijoro ryo gutotezwa bazira ukuri. Ariko muri iryo joro ry'umwijima w'iby'iyobokamana, umucyo w'Imana uzamurika. Imana irabwira buri umuntu wayo iti "Byuka urabagirane, kuko umucyo wawe uje, kandi ubwiza bw'Uwiteka bukaba bukurasiye. Dore umwijima uzatwikira isi, umwijima w'iicuraburindi uzatwikira amahanga; ariko Uwiteka azakurasira, kandi ubwiza bwe buzakugaragaraho." Yesaya 60:1,2.

Umwijima wo kutamenya Imana utwikiriye isi. Abantu bafashe imico y'Imana uko itari kandi bayisobanura nabi. Muri iki gihe ubutumwa bwayo bukwiriye kwamamazwa, ubutumwa bumurikira abantu kandi bufite imbaraga yo gukiza. Imico y'Imana igomba kumenyekanishwa.

"Yewe muntu uzanye inkuru z'ibyiza i Yerusalemu, rangurura cyane ijwi ryawe, rirangurure witinya; ubwire imidugudu y'i Buyuda uti dore Imana yanyu. " Yesaya 40:9.

Abategereje ko Umukwe aza bakwiriye kubwira abantu bati "Dore Imana yanyu. " Imirasire iheruka y'umucyo wuje impuhwe, n'ubutumwa w'imbabazi buheruka bukwiriye kubwira ab'isi, ni ibyo kubagaragariza urukundo rw'Imana n'imico yayo. Abana b'Imana bakwiriye kugaragaza icyubahiro cyayo, ngo berekane icyo ubuntu bw'Imana bwabamariye. Zuba ryo gukiranuka agomba kumurikira ab'isi abikoresheje amagambo y'ukuri n'ibikorwa bitunganye.

[204] Kristo yaje mu isi kugira ngo ayimurikire. "Yasizwe amavuta y'imbaraga n'aya Mwuka Muziranenge, akagenda agirira abantu neza" (Ibyakozwe 10:38, " akabwiriza abakene ubutumwa bwiza. " Yaravuze ati: "Yantumye gukiza abafite imitima imenetse, kumenyesha imbohe ko zibohorwa no guhumura impumyi, no kubohora ibisenzegeri. " Luka 4:18,19.

Uwo ni wo murimo yategetse abigishwa be agira ati "Mube ari ko mumurikira abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza maze bahimbaze So wo mu ijuru." Matayo 5:16. "Ugaburire abashonje, uzane abakene bameneshejwe ubashyire mu nzu yawe.... Ubwo ni bwo umucyo wawe uzatambika nk'umuseke. " Yesaya 58:7,8. Bityo no mu ijoro mu by'iyoboka-mana icyubahiro cy'Imana kizamurikira mu itorero ryayo.

Ahatuzengurutse hari abakene n'abatagira shinge na rugero. Ni umurimo wacu kubafasha tubunganira mu magorwa no mu buhanya. Dukwiriye kugaburira abashonje, kwambika abambaye ubusa, no gucumbikira abatagira aho baba. Ndetse tugomba no

gukora ibirenze ibyo. Urukundo rwa Kristo rwonyine ni rwo rushobora gutuma umutima unyurwa.

Igihe Kristo yakizaga abarwayi, yabarambikagaho ibiganza. Uko ni ko natwe tugomba kwegerana n'abifuza ko twabunganira. Hariho abantu benshi batakigira ibyiringiro. Nimwongere mubamurikire. Nimubabwire amagambo y'iiemamutima. Nimubasabire. Nimusomere ijambo ry'Imana abakeneye umutsima w'ubugingo. Abenshi bafite inguma ku mutima zidashobora kuvurwa n'ab'isi. Nimubabwire yuko i Geleyadi hari umuti womora inguma kandi ko hari n'Umuganga. (Reba Yeremiya 8:22.).

### Gusukwa Guheruka Kwa Mwuka W'Imana [205]

Umucyo ni umugisha rusange, usuka ubutunzi bwawo ku isi y'indashima kandi yangiritse. Uko ni ko na Zuba ryo gukiranuka ameze. Isi yose, itwikiriwe n'umwijima w'icyaha n'umubabaro, ikwiriye kumurikirwa n'ubwenge bw'urukundo rw'Imana. Abantu bose hatabuze n'umwe bakwiriye kumurikirwa. Ubutumwa bw'imbabazi bukwiriye kujyanwa ku mpera z'isi.

Ariko nta muntu ushobora kwihindura umutwaramucyo w'Imana. Urukundo rw'Imana rushyirwa mu mitima y'abantu ni rwo rubashoboza kumurika no kurabagirana mu bikorwa byiza. Imana si yo yanga ko ubutunzi bwayo bugera ku bantu. Abantu bose babishatse bashobora kuzuzwa Umwuka w'Imana.

Umuntu wese abasha kuba umuyoboro Imana ikoresha igeza ubutunzi bw'ubuntu bwayo ku bantu. Nta cyo Kristo yifuza cyane cyahwana n'abantu bageza imico y'Imana ku b'isi. Nta cyo isi ikeneye cyane cyahwana n'urukundo rw'Umukiza rugaragarizwa mu bantu.

Idini ya Kristo si ukubabarira ibyaha gusa, ahubwo ni ugukuraho ibyaha byacu, aho bivuye hakuzuzwa ubuntu bwa Mwuka Muziranenge. Idini ya Kristo ni ukwishimira Imana. Ni umutima utarangwamo inarijye ahubwo uheshwa umugisha n'uko Kristo awutuyemo. Icyubahiro no kuzura kw'inama y'ubutumwa bwiza bisohorezwa mu mibereho y'umuntu. Kwemera Umukiza bihesha umuntu amahoro asesuye, urukundo rutagajuka n'ubwishingizi bushyitse. Iyo imico ya Kristo igaragarijwe mu mibereho y'umuntu, byerekana koko yuko Imana yohereje umwana wayo mu isi kugira ngo ayibere Umukiza.

Kristo ntategeka abamukurikira kumaranira kumurika. Aravuga ati mureke umucyo wanyu umurike. Nimukuraho inkomyi, umucyo uzamurika maze umwijima uhunge.

Iyo icyubahiro cy'Imana kigaragarijwe mu Bantu, ijuru ryigira hafi. Iyo Kristo ari mu [206]
mitima y'abantu barangwa n'icyubahiro cye.

Iyo abakijijwe bashima Imana, bihesha Nyir'ubuntu icyubahiro.

Kristo azaza mu cyubahiro cye, mu cyubahiro cya Se, no mu cy'abamarayika baziranenge. Iyo isi iri mu mwijima, intungane zo ziba ziri mu mucyo. Intungane ni zo zizabanza kubona umucyo we igihe azaba agarutse. Igihe inkozi z'ibibi zizaba zihunga Kristo, abamukurikira bazaba bishima. Yababereye mugenzi wabo wa buri munsi n'inshuti bamenyeranye. Umucyo w'ubwenge bw'icyubahiro cy'Imana uboneka mu maso ha Kristo ugaragarizwa muri bo. Icyo gihe bazaba bishimiye icyubahiro kidahugana cy'Umwami wabo. Bazaba biteguye kunga ubumwe n'abo mu ijuru, kuko bafite ijuru mu mitima yabo.

Bazajya gusanganira Umukwe bishimye bavuga bati "Iyi ni yo Mana yacu twategerezaga, ni yo izadukiza. " Yesaya 25:9.

"Ubukwe bw'Umwana w'Intama burasohoye, umugeni we ariteguye.... Hahirwa abatorewe ubukwe bw'Umwana w'Intama. " Ibyahishuwe 19:7,9.